



INTWARI ZO MURI BIBILIYA

INYIGISHO ZA BIBILIYA ZATEGUWE N'UMURYANGO PRACTICE MINISTRIES

INTWARI ZO MURI BIBILIYA

Ibukubiyemo

- Igice cya 1 Inshamake y'isomo rya Bibiliya
Kwitoza bituma uba Intyoza: Uko wayobora inyigisho za Bibiliya neza
- Igice cya 2 Inyigisho za Bibiliya

Imfashanyigisho za Bibiliya zateguwe n'umuryango Practice Ministries
©1997, 2002, 2015 zateguwe na Practice Ministries

Imirongo ya Bibiliya irimo twayikuye muri BIBILIYA YERA 1993

e-mail address: practiceministries@gmail.com
web-site address: www.practiceministries.org

INSHAMAKE Y'AMASOMO YA BIBILIYA

Intwari zo muri Bibiliya

Isomo # 1: Yesu Kristo

“Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo...” (Itangiriro 1:27). Muri iri somo turaganirira hamwe uko Imana yigaragarije mu mibereho, imico n’ingeso z’Umwana wayo Yesu Kristo.

Gusesengura Bibiliya bifasha abana gusobanukirwa imwe mu mico yaranze Yesu no kumenya neza imico Imana yifuzaga ko nabo bagira mu mibereho yabo.

Isomo # 2: Nowa

“Nowa yari umukiranutsi, yatunganaga rwose mu gihe cye, Nowa yagendanaga n’Imana.” (Itangiriro 6:9). Uyu muni turaganira ku byarangaga Nowa ndetse n’umurava we watumye agira igikundiro mu maso y’Imana.

Gusesengura Bibiliya birashingira ku gufasha abana kwitoza kumvira.

Isomo # 3: Aburahamu (Igice cya 1)

“Uwiteka ateguka Aburamu ati, “Va mu gihugu cyanyu, usige umuryango wanyu n’inzu ya so, uje mu gihugu nzakwerekana. Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguhaha umugisha” (Itangiriro 12:1-2). Uyu muni turaganira ku kwizera kwa Aburahamu no kumvira kwe byatumye Imana imugororera cyane.

Gusesengura Bibiliya birafasha abana kwitoza “gukora icyiza gikwiriye.”

Isomo # 4: Aburahamu (Igice cya 2)

“Ahubwo abonye (Aburahamu) isezerano ry’Imana ntiyashidikanishwa no kutizera, ahubwo akomezwa cyane no kwizera ahimbaza Imana, amenya neza yuko ibyo yasezeranyije ibasha no kubisohozwa.” (Abaroma 4:20-21).

Uyu muni turaganira ku kwizera kwa Aburahamu n’ubutwari yagaragaje igihe Imana yamusabaga gutamba umwana we w’ikinege Isaka.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kwitoza kugira ubutwari muri iki cyumweru.

Isomo # 5: Yozefu

“Kubwanyu mwari mushatse kungirira nabi, ariko Imana yo yashakaga kubizanisha ibyiza, kugira ngo isohoze ibi biriho none, ikize abantu benshi urupfu.” (Itangiriro 50:20).

Uyu muni turaganira kwicisha bugufi kwa Yozefu kwamufashije mu kuva mu bucakara akaba igikomangoma aho yungirije muri Egiputa.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kwitoza kugira guca bugufi nk’umugaragu.

Isomo # 6: Mose (Igice cya 1)

“Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n’ ubugingo bwawe bwose n’ imbaraga zawe zose. Aya magambo ngutegeka uyu muni ahore ku mutima wawe.” (Gutegeka kwa kabiri 6:5-6). Muri iri somo turaganira ku mico yatumye Mose ashirikiza Abisirayeli amategako icumi.

Gusesengura Bibiliya bifasha abana gusubira mu mategeko cumi y’ Imana ndetse n’ubusobanuro bwayo.

Isomo # 7: Mose (Iqice cya 2)

“Icyampa bagahorana umutima umeze utyo ubanyubahisha, ukabitonderasha amategeko yanjye yose, kugira ngo babone ibyizaa bo n’ urubyaro rwabo iteka ryose !” (Gutegeka kwa kabiri 5:29).

Isomo ry’uyu muni riribanda k’ ubwoba Mose yarafite (bwo gutinya Imana) n’ uburyo Imana yakoreshe ubu bwoba bufasha Mose kuyobora ubwoko bwose .

Gusesengura Bibiliya bifasha abana kumenya akamaro ko GUTINYA Imana no kwimenyereza kumva Ijambo ryayo.

Isomo # 8: Yosua

“Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwituka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose.”(Yosuwa 1:9).

Yosuwa yari yungirije Mose yari yaratoranijwe n’ Imana kugira ngo abe umuyobozi wa Isiraheli Mose amaze gupfa. Tuzaganira kubyanze ukwizera kwa Yosua, kubaha, imbaraga no gushishikara byamufashije kujyana Abisirayeli mu gihugu Imana yari yarasezeranije kuzaha Aburahamu naba mukomokaho.

Gusesengura Bibiliya bifasha abana kwitoza kugengwa n’Ijambo ry’Imana mu mibereho yabo.

Isomo # 9: Gidiyoni

“Marayika w’Uwituka aramubonekera aramubwira ati “Uwituka ari kumwe nawe wa munyambaraga we, ugira n’ ubutwari.” (Abacamanza 6:12).

Gideyoni yari umwe mu bacamanza bo mw’ Isirayeli, wayoboye Abisirayeli mu gihe kiri hagati y’urupfu rwa Yosua na n’umurimo wa Samweli. Tuzaganira kubyanze ubwitange bwa Gidiyoni, (kwemera cg kwizera) Imana no kwicisha bugufi byatumye Imana imukoresha mukunesha Abamidiyani no kugarura amahoro muri Isirayeli.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana guha Imana umwanya ngo ibakoreshe.

Isomo # 10: Samusoni

“ ...kuko uwo mwana azaba Umunazareti ahereye akiva mu nda ya nyina, kandi niwe uzatangira gukiza Abisirayeli amaboko y’ Abafilisitiya “ (Abacamanza 13:5).

Samusoni yari umwe mubacamanza b’Abisirayeli wayoboye ubwoko bw’ Abisirayeli hagati y’ urupfu rwa Yosua n’umurimo wa Samweli. Tuzaganira kuri ku mbaraga za Samusoni ziciye mu mbaraga z’Imana, zatumye Imana imukoresha kunesha Abafilisitiya no kugarura amahoro muri Isirayeli.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana gusobanukirwa imbaraga n’ ubushobozi bahabwa na Mwuka Wera nk’ abizera Yesu Kristo.

Isomo # 11: Rusi

“Rusi aramusubiza ati “Winyinginga kugusiga, no gusubirayo ngo ne kugukurikira, kuko aho uzajya ari ho nzajya, kandi aho uzarara ariho nzarara. Ubwoko bwawe nibwo buzaba ubwoko bwanjye, Imana yawe niyo izaba Imana yanjye “(Rusi 1:16).

Rusi yari nyirakuruza w' umwami Dawidi kandi yari umukurambere wa Yesu. Tuzaganira kubyaranze Rusi, urukundo n'ubwitange bye Imana yakoresheje mu kuzana umugambi wayo w' agakiza kw' isi.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana gukunda no kwitangira imiryango yabo n' inshuti zabo.

Isomo # 12: Samweli

“Maze uwo mwana Samweli arakura, atona imbere y' Uwiteka n' imbere y' abantu”. (1 Samweli 2:26)

Samweli yari umucamanza wa nyuma wa Isirayeli n' umuhanuzi Imana yakoresheje gushyiraho ubwami muri Isirayeli. Uyu muni turaganira kuri Samweli akiri umwana muto n' ubwitange bwe mu gukorera Imana.

Gusesengura Bibiliya bifasha abana gutekereza umurimo babasha gukorera Imana **“Ariko abantu banga kumvira Samweli baravuga bati “Biramaze, turashaka umwami wo kudutegeka kugira ngo natwe duse n' andi mahanga yose, umwami wacu ajye aducira imanza , ajye atujya imbere aturengere mu ntambara zacu.” (1 Samweli 8: 19-20).**

Samweli yimitse Sawuli nk' umwami wa mbere wa Isirayeli. Mu gice cya mbere cy'izi nyigisho tuzaganira uburyo Imana ishobora guhindura umutima w'umuntu kugira ngo umugambi wayo usohore. Kandi bizashimigacira umumaro wo kumvira Imana – kabe nubwo waba warimitswe nk'umwami.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kwiringira imbaraga z' Imana mu buzima bwabo.

Isomo # 14: Sawuli (Igice cya 2)

“Maze Samweli abwira Sawuli ati “Wafuditse, ntiwumviye itegeko Uwiteka Imana yawe yagutegetse, none Uwiteka aba akomeje ubwami bwawe mu Isirayeli iteka ryose. Ariko noneho ubwami bwawe ntibuzagumaho, Uwiteka amaze kwishakira umuntu umeze nk' uko umutima we ushaka, kandi ni we Uwiteka yashyizeho kuba umutware w' ubwoko bwe, kuko utumviye icyo Uwiteka yagutegetse.” (1 Samweli 13:13 -14). Mu gice cya kabiri tuzaganira ku kutumvira Imana kwa Sawuli n' ingaruka zabyo.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kumvira no gukurikira ijwi ry' Imana.

Isomo # 15: David (Igice cya 1)

“Uwiteka ntareba nk'uko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara ariko Uwiteka we areba mu mutima. (1 Samweli 16:7(b)). Uyu muni turarebera hamwe ibya Dawidi, umuhungu w'umushumba Imana yatoranyije ngo azabe umwami uzakurikiraho muri Isirayeli.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kuba abantu bafite umutima uteye nk'uwu Imana ishaka.

Isomo # 16: Dawidi (Igice cya 2)

“Dawidi abwira umufilisitiya ati, “Wanteranye inkota n’icumu n’agacumu, ariko jyewe nguteye mu izina ry’Uwiteka Nyiringabo, Imana y’ingabo za Isirayeli wasuzuguye” (I Samweli 17:45).

Isomo ry’uyu muni ni inkuru imaze igihe ariko yibitseho ubutunzi bwinshi – inkuru ya Dawidi na Goliyati. Tuzaganira k’ubutwari bwa Dawidi no ku buryo yiringiraga Imana.

Gusesengura Bibiliya bikangurira abana kwiringira Imana mu bintu byose – no mu bihanda bikomeye.

Isomo # 17: Dawidi (Igice cya 3)

“Mana, undememo umutima wera, Unsubizemo umutima ukomeye” (Zaburi 51:12).

Dawidi yanditse iyi Zaburi nyuma y’aho umhanuzi Natani amusaze ubwo yari amaze gusambana na Batisheba. Tuzaganira mu nshamake inkuru ya Dawidi na Batisheba ariko twibande cyane ku kwihana kwa Dawidi n’ingaruka z’ibyaha yari yarakoze.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kujya bafata ibyemezo byiza.

Isomo # 18: Solomo (Igice cya 1)

“Nuko nkugiriye uko unsabye. Dore nguhaye umutima w’ubwenge ujijutse, mu bakubanjirije cyangwa mu bazagukurikira nta wuzahwana nawe. Kandi nguhaye n’ibyo utansabye, ubutunzi n’icyubahiro bizatuma nta mwami n’umwe wo mu bandi bami uzahwana nawe, iminsi yose yo kubaho kwawe. Nuko kandi nugendera mu nzira zanjye, ukitondera amateka n’amategeko yanjye nk’uko so Dawidi yazigendereragamo, nzakongerera kurama.” (I Abami 3:12-14). Salomo, Umwami w’Abisirayeli, yasimbuye se ku ngoma niwe wasabye Imana kumuha ubwenge bwo kumufasha kuyobora Abisirayeli. Uyu muni turaganira ku ubwenge ndetse no ku mumaro wabwo.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana agaciro k’ubwenge.

Isomo # 19: Salomo (Igice cya 2)

“Umwami Salomo yarushaga abami bo mu isi bese ubutunzi n’ubwenge” (I Abami 10:23).

Nubwo Salomo yari afite ubwenge bwinshi, umutima we warateshutse uva ku Uwiteka. Tuzaganira ku byiza Salomo yagezeho ariko tunaganire ku kutumvira Imana kwe.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kuba indahemuka ku Mana.

Isomo # 20: Eliya (Igice cya 1)

“Ariko Ahabu mwene Omuri akora ibyangwa n’Uwiteka kurusha abamubanjirije bese.” (I Abami 16:30). Mbere yuko tujya kuri Eliya, ningombwa ko tubanza kureba muri make amateka y’abami ba Isirayeli na Yuda, uherye ku gihe Umwami Salomo yapfiriye ukageza igihe Ahabu yimira ingoma ngo abe umwami wa Isirayeli. Nyuma nibwo tuza kureba muri make kuri Eliya kandi tunganire ku cyatumye atumwaga ku Abisirayeli no ku Mwami Ahabu by’umwihariko.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kwiga no gukurikiza amategeko y’Imana.

Isomo # 21: Eliya (Igice cya 2)

“Ndahiye Uwiteka Imana ya Isirayeli ihoraho, iyo nkorera iteka, yuko nta kime cyangwa imvura bizagwa muri iyi myaka, keretse aho nzabitegekera.” (I Abami 17:1). Uyu muni umuhanuzi Eliya arakebura umwami Ahabu kubwo kwirengagiza amategeko y’Imana.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana gushira amanga mu kwizera Uwiteka kwabo.

Isomo # 22: Eliya (Igice cya 3)

“Uwo mugore abwira Eliya ati “Noneho menye ko uri umuntu w’Imana koko, kandi ko ijambo ry’Uwiteka uvuga ko ari iry’ukuri.” (I Abami 17:24). Ni gute Eliya yabashije kumenya ko Imana iributume umuriro ugatwika igitambo cye ubwo yategaga n’abahanuzi ba Bayali? Ni iki cyatumaga yizera adashidikanya ko Imana izongera ikongera kugusha imvura? Ni gute Eliya yabashije kugirira icyizere Imana bene ako kageni? Uyu muni turaganira ku mpamvu Eliya yari afite kwizera adashidikanya Imana.

Gusesengura Bibiliya ishishikariza abana kugirira icyizere Imana no kwiringira ko Ijambo ry’Uwiteka ari ukuri.

Isomo # 23: Yobu

“Uwiteka abaza Satani ati “Aho witegereje umugaragu wanjye Yobu? yuko ari nta wuhwanye na we mu isi, ari umukiranutsi utunganye, wubaha Imana kandi akirinda ibibi? Yakomeje gukiranuka kwe n’ubu, nubwo wanteye kumugirira nabi nkamuhora agatsi.” (Yobu 2:3). Yobu yari umugabo wakoraga ibyo Imana yishimira kandi yari umuherwe. Ariko no mu gihe Yobu yatakazaga ibyo yari atunze byose yakomeje kugira ubunyangamugayo. Uyu muni turaganira ku ubunyangamugayo, turebe n’impamvu ari ingezi.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana gusesengura ukuri kw’Ibyanditswe byera.

Isomo # 24: Nehemiya

“...Ndakwinginze Uwiteka Mana Nyirijuru, Mana nkuru itera ubwoba, ikomereza isezerano n’imbabazi abayikunda bakitondera amategeko yayo, none tegera ugutwi kwawe kumve n’amaso yawe arebe, wumve gusenga umugaragu wawe nsengera imbere yawe muri iyi minsi ku manywa na nijoro nsabira abagaragu bawe b’Abisirayeli...” (Nehemiya 1:5-6). Nehemiya yatahutse avuye mu buhungiro i Babuloni mu mwaka wa 445 mbere ya Kristo (445 BC). Ajya i Yerusalemu maze ayobora abantu kubana inkike z’umurwa. Uyu muni turaganira kuri Nehemiya: umugabo wari umunyamasengesho.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana gusobanukira umumaro w’amasengesho.

Isomo # 25: Yesaya

“Numva ijwi ry’Umwami Mana riti “Ndatuma nde, ni nde watugendera?” Maze ndavugana nti “Ni jye. Ba ari jye utuma.” (Yesaya 6:8). Turaganira kuri bumwe mu buhanuzi Yesaya yahanuye kuri Mesiya, nuko ubwo buhanuzi kwasohoreye muri Yesu Kristo.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana gusobanukirwa ko ubuhanuzi ari uburyo bumwe bwo kumenya Bibiliya ari ukuri.

Isomo # 26: Yeremiya

“Nuko weho kenyer! Uhaguruke ubabwire ibyo ngutegeka byose. Ntibagukure umutima ntazagutera gukukira umutima imbere yabo, kuko uyu muni nakugize umudugudu w’igihome, n’inkingi y’icyuma n’inkike z’imiranga. Igihugu cyose n’abami b’u Buyuda n’ibikomangoma byaho, n’abatambyi baho n’abaturage baho.” (Yeremiya 1:17-18). Umuhanuzi Yeremiya yabwiye abaturage b’i Buyuda mu gihe cyo guhungira i Babuloni ababwira gukiranukira Imana. Uyu muni turaganira ku guhagarana n’Imana no mu bihe biruhije.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana guhagarara bagahamya kwizera Imana kwabo.

Isomo # 27: Saduraka, Meshaki na Abedenego

“Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry’umuriro ugurumana, kandi izadukiza ukuboko kwawe nyagasani. Ariko naho itadukiza, nyagasani umenye ko tutari bukorere imana zawe, habe no kuramya icyo gishushanyo cy’izahabu wakoze.” (Daniyeli 3:17-18). Uyu muni turahura n’abasore batatu maze tuganire uko biyeguriye Imana bakayikomeraho.

Gusesengura Bibiliya ishishikariza abana kuba inshuti nyanshuti ku nshuti zabo.

Isomo # 28: Daniyeli

“Maze Daniyeli yumvise ko urwandiko rwashyizweho ukuboko aya iwe, (kandi amadirishya y’inzu ye yari akinguye yerekeye i Yerusalemu), akomeza kujya pfukama gatatu mu muni asenga Imana ye, akayishimira nk’uko yari asanzwe agenze.” (Daniyeli 6:11). Indi nkuru izwi cyane ariko ifite inyigisho nziza – Daniyeli mu rwobo rw’intare. Turaganira ku kuba umwizerwa ndetse no kwiyegeurira gukorera Imana.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kuba abizerwa no kwiyemeza gukorera Imana.

Isomo # 29: Yona

“Ijambo ry’Uwiteka ryaje kuri Yona mwene Amitayi riramubwira riti “Haguruka ujye i Nineve wa murwa munini, uwuburire kuko ibyaha byabo birundanije bikagera imbere yanjye.” Ariko Yona arahaguruka ngo acikire i Tarushishi, ahunge Uwiteka. (Yona 1:1-3). Muri izi nyigisho zacu ku ntware zo muri Bibiliya muri uyu mwaka, Yona ashobora kuba ariwe muntu uri bube ahuje byinshi natwe. Yona ni intwari yabanje kwanga kumvira. Tuzaganira uko Imana yasohoje umugambi wayo inyuriye muri Yona, kabe nubwo Yona atashakaga umugambi w’Imana kuri we.

Gusesengura Bibiliya bishishikariza abana kumvira no kwakira umugambi w’Imana ku buzima bwabo.

Isomo ryihariye ku Gushima: Gushima n’umunsi w’amashimwe

“Nimushime Uwiteka mwambaze Iza rye, mwamamaze imirimo yakoze mu mahanga. Mumurimbire, mumurimbire ishimwe, muvuge imirimo itangaza yakoze yose.” (Zaburi 105:1-2). Uyu muni turabara imigisha yacu yose – niturangiza tugire icyo tuyikoresha – dutange!

Gusesengura Bibiliya bifasha abana gutekereza inzira zindi bakoresha mu gutanga mu buryo bushya!

Inyigisho yihariye ya Noheli: Ijoro rya Noheli ritabasha kwibagirana

"Marayika arababwira ati "Mwitinya, dore ndababwira ubutumwa bwiza bw'umunezero mwinshi uzaba ku bantu bose, kuko uyu munsu Umukiza abavukiye mu murwa wa Dawidi, uzaba Kristo Umwami." (Luka 2: 10-11). Senateri wo muri Amerika witwa John McCain aratubwira inkuru y'ijoro rya Noheli atazibagirwa mu nkambi wa POW mu ntambara ya Viyetinamu.

Gusesengura Bibiliya turareba ubusobanuro bwa, "Bayoboke mu byuke."

Isomo ryihariye rya Pasika: Cya KIYOKA

"iradukiza, itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo" (Tito 3:5). Hari igitekerezo cyadufasha kwigisha neza inkuru ya Pasika.

Gusesengura Bibiliya birafasha abana gusobanukirwa intambara yo mu mwuka itwugarije ndetse dusobanukirwe n'impamvu byabaye ngombwa ko Imana ituma Yesu.

Isomo ku Umunsu w'amasengesho mu gihugu cyose

"maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu." (2 Ngoma 7:14). Aho kwiga uyu munsu, tugiye kugira ibyo dukora. Tugiye gufata uyu mwanya wose twagombaga kwiga turawumara mu masengesho dusenga Imana yaturemye, ikaba itubeshajeho, ikabeshaho n'abaturage bose bo muri iki gihugu cyacu.

Gusesengura Bibiliya birahamagarira abana kwandika isengesho basabira abatuye igihugu cyacu.

Umwanya w'inkuru

Icyo nzi ni kimwe, ni uko nari impumyi none nkaba ndeba.!" (John 9:25). Gutekereza "gutanga ubuhamya bwawe" – uko Kristo yinjije mu bugingo bwawe, bishobora kugorana kuri bamwe. Urashobora gutekereza ko bikunanira cyangwa se ko utaribubone ibyo kuvuga. Ariko iyo Kristo Yesu ari mu bugingo bwawe, ni ngombwa ko uba ufite ubuhamya wabwira abanda. Kwiga uko wajya utanga ubuhamya bw'uko wakiriye Yesu Kristo bishobora kuba aricyo ukeneye gusa kugira ngo ubashe kugeza ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo ku bandi ngo nabo bamumenye mu mibereho yabo.

Uku **Gusesengura Bibiliya** kwihariye kuraguha ibitekerezo, ingero ndetse n'imirongo migari iribugufashe guhuza ubuhamya bwawe.

Kwitoza bitera kuba Intyoza!

Mu myaka icyenda (9) ishize twafashije gutegura inyigisho za Bibiliya amagana n'amagana. Niyo mpamvu iyo tubihuje bene aka kageni tubasha kukugezaho inyigisho ziteguwe neza zo gufasha umuryango wawe kugira ibihe byiza mu nyigisho za Bibiliya.

Dore ingero z'ibishobora gutuma igihe cyanyu cyo kwiga Bibiliya kigenda neza:

- Muhamagarire Yesu kwifatanya namwe muri izi nyigisho. Musabe ko imbaraga za Yesu no kubaho kwe bikorera muri buri wese wateranye namwe.
- Niba ari mugitondo, mushakishye amandaze (indazi cg umugati ni byiza) ndetse n'icyo kunywa nk'umutobe w'amatunda, icyayi etc. niba ari nimugoroba, mushakishye akantu koroheje abaPapa bagasangire n'abana babo mbere yuko amasomo atangira.
- Iyo amasaha ageze muhita mutangira kugira ngo mutabangamira abafite izindi gahunda.
- Amasomo agenda neza iyo buri mwana yicaranye ba Se.
- Mubanze mwibwirane muhereye ku babyeyi noneho n'abana nabo baze kwibwirana nyuma cyane iyo hari abana bataziranye.
- Mutangize icyigisho cya Bibiliya isengesho. Saba niba umwe mu bana cyangwa mu baPapa yasenga – nubona batinda ntubahate cyane kuko hari ababanza kugira ubwoba iyo batari bamenyera – hari n'abantu bakuru nabo bigora mu gihe batari bamenyerana. Intego nuko isengesho ritangira n'irisoza bikorwa n'abaPapa n'abana babo kugeza igihe bose bazamenyerera.
- Uko itsinda rigenda rimenyerana, nibyiza ko gusenga byajya bikorwa mu ruhererekanye kugira ngo buri wese yimenyereze kandi buri wese yisange mu itsinda.
- Vuga munshamake ibikubiye mu isomo ryo kuri uwo muni
- Tangirira ku kiganiro kandi mukiganireho buhoro. Shishikariza ababyeyi kujya bagira uruhare mubiganiro. Twagiye tubona hari abaPapa baza ntibagire icyo bavuga kuko baba bumva ko ari inyigisho zigenewe abana. Ariko uruhare rwabo ni ngombwa kandi ni ingenzi.
- Amasomo mujye muyanyuramo ku muvuduko ubereye itsinda ryose. Kutarangiza isomo ry'uwo muni ntacyo bitwaye.
- Jya uharanira gusoreza ku gihe cyagenwe. Iminota makumyabiri y'icyigisho iba ihagije. Uzasanga ko kuvuga bike rimwe na rimwe usanga aribyo byiza.
- Shishikariza abaPapa n'abana gukora umukoro wo **Gusesengura Bibiliya** ujyanye n'icyigisho cya buri cyumweru, kandi ugene umwanya uhagije kugira ngo buri mwana atange igisubizo cye buru cyumweru.
- Shishikariza abana kwitoza indangagaciro nziza zavuye mu isomo muri icyo cyumweru. Uzajye ubibutsa kuvuga ingero z'ibyho bacyemo muri icyo cyumweru bagashyira mu bikorwa ibyo bize mu cyumweru cyahise.
- Dore uburyo bwiza bwo gusoza buri somo: buri muPapa ajye hamwe n'umwana we (yaba umuhungu cyangwa umukobwa, uwo se adahari uyoboye amwiyegereze) maze ubasabe ko buri wese asabira mugenzi we. Twasanze ubu ari uburyo bwiza cyane butuma umuPapa n'umwana we biga gusengerana. Wasaba ko buri wese abanza kubaza mugenzi we ibyo yifuzako yamusabira kuri uwo muni.

Gerageza ibi twavuze haruguru mu byumweru runaka bibanza, nyuma bibaye ngombwa, wagira ibyo uhinduramo kugira ngo bijyane n'ibyifuzo itsinda rifite.

Urugero rwa gahunda y'igihe cy'izi nyisho za Bibiliya.

7:10 - 7:20 a.m.	Gusabana musangira indazi/umugati n'icyo kunywa (jus, icyayi etc)
7:20 - 7:40 a.m.	Icyigisho cya Bibiliya
7:40 - 7:50 a.m.	Gusesengura Bibiliya gusubiramo
7:50 - 7:55 a.m.	Isengesho buri mubyeyi na buri mwana basabirana
7:55 -	Kwitoza ibyo wize!

INYIGISHO ZA BIBILIYA

Intwari zo muri Bibiliya

<u>Isomo</u>	<u>umurongo</u>	<u>Page</u>	
1) Yesu Kristo	Abefeso 5:1		12
2) Nowa	Itangiriro 6:9	15	
3) Aburahamu (igice cya 1)	Abaheburayo 11:6		18
4) Aburahamu (igice cya 2)	Abaroma 4:20-21		21
5) Yozefu	Matayo 20:28		25
6) Mose (igice cya 1)	Matayo 22:37-39		27
7) Mose (igice cya 2)	Gutegekaka kwa kabiri 5:33		32
8) Yosua	Abaheburayo 4:12	36	
9) Gidiyoni	Abacamanza 6:12	39	
10) Samusoni	Abakolosayi 3:16		44
11) Rusi	Abaroma 12:10		48
12) Samweli	1 Samweli 2:26		52
13) Sawuli (igice cya 1)	Imigani 3:5-6		55
14) Sawuli (igice cya 2)	1 Samweli 12:24		58
15) Dawidi (igice cya 1)	1 Samweli 16:7		62
16) Dawidi (igice cya 2)	Abefeso 6:10	67	
17) Dawidi (igice cya 3)	Zaburi 119:9	71	
18) Salomo (igice cya 1)	Imigani 2:6	75	
19) Salomo (igice cya 2)	Matayo 16:26		78
20) Eliya (igice cya 1)	Gutegeka kwa kabiri 6:5-7	82	
21) Eliya (igice cya 2)	Abaheburayo 11:1	83	
22) Eliya (igice cya 3)	1 Yohana 5:14		90
23) Yubu	Abakolosayi 3:16	94	
24) Nehemiya	Imigani 15:8		98
25) Yesaya	Yesaya 53:5	102	
26) Yereimiya	Yereimiya 1:17		106
27) Saduraka, Meshaki & Abedenego	Yohana 15:13		110
28) Daniyeli	Daniyeli 6 :4(b)		114
29) Yona	Zaburi 119 :105		118
<u>Amasomo yihariye</u>	<u>umurongo</u>	<u>Page</u>	
Umunsi wo gushima	Zaburi 105:1-2		121
Ijoro rya Noheli ritazibagirana	Luka 2:10-11		123
Pasika	Yohana 3:16		126
Amasengesho	2 Ngoma 7:14		129
Umwanya w'inkuru	Yohana 9:25	132	

ISOMO # 1: YESU KRISTO

Umurongo w'isomo ry'uyu muni

“Mwigane Imana...” (Abefeso 5:1).

Ibibazo

Imwe mu ntwari zawe ni nde? Kuki uwo mugabo cyangwa uwo mugore ari intwari kuri wowe?

Iriburiro

Amwe mu magambo Perezida George W. Bush yavuze mu mezi make nyuma y'igitero cy'ibyihewe cyagabwe taliki 11/09/2001 ku nzu ya Gisirikare n'iyubucuruzi zitwa Pentagon & WorldTradeCenter:

“Abanyamerika bitwaye gitwari ndetse barafashanya. Twabiboneye ku bana bacu batumye amadorali arenga miliyoni yo gufasha abandi bana muri Afuganisitani. Twabiboneye ku mpuhwe z'Abayahudi n'Abakristo mu buryo bafashije bagenzi babo b'abisiramu. Twabiboneye ku kuba abanyamerika basubiyemo ibyo baha agaciro kurusha ibindi: ababyeyi ubu baraha agaciro kumarana umwanya uhagije n'abana babo kandi abantu baramara umwanya munini kurushaho mu nsengero n'ahandi basengera.

Twungutse intwari nshya, babandi bose bihuriye kuzimya umuriro ngo barokore abandi: abapolisi bacu ndetse n'abashinzwe kuzimya umuriro.

Ba bandi batera ubwoba umugongo bagahumuriza abana mu mashuri: abarimu b'abanyamerika.

Babandi bashyira ubuzima bwabo mu kaga baharanira ukwigenga kwacu: abo ni abasore n'abakobwa mu ngabo z'igihugu cyacu.

Kandi muri iri joro turashimira twese irindi tsinda ry'abantu batigeze basinyira kuzajya muntambara, ariko ubu bakaba bisanga mu mirwano: abajyana amabaruwa n'ubutumwa bw'iposita ahantu hatandukanye – abakozi b'iposita y'Amerika.

Turashima kandi abafashe iya mbere bakajya gutabara abakomeretse babaha ubuvuzi bw'ibanze kandi byabashije kurokora ibihumbi by'abantu: abo ni abaganga n'abakora muri serivisi z'ubuzima.

Abanyamerika benshi batanze amaraso yaramiye inkomere. Abo muri New York bafunguye ingo zabo bacumbikira bagenzi babo batabarwaga. Abana muri Amerika yose bakoze ibyo kunywa na za biscuits kugira ngo babone amafaranga yo gufasha abana muri Afuganisitani. Kandi dushobora no gukora ibirenze.

Ubutwari n'icyizere cyatumye abagenzi mu ndege Flight 93 bihuriye guhangana n'ababicaga kugira ngo bakize abari hasi – bayobowe n'umusore wasenze arangije ati “Akazi karatangiye.”

Taliki ya 11 Nzeri, Amerika n'isi muri rusange yongeye kwibutswa ikintu cyari kimaze iminsi gisa n'icyibagiranye: Intwari. Abazimya umuriro, abapolisi ndetse n'abandi batabazi bo mu nzego

n'ingeri zitandukanye bashize mu kaga ubuzima bwabo bitangira abandi kugira ngo babone amahirwe yo kubaho. Abagabo n'abagore mu ngabo zacu barinda ubusugire bw'igihugu cyacu ku isi hose. Abakozi b'i Posita birengagiza ubwoba bafite bakageza ubutumwa ku babukeneye.

Ni he handi twasanga intwari? Ku ikubitiro, Mose ati, "Oya!" Gidiyoni ati, "Kuki ari jye uhisemo?" Yona nawe ati, "Njye ndigendeye!" Intwari? Nukuri! Muri izi nyigisho, tuzahura nabo kimwe n'izindi ntware kubw'ibyo bagezeho, indangagaciro, n'umurava bagize. Ni intwari kugeza n'uyu muni wa none.

Yesu Kristo
(Abafilipi 2:6-11)

6" Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa,7.ahubwo yisiga ubusa aaryana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu 8.yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.9.Ni cyo cyatumye Imana imushyira hejuru cyane ikamuha izina risumba ayandi mazina yose,10.kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo muni y'isi,11.kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwitwaga, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe.."

Ikibazo: Ni iki kigira umuntu intwari? [Intwari ni umuntu ukundwa n'abantu benshi kubw'ibimuranga ndetse akaba yarageze ku gikorwa cy'indashyikirwa cyagwa se akaba agira umurava udasanze].

Turakoresha iki gisobanuro cy'ijambo "intwari" mu gihe tuza "gusuzuma intwari" ku bagabo n'abagore twita "Intwari za Bibiliya." Turaganira ku bibaranga nk'ingangagaciro, ibyo bagezeho ndetse no ku murava wabo watumye bitwaga intwari kandi bakaba bakiri intwari n'uyu muni.

Ikibazo: Intwari ya mbere muri Bibiliya ni iyihe? [Yesu Kristo].

Bibiliya iravugaga iti, "**Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n'Imana mbere na mbere.**" (Yohana 1:1-2).

Ikibazo: Jambo ni nde? [Yesu Kristo].

Ikibazo: Niba Yesu Kristo ariwe Jambo, kandi Bibiliya ikavugaga ko Jambo ari Imana, none ubwo ibyo bigira Yesu inde? [Yesu Kristo ni Imana].

Ikibazo: Ese wigeze utekereza Yesu nk'intwari? Ni izihe mpamvu washingiraho uvugaga ko Yesu ari intwari? [Reka turebe kubyo yagezeho, ibyamurangaga (indangagaciro ze), n'umurava we]:

Ibyo yagezeho:

Yesu yageze kuri byinshi uherye ku itangiriro. Mu Ibyahishuwe, haravugaga ngo, "**Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kuko ari wowe waremye byose. Igituma biriho kandi icyatumye biremwa ni uko wabishatse.**" (Ibyahishuwe 4:11). Bibiliya ivugaga ko, "**Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we**

byaremewe.” (Abakolosayi 1:16). Mu yandi magambo, Yesu iyo adatanga uburenganzira, ntakintu na kimwe kiba kiriho – haba isi, wowe cyangwa nje.

Bibiliya iravuga na none iti, **“Ariko hariho n’ibindi byinshi Yesu yakoze, byakwandikwa byose ngira ngo ibitabo byakwandikwa ntibyakwirwa mu isi.” (Yohana 21:25).**

Ikibazo: Ni ibihe bintu ukekeka ko Yesu yaba yaragezeho? [Ibitangaza, gukiza indwara, kwigisha, ndetse no kutwitangira wowe na jye]. Yesu yakoze kandi aracyakora imirimo n’ibitangaza. Ariko ibyagezweho, ni ikintu kimwe gusa mu byo twabonye ku busobanuro bw’intwari. Reka turebe no kubyamurangaga – indangagaciro ze.

Ibyamurangaga (indangagaciro ze):

Ikibazo: Ni gute twamenya ibiranga Imana? [Dushobora kubisoma muri Bibiliya Yose]. Dushobora kumenya ibiranga Imana turebeye kuri Yesu Kristo kuko **“Ni na we shusho y’Imana itaboneka, ni we mfura mu byaremwe byose,” (Abakolosayi 1:15).**

Ikibazo: Ese hari ahandi hantu twarebera? [Umurongo w’iri somo ryacu uravuga uti, **“Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo,...” (Itangiriro 1:27).**]

Ikibazo: Irindi jambo risobanura ishusho ni irihe? [Irindi jambo risobanura ishusho ni ugusa cyangwa indorerwamo cyangwa ifoto].

Imana yakuremeye kwerekana imico n’imiterere ifite. Iyo ushushanya cyangwa wubaka ikintu, ucyubaka ugisanisha n’uko wifuza ko kimera. Iyo Imana iremye, irema ibintu nkuko yifuza ko ibyo yaremeye bimera.

Ikibazo: Ni ibihe bintu biranga Imana yifuza ko nawe wagira? [Urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, ingeso nziza, gukiranuka, kugwa neza, & kwirinda]. Yesu afite ibi byose kandi nawe arifuza ko wabigira.

Umurava we:

Ijoro ribanziriza kubambwa kwa Yesu, Yesu yari kumwe n’abigishwa be ahantu hitwa i Getsemani, ku Umusozi wa Elayono. Ubutumwa Bwiza uko bwanditswe na Luka butubwira ko, **“Atandukana na bo umwanya ureshya n’ahaterwa ibuye, arapfukama arasenga ati “Data, nubishaka undenze iki gikombe, ariko bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka.” Marayika uvuye mu ijuru aramubonekera, amwongera imbaraga kuko yari ababaye bikabije, asenga cyane, n’ibyuya bye byari bimeze nk’ibitonyanga by’amaraso bitonyanga hasi.]” (Luka 22:41-44).**

Ikibazo: “Igikombe” Yesu yasabaga Se kumurenza ni ikihe? [Kubabarizwa ku musaraba abambwa no gutandukanywa n’Imana Data akanya gato].

Kuki Yesu yari hafi kubambwa? [Si kubw’ibyho yari yarakoze, ahubwo wari umugambi w’Imana ko yatubera igitambo. Yesu Kristo umuntu 100%. Imana 100%. Yesu – Imana mu mubiri – yagombaga guhanwa mu cyimbo cyawe nanjye kubw’ibyaha twakoze byose arabyikorera. Yishyura icyiru tutabashaga kwiyishyurira.

Ikibazo: Kuki Yesu yemeye kwitanga atyo? [Ubwo ni Ubutumwa Bwiza – Inkuru Nziza].



Inkuru Nziza – yateguwe na Bill Zukoski – Dallas, TX

Mu rugaryi rwo mu mwaka wa 2014 Muganga yasanze mfite Kanseri. Abaganga barambaga bakuramo ya Kanseri mu mubiri wanjye maze bayishyira ahantu itabasha kungirira nabi. Ariko wowe nanjye burya turenze imibiri yacu yonyine. Dufite ubugingo buzabaho iteka ryose. Nubwo kanseri n'indwara bitagira icyo bitwara ubugingo bwacu, dufite ikibazo kirenze kanseri kuburyo kidakuwemo cyatumerera nabi kurusha na kanseri iteka ryose. Icyo kibazo cyitwa icyaha. Muganga ntiyabasha kukivura ngo akigukize. Ntushobora gusenga ngo ucyikize. Kujya ku rusengeru no kugerageza gukora ibyiza ntibyabigukiza ngo ube umuntu mwiza udakeneye ubufasha – bene uwo muntu ni nde se?

Bibiliya ivuga ki buri muntu wese yakoze ibyaha (Abaroma 3:23) kandi ibyo bisobanura urupfu rwo mu mwaka (Abaroma 6:23) – atandukanywa n'Imana iteka.

Ariko hari inkuru nziza. Bibiliya ivuga ko **“ibihembo by’ibyaha ni urupfu, ariko impano y’Imana ni ubugingo bushya muri Kristo Yesu Umwami wacu” (Abaroma 6:23).**

Ndetse Bibiliya iravuga iti, **“Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa,” (Abaroma 10:9).**

Iyi niyo nkuru nziza y’Ubutumwa bwiza. Ni Yesu wenyize wabasha kudukuraho icyaha. Nasabye Yesu kuntabara. Niba wumva ubu butumwa uyu muni ukaba utarasaba Yesu kugutabara ngo agukize icyaha, ushobora kuvuga isengesho rigufi ubu nonaha niba witeguye: “Data, Nizeye ko unkunda. Watanze Umwana wawe w’ikinege kugira ngo nzabane nawe iteka. Ntari kumwe nawe, napfa. Ndi kumwe nawe, ndiho. Mpisemo ubugingo. Mpisemo wowe. Nyakira ungire umwe mu muryango wawe.”



Hagiye habaho kandi haracyariho intwari nyinshi muri iyi si yacu. Mu by’ukuri, Bibiliya yuzuyemo intwari nyinshi. Tuzagenda tumenya zimwe na zimwe muri uyu mwaka. Ariko Yesu araziruta zose, haba iziriho, izabayeho n’izizabaho zose, nta nimwe yagereranywa na Yesu niwe ntwari isumba izindi isi yigeze kumenya.

ISOMO # 2: NOWA

Gusubiramo

Ibibazo byo mu cyumweru n’imirongo yo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu muni

“Nowa yari umukirantsi, yatunganaga rwose mu gihe cyo. Nowa yagendanaga n’Imana.” (Itang6:9).

Indangagaciro

Kumvira

Ikibazo cyo kuganiraho

Ese wari wasabwa gukora ikintu gikomeye kinini – gikomeye (kinini) cyane? Ese wumvise ute bwambere utekereza kugikora?

Iriburiro

Hari inkuru ivugwa n’umugabo witwa Bruce Wilkinson. Yaganirizaga abanyeshuli bo muri kaminuza, abasaba kujya gukora ikintu gikomeye – kinini cyane mu kubwira abantu ibya Yesu Kristo.

Nyuma y’icyumweru, babiri muri babandi bamwandikira ibaruwa. Aba banyeshuli barasengeye ukubona amahirwe yo kubonana na Guverineri wa California bakamubwira ibya Yesu nuko ako kanya akibasaba gukora ikintu kinini bahera kuri ibyo– muri cya cyumweru Wilkinson yabaganirizaga! Bafata imodoka, batwara ibirometero byinshi berekeza mu murwa. Dore ibyabaye: Muri urwo rugendo babwirije abakozi ba sitasiyo ya esansi 2, abazamu 2, umunyamabanga wa Guverineri, - na Guverineri bamubwiriza Yesu Kristo!

Ariko hari ibirenze ibyo. Abanyeshuli babiri babashije gukangurira abanyeshuli n’abarimu 126, bakondesha indege, bajya gukora ishuri ryo kwigisha Bibiliya mu kiruhuko muri Tirinidadi babwiriza ubutumwa bwiza abantu ibihumbi n’ibihumbi mu gihugu cya Tirinidadi!

Ndakubwiza ukuri ko nta n’umwe muri abo banyeshuli wari gutekereza ko Imana ibasha kubakoresha ibikomeye bene ako kageni. Kandi birashoboka ko no gutekereza gukora ikintu kinini bene icyo byabateye ubwoba cyane – ubwoba bwo gupfa. ariko mu gihe cyose twiteguye tukiyegereza Imana ngo idukoreshe, ishobora kudukoresha ibikomeye – bikomeye cyane kubw’icyubahiro cyayo. Uyu muni turaganira kuri imwe mu ntware zo muri Bibiliya wiyegereje Imana ngo imukoresha ndetse arayumvira.

Nowa

(Igice: Itangiriro 6:9-22)

“Uru ni rwo rubyaro rwa Nowa. Nowa yari umukirantsi, yatunganaga rwose mu gihe cyo. Nowa yagendanaga n’Imana.10 Kandi yabyaye abahungu batatu, Shemu na Hamu na Yafeti. 11. Kandi isi yari yononekaye mu maso y’Imana, yuzuye urugomo.12. Imana ireba isi, ibona yuko yononekaye, kuko abafite umubiri bose bari bononnye ingeso zabo mu isi. Imana itegeka Nowa kubaza inkuge 13. Imana ibwira Nowa iti “Iherezo ry’abafite umubiri bose rije mu maso yanjye, kuko isi yuzuye urugomo ku bwabo, dore nzabarimbura n’isi.14. Nuko rero wibarize inkuge mu giti cyitwa goferu, ugabanyemo ibyumba, uyihome ubushishi imbere n’inyuma. 15. Uyibaze utya: uburebure bw’umurambararo bw’iyo nkuge bube mikono magana atatu, ubugari bwayo bube

mikono mirongo itanu, uburebure bw'igihagararo bwayo bube mikono mirongo itatu. 16. Kandi uzacemo idirishya, rizaba irya mukono umwe nuyirangiza hejuru, umuryango w'inkuge uzawushyire mu rubavu rwayo. Uzayishyiremo amazu, iyo hasi n'iya kabiri hejuru yayo n'iya gatatu. 17. Nanjye dore nzazana umwuzure w'amazi mu isi, urimbure ibifite umubiri byose, birimo umwuka w'ubugingo, ubitsembe hasi y'ijuru, ibiri mu isi byose bipfe. 18. Ariko nzakomeza isezerano ryanjye nawe, uzinjirane muri iyo nkuge n'abana bawe n'umugore wawe n'abakazana bawe. 19. Kandi mu moko yose y'ibibaho bifite umubiri byose, uzinjize muri iyo nkuge bibiri bibiri, ngo ubirokorane nawe, bizaba ikigabo n'ikigore. 20. Mu nyoni no mu bisiga nk'uko amoko yabyo ari, no mu matungo nk'uko amoko yayo ari, no mu bikururuka hasi byose nk'uko amoko yabyo ari, bibiri by'amoko yose bizaze aho uri, kugira ngo ubirokore. 21. Kandi uzijyanire mu biribwa byose, ubyihunikire bizabe ibyo kubatungana n'ibyo muri kumwe." 22. Nowa agenza atyo, ibyo Imana yamutegetse byose aba ari byo akora."

Ikibazo: Ni ikihe gikorwa gikomeye kurusha ibindi Nowa yagezeho? [Ni bangahe bavuga ko ari ukubaka inguge? Kubaka inguge cyari igikorwa gikomeye! Ariko igikorwa gikomeye kurusha ibindi Nowa yagezeho ni ukuba yarabayeho imibereho yatumye agira igikundi mu maso y'Imana]. Tuganire kuri Nowa.

Ikibazo: Nowa yari afite ibimuranga/indangagaciro 4 zatumye akundwa n'Imana. Ese wibuka izarizo? [Nowa yari umukiranutsi, yatunganaga rwose mu gihe cy'e, yagendanaga n'Imana, ndetse yumviraga Imana]. Nowa yabayeho yumvira amabwiriza y'Imana, ndetse abaho agendera mu nzira z'Imana.

Iyo Bibiliya ivuze ku mitima yacu, iba ivuze ku gice cy'imbere muri twe aho imyitwarire yacu, ibyiyumviro byacu, amarangamutima yacu, n'ubumuntu bwacu bituruka. Irindi zina risobanura umutima wacu ni ubugingo. Umutima wacu ugena uwo turi we. Nowa yagendeye mu nzira z'Imana mu mutima we.

Nowa yari umukiranutsi

Ikibazo: Ese uratekereza ko kuba umukiranutsi bisobanura iki? [Abantu benshi batekereza ko kuba umukiranutsi bisobanura ngo, "Njye ndi mwiza kukuruta" – ariko si icyo bisobanura].

Nta muntu n'umwe "uruta" undi. Bibiliya ivuga ko twese twagiye kure y'Imana. Ibi nibyo Nowa yasobanukiye. Yari azi ko atari intungane, ariko afata icyemezo cyo gukurikira inzira z'Imana. Abakristo basobanukirwa neza ko Yesu Kristo ariwe wenyine waduha imbaraga zidufasha kubaho tunezeza Imana.

Ikibazo: None se "gukiranuka" bisobanura iki? [Kubaho ugendeye kubyo Imana ivuga ko ari byiza].

Nowa yumviye amategeko y'Imana mu mutima we, mu bitekerezo bye no mu myitwarire ye. Ntabwo yabayeho nk'uko abaturanyi be bose babagaho mu byo bibwiraga ko ari byo byiza. Nowa we yagenderaga mu nzira z'Imana! Bibiliya itubwira ko kubaka iriya nguge byatwaye Nowa imyaka 100, kandi nzi neza ntashidikanya ko abantu bamusetse bakamuha urwamenyo kubwo kubaho muri bene ubwo buzima. N'abo yitaga inshuti magara ndakeka ko nabo bamusetse agasuzugurika imyaka 100 yose!

Ikibazo: Ese uratekereza ko hari igihe muri icyo myaka ingana ityo Nowa yaba yarigeze kuba yacika intege kubw'inshuti ze akumva wenda ibyo kubaka inguge yabishyira ku ruhunde? [Birashoboka / wenda ahari].

Ikibazo: Ese uratekereza ko Nowa yanejejwe no kuba yarihanganye agakurikira inzira y'Imana? [Cyane cyane igihe imvura yatangiraga kugwa].

Ikibazo: Ni ubuhe buryo bumwe bwagufasha kwitoza gukiranuka uyu munsi? [Kubaha abandi].

Nowa yaratunganaga rwose mu gihe cyo

Igukurikiyeho nuko, Bibiliya ivuga ko Nowa yatunganaga rwose mu gihe cyo.

Ikibazo: Uratekereza ko gutungana bisobanura iki? [Nta muntu n'umwe wakubonaho icyasha cyangwa ikibi]. Kandi niba Nowa yarakoze ikintu kibi, yakoraga icyiza ubwo yemeraga amakosa ye.

Ikibazo: Ni iyihe nzira wakwitorezamo kuba intungane uyu munsi? [Ba umunyakuri, ugire neza]. Ntibisobanura ko uzaba ntamakemwa, ariko mu mutima wawe, ni ugukurikira inzira z'Imana.

Nowa yagendanaga n'Imana

Ikibazo: Bibiliya ivuga ko Nowa yagendanaga n'Imana. Urumva ibi bisobanura iki? [Iyo ugendana n'umuntu, muba mumarana umwanya muri kumwe].

Nowa yafataga umwanya "akabana" n'Imana. Yamaranaga umwanya n'Imana. Byatumye yiga uko yaba umuntu Imana yishimira.

Ikibazo: Ni gute "wamarana umwanya" n'Imana? [Kuyiganiriza kuri gahunda zawe za buri munsi [gusenga], gusoma Bibiliya no gusaba Imana kugufasha gusobanukirwa icyo bisobanura kuri wowe].

Nowa yumviraga Imana

Ikibazo: Kumvira bisobanura iki? [Inkoranya ivuga ko kumvira ari ukwemera gukora ibyo umuyobozi avuze]. Bisobanuye kumvira amabwiriza cyangwa se gukora ibyo usabwa gukora, kabe nubwo waba wumva udashaka kubikora. Ntabwo byoroshye, ariko ningombwa kubikora dutyo. Ariko ndifuzako wumva ubundi busobanuro bwo kumvira.

Iyo Bibiliya ivuze ku kumvira, bisobanura, "kubasha kumenya Yesu no kuba nka we." Ese ubwo busobanuro sinabwo bwiza cyane? Birenze gukurikiza amabwiriza araho gusa – ngo kora iki cyangwa kora kiriya. Banza ufate akanya ubitekerezeho. Mu gihe wigaga gutwara igare, babanje gushyiraho udupine two kuruhunde kugira ngo ritagwa, nyuma igihe bakuragaho twa dupine tw'inyongera, birashoboka ko ryabanye kugenda risa n'irishaka kukugusha, ariko wari ugeze mu gihe cyo kuritwara nta dupine tw'inyongera. Nyuma, uko wagenda uritwara, niko wagenda urimenyera neza kurushaho. Bajya bavugako iyo umaze kwiga gutwara igare ukarimenyera utabasha kongera kuryibagirwa.

None se urumva bidasa no kwitoza kumvira. Uko witoza kugendera ku mabwiriza y’Imana, uagenda uyamenyera; muby’ukuri iyo umaze kumenyera neza nta n’ubwo uba ukibanza kubitekerezaho. Ni nko kwiga gutwara rya gare twavuze. Kumvira Imana biraguhindura ukagenda usa n’Umwana wayo Yesu Kristo.

Ikibazo: Ni mu buhe buryo bumwe wakwitorezamo kumvira uyu muni? [Kora ibintu nkuko Yesu yabikora]. Ibi bisobanura ko ugomba kumenya uko Yesu yabikora aramutse ariwe, bisobanura ko ugomba ugomba kumumenya, kandi uburyo bwiza wabasha gukora bene ibyo, ni mu “kugendana na we.”

Nowa yahisemo kubaho imibereho itandukanye n’abandi bantu bose ku isi. Imibereho ye niyo Imana yashimye. Yahisemo gufata ibyemezo byiza ayoborwa n’Inzira zigana Imana.

Ikibazo: Ni ikihe cyerekezo uri buhitemo?



Ubutumwa Bwiza – na Craig Jones – Dallas, TX

Imyaka 100!! Imyaka 100 yose kugira ngo Nowa abashe kuzuza kubaka inguge Imana yari yamusabye kubaka. Tekereza imbaraga Nowa yakoresheje mu gikorwa Imana yari yamushyize imbere. Ese byari byoroheye Nowa gukora iki gikorwa Imana yari yamusabye gukora cyangwa bari bigoye?

Bibiliya ivuga ko Nowa yagendanaga n’Imana. Kugendana n’Imana bisobanura ko Nowa yajyaga aho Imana imuyoboye. Baraganiraga, ndetse bagategana amatwi – nkuko nawe ubigenza ku nshuti yawe. Ese ufutanye ubusabane n’Imana? Bibiliya ivuga ko ushobora kubugira: **“Dore! mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire” (Ibyahishuwe 3:20)**. Iyo ufunguye urugi rw’imibereho yawe maze ugasaba Yesu kwinjira agatura mu mutima wawe – kuko ubishaka – azinjira akubere Imana ndetse akubere inshuti.

Nkuko Nowa yahawe umurimo ukomeye cyane, tugiye gusabwa n’Imana kuyumvira mu gihe izadusaba gukora ibintu BININI mu mibereho yacu. Ibyo mubyitegure. Ariko mu bihe bene ibyo nibwo tubasha gukora. Iringire Imana. Imana izatuyobora mu nzira ikwiriye; izadufasha guhitamo ibyiza; izadufasha kuvuga ibyiza bikwiriye. Hari ibihe bizaba bidukomereye kumvira Imana, ariko muri ibyo bihe, tujye twibuka ibya Nowa. Imyaka 100. Ariko afashijwemo n’Imana Nowa yarabishoboye. Nawe izakubashisha.

Iringire Imana. Yisabe ubufasha ukeneye kugira ngo ubashe kuyikurikira mu gihe ikuyoboye cyangwa igusabye gukora icyo ishaka ko ukora.



ISOMO # 3: ABURAHAMU (Igice cya 1)

Gusubiramo

Ibibazo byo mucyumweru cyahise & umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsu

“Uwiteka ateguka Aburamu ati “Va mu gihugu cyanyu, usige umuryango wanyu n’inzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka. Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha.” (Itangiriro 12:1-2).

Indangagaciro

Kwizera no Kumvira

Ikibazo cyo kuganiraho

Ese wigeze wimukira ahandi hantu? Ese wumvise umeze ute ubwo mwimukaga?

Iriburiro

Taliki 28, Ukuboza, 1944, amaze amezi icumi mu nkambi mbi cyane y’Abanazi, uwitwa Corrie Ten Boom yararekuwe arataha.

Umuryango wa Ten Boom, bose bari abakristo, bari barahishe abayahudi iwabo bari bamerewe nabi cyane mu gihe cy’intambara ya kabiri y’isi yose. Umuryango wabo uza kugambanirwa, maze ubwo Corrie wari ufite imyaka 59 hamwe n’umuryango we, ineza yabo ibajyanisha mu nkambi mbi y’iyicarubozo y’abanazi. Ise na mukuru we bose bapfiriye muri izo nkambi.

Maze Corrie asezeranya Imana ko naramuka yemerewe kubaho ntiyicwe, ko azabwira abantu benshi bashoboka ubuntu n’imbabazi bya Yesu Kristo. Maze Imana imusezeranya ko azageza ubutumwa ku bantu benshi barenze abo yabasha gutekereza. Mu myaka mirongo itatu afunguwe yari amaze kugera mu bihugu birenga 60, abwira abantu urukundo rw’Imana no gukiranuka kwayo ababwira uko Imana yabanye nawe muri gereza. Kimwe mu bitabo 9 yanditse, icyamenyekanye cyane cyitwa The Hiding Place (Aho wakwihisha), kivuga uko yafashwe n’igihe yamaze muri gereza.

Corrie yaravuze ati, “Imana ifite imigambi – ntabwo ari ibibazo ifite – ku mibereho yacu.” Imyaka ibihumbi ishize, ahantu ubu hasigaye hitwa muri Irani na Iraki, Imana yabonekeye umuntu witwa Aburamu. Aburamu yakomokaga kuri Shemu, umwe mu bahungu batatu ba Nowa. Aburamu yari afite umugore witwa Sara, ariko nta bana bari bafite. Kuri wa munsu Imana yabonekeraga Aburamu yamubwiye umugambi ifite ku mibereho ye.

Aburamu (Igice cya 1)
(Umurongo: Itangiriro 12:1-7)

“1 Uwiteka ateguka Aburamu ati “Va mu gihugu cyanyu, usige umuryango wanyu n’inzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka. 2 Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha. 3 Kandi nzaha umugisha abakwifuriza umugisha, kandi uzakuvuma nzamuvuma, kandi muri wowe ni mo imiryango yose yo mu

isi izaherwa umugisha.” 4 Aburamu aragenda nk’uko Uwiteka yamutegetse, Loti ajyana na we. Ubwo yavaga i Harani, Aburamu yari amaze imyaka mirongo irindwi n’itanu avutse. 5 Aburamu ajyana Sarayi umugore we, na Loti umuhungu wabo, n’ubutunzi bwose bari batunze, n’abantu baronkeye i Harani. Bavanwayo no kujya mu gihugu cy’i Kanani, Kanani ubwaho ni ho basohoye. 6 Aburamu anyura muri icyo gihugu, agera ahitwa i Shekemu, ahari igiti cyitwa umwelonu cya More. Muri icyo gihe Umunyakanani yari muri icyo gihugu. 7. Uwiteka abonekera Aburamu aramubwira ati “Urubyaro rwawe nzaruha iki gihugu.”

Ikibazo: Mu gihe Imana yabonekeraga Aburaga, ni ibihe bintu bibiri yamusezeranyije?

[1) Isezerano ryo guhabwa abamukomokaho benshi & 2) Isezerano ry’igihugu, “igihugu cy’isezerano” kugira ngo abazamukomokaho bazagituremo].

Ikibazo: Ni iki cyari gitangaje muri iri sezerano ry’uko Aburahamu azagira abamukomokaho benshi? [Nuko mugihe Imana yabonekeraga Aburahamu, we n’umugore bari bashaje cyane – bashaje wenda kurenza sogokuru wawe cyangwa nyogokuru wawe – kandi nta mwana bari bafite].

Ikibazo: Ese Aburahamu yasabye iri sezerano Imana yamuhaye? [Oya. Ni impano y’Imana].

Mu mwanya turaganira ku mpamvu zatumye Imana imuha iri sezerano. Ariko mbere yuko dukomeza kuganira kuri Aburahamu, reka tuganire ku rindi sezerano Imana yatanze.

Ikibazo: Ni irihe sezerano ryiza Imana isezeranya nje nawe uyu muni? [Isezerano ry’ubugingo buhoraho binyuriye mu kwizerera Umwana wayo Yesu Kristo].

Ikibazo: None se in iki cyiza gihebuje muri iri sezerano ry’ubugingo buhoraho muri Kristo? [Nuko Imana iriduha nk’impano iyo turisabye gusa tukaryakira].

Ikibazo: Ese iyi mpano y’Imana yari idukwiriye? [Oya. Ntacyo twakwikorera ngo turihabwe. Imana iduha iyi mpano kuko ishaka ko iba iyacu].

Ubu, noneho reka dukomeze cya kiganiro cyacu kuri Aburahamu.

Ikibazo: Ni ibihe bintu bitatu byarangaga Aburahamu bitwerekaga icyateye Imana guhitamo kumuha isezerano rihebuje? [Indangagaciro z’Aburahamu zo kwizera, kumvira no gukiranuka].

Kwizera & Obedience

Ikibazo: Kwizera ni iki? [Bibiliya ivuga ko, “Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby’ukuri.” (Abaheburayo 11:1)].

Ikibazo: Ni uruhe rugero rwiza rwo kwizera? [urugero rwa hafi ni uburyo wicaye muri iyo ntebe wicayemo nonaha. None se wabanje gusuzuma niba itaribukugwishe, cyangwa waje

uhita wicara? Ufite kwizera ko iyo ntebe itakugwisha. Ntabwo wakekaga, ahubwo wabyizeye neza udashidikanya. Uko niko kwizera].

Icyamba mbere tuboneraho ukwizera kwa Aburahamu ni, **“Aburamu aragenda nk’uko Uwitaka yamutegetse...” (Itangiriro 12:4)**. Ishyire mu mwanya wa Aburahamu utekereze ko Imana ikubonekeye! Maze ikakubwira ngo wowe n’umuryango wawe muhambire mwimukire ahantu mutigeze mujya. Mu by’ukuri, ahantu mutazi n’ahariho!

Ikibazo: Ese wagira kwizera ukemera gusiga inzu yanyu, aho mutuye, inshuti zawe na benewanyu kandi utazi niyo mwimukiye ahariho?

Ikibazo: Uratekereza ko ari iki cyateye Aburahamu kugira kwizera agasiga inzu ye, inshuti ze ndetse n’igihugu cyeye? [Umva icyo byanditswe bivugaga kuri Aburamu (izina rye ryaje guhindurwa Aburahamu), **“Kwizera ni ko kwatumye Aburahamu yumvira Imana imuhamagariye kujya aho yari agiye kuragwa, nuko agenda atazi iyo ajya.” (Abaheburayo 11:8)**]. Nubwo Aburahamu atari azi neza icyo Imana yamuteguriraga, ariko yari azi neza adashidikanya ko Imana izamuha we n’umuryango we wose ibyo bakeneye byose ngo babashe gukora ibyo Imana ishaka ko bakora.

Aburahamu yemeraga kandi akubaha ubuyobozi bw’Imana ku mibereho ye kandi akayumvira. Kuko Aburahamu yubahaga ko Imana imutegeka mu mibereho ye, byatumye yumvira ibyo Imana imushakaho. Kwizera kwa Aburahamu kwatumye yumvira Imana.

Ikibazo: Ni ibihe bintu Imana ishaka ko wagira kwizera muri byo? [byifuzo umuryango wawe ufite, ubufasha mu gufata ibyemezo bizima].

Ikibazo: Ni mu zihe nzira Imana ishaka ko yumvira? [Kubaho uyoborwa n’Ijambo ry’Imana, kumvira ababyeyi]. Niba wibuka mu isomo ry’ubushize (Nowa, Isomo #2) kumvira birenze gukora ibyo usabwe gukora gusa; bisobanura na none kumenya no gusa na Yesu.

Gukiranuka

Ikibazo: Ese uribuka gukiranuka icyo aricyo? [Gukiranuka ni ugukora ibikwiriye mu maso y’Imana].

Bibiliya ivugaga ko, **“Kuko icyatumye mumenya [Aburahamu], ari ukugira ngo ategere abana be n’abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y’Uwitaka, bakora ibyo gukiranuka baca imanza zitabera, kugira ngo Uwitaka azanire Aburahamu ibyo yamuvuzeho.” (Itangiriro 18:19)**.

Ubwoko bushya bwari bugiye gutangira. Imana yari ikeneye umuntu uzakomeza inzira z’Uwitaka agatekeka n’abana kubikora. Indangagaciro zo kwizera no kumvira Imana, byatumye akora ibikwiriye mu maso y’Imana. Kubw’iyo mpamvu, Imana iramutoranya ngo abe Se w’ubwoko bwa Isirayeli.

Ikibazo: Ese Imana ishobora kugutoranya none ngo uzabe se w’amahanga menshi?

Ikibazo: Ni gute wakwiga gukora ibikwiriye mu maso y’Imana? [Iga kandi witoze kubaho ugengwa n’ijambo ry’Imana, usabe Imana kumenya ibikwiriye, wigire ku babyeyi bawe, abapasitoro, abarimu, abatoza bigisha Ijambo ry’Imaan].

ISOMO # 4: ABURAHAMU (Igice cya 2)

Gusubiramo

Ibibazo byo mucyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu muni

“ahubwo (Aburhamu) abonye isezerano ry’Imana ntiyashidikanishwa no kutizera, ahubwo akomezwa cyane no kwizera ahimbaza Imana, amenya neza yuko ibyo yasezeranije ibasha no kubisohozwa.” (Abaroma 4:20-21).

Indangagaciro

Ubutwari

Ikibazo cyo kuganiraho

Urugo rwawe ruramutse rufashwe n’umuriro, (dufate ko umuryango wawe, n’amatungo bitahiriye) ukaba usigaje gufata ikindi kimwe gusa mubyo ufite munzu ngo uhunge, wafata iki?

Gusubiramo

Ikibazo: Ese uribuka ubusobanuro bwacu ku intwari? [Intwari ni umuntu ukundwa na benshi kubw’ibimuranga n’ibyindashikirwa yagezeho cyagwa se akaba agira ubutwari budasanzwe].

Mu isomo ryo mu cyumweru cyahise (Aburhamu Igice cya 1), twaganiriye ku kwizera no kumvira bya Aburhamu byatumye akora ibishimwa n’Imana. Kuko Imana yamenye ko Aburhamu azakora ibikwiriye ndetse akabyigisha n’abana be, Imana yaramutoranyije kugira ngo abe se w’ubwoko bw’Abisirayeli!

Iriburiro

Abagenza ibyogajuru by’Abanyamerika (NASA space) bakora imirimo ihambaye yo kugeza ibyo byogajuru mukirere cy’isi no hanze yacyo.

Ariko kugendera ku muvuduko w’ibirometero birenga kure 17,500 ku isaha (ibirenga 5 ku isegonda) ku bujyejuru buri hagati y’ibirometero birenga 155 – 600 hejuru y’isi bifite ingaruka zabyo. Taliki 28 Mutarama, 1986, icyogajuru cyitwa “Space Shuttle Challenger” cyarasandaye maze gihitana abashakashatsi bose uko ari barindwi bari bakirimo.

Umugabo witwa Rick Husband, umuyobozi w’icyogajuru cyitwa Space Shuttle Columbia yari azi izo ngaruka ubwo yemeraga kuba umushakashatsi ukoresha ibyogajuru nuko taliki 1 Gashyantare 2003, yari umwe muri abo barindwi bapfuye ubwo icyogajuru cyitwa spacecraft Columbia cyasandariraga mu kirere cya mu majyaruguru ya Texas mu minota 16 gusa ngo kigwe ahitwa Florida.

Ariko nubwo umurimo we wari ufite ingaruka nyinshi, Rick yakoze igikorwa cy’ubutwari kurusha ibyo buri muni. Umva amagambo yavuze yabaye umurage yasize: "Ndamutse nsoje ubuzima bwanjye nkasanga narabaye umushakashatsi wo kuri uru rwego (astronaut), ariko nkasanga byaratumye ntita ku muryango wanjye cyangwa se bigatuma mbaho mu buzima budahesha Imana icyubahiro, nasubiza amaso inyuma nkicuza cyane... igifite agaciro kurusha ibindi kuri

njye ni ukugerageza kubaho ubuzima bwanjye nk'uko Imana ibyifuzza no kugerageza kuba umugabo mwiza w'umugore wanjye Evelyn no kuba umuPapa mwiza ku bana banjye."

Rick yari afite umurava wo guharanira kuba umugabo mwiza n'umuPapa mwiza. Yayoboraga amasengesho ya buri cyumweru mu itsinda bitaga "Dads in the Gap – AbaPapa baziba icyuho." Yari afite umurava wo guharanira ko ubusabane bwe na Yesu Kristo bufata iya mbere n'icyubahiro mu mibereho ye. Uyu muni turareba ku ubutwari no kubaha Imana bya Aburahamu bitumye asiga umurage mwiza imusozi.

Aburahamu (Igice cya 2)

(Umurongo: Itangiriro 21:1-5, Itangiriro 22:1-18)

"Uwiteka agenderera Sara nk'uko yavuze, Uwiteka agirira Sara ibyo yasezeranije. 2 Sara asama inda ya Aburahamu ashaje, babyarana umuhungu igihe Imana yamubwiye kigeze. 3. Aburahamu yita umuhungu yabyaye Isaka, uwo yabyaranye na Sara. 4 Aburahamu akeba Isaka umuhungu we amaze iminsi munani avutse, uko Imana yamutegetse. 5Aburahamu yabyaye uwo muhungu we Isaka, amaze imyaka ijana avutse.

22:1 Hanyuma y'ibyo, Imana igerageza Aburahamu iramuhamagara iti "Aburahamu." Aritaba ati "Karame." 2. Iramubwira iti "Jyana umwana wawe, umwana wawe w'ikinege ukunda Isaka, ujye mu gihugu cy'i Moriya umutambireyo ku musozi ndi bukubwire, abe igitambo cyoswa."

Ikibazo: Kuki Imana yasabye Aburahamu gutamba umwana we Isaka? [Kumugerageza].

Ikibazo: Kuki Imana yahisemo gusuzuma Aburahamu muri ubu buryo? [Kugira ngo irebe uko Aburahamu yamukundaga. Imana yari ikeneye umuntu uzayumvira atizigama].

3 Aburahamu azinduka kare kare, ashyira amatandiko ku ndogobe ye, ajyana n'abagaragu be babiri, na Isaka umwana we. Yasa inkwi zo kosa igitambo, arahaguruka ajya ahantu Imana yamubwiye. 4 Ku muni wa gatatu Aburahamu arambura amaso, yitegereza aho hantu hari kure. 5.Aburahamu abwira abo bagaragu be ati "Musigirane hano indogobe, jye n'uyu muhungu tujye hirya hariya dusenge, tubagarukeho."

6.Aburahamu yenda za nkwi zo kosa igitambo, azikorera Isaka umuhungu we, ajyana n'umuriro n'umushyo, bombi barajyana. 7 Isaka ahamagara se Aburahamu ati "Data." Aramwitaba ati "Ndakwitaba, mwana wanjye." Aramubaza ati "Dore umuriro n'inkwi ngibi, ariko umwana w'intama uri he, w'igitambo cyo koswa?"

8.Aburahamu aramusubiza ati "Mwana wanjye, Imana iri bwibonere umwana w'intama w'igitambo cyo koswa." Nuko bombi barajyana. Aburahamu agiye gutamba Isaka, Imana iramubuza

9.Bagera ahantu Imana yamubwiye, Aburahamu yubakayo igicaniro yararikaho za nkwi, aboha Isaka umuhungu we, amurambika kuri icyo gicaniro hejuru y'inkwi. 10.Aburahamu arambura ukuboko, yenda wa mushyo ngo asogote umuhungu we. 11. Marayika

w'Uwiteka amuhamagara ari mu ijuru ati "Aburhamu, Aburhamu." Aritaba ati "Karame."

12. Aramubwira ati "Ntukoze ukuboko kuri uwo muhungu, ntugire icyo umutwara, kuko ubu menye yuko wubaha Imana, kuko utanyimye umwana wawe w'ikinege."

Ikibazo: Ese marayika yashakaga kuvuga ngw'iki ubwo yavugaga ati, "ubu menye yuko (Aburhamu) wubaha Imana"? [Gutinya Imana ni ukuyubaha by'ukuri. Ni kwa kubaha gutuma wiringira ko ibyo Imana ivuze aribyo by'ukuri kandi byiza kuri wowe. Imana yashakaga ko Aburhamu asobanukirwa ko akwiriye gushyira ibyiringiro byayo muri yo].

13 Aburhamu yubura amaso arareba, abona inyuma ye impfizi y'intama, amahembe yayo afashwe mu gihuru. Aburhamu aragenda, yenda ya ntama, ayitambaho igitambo cyoswa mu cyimbo cy'umuhungu we. 14. Aburhamu yita aho hantu Yehovayire, nk'uko bavuga na bugingo n'ubu bati "Ku musozi w'Uwiteka kizabonwa."

15 Maze marayika w'Uwiteka arongera ahamagara Aburhamu ari mu ijuru, 16 aramubwira ati "Ndirahiye, ni ko Uwiteka avuga, ubwo ugenjeje utyo ntunyime umwana wawe w'ikinege, 17 yuko no kuguha umugisha nzaguha umugisha, no kugwiza nzagwiza urubyaro rwawe ruhwane n'inyenyeri zo mu ijuru, kandi ruhwane n'umusenyi wo mu kibaya cy'inyanja, kandi ruzahindura amarembo y'ababisha barwo. 18. Kandi mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha kuko wanyumviye."

Ikibazo: Ese Imana yashakaga koko ko Aburhamu atamba Isaka? [Oya].

Ikibazo: Ni iki Imana yashaka kuri Aburhamu? [Imana yashakaga kumwumvira].

Ikibazo: Ni iki Imana igushaka ho? [Imana ikeneye ko uyumvira]. Imana irashaka ko uvuga uti, "Ndi hano Mwami." Urifuza ko ngukorera iki?"

Ikibazo: Ni izihe ngero z'umurava Aburhamu yerekanye muri iyi nkuru ya Bibiliya? [Kumvira Imana no mugihe atabishakaga, kwiringira Imana no mugihe atari asobanukiwe umugambi wayo]. Bisaba umurava kubasha gukora ibyo Imana igusabye. Bishobora no kugusaba guhagararana n'Imana wenyine mugihe abanda bese bayigometseho. Ariko ushobora guhesha Imana icyubahiro uhitamo gukora icyiza no kumvira Ijambo ryayo.

Ikibazo: Ese guhesha Imana icyubahiro n'ikuzo bisobanura iki? [Iyo uhaye Imana icyubahiro, bisobanura ko uba uyoborera abantu ku guha ikuzo Imana]. Aburhamu yahesheje Imana icyubahiro binyuriye mu gukora icyiza.

Ikibazo: Ni gute wagira umurava ndetse ugahesha Imana icyubahiro uyu munsi? [Ambara umupira ugaragaza ko uri umukristo, senga ku meza mugiyeye kurya ku ishuli, hitamo kumvira

Imana no mu gihe bamwe bavuga ko bitagezweho, iyegereze inshuti yawe uyisabe ko mujyana gusenga].

Ikibazo: Kuko Aburhamu yagize umurava wo kwizera amasezerano y’Imana, amahanga yose yo mu isi yahawe umugisha. Ni gute njye nawe twaboneye umugisha ku murava wa Aburhamu? [Wibuke ko, Aburhamu yari se wa Isaka, Isaka akaba se wa Yakobo (ariwe waje guhindurirwa izina yitwa Isirayeli) kandi umwe mu bahungu ba Yakobo yitwaga Yuda, kandi mu bakomotse kuri Yuda nimo havuyemo umwami Dawidi, maze mu bakomotse ku mwami Dawidi harimo Yozefu, umugabo wa Mariya ariwe wabyaye umwana akitwa Yesu].

Ikibazo: Uwo mugisha twamuboneyeho ni uwuhe? [Ingororano y’ubugingo buhoraho mu kwizera no kwiringira Yesu Kristo, umwana w’ikinege w’Imana]!



Ubutumwa Bwiza – by Michael Denton – Dallas, TX

Nakuze numva iyi nkuru kandi ndacyafite ikintu cyo kumva ko “Ndi uwa gatatu” maranye imyaka irenga mirongo itatu (30):

Hari saa tatu za mugitondo zirengaho gato kuwa 7, Kamena, 1958, ubwo indege ya Gisirikare y’Abanyamerika yitwa “Air National Guard” yari yerekeje ku kibuga cya gisirikare muri Amerika ahitwa “Wright-Patterson Airforce Base” hafi y’ahitwa Dayton muri Leta ya Ohio.

Hasi, hari ibihumbi by’abantu byarebaga mu kirere ubwo Koloneli Walt Williams, wari umuyobozi w’ikigo cy’indege cya “Denver-based Sabre Jet team”, yagendeye ku muvuduko muremure. Mu gihe gito abanda basirikale b’abapilote nka Koloneli Williams, Kapiteni Bob Cherry, Liyetona Bob Odle, Kapiteni Joh Ferrier, ndetse na Majoro Win Coomer – babanje kubona nk’aho ari bisanzwe kuko bari bamenyereye iyo mikino n’imyiyereko y’izo ndege za Gisirikale kandi barabikoze inshuro nyinshi amagana imbere y’amamiliyoni y’abantu.

Abonye ko hari ikintu kidasanzwe, Koloneli Williams afungura mikoro ahamagara n’ijwi rirenga: “Ko mbona umwotsi bigenze bite!” indege zomoma ikirere, zikurikirwa n’umwotsi abashungera bo bakabona wishushanyije neza uteye ubwuzu mu bicu hejuru. Kuri uyu munota nibwo babasirikare babonye ko bikomeye.

Ava ku ruhanda rwe, Koloneli Williams akora uko ashoboye, aca wa mwotsi, maze akora ibyo yagombaga gukora ngo indege ye yo mu bwoko bwa F86 ibashe gufata gufata umuvuduko wo mu butumburuke bwo hasi. Maze, arebye inyuma mu bitugu bye, akuka umutima. Hirya kure mu kirere iburasirazuba bwe,

indege yari itwawe na John Ferrier yibirindukagaho mu buryo budasanzwe, itakiyoborwa. Yari ageze mu kaga, kuburyo byagaragaraga ko icyerekezo cyayo ari ukwitura mu mugi wa Fairborn, hafi y’ikibuga cya Patterson.

Yerekeza indege ye mu cyerekezo iyo ndege yagiriye ikibazo, William avugira mu byuma by’itumanaho ryo mu ndege abwira abo bandi bapilote bese ati, “Mumufashe, John! Muve aho ngaho vuba. Abisubiramo inshuro ebyili ati “Mutabare John”. Ariko ntagisubizo, usibye kubona umwotsi. Ahita asobanukirwa ko John Ferrier atashoboraga gukora kuri mikoro ngo asubize kuko yari ahugiye mu kugerageza kwitabara – niyo mpamvu yakoresheje ubwo buryo

bw’umwotsi kuko aribwo bwashobokaga – agerageza kuyobora iyo ndege ngo itagwa ku mazu ku mazu yo mu mugi wa Fairborn ikica benshi ikanangiza byinshi. Mu kanya gato, bumva ikintu gitoritse nabi. Hakurikiraho guceceka. Walt Williams akomeza guhamagara ku cyombo ati “Johnny? Kapiteni nsubiza!”

Nta gisubizo.

Indege ya Kapiteni John T. Ferrier yari yayigushije hagati y’amazu ane, mu busitani inyuma mu rupangu. Niho honyine yashoboraga kuyigusha atishe abantu benshi. Guturika kwayo kwakanze umugore umwe n’abana benshi bagwa hasi ariko ntawagize icyo aba, uretse John Ferrier. We yahise ahasiga ubuzima ako kanya.

Umusaza wari uri bugufi aho yuzuye amarira mu maso ye, yaje kubwira Majoro Coomer ati, “Mu gihe wa mupilote yamanukaga aza kugwa, indege yari ije kutugwaho. Nko mu isegonda twararebanye. Maze ahita ayikata niko kuyitura hariya – iyo atugwaho ntacyo yarikuba – uyu mugabo yemeye gupfa mu cyimbo cyacu.”

Imana mbere, abandi bagakurikiraho, nawe akaba uwa gatatu. John Ferrier yatanze ubugingo bwe kubw’abantu atari yarigeze ahura nabo. Yesu Kristo yatanze ubugingo bwe nk’impano ku bantu bo mu isi kugira ngo abemeye kwakira iyo mpano ye babone ubugingo buhoraho. Ese wakiriye iyo mpano ya Yesu Kristo? Niba utarayakira, ushobora kubikora ubu nonaha ukamusaba kugutabara akagukiza ubuzima bwo kubaho utamufite.



ISOMO # 5: YOZEFU

Gusubiramo

Ibibazo byo mucyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu muni

“Ku bwanyu mwari mushatse kungirira nabi, ariko Imana yo yashakaga kubizanisha ibyiza, kugira ngo isohoze ibi biriho none, ikize abantu benshi urupfu.” (Itangiriro 50:20).

Indangagaciro

Guca bugufi ukaba umugaragu w’abandi

Ikibazo cyo kuganiraho

Ni ryari hari ikintu cyakubayeho ukabona ari kibi nyuma yaho ukazasanga burya cyari cyiza?

Iriburiro

William Booth yari umupasitoro w’Abametodiste, wafashe itegeko ry’Imana ngo “gaburira intama zanjye” arifata rwose nkuko rivuga. Mu mitekerereze ye yumvaga ko nta mpamvu yo kubwiriza ijamba ry’Imana ku bantu bashonje, maze atangira icyo yise “isupu n’agakiza”. Muri Nyakanga 1865, Pasitori Booth atangira kubwiriza ku mihanda mu duce twari dutuwe n’abakene mu mugi wa London mu Bwongereza. Abajura, indaya, abakinaga urusimbi, n’abasinzi bahinduka abakristo. Intego ye yari uko bakwakira Kristo nyuma akabahuza n’itorero kugira ngo bakomeze kurerwa mu buryo bw’umwuka.

Nubwo abamuyobotse babaye abakristo, amatorero ntabwo yabakiriye kuko batinyaga ibyo bari baranyuzemo. Nubwo byagenze bityo bwose, Pasitori Booth yahaye imibereho yabo icyerekezo gishya mu buryo bw’umwuka no mu buryo bufatika maze abashyira ku murimo nabo bafasha mu gutabara bagenzi babo bari bameze nkuko nabo bari bameze kera. Nabo babwiriza mu mihanda berekana ubuhamya bw’imbaraga z’Imana.

Mu mwaka wa 1867, Pasitori Booth yari afite abakozi 10 gusa bakora buri muni bakorera mu muryango witwa “The Christian Mission – Umurimo w’Abakristo.” Mu mwaka wa 1874, bari bamaze kugera ku bakorerabushake 100 n’ababwirizabutumwa 42, kandi bari bamaze guhindura izina bafata iriyitwa: The Salvation Army. Iri torero ryarakuze mu burasirazuba bwa London rigera no mu mugi no mu bice byose bihakikije. Pasitori Booth yashyizeho urufatiro ruzima kuri uwo muryango. Uyu muni wa none, Itorero “The Salvation Army” rikorera mu bihugu birenga 103.

Ariko mbere yuko ajya mu kiruhuko cy’izabukuru, Booth yaganirije abayoboke b’iryo torero rya Salvation Army ku nshuro ye ya nyuma. Ubutumwa bwe bwari bugizwe n’iri jambo ngo: Abandi.

Isomo ry’uyu muni turareba k’undi muntu nawe ubuzima bwe bugaragaza guca bugufi ukaba umugaragu w’abandi

Ubusobanuro

Yozefu yari mwene Yakobo kandi yakuriye mu cyaro hamwe na bakuru be 11 (na mushiki we umwe – Dina). Sekuru wa Yozefu yitwaga Isaka naho Sekuruza akaba Aburahamu. Yakobo yakundaga Yozefu cyane kurusha abanda bana be bose bityo bene se bose bamugirira ishyari. Kuburyo, bamwangaga ntihagire n’ijambo na rimwe ryiza bamubwira.

Kuba rimwe Yozefu yarabwiye abo bakuru be, na se na nyina ko yarose inzosi bese bamupfukamiye noneho byatumye bamwanga no kurushaho. Bene se baramwanga kurushaho. Nuko umunsi umwe bene se baja umugambi wo kumwica, nuko bahitamo kumugurisha ku Abishimayeli (babyara b’Abisirayeli – nkuko wavuga abasinga n’abagesera) berekezaga muri Egipta. Nuko Yozefu ayanwa muri Egipta maze b’Abishimayeli bamugurisha Potifaro wari umukuru wa polisi wa Egipta, amubera umugaragu amujyana iwe mu rugo.

Icyo Yozefu atamenye muri icyo gihe, nuko Imana yari imufitiye umurimo ukomeye yagombaga gukora, nuko ageze muri Egipta Imana itangira kumukoresha ako kanya.

Yozefu

(Umurongo: Amagambo ava mu Itangiriro 37-50)

“² Uwituka aba kumwe na Yosefu, agira ukuboko kwiza, aba mu nzu ya shebuja Umunyegiputa. 3. Shebuja abona yuko Uwituka ari kumwe na we, kandi ko Uwituka yamuhaye kugira ukuboko kwiza ku cyo akoze cyose. 4 Yosefu amugiriraho umugisha aba ari we akorera ubwe, amugira igisonga cy’urugo rwe rwose, amubitsa ibyo atunze byose.”

Ikibazo: Intera Yozefu yazamuweho bwa mbere ni iyihe? [Yagizwe igisonga cy’urugo rwa Potifaro].

Ikibazo: Kuki Yozefu yazamuwe mu ntera? [Yozefu yitaga neza kuri buri kintu n’inshingano ahawe, kugeza ubwo Potifari yamweguriye ibyo atunze byose].

Ariko ntibyatinze Muka Potifaro atangira kumushukisha ko bakorana icyaha inshuro nyinshi, ariko akamuhakanira, akavuga ati, **“None nabasha nte gukora icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana?” (Itangiriro 39:9)**. Muka Potifari arakarira Yozefu kuko yamwangiye ahubwo abeshya mugabo we Potifari ko Yozefu yagerageje kumugirira nabi. Potifari yumvise iyo nkuru, ajyana Yozefu muri gereza.

Ikibazo: Kuki Yozefu yahakaniye Muka Potifari kandi byaratumye ajugunywa muri gereza? [Yozefu yari azi ko gukorana ibiteye isoni na Muka Potifari byari kubabaza Imana bikamubera icyaha. Nubwo byatumye ahura n’ibibazo, Yozefu yaharaniraga kunezeza Imana kuruta ibindi byose].

“...Shebuja wa Yosefu aramujyana, amushyira mu nzu y’imbohe bakingiraniramo imbohe z’umwami, aba muri iyo nzu y’imbohe.²¹ Ariko Uwituka aba kumwe na Yosefu, amugirira neza, amuha kugirira umugisha ku murinzi w’iyo nzu y’imbohe.²² Uwo murinzi arindisha Yosefu imbohe zose zari muri ya nzu y’imbohe, ibyo bakoreragamo byose ni we wabikoreshaga.” (Itangiriro 39:20-22).

Ikibazo: Intera ya kabiri Yozefu yazamuwemo ni iyihe? [Yagizwe umukuru w’abanyururu n’ibyabo byose].

Ikibazo: Ni gute Yozefu yafashe icyari kibi akakivanamo icyiza? [Ikindi, atitaye kubyo yarimo, yabaye igisonga cyiza, ndetse yita kubyo yaragijwe byose].

Undi murimo wakurikiyeho kuri Yozefu wo wari munini kurushaho. Farawo, umuyobozi wa Egiputa abwira Yozefu ati, “...nta wundi munyabwenge w’umuhanga muhwaye, 40. nguhaye gutwara urugo rwanjye kandi abantu banjye bose bazumvire icyo utegetse, ku ntebe yanjye y’ubwami yonyine nzagusumba.”⁴¹. Farawo abwira Yosefu ati “Dore nkweguriye igihugu cya Egiputa cyose.” (Itangiriro 41:39-41).

Ikibazo: Ese intera ya gatatu Yozefu yateye ni iyihe? [Yagizwe igisonga yungiriza umuyobozi wa Egiputa]!

Ikibazo: Kuki Yozefu yazamuwe muntera akagera ku ntera Why was Joseph promoted to second in command of all of Egypt? [Kubw’ ubwenge n’ubumenyi].

Ikibazo: Umuntu wigeze kuba umugaragu w’imbata, agenda azamuka agera no ku mwanya wa kabiri mu gihugu cyose cya Egiputa. Yozefu yari afite indangagaciro enye (4) zamufashije gukora ibyo yakoze byose. Ugendeye kubyo twavuzeho byose ushobora gutekereza izarizo? [Kwizerwa, Guca bugufi, kuba igisonga cyiza, ubwenge].

Kwizerwa

Yozefu yari umwizerwa ku Mana mu byo yakoze byose (no kubyo atakoze)! Yahisemo guhesha icyubahiro Imana mu migendere ye yirinda ibibi.

Ikibazo: Ni gute wahitamo guhagarara ku Imana uyu muni? [Kwirinda ibibi ugakora ibyiza].

Kwicisha bugufi

¹⁵ Farawo abwira Yosefu ati “Narose none nta wushobora kuzisobanura. Numvise bavuga yuko ubasha gusobanura inzozo bakurotoreye.”¹⁶. Yosefu asubiza Farawo ati “Si jye, Imana ni yo iri busubize Farawo amagambo y’amahoro.” (Itangiriro 41:15-16).

Yozefu yicishije bugufi ashyira Imana hejuru muri byose kuko yamenye neza ko Imana ariyo yamuhaye ubwenge no gusobanukirwa.

Ikibazo: Ni ibiki wavuga ko ari Imana yabikubashishije uyu muni? [Ubuzima, gushobora gutekereza, kubona ibidutunga].

Inshingano

“Uhereye igihe yamugiriye igisonga cy’urugo rwe n’icy’ibintu bye byose, Uwituka aha umugisha urugo rw’uwo Munyegiputa ku bwa Yosefu, umugisha w’Uwituka uba ku byo atunze byose, ibyo mu rugo n’ibyo mu mirima no mu gasozi. 6 Abitsa Yosefu ibyo atunze

byose, mu byo amubikije ntiyagira ikindi azenzura, keretse kwita ku byo yajyaga aya. Yosefu yari mwiza wese, afite mu maso heza. ...” (Itangiriro 39:5-6).

Yosefu yagenzuraga neza ibyo yashingwaga byose.

Ikibazo: Ni ibiki ushobora kwitaho neza uyu muni? [imirimo, umukoro, kuba ku gihe].

Ikibazo: Kuki ari ngombwa gukora neza no mu nshingano zoroheje? [Kugira ngo bigutegurire inshingano nini kurushaho, kugira ngo ugirirwe icyizere n’ababyeyi, abarimu, inshuti, abatoza babigusabye].

Ubwenge

“Nuko Farawo nashake umuntu w’umunyabwenge w’umuhanga, amuhe ubutware bw’igihugu cya Egiputa.³⁴ Farawo ashireho abahunikisha, ahunikishe igice cya gatanu cy’ubutaka bwa Egiputa mu myaka y’uburumbuke, uko ari irindwi. ³⁵ Bateranye ibihunika by’iyo myaka myiza igiye gutaha, bahunike mu midugudu imyaka y’impeke izatunga abantu, itegukwe na Farawo, bayirinde. ³⁶ Kandi ibyo bihunika bizabera igihugu ibibikiwe imyaka irindwi y’inzara izatera mu gihugu cya Egiputa, igihugu cye kumarwa n’inzara.”

³⁷ Iyo nama inezeza Farawo n’abagaragu be bese. ³⁸ Farawo abaza abagaragu be ati “Tuzabona hehe umuntu umeze nk’uyu, urimo umwuka w’Imana?” ³⁹ Farawo abwira Yosefu ati “Kuko Imana ikweretse ibyo byose nta wundi munyabwenge w’umuhanga muhwaye, ⁴⁰ nguhaye gutwara urugo rwanjye kandi abantu banjye bese bazumvire icyo utegetse, ku ntebe yanjye y’ubwami yonyine nzagusumba.” (Itangiriro 41:33-40).

Akoresheje bwenge Yosefu yakijije igihugu cyose inzara ikomeye bityo akiza ubuzima bw’abantu benshi.

Ikibazo: Ese uribuka ubwenge icyaricyo? [Ubwenge ni ukumenya igikwiriye ugendeye ku cy’Imana ivuga maze ugakoresha ubwo bumenyi neza].

Ikibazo: Ubwenge buva he? Bibiliya ivuga ngo, “Uwiteka ni we utanga ubwenge, Mu kanwa ke havamo kumenya no kujijuka.” (Imigani 2:6)].

Ikibazo: Ni iki Yosefu yize kubijyanye no gukorera Imana? [Yosefu yasobanukiye ko ashobora gukorera Imana yaba ri mu rugo ahinga, yaba ari umugaragu w’imbata, cyangwa yaba ari umuyobozi wungirije w’igihugu cyose cya Egiputa].

Ikibazo: Yosefu yabaye umuntu ukomeye ate? [Yosefu ntiyazamuwe no gutegereza ko abanda aribo bamukorera, yakomejwe nuko yacaga bugufi agafasha abanda agakora ibyo Imana imusabye gukora]

Umva ibyo Yesu yavuze, ²⁶ **Ariko muri mwe si ko biri, ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe ajye aba umugaragu wanyu, ²⁷ kandi ushaka kuba uw’imbere muri mwe, ajye aba**

imbata yanyu, 28. nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi.” (Matayo 20:26-28).

Ikibazo: Ni gute waba umuntu ukomeye? [Mu gufasha abandi].

Ikibazo: Ni gute waca bugufi ukaba umugaragu w'abandi?

- Mu rugo
- Ku ishuli
- Mu mirimo
- Ku itorero

ISOMO # 6: MOSE & AMATEGEKO ICUMI

Gusubiramo

Ibibazo byo mucyumweru cyashize n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu muni

“Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose n’imbaraga zawe zose. 6. Aya mategeko ngutegeka uyu muni ahore ku mutima wawe.” (Guteg 6:5-6).

Indangagaciro

Ufite imbaraga mu magambo no mu bikorwa

Ikibazo cyo kuganiraho

Uramutse uribushyireho itegeko rimwe gusa abantu basabwa gukurikiza, iryo tegeko ryaba irihe?

Iriburiro

Umugabo witwa Dwight Moody ni umwe mu bantu bubatse amateka mu bakozi b’Imana. Yagenze ibirometero birenga miliyoni (1,000,000), yabwirije abantu barenga miliyoni ijana (100,000,000), ndetse ayobora amamiriyoni y’abantu abageza kuri Yesu Kristo. Umunsi umwe muri Chicago honyine abantu barenga 130,000 bitabiriye amateraniryo ye. Uyu muni azwi nk’umuntu watangije ishuli ryitwa Moody Bible Institute muri Chicago.

Ku myaka 23, Moody yahamagariwe ku bwiriza abimukira mu mugi wa Chicago. Yaganirizaga abantu mu mashuri no mu byumba bya sinema. Yabashije kugera ku bantu batashoboraga kujya mu rusengero. Yari azwi cyane kandi yageze kuri byinshi. Ariko hari indi mpamvu yatumye atera imbere bene ako kageni. Nuko iteka yasabaga Imana guhora imwuzuzwa Umwuka wayo Wera. Umunsi umwe Imana yiyereka Moody imusaba gukomeza “kuyibera ukuboko.”

Nyuma y’iryo yerekwa Moody yaravuze ati, “Nasubiye kubwiriza. Ibibwirizo ntabwo byari bitandukanye n’ibya mbere; nta kundi kuri gushyamba, ariko amagana n’amagana y’abantu bakiriye Yesu. Naho wampa isi yose nko nsubire aho nari ndi mbere y’uyu musisha w’iri yerekwa.”

Nkuko Imana yagize Dwight Moody umubwirizabutumwa ukomeye, ni nako Mose yahinduye Mose umuyobozi mwiza n’umuntu ushobora kuvuga mu ruhame.

Ubusobanuro

Amezi atatu guza bakiva muri Egiputa, Abisirayeli bavuye mu kidaturwa bagera mu butayu nuko bashing amahema imbere y’umusozi munini witwa Sinayi. Imana ihamagara Mose iri ku musozi iramubwira iti, “Ndashaka kuguha amabwiriza nawe uyageze ku bantu bose,” nuko Imana iha Mose amategeko icumi.

Mose yatumwe n’Imana kuba umucunguzi w’Abisirayeli, nuko Mose ayobora imiryango yose y’Abisirayeli ayivana muri Egiputa, akorehwa imirimo n’ibitangaza byinshi muri Egiputa no ku

inyanja itukura. Hari hafi abantu bagera kuri miliyoni ebyili mu gihe cyo Kuva mu Misiri (Kuva bisobanura kwimuka) nuko Mose abajyana mu rugendo rwo mu butayu.

Ku muni wa gatatu bamaze ku musozi Sinayi, Mose ategura guhura n’Imana imbere y’abantu bose.

Mose n’Amategeko icumi

(Umurongo: amagambo ava mu Kuva 19, Kuva 20:1-17)

“Abwira abantu ati “Umunsi wa gatatu uzasange mwiteguye, ntimuterane n’abagore banyu.” 16. Ku wa gatatu mu gitondo inkuba zirakubita, imirabyo irarabya, igicu gifatanye kiba kuri uwo musozi. Ijwi ry’ihembe riranga cyane rirumvikana, abantu bose bari mu ngando z’amahema bahinda imishyitsi. 17. Mose azana abantu akuye mu ngando gusanganira Imana, bahagarara muni y’uwo musozi. 18. Umusozi wa Sinayi wose ucumba umwotsi, kuko Uwiteka yawumanukiyeho aje mu muriro. Umwotsi wawo ucumba nk’uw’ikome, umusozi wose utigita cyane. 19. Ijwi ry’ihembe rirushijeho kurenga Mose aravuga, Imana imusubirisha ijwi”

Icyitonderwa: Saba itsinda ryose guosma amategeko rimwe ku rindi, nibamara gusoma buri tegeko ujye ubabaza icyo risobanura. (Amategeko icumi aboneka mu Kuva 20:3-17).

1. **“Ntukagire izindi mana mu maso yanjye.** Kuramya Imana yonyine. Imana irashaka umwanya wa mbere #1 mu buzima bwawe.
2. **“Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n’ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka cyangwa mu mazi yo hepfo y’ubutaka. Ntukabyikubite imbere.** Uramye Imana yonyine mu nzira yateganyije ko dukoresha tumuramya.
3. **“Ntukavugire ubusa izina ry’Uwiteka Imana yawe.** Ubahisha Imana mu mvugo yawe no mu byo ukora.
4. **“Wibuke kweza umunsi w’isabato. Mu minsi itandatu ujya ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y’Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho ... kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n’isi n’inyanja n’ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w’isabato, akaweza”.** Jya ufata umunsi wo kuruka uwukoreshe nk’impano yo kubahisha Uwiteka.
5. **Wubahe so na Nyoko.** Wubahe kandi wumvire ababyeyi bawe.
6. **Ntukice.** Jya wubaha ubuzima bw’abandi.
7. **Ntugasambane.** Wubahishe Uwiteka umubiri wawe; ibitekerezo, amagambo n’ibikorwa byawe bitungane.
8. **Ntukibe.** Wubahe umutungo w’abandi.
9. **“Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe. (Ntukabeshye).** Imana irashaka ko ukunda ukuri kandi imibereho yawe ikarangwa na ko.
10. **“Ntukifuze ... icyaricyo cyose cya mugenzi wawe.** Jya unyurwa n’ibyo ufite.

Ikibazo: Kuki Imana yahaye Abisirayeli amategeko icumi? [Kugira ngo ibigishe uko babasha gukunda Imana no gukundana buri wese na mugenzi we].

Ikibazo: Kuki Mose yatoranyijwe n’Imana ngo ayobore Abisirayeli ndetse ikamuha amategeko icumi ngo ayegeze ku Abisirayeli? [Mose yarangwaga n’ibintu bitatu: Ubwenge, ubuyobozi & kubaha Imana rwose].

Ubwenge

“²²Mose yigishwa ubwenge bwose bw’Abanyegiputa, agira imbaraga mu magambo ye no mu byo akora.” (Ibyakozwe 7:22). Mose ashobora kuba ari we wari warize cyane mu Abisirayeli bese kandi yari umuyobozi ufite imbaraga.

Ikibazo: Kuki Mose yari akeneye ubwenge? [Mose yigishije abisirayeli amategeko n’amateka y’Imana. Mose kandi yari umucamanza w’ubwoko bw’Abisirayeli (Kuva 18:20)].

Ikibazo: Ni abaha bayobozi mu gihugu cyacu bakeneye ubwenge? [Perezida wacu, abacamanza, abasenateri, abadepite, abahagarariye police].

Ikibazo: Kuki ababyeyi bawe bakeneye ubwenge? [Kugira ngo bakwigishe icyiza n’ikibi, kugufasha guhitamo neza, kukwigisha Ijambo ry’Imana].

Ikibazo: Kuki ukeneye ubwenge? [Kugira ngo umenye ibyo Imana yemera ko ari byiza no kubasha gufata ibyemezo bizima].

Ubuyobozi

Ikibazo: Ni gute Mose yigishije amategeko y’Imana? [Yababeraga icyitegererezo].

Ikibazo: Ni iki cyatumye Mose aba umuyobozi mwiza? [Mose yeretse abisirayeli uko bakwiriye kubaho. Imana yari ikeneye umuntu washoboraga kuyobora abantu mu kubabera icyitegererezo. Ese Imana yashoboraga gutoranya umuntu utabasha kumvira amategeko icumi ngo abe ariwe iyaha ngo ayigishe abandi?].

Ikibazo: AbaPapa: Ni iki wakora kugira ngo ube umuyobozi mwiza? [Kuba intangarugero]. Bibiliya iravuga iti, “¹²Ntihakagire uhinyura ubusore bwawe, ahubwo ube icyitegererezo cy’abizera ku byo uvuga, no ku ngeso zawe no ku rukundo, no ku kwizera no ku mutima uboneye.” (1 Tim 4:12).

Ikibazo: Abana: Ni iki wakora ngo ube umuyobozi mwiza? [Kwiga gufata ibyemezo byiza, kumenya ikibi n’icyiza nkahitamo icyiza, no kuba umuntu ukora neza ibyo asabwe gukora].

Gutinya Uwiteka

Ikibazo: Gutinya Uwiteka ni iki? [Kubaha Imana mu buryo bukomeye]. Uku gutinya Imana niko kwatumye Mose agira izi ndangaciro yari akeneye kugira ngo ayobore abisirayeli. Tuzaganira kuri Mose no ku gutinya Uwiteka mu isomo ryacu rikurikira.



Ubutumwa Bwiza – na Pete Jones – Fairhope, AL

Mose ni “Intwari ikomeye” yo muri Bibiliya. Mose yari yarize araminuza, afite ubwenge kandi afite imbaraga mu mvugo no mu bikorwa bye. Abisirayeli bari mu buretwa muri Egiputa maze Imana itoranya Mose ngo abe ariwe ubayobora abakure mu buretwa abajyane mu mudendezo. Imana iha Mose amategeko icumi – amabwiriza – yo gufasha abisiyareli kugendera mu nzira zikwiriye. Ariko iyo umuntu yicaga itegeko rimwe – habe nubwo yaryica mu bikorwa cyangwa mu bitekerezo bye gusa bikamenyekana – yahitaga afatwa nk’uwishe amategeko. Kandi igihano cyari ugutandukanywa n’abandi bantu.

Iyi ni inkuru y’ukuri, ariko nubwo ari iy’ukuri itwigisha ukundi kuri kugari cyane. Nkuko abisirayeli bari mu buretwa ntacyo bashoboye kwimarira keretse babonye undi muntu wo kuza akabakiza, natwe turi mu buretwa bw’ibyaha – iyo twishe amategeko y’Imana tuba dukwiriye guhanwa. Kandi icyo gihano ni ugutandukanywa iteka n’Imana – urupfu.

ARIKO – turashima Imana ko hari indi ntware ikomeye cyane kurusha Mose – Yesu. Yabayeho kw’isi akiranuka nta tegeko na rimwe yigeze yica n’umunsi n’umwe. Kandi uyu Yesu, umuziranenge, Umwana w’Imana, yapfuye kubw’ibyaha byacu, yishyiraho ibihano nje nawe twari dukwiriye, kugira ngo tudatandukanywa n’Imana. Yesu niwe nzira yonyine tuboneramo ubusabane n’Imana.

Iyo abisirayeli batizera Mose ngo bemere kumukurikira ngo abavane muri Egiputa, ubu baba bakiri imbata muri Egiputa. Nawe niwanga kwizera Yesu ngo agukize ibyaha byawe, uzahora uri imbata iteka ryose. Niba ushaka kubaturwa ukava mu byaha, izere ko ibyo Yesu yagukoreye bihagije, maze ufate icyemezo cyo kumwakira ngo akubere Umwami n’Umukiza: Mwami Yesu – warakoze kubwo gupfa kubwanjye kugira ngo mbohorwe mvanwe mu gihugu cy’uburetwa bw’ibyaha. Mfasha uhareye nonaha kubaho mu buzima ngendera mu nzira zawe.



ISOMO # 7: MOSE NO KUBAHA UWITEKA

Gusubiramo

Ibibazo byo mu cyumweru cyashize n’umurongo wo gufata mu mutwe

Isomo ry’umurongo w’uyu munsi

“Icyampa bagahorana umutima umeze utyo ubanyubahisha, ukabitonderasha amategeko yanjye yose, kugira ngo babone ibyiza bo n’urubyaro rwabo iteka ryose!” (Gutekeka2 5:29).

Indangagaciro

Gutinya Imana

Iriburiro

Yigeze kwambukiranya Afurika yose, ibirometero birenga kure 4390, uhereye iburasirazuba ukageza iburengerazuba, akenshi agenda ku maguro. Ubaze ibirometero byose hamwe yagenze Afurika yose birenze 29,000. Yavumbuye ibiyaga bitandukanye n'imigezi itandukanye abandi batari bakegezeho ndetse ninawe wavumbuye amasumo y'ikiyaga cya Victoria. Inzandiko na raporo ze zari zaramugize igihangange n'intwari yok u rwego rw'igihugu cye cya Scotland. Yari yaravuye iwabo mu Bwongereza mu mwaka wa 1865, ateganya kuzagaruka mu myaka ibiri. None, imyaka itandatu yari ishize, ataboneka ari muri Afurika mu ishamba imbere.

Mu kwezi kwa cumi (Ukwakira) 1869, James Bennett Jr., umwanditsi mukuru w'ikinyamakuru cyitwa *New York Herald* ateguka umunyamakuru we witwa Henry Morton Stanley kuyobora itsinda rya bagenzi be muri Afurika baza gushakisha uwo mushakashatsi. Nuko Stanley azana n'itsinda rinini bomokera i Zanzibar mu kwezi kwa gatatu (Werurwe) 1871. Yari yarumvise impuha z'uko hari umugabo w'umuzungu wari wabonetse hafi y'ahantu hitwa Ujiji, ni mubirometero birenga 750 uvuye ku Nyanja aho. Bamaze gukora urugendo rw'iminsi 200, Stanley afatwa na Malariya y'igikatu igera no ku bwonko, inzara no guhitwa bikabije. Urugendo rwarangiye bitatu bya kane byabo barahunze cyangwa se barapfuye.

Taliki ya 10 Ugushyingo, nkuko bigaragazwa na ajenda ye, Stanley yageze ahitwa Ujiji. Umusaza umwe anyura ku bantu benshi bari bashungereye Stanley. Nuko akuramo ingofero ye amuhereza akaboko aramusuhuza. Stanley avuga amagambo y'icyubahiro yaje mu bitekerezo bye: "Ndayeka ko uri Dr Livingstone?"

Undi amusubiza yitonze ati, "Yego".

Nubwo ubushakashatsi Livingstone yagezezi bwamugize intwari ku rwego rw'igihugu, iyo usomye ibyo yanditse usangamo ko byamutwaye ikiguzi gikomeye: indwara za hato na hato, gupfusha umugore we n'abana barenze umwe. Ariko intego ye nyamukuru mu bushakashatsi bwe, yari ugufungurira amarembo Ubutumwa Bwiza ngo bugere muri Afurika. Mu ibaruwa yandikiye se yaranditse ati: "Mu gihe kirekire nagiyeye ngira agahinda nyuma yo kubwiriza ubutumwa bw'ubutunzi butagereranywa ku mitima ibunyotewe; ariko ... nzi neza ko Ubutumwa Bwiza ari imbaraga z'Imana – nibwo ikoresha ngo ireme kandi ibesheho iyi si yacu yangirijwe."

Dr. Livingstone yubahaga Uwituka maze Imana imubashisha kwihanganira imibabaro no kugera kuri byinshi kubw'Imana. Uyu munsu turakomeza guhura na Mose, gutinya Imana kwa Mose kwamufashije kuba umuyobozi w'abisirayeli.

Gusubiramo

Amezi atatu bavuye muri Egiputa – bashinga amahema hafi y'umusozi Sinayi.

"Uwituka abwira Mose ati "Dore ndaza aho uri ndi mu gicu gifatanye, kugira ngo abantu bumve mvugana nawe maze bakwemere iteka ryose." (Kuva 19:9).

Ku munsu wa gatatu bari mu nkambi ku musozi Sinayi, Mose ategura guhurira n'Imana ku musozi Sinayi imbere y'abantu bose. Nuko abaha Amategeko Icumi.

Mose & Gutinya Uwituka
(Umurongo: Gutegeka 25:27-33)

“Ba ari wowe wigira hafi wumve ibyo Uwiteka Imana yacu ivuga byose, utubwire ibyo Uwiteka Imana yacu iri bukubwire byose, natwe turabyumva tubyitondere.” 28. Uwiteka yumva amagambo yanyu mumbwiye, arambwira ati “Numvise amagambo ubu bwoko bukubwiye, ibyo bavuze byose babivuze neza. 29. icyampa bagahorana umutima umeze utyo ubanyubahisha, ukabitonderesha amategeko yanjye yose, kugira ngo babone ibyiza bo n’urubyaro rwabo iteka ryose! 30. Genda ubabwire uti ‘Nimusubire mu mahema yanyu.’ 31. Ariko wowe ho uhagarare aho ndi hano nkubwire icyo ntegeka cyose, n’amategeko n’amateka ukwiriye kubigisha, kugira ngo bazabyitonderere mu gihugu mbaha guhindūra.” 32. Nuko mujye mwitondera ibyo Uwiteka Imana yanyu yabategetse, ntimugatambikire iburyo cyangwa ibumoso. 33. Mujye mugenda mu nzira yose Uwiteka Imana yanyu ibayoboye, kugira ngo mubeho mubone ibyiza, muramire mu gihugu muzahindūra.”

Ikibazo: Ese uribuka gutinya Uwiteka icyo bisobanura? [Ni ukubaha Uwiteka bikomeye cyane].

Ikibazo: Kuki Imana yashakaga ko Abisirayeli bayubaha bikomeye cyane? [Kugira ngo bitondere amategeko y’Imana].

Ikibazo: Ni kuki ari ngombwa kwitondera amategeko y’Imana uyu muni? [Kuko Imana izi neza ko abantu bakora ibyiza iyo babayeho bagengwa n’Ijambo ry’Imana bakitondera amategeko yayo].

Ubutaha n’ujya gukoresha isabune cyangwa amavuta utunganya umusatsi, uzasome amabwiriza yanditse ku icupa ryayo. Hari igihe haba handitse amagambo ashaka gusobanura ngo “kugira ngo bikugendekere neza ...” Iyo ikintu gikozwe, gikorerwa kugera ku musaruro mwiza wagenwe iyo ugikoresha yubahirije amabwiriza y’uwagikoze. Natwe nk’abantu, tugera ku ntego iyo twumviye amabwiriza y’Imana kuko ariyo yaturemye.

Ikibazo: Amwe mu mategeko Imana ishaka ko twubahiriza uyu muni ni ayahe? [Gukunda Imana no gukunda mugenzi wawe, kubaho mu kuri, kwirinda ikibi].

Ubuyobozi bwa Mose

Ikibazo: Ni izihe ndangagaciro umuntu akeneye ngo abe umuyobozi mwiza? [Kubaha Imana kwa Mose kwamuremyemo ibintu bine byamufashije kuyobora ubwoko bw’Imana: Kumvira Imana, ukwizera amategeko y’Imana, ubwenge n’umurava]. Reka tunganire kuri izi ndangagaciro uko ari enye:

1. **Kumvira:** Bibiliya iravuga iti, “**Mose na Aroni bagenza batyo, uko Uwiteka yabategetse aba ariko bakora.**” (Kuva 7:6). Mose yumviye Imana ndetse agakora ibintu byose nk’uko Imana yabimusabye. Mose yayoboraga aba intangarugero, kandi kubw’urugero rwe, benshi nabo bagakurikiza amategeko y’Imana.

Ikibazo: Ni gute wakumvira Imana uyu muni? [Kwitondera amategeko yayo].

2. **Kwizera:** Bibiliya ivuga ko, “**Kwizera ni ko kwatumye ava muri Egiputa ntatinye umujinya w’umwami ... Kwizera ni ko kwatumye baca mu Nyanja Itukura nk’abaca**

ku musozi...” Abaheburayo 11:27-29). Mose yizeraga Imana, kandi kuko yiringiraga Imana ikamuyobora, byatumye abantu benshi biringira Imana.

Ikibazo: Ni gute kwizera kwawe kwafasha abandi? [Imibereho yawe yabera abandi icyitegererezo: ubunyakuri bwawe, ingeso n’imigenzereze yawe].

3. **Ubwenge:** Bibiliya iratubwira ngo, **“Bukeye bwaho Mose yicazwa no gucira abantu imanza...” (Kuva 18:13).** Abantu basangaga Mose kugira ngo babone ibisubizo by’Imana kubibazo byabo. Mose yashoboraga kubasubiza kuko yari azi amategako y’Imana.

Ikibazo: Ni gute ubwenge bwawe bwagufasha ndetse bugafasha n’abandi? [Bugufasha kumenya kubaho nk’uko Imana ishaka, ndetse bukakubashisha guhitamo neza no gufasha abandi guhitamo neza].

4. **Ubutwari:** Ese uribuka ubwoba abisirayeli bari bafite ubwo imbere hari inyanja itukura, inyuma yabo hari ingabo za Farawo? **“Mwitinya mwihagararire gusa, murebe agakiza Uwiteka ari bubazanire uyu munsi...” (Kuva 14:13).** Kwizera kwa Mose kwamubashishije gushira ubwoba, bituma abisirayeli babona kugomera kw’Imana ndetse barayingira.

Ikibazo: Ni gute wakwerekana umurava uyu munsi? [Gushikama ku ljambo ry’Imana mu bihe uko byaba bimeze kose: mu rugo, ku ishuli, mu mirimo, hamwe n’inshuti].

Ikibazo: Ni gute wabasha kugira kwubaha Imana bikomeye cyane? [Kubaha no gutinya Imana bishobora kwigwa no kubakwa, nkuko kwitoza umukino runaka kenshi ugera aho ukawumenya neza].

Ibyanditswe biravuga biti, **“Uzajye uteranya abantu, abagabo n’abagore n’abana bato, n’umusuhuke w’umunyamahanga uri iwanyu kugira ngo bayumve, bayige bubahe Uwiteka Imana yanyu ...” (Gutegeka2 31:12).**

Ikibazo: Ni mu zihe nzira wabasha kumvamo ljambo ry’Imana? [Gutega amatwi ljambo ry’Imana mu masengesho mu rugo iwanyu, Ishuli ryo ku cyumweru, mu materaniro ku itorero, amasengesho, ibitabo bya Gikristo, no mu ndirimbo z’Imana ni bumwe mu buryo wabasha kumviramo ljambo ry’Imana].

Ikibazo: Ni gute gutinya Imana byagufasha uyu munsi? [Wasobanukirwa icyiza n’ikibi. Wagira ubumenyi bugufasha gufata ibyemezo bizima no kwirinda gufata ibyemezo bibi].

Umva ibyo umgabo witwa Charles Carlson yavuze ku gutinya Iman:

“Dukeneye kumenya gutinya Uwiteka – guhindishwa umushyitsi, gutangara guhebuje kw’Imana yera. Kubaha Uwiteka niryo tangiriro ry’ubwenge: byerekana ko ibyaremwe byose bigengwa n’Imana; kumva imbaraga z’Imana no gutungana kwayo guhebuje...” (Colson, The Body, pg. 376).

Mose yari afite uku gubaha Uwiteka, ugukomera gutangaje kw’Imana itunganye yiyeretse Mose mu gihuru cyaka umuriro. Kandi uku kubaha Imana niko kwabashishije Mose gukuzza indangagaciro Imana yari imukeneyeho ngo abashe kuyobora ubwoko bw’Abisirayeli.

Umva ibyo Yesaya, umuhanuzi wo mu Isezerano rya kera avuga ku bwoko bw’abisirayeli, **Kuko aba bantu banyegera bakanyubahisha akanwa kabo n’iminwa yabo, ariko imitima yabo bakayinshyira kure” (Yesaya 29:13).**

Ikibazo: Ugendeye ku murongo tumaze gusoma, ni gute Imana yifuza ko wayubaha buri muni? [Imana irifuza ko tutayubahisha ibyo tuvuga gusa, ahubwo ko tuyubahisha n’ibyo dukora].



Ubutumwa Bwiza – by Jeff Jackson – Dallas, TX

Ni gute twabaho nka Mose aho Imana igendana natwe, ikaganira natwe ndetse ikaduha izi ndangagaciro uko ari enye: kumvira, kwizera, ubwenge n’umurava? Usabwa kumenya Imana.

Ni gute twabasha kumenya Imana? Birumvikana ko benshi muri twe tutazabasha kujya ku musozi nka Mose ngo tunganirize Imana amaso ku maso niyo mpamvu Imana yatumye Umwana wayo kugira ngo tubashe kuyimenya. Bibiliya iravuga muri Yohana 3:16 – “Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.”

Yesu yatanze umwanya we w’icyubahiro mu bwami bw’ijuru kugira ngo nje nawe tubashe kugendana no kuganira n’Imana. Yesu yatubereye icyitegererezo cy’umurava, kwizera no kumvira n’ubwenge kuko yemeye gupfa ku musaraba kubw’ibyaha byacu. Tekereza ku kwitanga gukomeye Imana yakoze ubwo yemeraga gutanga Umwana wayo w’ikinege kugira ngo nje nawe tuzaragwe ubugingo buhoraho.

Niba wifuza kumenya Yesu no kubana nawe iteka ryose senga iri sengesho (amagambo ntagaciro afite ahubwo igifite agaciro imbere y’Imana ni icyo wifuza ku mutima wawe):

Data nzi ko watumye Umwana wawe kuri iyi ngo aze abeho ubuzima butagira icyaha kuko nje ntabibasha. Mu ijambo ryawe wavuze yuko ninizera Umwana wawe Yesu Kristo, nkatura n’akanwa kanjye ndetse n’umutima wanjye ko Yesu yapfuye ku bw’ibyaha byanjye ko uri uwo kwizerwa kandi ubasha kumbabarira no kunyakira mu muryango wawe. Yesu, ndagusaba ko waza ukinjira mu bugingo bwanjye ukambara Umwami n’Umukiza. Amen

ISOMO # 8: YOSUWA

Gusubiramo

Ibibazo byo mucyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu munsu

“Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwituka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose.” (Yosuwa 1:9).

Indangagaciro

Umurava & ubuyobozi

Ikibazo cyo kuganiraho

Ese hari igihe waba warigeze gusabwa kuba umuyobozi? (mu rugo, ku ishuli, mu mukino)? Tubwire uko byagenze.

Iriburiro

Ikibazo cy’ubucakara no kumva ko hari igikwiriye gukorwa ngo bihagarare byari bihagije gutera imbaraga Abraham Lincoln zo kwinjira muri politiki. Mu 1846 yatowe kujya mu nteko ishingamategeko ya Leta zunze ubumwe za Amerika. Yatsinzwe kane kugera ubwo atowe kuyobora Amerika mu mwaka wa 1860.

Uhereye ubwo yinjiraga mu biro, yari afite intego ebyili yashuize imbere: kurangiza intambara no kugumishaho ihuriro. Nubwo yagiye atsindwa, ntiyigeze acika integer. Yafataga Bibiliya nk’ishingiro ry’ubuzima: “Iki gitabo gikomeye [Bibiliya] ... ni impano nziza Imana yahaye umuntu ... kubwayo tubasha kumenya icyiza n’ikibi.” Ariko byasabye ko asura ahitwa Gettysburg, akahabona imva z’abasirikare ibihumbi n’ibihumbi nibwo yemeye kwakira Yesu Kristo. Kwizera Yesu Kristo kwe ndetse n’ubuyobozi bwe byakuye iki gihugu cya Amerika mu ntambara mbi y’ubutita. Lincoln yizeraga ko yatoranyijwe “mu gihe gisa nk’iki”

Abraham Lincoln yakuraga muri Yesu Kristo imbaraga n’umurava yari akeneye ngo ayobore igihugu nka Perezida. Uyu munsu turahura n’intwari yari ekeneye umurava no gushira ubwoba kugira ngo ayobore abisirayeli.

Ubusobanuro

Yosuwa yari umfasha wa Mose watoranirijwe n’Imana kuyobora abisirayeli Mose amaze gupfa. Yosuwa niwe wagombaga kuyobora abisirayeli akabageza mu gihugu Imana yari yarasezeranije Aburahamu n’abazamukomokaho. Mu gihe iminsi yegerezaga yo kuba Yosuwa yatangira kuyobora, Imana yamuhaye iri tegeko: **“...Komera ushikame, kuko uzajyana Abisirayeli mu gihugu narahaye ko nzabaha, nanjye nzabana nawe.” (Kuguteka2 31:23).**

Yosuwa

(Umurongo: Yosuwa 1:1-9)

“Ubwo Mose umugaragu w’Uwituka yari amaze gupfa, Uwituka abwira Yosuwa mwene Nuni umufasha wa Mose ati 2“Umugaragu wanjye Mose yarapfuye, none ubu haguruka wambukane n’aba bantu bose ruriya ruzi rwa Yorodani, mujye mu gihugu mbahaye mwebwe Abisirayeli. 3.Aho muzakandagira hose ndahabahaye nk’uko nabwiye Mose. 4

Uhereye mu butayu no kuri uriya musozi Lebanoni ukageza ku ruzi runini rwitwa Ufurate, igihugu cyose cy'Abaheti no kugeza ku Nyanja Nini y'iburengerazuba, ni rwo rugabano rwanyu. 5. Nta muntu n'umwe warinda kuguhagarara imbere iminsi yose yo kubaho kwawe. Nk'uko nabanaga na Mose ni ko nzabana nawe, sinzagusiga kandi sinzaguhana.

6. Komera ushikame, kuko uzatuma aba bantu bazungura igihugu narahiye ko nzaha ba sekuruza babo. 7. icyakora ukomere ushikame cyane, kugira ngo witondere amategeko yose umugaragu wanjye Mose yagutegetse. Ntuzayateshuke uciye iburyo cyangwa ibumoso, kugira ngo ubashishwe byose aho uzajya hose. 8. Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na nijoro kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose. 9. Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwituka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose.”

Ikibazo: Mu byumweru bishize tumaze igihe tunganira ku biranga intwari zacu zo muri Bibiliya. Ese indangagaciro ni iki? [Indangagaciro ni ibyo umuntu aha agaciro mu buzima].

Ikibazo: Yosua yari afite indangagaciro enye zatumye abasha kuyobora ubwoko bwose bw'abisirayeli. Uraheka ko ari izihe? [Kwizera Imana, Kumvira Imana, imbaraga, & umurava]. Reka tuzivugeho:

Kwizera:

Ikibazo: Ni irihe sezerano Imana yahaye Yosua, mu gihe abisirayeli biteguraga kwambuka Yorodani ngo binjire mu gihugu cy'isezerano? [Nkuko Imana yabanye na Mose, Izabana na Yosua aho azajya hose].

Ikibazo: Uratekereza ko ubu buhanuzi bwafashije ute Yosua kwizera Imana? [Yosua yari yarabonye ibyo Imana yari yarakoreye Mose byose. Iri sezerano ry'Imana ryatumye adashidikanya ko ibyo Imana ivuze no kubikora izabikora].

Ikibazo: Ukwizera kurangwa n'iki ngo kube gufite umumaro? [Kwizera kurangwa n'ibikorwa].

Ibyanditswe bivuga ko, “Cyangwa se, hagira mwene Data w'umugabo cyangwa w'umugore wambaye ubusa, kandi akaba abuze ibyokurya by'iminsi yose, maze umwe muri mwe akamubwira ati “Genda amahoro ususuruke uhage”, ariko ntimumuhe ibyo umubiri ukennye byavura iki? Uko ni ko no kwizera iyo kudafite imirimo, ahubwo kuri konyine kuba gupfuye.” (Yakobo 2:15-17). Kwizera kwa Yosua ntacyo kwari kuba kumumariye cyangwa ngo kukimarire abisirayeli mu gihe ayaba adashaka gukora ibyo Imana yamutegetse gukora.

Ikibazo: Ni zihe nzira twakoresha ngo twerekane kwizera kwacu umunsi wa none? [Mu bikorwa. Kwizera kukagaragarira mu mibereho yacu: kuramya, gusoma Bibiliya, gusangira n'abandi, impuhwe].

Kumvira

Yosuwa yaharaniye kwitondera amategeko yose Mose yamuhaye nk'uko Imana yayamutegetse.

Ikibazo: Kuki byari ngombwa ko Yosuwa yumvira ibyo Imana yamutegetse? [Kimwe na Mose, Yosuwa yari umuyobozi w'abisirayeli. Imana yatoranirije Yosuwa kuyobora abera abanda ciyitegererezo; kuko mugihe Yosuwa yumviye amategeko y'Imana, n'abisirayeli nabo bagomba kubikora].

Ikibazo: Uramutse uri umutoza w'ikipe y'umupira, noneho mugihe cy'umukino ugasaba ko Kapiteni agira ukongera ukabisubiramo. Kapiteni w'ikipe akanga kubikora. Wabigenza ute? [Ushobora kuba wamukura mu kibuga]. Kimwe n'umutoza w'ikipe, Imana ntiyifuzaga ko twumva ibyo itubwira ngo ntitugire icyo tubikoraho. Ibyanditswe biravugaga ngo, **“Ariko rero mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka”** (Yakobo 1:22).

Ikibazo: Ni gute wakwereka na ko wumvira Imana? [na none bigaragarira mu bikorwa byawe. Si mu kumva gusa, ahubwo ni mu gukora ibyo Imana ivuze]. Niba wibuka, iyo Bibiliya ivuze ku kumvira, biba bivugaga “kumenya no gusa na Yesu.” Mu gihe witoza amabwiriza y'Imana, ugenda ubimenya neza kurusha; kimwe no kwiga gutwara igare. Kumvira Imana biguhindurira gusa n'Umwana wayo Yesu.

Imbaraga

Ni gute Imana yamenye ko Yosuwa afite imbaraga? [kuko yigaga Ijambo ry'Imana akumvira amategeko yayo].

Ikibazo: Ni gute wabasha kugira imbaraga uyu muni? [ubwenge buguha imbaraga]. Kumenya gutandukanya icyiza n'ikibi ugahitamo icyiza akaba aricyo ugenderamo, bisaba imbaraga ziruta izo gukora ikibi.

Ubutwari:

Yosuwa yagombaga kuyobora abisirayeli mu gihugu bari guhuriramo n'abanzimbenshi. Ariko Imana yategetse Yosuwa kugira umurava akagira ubutwari. Imana yizeza Yosuwa ko izabana nawe aho azajya hose.

Ikibazo: Ni abahe banzi duhura nabo mu minsi ya none? [Icyaricyo cyose kitemeranya n'Ijambo ry'Imana: ibitekerezo by'ubuyobe ku Mana, inyigisho mbi ziva mu ndirimbo zimwe na zimwe, amwe mu matangazo yamamaza].

Ikibazo: Ni gute wabaho mu nzira z'Imana? [Hitamo gushikama kandi ugendere mu kuri].

Ikibazo: Ni gute Imana yategetse Yosuwa kuyobora abisirayeli? [mu kubabera icyitegererezo mu: kwizera, kumvira, imbaraga n'umurava/ubutwari].

Ikibazo: Ni gute Imana yifuzaga ko wayobora abanda uyu muni? [Ba icyitegererezo].

Mu gihe cyose ubonye umugisha wo kuba umuyobozi, ukumva ari umurimo ugukomereye, uzajye wibuka amagambo Uwitaka Imana yacu yabwiye Yosua wa muni mbere yuko ayobora abisirayeli mu gihugu Imana yari yarasezeranyije Aburahamu, **“Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwitaka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose.”** (Yosuwa 1:9).



Ubutumwa Bwiza – na Brant Bernet – Dallas, TX

Yosuwa yari afite imbaraga, Imana niko yamutegetse (Yosuwa 1:6-7). Yari umusirikare mwiza kandi yizeraga Imana ikamujya imbere ku rugamba. Yari umuyobozi ndetse akaba umwe mu ntwari zikomereye muri Bibiliya. Twese dusabwa kuba ubwoba buri gihe cyose. Ushobora gukenera guhagarara ukamagana umuntu ufite imico mibi ku ishuli kandi icyo cyemezo kizaba gikomereye. Ubuyobozi no kudatinye ntabwo ari ibintu byoroshye. ARIKO, INKURU NZIZA nuko tudasabwa kubikora turi twenyine.

Bibiliya iratubwira iti **“Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.”** (Abafil 4:13) ndetse ko **“Ni (Yesu Kristo) uha uha intege abarambiwe, kandi utibashije amwongeramo imbaraga”** (Yesaya 40:29). Hashize imyaka irenga 2000 Yesu Kristo aje mu isi nk’umuntu akabaho ubuzima butagira inenge, nta cyaha na kimwe yigeze akora. Yakoze ibitarigeze ndetse bitazigera bishoborwa n’umuntu uwariwe wese ... yishyizeho ibyaha byacu byose (ibyaha byawe n’ibya nyje) aremera apfa urupfu rubi rwo ku musaraba w’isoni kugira ngo tubashishwe kuzabana nawe muri Paradizo iteka ryose. Ni muzima kandi n’uyu muni wa none aracyongerera imbaraga n’umurava ku bamuzi bose.

Yohana arandika ati, **“Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane (abo nitwe!) byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege (uwo ni Yesu Kristo) kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo bukoraho (muri Paradizo hamwe nawe).** (Yohana 3:16). Niba wifuza kugirana ubusabane bwihariye n’uyu utanga imbaraga n’umurava, subiranamo nanjye iri sengesho:

“Mwami Yesu, ndi umunyabyaha kandi gukiranuka bindi kure. Ariko nzi ko wazanywe mu isi no kugira ngo unyozwe ibyaha byanjye byose. Warakoze kubwo kwitanga ku musaraba kandi ngusihimiye ko wankijije. Ndifuzza kubaho kubwawe hano muri iyi si kandi ndifuzza kuzabana nawe iteka ryose. Muri wowe nimo nshyize ibyiringiro byanjye. Ndifuzza ko wagenga imibereho yanjye. Nyakira, Mwami. Mfata unkomeze umare ubwoba mbe intwari ku bwawe.”



ISOMO # 9: GIDIYONI

Gusubiramo

Ibibazo byo mu cyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’umunsi

“Marayika w’Uwiteka aramubonekera aramubwira ati “Uwiteka ari kumwe nawe wa munyambaraga we, ugira n’ubutwari.” (Abacamanza 6:12).

Indangagaciro

Kwemera kwiyegurira Imana ngo imukoreshe no kwiringira Uwiteka

Ikibazo cyo kuganiraho:

**Ese wari waorerwa kuyobora igikorwa runaka ku ishuli cyangwa undi murimo?
Ni izihe nshingano wari ufite? Bakigutora wumvise umeze ute?**

Iriburiro

Mu kubyiruka kwe, Jim Elliot yakundaga umurimo, yari umuhanga ku ishuli, ndetse yakinaga n’imikino ngororamubiri neza. Ariko kandi Elliot yumvaga muriwe afite ishyamba ryo gukorera Imana, nuko iryo shyamba rituma ajya muri Amerika y’amajyepfo (South America) nk’umumisiyoneri w’igihe gito. Elliot yaravuze ati, “Ni kuki se bamwe bakumva ubutumwa bwiza kabiri, mu gihe hari abatari babwumva na rimwe?”

Elliot nuko yumva ko hari abantu bitwa Aucas bo mu majyepfo y’amerika ariko bafite inkomoko ku bahinde. Mu kwezi kwa mbere 1956, Elliot ari kumwe n’abandi bane bagera ku nkombe y’inyanja muri Ecuador. Hashize iminsi mike gusa babonye n’amaso yabo ubu bwoko bw’abantu bitwa Auca, we kimwe nabo bari kumwe nawe baje kwicwa n’ingabo z’ubu bwoko bwa Auca. *

Jim Elliot yari umugabo wari wariyegurirye umugambi w’Imana kuri we. Yashakishije umugambi w’Imana kuri we, arawusaba, ndetse ikirenze ibyo – arawumvira. Jim Elliot yihaye Imana ngo imukoreshe. Inkuru yacu yo muri Bibiliya y’uyu munsi nayo iratubwira ku ntwari yihaye Imana ngo imukoreshe.

Ubusobanuro

Hari igihe mu mateka ya Isirayeli cyiswe igihe cy’Abacamanza. Iki gihe cy’Abacamanza, cyabayeho hagati y’urupfu rwa Yosua n’umurimo wa Samweli (uribuka wa mwana wakuriye mu rusengeru? Turamugeraho nyuma). Habayeho igihe cy’ururhererekane ruteye rutya: Abisirayeli bagomeraga Imana bagatangira kuramya ibigirwamana by’andi mahanga yari abakikije. Imana nayo ikemerera abanzi babo bakabaneshya. Ibi bigatuma abisirayeli bibuka Imana bakongera bakayitabaza ngo ibatabare. Imana igahita ihagurutsa umucamanza akaza akabafasha gutsinda abanzi babo. Gidiyoni yari umwe muri abo bacamanza.

Ijambo ry’Imana rivuga ko, **“Hanyuma ab’icyo gihe (ba Yosua) bose na bo barapfa basanga ba sekuruza. Abo bakurikirwa n’ab’ikindi gihe bakura batazi Imana, haba no kumenya imirimo yakoreraga Abisirayeli.” (Abacamanza 2:10).**

Ikibazo: Umumaro wo kwigisha abana Ijambo ry’Imana mu rugo ni uwuhe? [Kugira ngo bamenye Imana iyo ariyo kandi babashe kwibuka ibyo yakoze byose, kugira ngo nabo bazabyigishe abana babo.]

Gidiyoni

(Umurongo: Abacamanza 6 na 7)

“Abisirayeli bakora ibyangwa n’Uwiteka, Uwiteka abahāna mu maboko y’Abamidiyani imyaka irindwi. 2. Nuko Abamidiyani banesha Abisirayeli, batera Abisirayeli gushaka aho kwihisha mu bihanamanga byo mu misozi no mu mavumo no mu bihome. 3. Kandi Abisirayeli barangizaga kubiba, Abamidiyani bakazamukana n’Abamaleki n’ab’iburasirazuba bakabatera, 4. bakagandikayo bagasiribanga imyaka yabo ukageza i Gaza, ntibabasigire na ruminja naho yaba intama cyangwa inka cyangwa indogobe mu Bisirayeli. 5. Bazamukanaga n’amatungo yabo n’amahema yabo basa n’amarumbo y’inzige, ubwabo n’ingamiya zabo ntibyagiraga umubare, bazanwaga no kurimbura icyo gihugu. 6. Nuko Abisirayeli bariheba cyane ku bw’Abamidiyani, baherako batakambira Uwiteka.

7. Icyo gihe Abisirayeli batakambiye Uwiteka ku bw’Abamidiyani, 8. Uwiteka abatumaho umuhanuzi arababwira ati “Uwiteka Imana y’Abisirayeli ivuze iti ‘Nabakuye muri Egiputa no mu nzu y’uburetwa, 9. nuko mbakiza amaboko y’Abanyegiputa n’amaboko y’ababarenganyaga bose mbirukana imbere yanyu, mbaha igihugu cyabo. 10. Ndababwira nti: Ndi Uwiteka Imana yanyu, mwe kubaha imana z’Abamori bene iki gihugu murimo, ariko mwanga kunyumvira.”

11. Nuko marayika w’Uwiteka araza yicara muni y’igiti cy’umwela, cyari muri Ofura kwa Yowasi w’Umwabiyezeri. Umuhungu we Gideyoni yasekuraga ingano mu muvure bengeramo vino, ngo azihishe Abamidiyani. 12. Marayika w’Uwiteka aramubonekera aramubwira ati “Uwiteka ari kumwe nawe wa munyambaraga we, ugira n’ubutwari.”

13. Gideyoni aramusubiza ati “Mutware, niba Uwiteka ari kumwe natwe ni iki gituma ibyo byose bitubaho? N’imirimo ye yose itangaza iri he, iyo ba sogokuruza batubwiye ngo ‘Uwiteka ni we wadukuye muri Egiputa?’ Ariko noneho Uwiteka yaradutaye, yatugabije Abamidiyani.”

14. Nuko Uwiteka aramwitegereza aramubwira ati “Genda uko izo mbaraga zawe zingana, ukize Abisirayeli amaboko y’Abamidiyani. Si jye ugutumye?”

15. Gideyoni aramusubiza ati “Ariko Uwiteka, Abisirayeli nabakirisha iki? Iwacu ko turi aboroheje mu muryango wa Manase, nkaba ndi umuhererezi mu nzu ya data yose.”

16. Uwiteka aramubwira ati “Ni ukuri nzabana nawe, kandi uzanesha Abamidiyani nk’unesha umuntu umwe.”

Ikibazo: Gidiyoni yarangwaga n’ibintu bine byatumye aba “intwari ifite imbaraga” ndetse aba umucamanza w’abisirayeli. Uraheka ko ari ibihe byamurangaga? [ukuboneka imbere y’Imana, imbaraga, kwiringira Imana, no kwicisha bugufi].

Ukuboneka imbere y’Imana kwa Gidiyoni ngo imukoreshe

Ikibazo: Ni iyihe mpamvu imwe yatumye Imana itoranya Gidiyoni? [Gidiyoni yari yiteguye kuboneka ngo Imana imukoreshe. Yemeraga kugengwa n’Imana mu buzima bwe]. Nubwo Gidiyoni atari yiyizeye ubwe, ariko yumviye itegeko ry’Imana. Yemera kuboneka ngo Imana isohoreze umugambi wayo muri we. Imana ibona uko igira Gidiyoni “intwari y’umunyembaraga.”

Ikibazo: Ni gute wakora kuburyo uboneka imbere y’Imana ngo igukoreshe? [Mu myitwarire yawe. Baza Imana uko yagukoresha nurangiza uyemerere kugukoresha].

Ikibazo: Ni gute wamenya uko Imana ishaka kugukoresha? [Komezwa kuyibaza kukumenyeshya, utege amatwi igisubizo cyayo mu masengesho, mu ijambo ryayo, mu byo wumva ukunda gukora, mu byifuzo].

Imbaraga za Gidiyoni

Ikibazo: Ni mu zihe nzira Imana yogereyemo Gidiyoni imbaraga? [Gidiyoni yatinyaga abanzi be, kandi akiumva nk’umunyantege nke].

Ikibazo: Ni gute imana yahindura umunyantege nke nka Gidiyoni akagira imbaraga? [Tekereza integer nke nk’iriba. Imana isuka muri iryo riba kugeza igihe risendereye]. Ntabwo zari imbaraga za Gidiyoni, ahubwo zari imbaraga z’Imana. Gidiyoni yakiriye imbaraga z’Imana mu mibereho ye maze apfundura iriba kugira ngo Imana isukemo risendere.

Ikibazo: Ese “imbaraga” bisobanura gusa imbaraga z’umubiri? [Imbaraga zishobora gusobanura umurava, gushira amanga, ibyiyumviro, imbaraga z’ibitekerezo, imbaraga ku marangamutima kimwe n’imbaraga z’umubiri].

Ikibazo: Ni uwuhe murimo ushobora gutuma Imana ikongerera imbaraga ngo uwubashe? [Gutabara umunyeshuri bari kumwaza bamuhoye ubusa, kugendera ku mategeko mugihe abanda bari gukopera, kwirinda ikibi]. Imana izaguha imbaraga zikubashisha gukora ibyo igushakaho.

Kwiringira Imana kwa Gidiyoni

Kwiringir’Imana kwa Gidiyoni ntabwo kwaziyeho. Imana yamuhaye umwanya wo kwitegura izo nshingano nkuru.

Ikibazo: Niba uteganya kuba Mwarimu, ni ikihe kintu kimwe wumva ungomba kubanza kuzuzwa mbere yuko wemererwa kwigisha? [Ni ngombwa ko uba wararangije byibuze igihembwe kimwe cyitwa “kwigisha umunyeshuli”, - kuba warabaye umufasha wa mwalimu mu gihe runaka]. Impamvu ibi ari ngombwa ni ukugira ngo ubanze umenyere ushire amanga mbere yuko ubasha guhagarara imbere y’abana ukigisha mu ishuli ryawe. Ni muri ubwo buryo, Gidiyoni yari akeneye umwanya kugira ngo abashe kumenyera.

Umva uko kwiringira Imana kwa Gidiyoni kwagiye gukura: Imana yasabye Gidiyoni gusenya igicaniro cya Baali akubaka igicaniro cy’Uwiteka bajye bamuramya. **“Nuko Gideyoni ajyana abagabo icumi bo mu bagaragu be, abigenza nk’uko Uwiteka yamutegetse. Ariko**

yabikoze nijoro ntiyatinyutse kubikora ku manywa, kuko yatinyaga abo mu muryango wa se n’abatuye muri uwo mudugudu.” (Abacamanza 6:27). Gidiyoni yumviye Imana, afata umwanya uhagije wo gukuza kwiringira Imana kwe.

Dore urundi rugero rw’uko Imana yahaye Gidiyoni ukwiringira: **“Abamidiyani bose n’Abamaleki n’ab’iburasirazuba bateranira hamwe, barambuka bagandika mu kibaya cy’i Yezerēli. 34. Imana iha Gideyoni ku mwuka wayo aherako avuza ikondera, Ababiyezeri bateranyirizwa aho ari.” (Abacamanza 6:33-34).** Imana yari yarabwiye Gidiyoni ubwo yamubonekeraga bwa mbere ko izabana nawe, nuko atangira kwemerera Imana kumwuzuzura imbaraga n’umurava.

Mu gihe Gidiyoni yiteguraga urugamba rwo kurwana n’ibihumbi n’agahumbi by’ingabo z’abanzi babo, Imana igabanya ingabo ze ziva ku 22,000 isigaza 300. Nuko Imana ibwira Gidiyoni kwinjira mu ngando y’abanzi babo akumviriza ibyo bavuga. Nuko egezeye yumva umugabo umwe arotorera mugenzi we inzozo yari yarose. Ubu nibwo busobanuro bw’izo nzozi: **“Mugenzi we aramusubiza ati “... iyo ni inkota ya Gideyoni mwene Yowasi umugabo wo mu Bisirayeli. Imana yamugabije Abamidiyani n’ingabo zabo zose.” 15. Nuko Gideyoni yumvise izo nzozi n’uko zisobanuwe ashima Imana, asubira mu ngando z’Abisirayeli arababwira ati “Nimuhaguruke kuko ingabo z’Abamidiyani Uwituka yazitugabije.” (Abacamanza 7:14-15).**

Ikibazo: Kuki Imana yahisemo kugabanya abasirikare ba Gidiyoni igasigaza 300 gusa kandi abamidiyani bari ibihumbi? [Kugira ngo ingabo za Gidiyoni ziringire imbaraga z’Imana yonyine].

Kwiringira Imana ko izakora ibyo yavuze ko izakora, Gidiyoni yayoboye ingabo ze zitsinda iz’abamidiyani ibihumbi, nuko Imana ifasha ingabo 300 gutsinda ibihumbi z’abamidiyani.

Ikibazo: Tekereza ikintu wigeze gukora ubwambere. Ni gute iyo nshuro ya mbere yagutinyuye ukagira icyizere? [Gutwara igare, gukora ikizamini].

Kwicisha bugufi

“Maze Abisirayeli babwira Gideyoni bati “Noneho udutegeke wowe ubwawe, uzaturage umwana wawe n’umwuzukuru kuko wadukijije Abamidiyani.” 23. Gideyoni arabasubiza ati “Sinemeye kubategeka, n’umuhungu wanjye ntabwo azabategeka, ahubwo Uwituka ni we uzabategeka.” (Abacamanza 8:22-23).”

Gidiyoni ntiyigeze yiyitirira ibyo yagezeho byose. Gidiyoni yibukaga ko Imana ariyo yakijije abisirayeli mu maboko y’abamidiyani. icyo nicyo kwicisha bugufi bisobanura: kwemera ko undi ariwe wagize icyo akora, cyangwa guhesha agaciro undi muntu.

Ikibazo: Ni gute wahesha Imana icyubahiro mubyo ugeraho byose? [Iyo wagize amanota meza, iyo watsinze umukino mu mupira, cyangwa umukino runaka, ibuka ko – Ni Imana iguha ubushobozi].

Kimwe na Gidiyoni, dusabwa kubaha Imana duca bugufi tukayishimira kubw'imbaraga n'ubumenyi budufasha kugera ku byo tugeraho byose. Ushobora kwiringira udashidikanya ko Imana izagushoboza gukora ibyo ikwifuzaho byose. Imana iravuga iti, **“Uwiteka ari kumwe nawe wa munyambaraga we, ugira n'ubutwari... “Genda uko izo mbaraga zawe zingana, ... Si jye ugutumye?”**

* Nuko noneho... reka noneho dusoze ya nkuru. Kuri bamwe urupfu rwa Elliot benshi barwise “ubuzima bwatakaye imburagihe”. Ariko hari amagana y'abantu ku isi yose, babyukijwe n'ubuhumya bwa Jim Elliot na bagenzi be maze bafata icyemezo cyo kwinjira mu muhamagaro wo kuba abamisiyoneri mu cyimbo cya Elliot na bagenzi be. Nyuma y'aho, n'umugore we – Elisabeth Elliot – ajya gutura muri bwa bwoko bw'aba Aucas bamwe bishe umugabo we. Aba bagore bize ururimi rwabo bantu babahindurira Bibiliya muri urwo rurimi rw'aba auca. Nuko aba auca benshi bakira Kristo nk'Umwami n'Umukiza.

Ikibazo: Ni gute wakwiyegereza Imana uyu muni? [Baza Imana icyo yifuza ko uyikorera uyu muni, kandi uyemerere kugukoresha kubw'imigambi yayo].



Ubutumwa Bwiza – by John Bateman – Dallas, TX

Ikibazo: Uratekereza ko ufite imbaraga zihagije kuburyo IGIHE CYOSE, uvuga ndetse ugakora ibikiwiriye, buri gihe? [Oya – Ntabwo turi intungane].

Ikibazo: None se niba buri gihe cyose uba utari intungane, uratekereza ko uramutse upfuye Imana yakwemerera kujya mu ijuru? [Bamwe bazasubiza bati, wenda ahari, abandi bati, oya]. Mubyukuri, hari icyuho, icyuho kinini, hagati y'ubutungane bw'Imana no gukiranirwa kwacu – byitwa icyaha.

Reka nkwereke icyo Bibiliya ivuga ku buryo wamenya udashidikanya ko ushobora kujya mu ijuru ighe wapfira cyose, kabe nubwo twese tujya duhura n'ibyaha mu buzima bwacu.

Abaroma 3:23 says, **“Kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana.”** Ibi bisobanura ko twese twakoze ibyaha kandi ko tutabasha kugera ku rugero rw'Imana.

Abaroma 6:23 says, **“Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu.”** “Ibihembo” bisobanura inyungu, naho “urupfu” bisobanura gutandukanywa n'Imana. Niyo mpamvu ingaruka z'icyaha ni ugutandukanywa n'Imana. Imana irera 100% kabe nubwo twaba dufite 80%, ibyo bishyiraho icyuho hagati yacu n'Imana. Ariko Imana iragukunda CYANE BIHEBUJE byatumye itanga igisubizo kuri iki kibazo, uku gutandukana hagati yawe n'Imana. Abaroma 6:23 hasoza havuga hati: **“Ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Kristo Yesu, Umwami wacu.”** Ibyo bisobanura ko Tkugira ubusabane bwihariye n'Imana mu gihe tukiri hano ku isi, kandi ngo tuzabashe kujya mu ijuru, si ngombwa ko tuba nta makemwa. Icyo dukeneye ni ukwakira impano y'Imana y'agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo.

Reka mbigusobanurire: Abaroma 5:8 says, **“Imana yerekanye urukundo idukunda ubwo Kristo yemeraga kudupfira tukiri abanyabyaha.”** Urupfu rwa Kristo ku musaraba rwishyuye icyiru cy'ibyaha byacu. Ntabyaha yagiraga byari kumwicisha, ntiyigeze akora icyaha. Kandi yashoboraga gutuma atabambwa ku musaraba kuko yari umunyembaraga – ni Imana!

Ikibazo: None se niba Yesu atarapfuye kubw'ibyaha bye ndetse akaba yarashoboraga kutemera, ubwo yaba yaretewe niki kwemera ko bamukubita ndetse bakamwica? [Kuko igukunda bihebuje!].

Niyo mpamvu iyo twakiriye iyi mpano y'agakiza kabonerwa muri Yesu, dushobora kwegera Imana tukabashishwa kujya mu ijuru dupfuye. Iyo ni inkuru nziza.

Ikibazo: Iyo dusenga, tuba tuvugana na nde? [Imana]. **Ese iratwumva iyo tuyiganirije?** [Yego, igihe cyose].

Ni gute twakira impano y'Imana? Ni mu kuganira n'Imana mu masengesho. Kandi isengesho ryacu riroroshye:

INTWARI ZO MURI BIBILIYA

Yesu, Menye ko ndi umunyabyaha kandi ko ngukeneye. Warakoze kubwo kumfira ku musaraba kugira ngo yishyure icyiru cy'ibyaha byanjye. Nyabuneka ngwino winjire mu mutima wanjye umbere Umwami n'Umukiza. Unyemerere kukwegera kandi nzajye mu ijuru nimva mu mubiri. Mu Izina rya Yesu Kristo, amina.

Niba wasenze iri sengesho, ndagukangurira kubwira Mama na Papa we, ubwire Pasitoro cyangwa undi muntu wese wagufasha gutera izindi ntambwe zikurikiyeho kuko iki nicyo cyemezo kiruta ibindi byose wigeze ufata! Isengesho ryawe uyu muni rihinduye imibereho yawe yose kandi ikwemereye kubana n'Imana mu ijuru iteka ryose.



ISOMO # 10: SAMUSONI

Gusubiramo

Ikibazo cyo mu cyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu munsu

“Nshobozwa byose na Kristo [Yesu] umpa imbaraga” (Abafilipi 4:13).

Indangagaciro

Imbaraga

Ikibazo cyo kuganiraho:

Uramutse ufite imbaraga kurusha abandi bese ku isi, ni ibiki wakoresha izo mbaraga?

Iriburiro

Umugore witwa Gladys Aylward yagarutse mu Bwongereza avuye mu Bushinwa aho yakoraga nk’umumisiyoneri utazwi mu mwaka 1940. Alan Burgess wakoreraga Radiyo BBC yagiye kumusura ngo amubwire ku intwari yari yarumvise mu gihe yari mu Bushinwa. Aravuga ati, “Oya, ntawe,” “Mu by’ukuri nta ntwari nzi.”

Aramubaza "None se wowe nturi intwari?". "None se nta n’umwe cyangwa babiri?" "Ndashidikanya niba abumva BBC batekereza ko ibyo nakoraga bishimishije." "Ntanubwo wigeze uhura n’abacengezi b’Abayapani?".

Amusubiza yitonze ati "Yego," Gladys atekereza ko bitaba ari ukubabarira aramutse abwiye Alan Burgess ko abayapani bamurasiye mu kibuga hafi y’ahitwa Tsechow; bakamuterera amabombe i Yangcheng; bakabarasira hafi ya Lingchuang; bakamukubita ikibuno cy’imbunda. Nyuma bagategeka ko uzamufata: ari muzima cyangwa yapfuye azahembwa. Ahitamo kumusubiza ati, "Bamwe mu Bayapani ni beza"

Undi aramubwira ati “Biragaragara ko imibereho yawe mu Bushinwa yari irinzwe," Biba ngombwa ko Gladys agira icyo amusubiza.

"Najyanaga abana mu kigo cy’imfubyi hafi y’ahitwa Sian.”"

"Uti iki?" adahishira kumirwa kwe. "Abana? Mu kigo cy’imfubyi?" Burgess ati "Yego, byari ngombwa ko tuminuka imisozi." "Imisozi nya misozi?"

"Yego, ndizera ko wayita imisozi nya misozi. Urugendo rwakomejwe cyane nuko tutabashaga kunyura mu tuyira dusanzwe. Kandi, twagombaga kwambuka wa mugezi bita Yellow River."

"None se uwo si wa mugezi mubi cyane urohamamo benshi umwe bita “China's Sorrow' agahinda k’Ubushinwa?"

Burgess akomeza kugira ubwoba uko Gladys yakomezaga kumubwira. "Ibiryo byarabashiranye? Nta mafaranga mwari afite? Wowe n’abana 100 – abenshi bari ibitambambuga – ugendesha amaguru ukwezi kose mu misozi, wambuka wa mugezi Yellow River, ukwepa bariyeli z’abayapani n’abatara za bombe? Ugeze i Sian bagusangana indwara ya typhus n’umusonga no imirire mibi? Reka ngubwire, ndatekereza ko abumva BBC bazatekereza ko wakoze ikintu gishimishije ..."

Gladys Aylward yageze kuri byinshi byasabaga imbaraga. Uyu munsu turahura n’intwari yo muri Bibiliya izwi cyane kubw’imbaraga zikomeye yari ifite. Isoko y’imbaraga z’aba bombi natwe ni izacu.

Gusubiramo

Hari igihe mu mateka ya Isirayeli cyiswe igihe cy'Abacamanza. Iki gihe cy'Abacamanza, cyabayeho hagati y'urupfu rwa Yosua n'umurimo wa Samweli (uribuka wa mwana wakuriye mu rusengero? Turamugeraho nyuma). Habayeho igihe cy'uruhererekane ruteye rutya: Abisirayeli bagomeraga Imana bagatangira kuramya ibigirwamana by'andi mahanga yari abakikije. Imana nayo ikemerera abanzi babo bakabanesha. Ibi bigatuma abisirayeli bibuka Imana bakongera bakayitabaza ngo ibatabare. Imana igahita ihagurutsa umucamanza akaza akabafasha gutsinda abanzi babo. Samusoni yari umwe muri abo bacamanza.

Samusoni

(Umurongo: Abacamanza 13:1-5, 24-25)

1 Maze Abisirayeli bongera gukora ibyangwa n'Uwiteka. Uwiteka abahana mu maboko y'Abafilisitiya imyaka mirongo ine. 2. Nuko hari umugabo w'i Sora wo mu muryango w'Abadani, witwaga Manowa. Umugore we yari ingumba itigeze kubyara. 3. Marayika w'Uwiteka yiyereka uwo mugore aramubwira ati "Dore uri ingumba ntiwigeze kubyara, ariko uzasama inda ubyare umwana w'umuhungu. 4. Nuko ndakwinginze wirinde kunywa vino cyangwa igisindisha kandi ntukarye ikintu cyose gihumanya, 5. kuko uzasama inda ukabyara umuhungu. Kandi ntihazagire umwogoshya kuko uwo mwana azaba Umunaziri ahereye akiva mu nda ya nyina, kandi ni we uzatangira gukiza Abisirayeli amaboko y'Abafilisitiya."

24 Nuko hanyuma y'ibyo, umugore abyara umuhungu amwita Samusoni. Umwana arakura, Uwiteka amuha umugisha. 25. Maze umwuka w'Uwiteka atangira kumukoreshereza ..."

Ikibazo: Samusoni yari umunaziri. Kuba umunaziri byasobanuraga iki? [Umunaziri yari umuntu wari warasezeranye n'Imana kuyikorera umurimo w'igicro. Akenshi byasabaga kubahiriza indahiro zihariye yabaga yaragiranye n'Imana].

Ikibazo: Bibiliya ivuga ko Umwuka w'Uwiteka atangira gukoresha Samusoni. Urumva ibi bisobanura iki? [Nkuko Umwuka Wera yakomeje Gidiyoni, Umwuka Wera atangira gutegura Samusoni ku murimo wo gucungura Abisirayeli akabakura mu Abafilisitiya].

Isirayeli yari ifitanye ibibazo n'Abafilisitiya kuva ubwo Yosua yayaboraga abisirayeli abambutsa umugezi wa Yorodani akabageza mu Gihugu cy'Isezerano. "Igihugu cy'isezerano" cyari igihugu cy'i Kanani aho Imana yari yarasezeranyije Aburahamu n'abazamukomokaho. Ikibazo Abisirayeli bari bafite nuko muri icyo gihugu harimo Abafilisitiya. Abisirayeli n'Abafilisitiya ntibacanaga uwaka, bityo bakajya barwana bakubitana. Kuva mbere yuko avuka, Samusoni yari yareguriwe Imana kugira ngo azakize abisirayeli uburetwa bw'Abafilisitiya.

Ikibazo: Ni gute Imana yahisemo gucungura Abisirayeli ikoresheje Samusoni? [Samusoni yakoreshejwe n'Imana aneshesha Abafilisitiya imbaraga nyinshi]. Dore zimwe mu ngero:

1) "Hanyuma y'ibyo Samusoni amanukana na se na nyina bajya i Timuna, bageze mu mizabibu yaho, ahura n'umugunzu w'intare, uramutontomera. Maze umwuka w'Uwiteka

amuzaho cyane, arayitanyaguza nk'uwatanyaguza umwana w'ihene, kandi nta ntwaro yari afite mu ntoki ... (Abacamanza 14:5-6).

2) Ikindi gihe Samusoni ubwo yashyikirizwaga ingabo 3,000 by'Abafilisitiya aboshywe mu migozi. **“Maze umwuka w'Uwiteka amuzaho cyane, imigozi yari imudadiye amaboko ihinduka nk'imigwegwe ishiririye, ibimuhambiriye biradohoka bimuva ku maboko. Nuko abona igufwa ry'umusaya w'indogobe, ararisingira aryicisha abantu igihumbi.”** (Abacamanza 15:14-15).

Aha ho, hari ibyo Samusoni yakoze bitari byiza tutashishikariza abantu kubikora: kurarana n'indaya, gutwika imirima y'abandi no kwica ibihumbi by'abantu. Ariko wibuke ko intego ya Samusoni, icyo yari yaratoranyirijwe kwari ugukiza abisirayeli mu maboko y'Abafilisitiya.

Samusoni yakoze byinshi by'ubutwari n'imbaraga, ariko iyi nkuru ye ifite ubundi busobanuro bw'ingenzi kuwi wowe na nyje. Samusoni yamenye neza isoko y'imbaraga n'ubutwari bwe.

Ikibazo: Imbaraga za Samusoni yazikomoraga he? [Ibyanditswe bivuga ko Umwuka w'Uwiteka wamuzaga ho cyane mu mbaraga].

Ikibazo: Ese Imana iracyaha abantu imbaraga na n'uyu muni? [Nk'Abizera Yesu kristo, wowe na nyje dufite imbaraga duhabwa na Mwuka Wera].

Wa Mwuka Wera wahaga Samusoni imbaraga ni nawo Mwuka Wera uba mu mitima y'abakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza bose.

Ikibazo: Ese hari itandukaniro rikomeye hagati y'uburyo Imana yatumye Mwuka Wera kuri Samusoni, n'uko atuma Mwuka Wera kuri nyje nawe uyu muni. None se iryo tandukaniro urarizi? [Reka tuganire ku mirongo ibiri iribubidusobanurire neza].

1. Umviriza ibyanditswe na Dawidi (waje kuba Umwami wa Isirayeli) mu Isezerano rya Kera, **“Mana, undememo umutima wera, Unsubizemo umutima ukomeye. Ntunte kure yo mu maso yawe, Ntunkureho Umwuka wawe Wera...”** (Zaburi 51:12-13).
2. Umviriza ibyo Intumwa Yohana yanditse mu Isezerano Rishya, **“...Yesu arahagarara avuga cyane ati “Umuntu nagira inyota aze aho ndi anywe. Unyizera, imigezi y'amazi y'ubugingo izatamba iva mu nda ye, nk'uko ibyanditswe bivuga.”** Ibyo yabivuze yerekeje ku Mwuka Wera, uwo abamwizera bendaga guhabwa, ariko ubwo Umwuka yari ataraza kuko Yesu yari atarahabwa ubwiza bwe” (Yohana 7:37-39).

Ikibazo: Ese urumva itandukaniro riri muri iyo mirongo yombi y'ibyanditswe? [Mu murongo wa mbere Imana yahaga abantu Umwuka Wera mu gihe runaka. Mu wa kabiri, bahabwa Mwuka Wera].

Mu gihe cy'Isezerano rya Kera no mu cy'isezerano Rishya, Imana isuka Umwuka wayo Wera ku bantu kugira ngo uwo muntu abashishwe gusohozza umugambi w'Imana kuri uwo muntu. Kandi hari n'igihe Imana yakuraga Umwuka wayo ku muntu. Ibi byabaye kuri Samusoni.

Samusoni yaje gukundana n’umukobwa w’umufilisiya witwada Delila. Abatware b’Abafilisiya baramusanga bamusaba gushukashuka Samusoni akamubwira ibanga ry’imbaraga ze kugira ngo bazamuneshe. Nabo bamusezeranya ko bazamuha ubukire. Nuko Delila yizinga kuri Samusoni amwinginga buri muni kugeza ubwo Samusoni yarambirwaga maze amubwira byose: **“Nta cyuma cyogosha cyigeze kunyura ku mutwe, kuko nabaye Umunaziri w’Imana uhereye nkiva mu nda ya mama. Nakogoshwa, imbaraga zanjye zanshiramo, ngacogora nkamera nk’abandi.”** (Abacamanza 16:17).

Ikibazo: Kuki Samusoni atigeze yogoshwa? [Umusatsi wa Samusoni wari ikimenyetso cyagombaga kumwibutsa isezerano (indahiro) yagiranye n’Imana nuko yiyemeje kumukorera]. Ubwo umusatsi we wogoshwaga, isezerano Samusoni yari afitanye n’Imana ryavuyeho nuko Imana imukuraho Umwuka Wera kandi ariwo wahaga Samusoni imbaraga. Bibiliya ivuga ko, **“Nuko Delila abonye ko amubwiye ibyari mu mutima we byose, atuma ku batware b’Abafilisiya ngo “Nimuzamuke iyi nkubwe gusa, kuko yambwiye ibyari mu mutima we byose.”** Nuko abatware b’Abafilisiya bamusanga aho ari, bazanye za feza. Aherako amusinzirira ku bibero, maze ahamagaza umuntu kumwogosha imigabane irindwi y’umusatsi, aherako amushinyagurira, imbaraga ze zimuvamo. Maze aramubwira ati **“Wapfa Samusoni, Abafilisiya baragusumiye.”** Arakanguka yibwira ko yisohokera nk’ubundi akikunkumura, ariko yari atazi ko Uwitwaga yamuretse.” (Abacamanza 16:18-20).

Ariko, Mu Isezerano Rishya, Imana yaduhaye Umwuka wayo Wera ibihe byose! Umva ibyo Yesu avuga, **“Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose, ni we Mwuka w’ukuri.**

Ntibishoboka ko ab’isi bamuhabwa, kuko batamurora kandi batamuzi, ariko mwebweho muramuzi kuko abana namwe, kandi azaba muri mwe.” (Yohana 14:16-17).

Ikibazo: Wakira Umwuka Wera ryari? [Ako kanya ukimara kwakira Yesu mu bugingo bwawe, Mwuka Wera ahita aza agatura muri wowe].

Ikibazo: Ese Mwuka Wera yakuvaho? [Mwuka Wera w’Imana ntazigera akuvaho].

Ikibazo: Ni mu buhe buryo duhabwa imbaraga n’ubutwari binyuriye mu Mwuka Wera? [Dore imirongo ine ibitubwirira]:

1. **“Umunyabwenge arakomeye, Kandi ujijutse yunguka imbaraga.”** (Imigani 24:5). Ibyanditswe Byera bivuze ko ubwenge ari ugukomera kandi ubumenyi ari imbaraga.
2. **“Gusenga k’umukiranutsi kugira umumaro mwinshi.”** (Yakobo 5:16). Amasengesho ni imbaraga.
3. **“Nshobozwa byose na Kristo [Yesu] umpa imbaraga”** (Abafilipi 4:13). Yesu azaguhaga imbaraga zose ukomeye kugira ngo ubashe gukora ibyo ikwifuzaho; guhitamo neza, n’imbaraga zo guhitamo kubaho nk’uko Imana ishaka.
4. **“Ibisigaye mukomerere mu Mwami no mu mbaraga z’ubushobozi bwe bwinshi. Mwambare intwari zose z’Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe**

n’uburiganya bwa Satani” (Abefeso 6:10-11). Ijambo ry’Imana rivuga ko turi ku rugamba turwana na Satani kandi ko imbaraga z’Imana zizadufasha guhagarara tugahangana n’umubi.

Gladys Aylward yiringiraga imbaraga z’Imana gusohoza imigambi yayo kuri we. Samusoni yakoresheje imbaraga zikomeye Imana yamuhaye mu kugera ku migambi y’Imana mu mibereho ye. Nk’umukristo, ufite imbaraga zikomeye kuko imbaraga z’Imana ziba muri wowe.

Ikibazo: Ni gute wakoreshereza Imana imbaraga zawe zikomeye uyu muni?

ISOMO # 11: RUSI

Gusubiramo

Ibibazo byo mu cyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu muni

“Rusi aramusubiza ati “Winyinginga kugusiga, no gusubirayo ngo ne kugukurikira, kuko aho uzajya ari ho nzajya, kandi aho uzarara ari ho nzarara. Ubwoko bwawe ni bwo buzaba ubwoko bwanjye, Imana yawe ni yo izaba Imana yanjye” (Rusi 1:16).

Indangagaciro

Kwitanga

Ikibazo cyo kuganiraho

**Tekereza kuri imwe mu nshuti zawe. Kuki ari umwe mu nshuti zawe?
Ni iki imwe mu nshuti yashingiraho yemeza ko uri inshuti ye?**

Iriburiro

Agnes Bojaxhiu yavutse mu mwaka wa 1910 avukira muri Yugoslaviya. Mu mwaka wa 1928 ahitamo kuba umubikira. Nyuma y’igihe gito aba mu gihugu cya Ireland yoherezwa mu babikira bo mu muji wa Darjeeling mu majyaruguru y’iburasirazuba mu Buhinde. Yujuje imyaka 21 ahitamo kwitwa Tereza.

Yabanje kwigisha ubumenyi bw’isi mu ishuri ry’abakobwa ry’i Calcutta. Ariko hari ibindi byari bikenewe muri uwo muji. Hari abasabirizi n’abakene batagira aho kuba biberaga mu mihanda. Mu mwaka wa 1946 Tereza yasezeye ku kazi k’ubwarimu yiyegurira kwita ku bababaye bo mu duce dukennye cyane aho i Calcutta. Mu mwaka wa 1948 abona ubwenegihugu bw’Abahinde. Mu mwaka wa 1950 atangiza umuryango w’Ababikira b’impuwe (Missionaries of Charity order of nuns).

Yatangiriye ku kwigisha abana kwirwanaho bifashishije imyuga yabigishaga hamwe no kubigisha gusoma no kwandika. Umunyeshuli wa mbere yinjijye mu ishuri mu mwaka wa 1949 akurikirwa n’abandi benshi mu myaka yakurikiyeho ngo abatabare. Byageze mu mwaka wa 2000 ababikira barenga 3,000 babarirwa muri wa muryango w’ababikira yashinze witwa Missionaries of Charity. Aba babikira bari bafite bene ibyo bigo mu bihugu birenga ijana.

Yabanaga n’abo yafashaga. Yafashaga abakeneye ubufasha ntakiguzi abategerejeho. Mu by’ukuri yemeye guhara ubuzima bwe bwose ngo agirire impuhwe abantu bose.

Nta muntu n’umwe wiyeguriye “Yesu we” kurusha Mama Tereza. Isomo ryacu ry’uyu muni rirareba intwari yo muri Bibiliya yagize kwitanga kudasanzwe n’ubugwaneza. Izina ry’iyo ntware ni Rusi.

Ubusobanuro

Inkuru ya Rusi iboneka mu gihe cy’Abacamanza mu gihe cy’agahenge k’amahoro hagati ya Isirayeli n’igihugu cya Mowabu.

Rusi

(Umurongo: Rusi 1:1-16, 2:1-12, 4:13-17)

“Mu minsi y’abacamanza inzara yateye mu gihugu. Nuko umugabo w’i Betelehemu y’i Buyuda asuhukira mu gihugu cy’i Mowabu, we n’umugore we n’abahungu be bombi. 2. Uwo mugabo yitwaga Elimeleki, umugore we yitwaga Nawomi, n’abahungu be bombi umwe yitwaga Mahaloni, undi yitwaga Kiliyoni. Bari Abanyefurata b’i Betelehemu y’i Buyuda. Bagera mu gihugu cy’i Mowabu baturayo.

3.Elimeleki umugabo wa Nawomi arapfa, asigirana abahungu be bombi. 4. Barongora Abamowabukazi, umwe yitwaga Orupa, undi yitwaga Rusi, bamarayo imyaka nk’icumi. 5. Maze Mahaloni na Kiliyoni bombi barapfa. Uwo mugore yapfushije umugabo we n’abana be bombi. Rusi yanga gusiga nyirabukwe.

6. Bukeye ahagurukana n’abakazana be kugira ngo ave mu gihugu cy’i Mowabu, asubira iwabo kuko yari yumviye mu gihugu cy’i Mowabu yuko Uwiteka yagendereye ubwoko bwe, akabaha ibyokurya. 7. Ava aho yari ari hamwe n’abakazana be bombi, aboneza inzira isubira mu gihugu cya Yuda.

8. Nawomi abwira abakazana be ati “Nimugende musubire mu mazu ya ba nyoko, Uwiteka abagirire neza nk’uko mwayigiriye ba nyakwigendera nanjye. 9. Uwiteka abahe mwembi kubona uburuhukiro mu mazu y’abagabo banyu.” Arabasoma, batera hejuru bararira. 10. Baramusubiza bati “Oya, ahubwo tuzasubirana nawe mu bwoko bwanyu.”

11. Nawomi arababwira ati “Bakobwa banjye, nimusubireyo. Ni iki kibashakisha kujyana nanjye? Hari abandi bana mfite mu nda ngo bazabe abagabo banyu? 12. Bakobwa banjye, nimwigendere musubireyo, kuko ndenze urucyuriro. Navuga nti ‘Ndabyiringiye’, ndetse naho nabona umugabo iri joro, nkazabyara abahungu, 13. ibyo byatuma mubarindira kugeza aho bazakurira? Ibyo byatuma mudashaka abagabo? Bye kuba bityo bakobwa banjye, kuko mbababarira cyane. Erega Uwiteka yabanguriye ukuboko kundwanya!”

14. Barongera batera hejuru bararira, Orupa asoma nyirabukwe, Rusi we amubaho akaramata.

15. Nawomi aravuga ati “Dore muka mugabo wanyu asubiye mu bwoko bwabo no ku mana ye, nawe usubireyo ukurikire muka mugabo wanyu.”

16. Rusi aramusubiza ati “Winyinginga kugusiga, no gusubirayo ngo ne kugukurikira, kuko aho uzajya ari ho nzajya, kandi aho uzarara ari ho nzarara. Ubwoko bwawe ni bwo buzaba ubwoko bwanjye, Imana yawe ni yo izaba Imana yanjye”

Ikibazo: Ni izihe ndangagaciro iyi nkuru itwereka ko Rusi yari afite? [Ubugwaneza no kwitanga].

Ubugwaneza bwa Rusi

Ikibazo: Ni gute Rusi yeretse Nawomi kugwa neza kwe? [Rusi ntiyari ategetswe kugumana na Nawomi kandi yari amaze gupfakara, ariko yahisemo kugirira neza Nawomi ahitamo

kugumana nawe. Niyifuje kumusiga wenyine]. Bibiliya ivuga ko, **“Uwiteka abagirire neza nk’uko mwayigiriye ba nyakwigendera nanjye...” (vs 8).**

Kwitanga kwa Rusi

Ikibazo: Ni mu buhe buryo Rusi yitangiye Nawomi? [Rusi yemeye kwiyegegurira Nawomi, ubwoko bw’Abisirayeli n’Imana y’Abisirayeli].

“Kuko aho uzajya ari ho nzajya, kandi aho uzarara ari ho nzarara. Ubwoko bwawe ni bwo buzaba ubwoko bwanjye, Imana yawe ni yo izaba Imana yanjye.” (16). Uku kwiyegegurira Nawomi kwa Rusi, gukomoka mu rukundo rwuzuzura itegeko ry’Imana, **“Ukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda” (Abalewi 19:18).** Rusi yashyize imbere inyungu za Nawomi aho kwita ku ze.

Ikibazo: None se ikidasanzwe kiri mu bugwaneza no kwitanga kwa Rusi ni ikihe? [Abamowabu bari abanzi bakomeye b’Abisirayeli no muri iki gihe cy’ahagenge k’amahoro y’igihe gito hagati yabo]. Nubwo hari agahenge hagati y’ibyo bihugu bibiri, ariko hari hakiriho urwikekwe hagati yabo. Niyo mpamvu tubona ko Rusi yashyize inyungu za Nawomi hejuru y’ize bwite.

Nuko Nawomi na Rusi basubira iBuyuda, bagera mu mugu muto w’i Betelehemu. Baza gusanga Nawomi yari afite mwenewabo wari umuntu ukomeye aho ngaho. Uwo yitwaga Bowazi. Nawomi na Rusi nta butunzi bari bafite, nuko umunsi umwe bajya guhumba mu mirima yari hafi yabo.

Ikibazo: Ni gute se Rusi yashoboraga guhumba mu mirima y’abandi ntibamwamagane? [Muri icyo minsi hari itegeko ryemereraga abantu guhumba ibyasigaye nyuma yo gusarura].

Ikibazo: Urakeka ko Rusi yisanze ahumba mu mirima yande? [Nkuko byaje kugenda, Rusi yisanze ahumba mu mirima ya Bowazi].

Betelehemu wari umudugudu muto cyane aho buri muntu yari aziranye na mugenzi we. Uwo munsi Bowazi yahise asanga Rusi ahumba mu mirima we. Kuko yari mushya mu Mudugudu, abaza uwariwe. Bowazi amaze kumumenya amwitaho cyane birenze ibisanzwe.

“Maze Bowazi abwira Rusi ati “Urumva mukobwa wanjye? Ntukajye ujya mu murima w’undi kandi ntuve hano, ahubwo ujye uba bugufi bw’abaja banjye. 9. Uhangе amaso ku murima basaruramo ubakurikire. Ntiwumvise ko ntegetse abahungu ko batazakwakura? Kandi uko ugize inyota ujye ujya ku bibindi, unywe ku yo abahungu bavomye.”

10. Rusi yikubita hasi yubanye aramubaza ati “Ni iki gitumye nkugiriraho umugisha, ko unyitayeho kandi ndi umunyamahanga?”

11. Bowazi aramusubiza ati “Bansobanuriye neza ibyo wagiriye nyokobukwe byose uhereye aho umugabo wawe yapfiriye, kandi yuko wasize so na nyoko n’igihugu wavukiyemo ukaza mu bwoko utari uzi. 12. Uwiteka akwiture ibyo wakoze, ugororerwe ingororano itagabanije n’Uwiteka Imana y’Abisirayeli, wahungiyeye muni y’amababa yayo.”

13. Aramubwira ati “Nkugirireho umugisha Databuja, kuko umaze umubabaro ukabwira umuja wawe neza, nubwo ndahwanye n’umwe mu baja bawe.”

14. Igihe cyo kurya gisohoye Bowazi aramubwira ati “Ngwino urye umutsima, ukoze intore yawe muri vino isharira.” Yicarana n’abasaruzi, bamuha impeke zikaranze arazirya arahaga, arasigaza.

Ikibazo: Ni iki cyateye Bowazi kugirira neza Rusi bene ako kageni? [Ko Rusi yari yaragiriye neza Nawomi mwenewabo.].

Bowazi aramusubiza ati “Bansobanuriye neza ibyo wagiriye nyokobukwe byose uhereye aho umugabo wawe yapfiriye, kandi yuko wasize so na nyoko n’igihugu wavukiyemo ukaza mu bwoko utari uzi. 12. Uwiteka akwiture ibyo wakoze, ugororerwe ingororano itagabanije n’Uwiteka Imana y’Abisirayeli, wahungiyeye muni y’amababa yayo. (Rusi 2:8-12).

Nta yandi magambo y’ubuhanuzi yongeye kuvugwa. Bowazi akomeza kwita kuri Nawomi kugeza ubwo byaje kurangira Rusi amubereye umugore.

Ikibazo: Ese uzi uko Rusi hamwe nawe nanjye Imana yaduhaye umugisha na Rusi? [Kubwo kugira neza no kwitanga kwe, Imana yamukoreyemo mu gukomeza umugambi wayo wo kugeza agakiza ku batuye isi]. Urabona ko, Uwiteka yahaye Bowazi na Rusi umwana w’umuhungu, bamwita Obedi. Obedi niwe se wa Yese.

Ikibazo: None uzi umuhungu wa Yese uw’ariwe? [Ni Dawidi, waje kuzaba umwami w’Abisirayeli. Mu rubyaro rwa Dawidi nimo havuye umugabo witwa Yozefu, ariwe waje kuzaba umugabo w’umukobwa witwaga Mariya ariwe wabyaye Yesu, ariwe witwa Kristo].

Ikibazo: Ni ukuhe kundi kuri iyi nkuru iduhishurira ku Mana no kuri twe ubwacu? [Imana ifitiye umugambi buri muntu wese. Mu kugera ku mugambi wayo, Imana ntihitamo gusa urusha abandi igihagararo, imbaraga cyangwa ubukire].

Inkuru ya Rusi ishingiyeye ku kugira neza no kwitangira abandi. Ibyanditswe bitwigisha kwiyegurira Imana no kugirira neza abandi.

Ikibazo: Ni izihe nzira twakoresha tukabaho mu kwiyegurira Imana? [Kugirira neza abandi nk'uko Imana nayo itugirira neza, gufata ibyemezo byo kwita ku mubiri wawe, ndetse no gufata ibyemezo bizima kubyo twemerera kwinjiza mu bitekerezo byacu.]

Ikibazo: Kuki ari ngombwa gufata ibyemezo ku bintu wemerera kwinzira mu bitekerezo byawe? [Ibuka ko, ikikwinjiye mu bwonko kigumamo. Uko bigushobokeye jya winjiza mu mutima wawe ibyiza].

Jya ushungura amagambo y'indirimo wumve icyo zivuga, ndetse ndugapfe kureba amafilime ubonye yose. Ese intambara n'urugomo nibyo wifuzaga ko byahora mu mutima wawe gusa?

Ikibazo: Ni mu buhe buryo wakwiyegurira abandi?

- **“Mukomeze gusenga...” (Abakolosayi 4:2).** Marana n’Imana umwanya mu masengesho no mu gusoma Ijambo ryayo.
- **“Wubahe so na nyoko” (Kuva 20:12).** Komeza inzira yo kumvira wubaha ababyeyi bawe.
- **“Be devoted to one another in brotherly love. Honor one another above yourselves” (Romans 12:10).**
- **“abizeye Imana bagire umwete wo kumaramaza gukora imirimo myiza. Ibyo ni byo byiza kuko bigira icyo bimarira abantu bose” (Tito 3:8).** Fata umwanya wawe ukore ibyiza.

Ikibazo: Ni gute wamenya niba icyemezo cyangwa igikorwa runaka ari cyiza? [Nugira gushidikanya mu gufata icyemezo, uzajya ubanza ubigenzura ndetse ugishe inama mbere yo kwiyemeza].



Ubutumwa Bwiza – by Karen Zukoski – Dallas, TX

Rusi yari umugwaneza – ibyo ni byiza. Mama Tereza yari umugwaneza – ibyo ni byiza. Dushobora kwifuzaga kugira neza ariko ntubibashe buri gihe. Rimwe na rimwe tukihugiraho cyangwa ntitugirire neza abandi. Bibiliya ivuga ko icyo ari icyaha kandi icyaha kigomba guhanwa. Uko guhanwa ni ugutandukanywa n’Imana iteka.

Rusi na Mama Tereza bari abagore babiri b’abanyabuntu. Ariko nubwo bari beza, imirimo yabo ubwayo ntiyabasha kubacungura. Bibiliya itubwira ko **“bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw’Imana” (Abaroma 3:23)**. Rusi yashyize kwizera kwe ku Imana ya Isirayeli aho kwiringira ibigirwamana byo mu gihugu cy’iwabo kugira ngo nawe abe uwo mu muryango

w’Imana. Mama Tereza yabaye uwo mu muryango wa Kristo kubwo kumwizera no kumusaba kumubabarira ibyaha bye akamubera Umwami n’umukiza mu mibereho ye.

Nawe wabasha kuba mu muryango w’Imana uramutse ushyize ibyiringiro muri Yesu akagukiza ibyaha byawe. Yesu yerekanye urukundo akunda ab’isi yose ubwo yishyuraga icyiru cy’ibyaha byacu kugira ngo twe ntihazagire uwongera kubitubaza. Abaroma 6:23 haravuga ngo, **“kuko ibihembo by’ibyaha ni urupfu ariko impano y’Imana ni ubugingo bushya muri Kristo Yesu Umwami wacu.”**

Niba nawe wifuzaga kuba umwe mu muryango w’Imana birashoboka uramutse usenze isengesho bene iri: Yesu – nzi neza ko nakoze ibyaha nka gucumuraho kandi ko ntakoze ibyiza buri gihe. Nyabuneka mbabarira ibyaha byanjye. Urakoze kuko wemeye guhanwa mu cyimbo cyanjye. Tura muri njye iteka ryose kugira ngo ujye umfasha kubaho mu buryo buguhesha icyubahiro – ndagushimiye kubw’ineza ungirira.

ISOMO # 12: SAMWELI

Gusubiramo

Ibibazo byo mu cyumweru cyashize & umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu muni

**“Maze uwo mwana Samweli arakura, atona imbere y’Uwiteka n’imbere y’abantu.”
(1 Samweli 2:26).**

Indangagaciro

Kumvira no Kwitanga (devotion)

Ibibazo byo kuganiraho

Ni izihe nshingano ufite mu muryango iwanyu?

Iqikorwa

Uzakenera:

1. Ikiyiko
2. Amavuta
3. Water
4. Ibirungo (bihindura ibara ibinyobwa cg ibiribwa)
5. Icupa rya fanta rifite umufuniko

Shyira ibiyiko 2 by’amazi muri rya cupa cyangwa ya mu (ijagi) maze ushyiremo ibitonyanga bike bya bya birungo bihindura ibara. Ngaho ongeramo ibiyiko bibiri by’amavuta muri rya cupa cyangwa ya jagi. Pfundikira maze ucuguse cyane. Ganira kucyabaye ubwo amavuta n’amazi byavangwaga. Kuki byagenze bityo? [Nuko bidakozwe mu bintu bifitanye isano]. Nubwo amavuta n’amazi bisa n’ibyivanga iyo ucugushije icupa, bihita bitandukana iyo urekeye aho gucugusa.

Itangiriro

Umubyeyi witwa Lin Huo-ping yari akeneye cyane umwana w’umuhungu. Arasenga ati “Mwami Mana, numpa umwana w’umuhungu nzamuguha aje agukorera.”

Nk’uko yari yabisezeranyije Imana, uwo mwana amwegurira gukorera Imana. Uko uyu muhungu yagiye akura aba umugabo, yari akeneye izina ryerekana intego y’ubuzima bwe: kubwiriza Ijambo ry’Imana no kwamamaza urukundo rw’Imana mu bantu bayo. Izina yahisemo risobanura “Umurinzi.”

Inyigisho z’uyu mugabo Watchman Nee zatumye hatangira “amatorero yo mu ngo” nyinshi mu Bushinwa. Aya matorero yakomeje kubaho ndetse no muri cya gihe Leta y’abashinwa (communists) bageragezaga gufunga amatorero yose. Uyu Watchman Nee yaje gufungwa n’abashinwa aguma mu buroko kugeza apfuye, ariko inyigisho ze yanditse ziracyigisha benshi mu isi yose (byakuwe mu gitabo cyitwa Hero Tales, cyanditswe na Dave & Neta Jackson, Bethany House, 1997, pp. 93-94).

Watchman Nee ntabwo yivanze n'abari bamukikije. Isomo ry'uyu munsi rirareba umuhungu nawe utarivanze n'abari bamukikije. Ariko tuzareba uko yahesheje Imana icyubahiro n'uko nayo yamwubahishije.

Ubusobanuro

Nyina wa Samweli yamutuye Imana mbere yuko avuka, akura akorera Uwiteka mu rusengero (urusengero rw'i Yerusalemu ntirwari rwakubakwa). Samweli yabaye uwa nyuma mu bacamanza ba Isirayeli n'umuhanuzi Imana yakoresheje kwimika umwami (wo ku isi) wa mbere mu mateka y'abisirayeli.

Samweli

(Umurongo: 1 Samweli)

Hari umuntu witwaga Elikana wari ufite umugore witwaga Hannah. Ntabwo yari yarabashije kubyarira umugabo we umwana. Umunsi umwe, asenga Uwiteka nuko ahiga umuhigo aravuga ati, **“¹¹ Nyagasani Nyiringabo, nureba umubabaro w'umuja wawe ukanyibuka, ntunyibagirwe ukampa umwana w'umuhungu, nzamutura Uwiteka abe uwe iminsi yose yo kubaho kwe.”** (1 Samweli 1:11).

Ikibazo: Ni iyihe yindi ntware yo muri Bibiliya twaganiriyeho ko nayo yeguriwe Imana na mbere yuko ivuka? [Samusoni].

Imana yumva isengesho rye nuko abyara umwana witwa Samweli. Hana nawe yakomeje isezerano rye kuko Samweli amaze guca akenge, amujyana mu rusengero. Azanira Samweli umutambyi Eli, aravuga ati, **“Uyu mwana ni we nasabye kandi Uwiteka yampaye icyo namusabye. 28. Ni cyo gitumye mutura Uwiteka, azaba uwatuwe Uwiteka iminsi yose yo kubaho kwe.”** Nuko asengeraga Uwiteka aho ngaho.”

(1 Samweli 1:27-28).

Ikibazo: Ni iyihe ndangagaciro twaba tuzi kuri Samweli? [Yahoraga aramyaga Uwiteka]. Akiri muto, na mbere yuko amenyana n'Imana ku giti cye, Samweli yaramyaga Uwiteka.

Ikibazo: Ni mu zihe nzira dukoresha turamya Imana? [Isengesho, guhimbaza, indirimbo, imyitwarire, imico].

Hari imirongo itatu itubwira ku ndangagaciro za Samweli:

1. Umutambyi Eli yari afite abana babiri batubahaga Uwiteka kandi nta cyiza baharaniraga. **Ariko Samweli yakoreraga Uwiteka ... (1 Samweli 2:18).**

Ikibazo: Ese murumuna w'umuntu w'umukobwa cyangwa w'umukobwa ubona yitwara ate iyo yitegereje mukuru we? [Murumuna w'umuntu akenshi agerageza kwigana mukuru we].

Ikibazo: Ni kuki Samweli atiganye bakuru be babiri? [Ibyanditswe bitubwira ko Samweli yahoraga imbere y'Imana].

Ikibazo: Abapapa, kuki ari ngombwa kwigisha abana bawe Ijambo ry’Imana? [Kugira ngo nabo, kimwe na Samweli bige kubaha Imana no kwiga kubaho nk’uko Ijambo ry’Imana ribiteganywa].

2. **“Uwo mwana Samweli akurira imbere y’Uwiteka.” (1 Samweli 2:21).** Samweli ntabwo yimye Imana amatwi nk’abahungu babiri ba Eli; ahubwo we yemeye Ijambo ry’Imana n’amategeko yayo.

Ikibazo: Ni gute umuryango wawe wakurira imbere y’Uwiteka? [Gusenga, gusoma Bibiliya, kuramya].

3. **“Maze uwo mwana Samweli arakura, atona imbere y’Uwiteka n’imbere y’abantu.” (1 Samweli 2:26).**

Ikibazo: Bibiliya iravugaga ngo Samweli arakura atona imbere y’Imana. Ese gutona bisobanura iki? [Igikundiro imbere y’abantu]. Samweli yari yubashywe & ndetse afite igikundiro kubwo kwiyegurira Imana no gukorera Imana.

Ikibazo: Ni guta wakura mu gihagararo ugatona mu muryango wawe no kubandi aho utuye? [Kurikiza urugero rwa Samweli. Hora imbere y’Imana, ukore ibikubahisha mu bandi].

Ikibazo: Ni mu zihe nzira wabasha gufata umwanya wo kuba imbere y’Imana? [Jya uhoza Uwiteka mu bitekerezo byawe ibihe byose; iyegurire kuyiokerera mu mpano yaguhaye].

Hari ikindi mu mico ya Samweli twaganiraho. Ibyanditswe bivugaga ko, **“Ariko Samweli yari ataramenya Uwiteka, kandi atarahishurirwa n’ijambo rye.” (1 Samweli 3:7).** Samweli yari amaze igihe kingana gityo yiga kumenya Imana n’uko yabasha kuyumvira no kuyikorera, ariko ntiyari yakamenyana nayo bwite ngo amenye umugambi Imana yari ifite ku buzima bwe.

Ikibazo: Umugambi w’Imana kuri Samweli wari uwuhe? [Kuyobora no kubageza ubutumwa bw’Imana ku bisirayeli bose]!

Ikibazo: Kuki bari ngombwa ko Samweli amara igihe yiga kumenya Imana n’uko yabasha kurikorera no kuyumvira? [Kimwe na Mose, kimwe na Yosua, Samweli yategurirwaga guhabwa inshingano Imana yari hafi kumuha, byari ngombwa ko aba yiteguye bihagije].

Ikibazo: Kuki byari ingenzi ko Samweli amenyana n’Imana ku giti cyeye? [Kugira ngo Samweli atamenyana gusa ibijyanye n’Imana ahubwo ayimenye by’ukuri koko]. Samweli yari uhagarariye Imana ku bisirayeli. Byari kumugora rero guhagararira Imana mu gihe ataziranye nayo neza.

Ikibazo: Kuki ari ngombwa ko ufata umwanya wo kwiga ibijyanye n’Imana no kumenya uko wayikorera no kuyumvira? [Kimwe na Samweli, Imana ifite umugambi ku buzima bwawe. Imana irashakaga ko uba witeguye neza guhabwa inshingano kandi ukazikora neza].

Ikibazo: Ni iki Imana ikwifuriza mu by'ukuri ku muni wa none? [Icyo Imana ikwifuzaho cyane uyu muni nuko wamenyana nayo ku giti cyawe.

Ibyandiswe bivuga ko, **“Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe? Cyangwa umuntu yatanga iki gucungura ubugingo bwe?” (Matayo 16:26).** Ushobora kugira ibintu byiza byose ujya wifuzaho, ushobora kugirira neza abantu benshi, ushobora kuba ikirangirire mu mikino itandukanye, ushobora gucundika n'abantu benshi kandi beza, ariko imibereho yawe izagira icyuho mu gihe udafite umubano wihariye n'Imana.

Nkuko Samweli yatweretse, Imana irashaka kuramya kwawe, kubaha, kumvira n'imirimu ariko ikirushijeho kwifuzwa nayo ni uko wasaba Yesu Kristo kwinjira mu mutima wawe.

Ikibazo: Ese uzi Yesu ubwawe bwite? Ese wigeze ufungura urugi rw'umutima wawe nuko usaba Yesu kwinjira akawuturamo?

Yesu aravugaga ati, **“Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe...” (Ibyahishuwe 3:20).** Niba utari wamufungurira urugi, Yesu ategereje ko umufungurira ngo yinjire, kandi nufungura azinjira maze atangire kuguhindura mu buryo butangaje –  n'umufungurira gusa.

Ubutumwa Bwiza – na Sammy Bickham –Dallas, TX

Abahungu ba Eli ntibari bazi Imana ndetse ntibigeze bayakira ariko Samweli we yarayakiriye. Bibiliya iravugaga iti, **“Icyakora abamwemeye (Yesu) bese bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kwitwaga abana b'Imana. ¹³ Abo ntibabyawe n'amaraso cyangwa n'ubushake bw'umubiri, cyangwa n'ubushake bw'umugabo (bisobanura ko utakwibashisha kugirana ubusabane na Yesu), ahubwo babyawe n'Imana.” (Yohana 1:12-13).** Yesu aravugaga ko numwakira mu mibereho yawe, impano agufitiye ni ukukugira umwana mu muryango w'Imana Data.

Yesu aravugaga ati, **“Dore! mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire” (Ibyahishuwe 3:20).** Niba utari wafungurira Yesu umuryango ngo yinjire mu buzima bwawe, ategereje ko umufungurira ngo yinjire aguhindure mu buryo butangaje.

Ikibazo: Ese uziranye na Yesu ubwawe bwite? Ese wigeze umufungurira umuryango w'umutima wawe umusaba kwinjira ngo ature muri wowe? Nonaha...kandi ushobora kumva niba arimo akomanga...urabizi...mwakire yinjire umusabe kukwakira mu muryango w'Imana, kugira ngo umenye Imana.

Niba umaze kwakira Yesu ... ubu ubaye icyaremwe gishya, ubu ugizwe umwana w'umwami n'umutware w'abatware. Vuba na bwangu uko bigushobokera uhite ugira abo ubwira icyo Imana imaze kugukorera!



ISOMO # 13: SAWULI (Igice cya 1)

Gusubiramo

Ibibazo byo mu cyumweru cyahise n' umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsu

“Wiringire Uwitaka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.” (Imigani 3:5-6).

Indangagaciro

Kumvira no kwiyegurira Imana

Ikibazo cyo kuganiraho

Uramutse utorewe kuba Perezida, icyakuzamo bwa mbere ni iki?

Itangiriro

Byamuvuzweho ko, "Akimara kumenya ko ubugingo bwe bwari bukeneye Yesu Kristo, yahise yumva ntakindi kimushishikaje gukora uretse kugeza Yesu Kristo kuri buri muntu wese." Ku myaka 44 y'amavuko, ikintu kidasanzwe cyamubayeho. Yari yarabonye amagana y'abantu bakizwa ndetse n'amatorero menshi ahangwa. Ariko akumva umutima we waka umuriro w'inyota yo gusohozza isezerano ry'Umwami wacu, " **Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko unyizera, imirimo nkora na we azayikora ndetse azakora n'iyiruta...**" (Yohana 14:12).

Asomye igitabo cyanditswe n'umugabo witwa Charles Finney, wari umuvugabutumwa mu myaka ya 1800, aho yanditse ko amategeko y'umwuka agenga umusaruro wo muby'umwuka (iyo abantu bakiriye Yesu ho umwami n'umukiza wabo) ni ay'ukuri no kwiringirwa kimwe n'amategeko agenga umusaruro usanzwe – aravugaga ati, "Ngiye gukora uko nshoboye menye aya mategeko agenga isarura mu buryo bw'umwuka nyumvire, ntitaye kucyo bizansaba nk'ikiguzi cyose."

Atangira kwiga buri murongo muri Bibiliya uvuga kuri Mwuka wera. Yabyuakaga kare cyane buri gihe saa kumi n'imwe cyangwa mbere yayo kugira ngo asome Bibiliya, asenge asaba Imana kumwuzuzwa Mwuka Wera. Umugoroba umwe ubwo yaganirizaga abantu batizeraga abona mu maso ya buri umwe muribo harimo kwemera nuko bose bakira Yesu Kristo. Nyuma yahoo asura Koreya nuko atangazwa n'uko abantu baho buzuzwaga bakabona imigisha y'Imana. Ibitangaza yabonye mu guhinduka kwa Koreya bishimangira ko bitakozwe **“Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye.' Ni ko Uwitaka Nyiringabo avuga.” (Zekariya 4:6).** Abanya Koreya bishingikirije umwuka w'Imana nuko bahabwa imbaraga z'umwuka wera.

Umumisiyoneri witwa Jonathan Goforth wo mu Bushinwa kuva mu mwaka wa 1888 – 1933 (uzamumenya neza mu isomo rya # 22). Yari azi ko niba yifuzaga ko Imana imukoresha ibikomereye, yari akeneye kuyiyegereza cyane kugira ngo Imana ikore ibikomereye imukoresheje. Uyu munsu, turarebera hamwe umugabo witwa Sawuki, umwami wa mbere w'Abisirayeli, twige uko Imana yakorera muritwe ibikomereye.

Ubusobanuro

Wibuke ko Samweli ariwe wari umucamanza wa nyuma w'Abisirayeli. Ariko ntibigeze bigana urugero rwa Samweli ahubwo bo babaye inkundamugayo. Nuko abakuru babo baraterana basanga Samweli baramubwira bati, "Abahungu bawe ntibakurikira Imana nkawe, nuko rero imika umwami atuyobore natwe tube nk'andi mahanga yose." Samweli ayanira Uwiteka icyo cyifuzo cy'abo bakuru. Uwiteka amenya ko abisirayeli banze ko ababera Umwami bityo abwira Samweli ati, "Bumvire nuko ubimikire umwami."

Ikibazo: Ni iki kigutandukanya n'undi muntu wese hano ku isi? [Ubwo Imana yaguteranyirizaga mu nda ya nyoko, intoki zawe, ibikugize, n'ubushobozi bwawe byose byateranyirijwe hamwe kuburyo utandukana n'abandi ukaba umuntu wihariye].

Ikibazo: Kugeza hariya twasomye, ni iki yatandukanyaga Isirayeli n'andi mahanga yose ku isi? [Imana niyo yari Umwami wabo].

Ikibazo: Kuki bangaga ko Imana ikomeza kubabera umwami? [Bifuzaga kuba nk'andi mahanga yose].

Sawuli (Igice cya 1)

(Umurongo: 1 Samweli ibice 9-10 imirongo yatoranyijwe)

"Hariho umugabo w'Umubenyamini witwaga Kishi mwene Abiyeli mwene Serori, mwene Bekorati mwene Afiya umwana w'Umubenyamini, umugabo ukomeye w'intwari. 2. Kandi yari afite umuhungu mwiza w'umusore witwaga Sawuli. Nta muntu n'umwe mu Bisirayeli wamurutaga ubwiza ..."

(1 Samweli 9:1-2).

Bibiliya isobanura uko Imana yahishuriye Samweli umugambi wayo wo guha Isirayeli umwami: **"Ejo nka magingo aya nzakoherereza umugabo uturutse mu gihugu cya Benyamini, uzamwimikishe amavuta abe umwami w'ubwoko bwanjye Isirayeli. Ni we uzakiza ubwoko bwanjye amaboko y'Abafilisitiya, kuko maze kureba abantu banjye kandi gutaka kwabo kwangezeho."** (9:16).

Samweli asanga Sawuli amubwira ko Imana yamutoranyirije kuba umwami wa Isirayeli kandi ko ariwe Abisirayeli bari bategereje. **9:21 Maze Sawuli aramusubiza ati "Mbese sindi Umubenyamini wo mu muryango muto wo mu ya Isirayeli? Kandi se inzu yanjye si yo iri hanyuma y'ayandi mazu yose y'Ababenyamini? Ni iki gitumye umbwira bene ibyo?"** (9:21).

Ikibazo: Ese igisubizo cya Sawuli hari abandi muri Bibiliya bagiye basubiza nka we mu gihe Imana yabatoranyirizaga kuyobora abantu bayo? [Mose, Gidiyoni].

Samweli amaze guha Sawuli amabwiriza, abwira Sawuli ati, **"Umwuka w'Uwiteka ari bukuzeho cyane uhanurane na bo, uhereko uhinduka ube umuntu mushya. 7 Kandi ibi bimenyetso nibigusohoraho ugenze uko bikwiriye, kuko Imana iri kumwe nawe. 8. Kandi uzantange kugera i Gilugali, nanjye nzagusangayo nje gutamba ibitambo byoswa n'ibitambo by'ishimwe yuko ari amahoro. Uzamareyo iminsi irindwi untegereje, kugeza igihe nzaza nkagusobanurira icyo ukwiriye gukora."** 9. Nuko agiteruka aho Samweli yari

ahagaze Imana imuha umutima mushya, maze uwo muni bya bimenyetso byose birasohora. (1 Samweli 10:6-9).”

10:17 Bukeye Samweli ahamagaza abantu, abateraniriza i Misipa imbere y’Uwiteka. 18. Abwira Abisirayeli atya ati “Uku ni ko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuze iti ‘Nakuye Isirayeli muri Egiputa, mbakiza amaboko y’Abanyegiputa n’amaboko y’abami bose babarenganyaga.’ 19. Ariko none mwanze Imana yanyu yabakizaga ubwayo mu byago byanyu byose n’imibabaro yanyu, none murayibwira muti ‘Ahubwo utwimikire umwami.’ Nuko none mwiyerekane imbere y’Uwiteka, imiryango n’ibihumbi byanyu uko biri.” 20. Nuko Samweli yigiza hafi imiryango ya Isirayeli yose, umuryango wa Benyamini uratorwa. 21. Yigiza hafi amazu y’umuryango wa Benyamini, inzu ya Matiri iratorwa. Na Sawuli mwene Kishi aratorwa, baramushaka arabura. 22. Nuko bongera kubaza Uwiteka bati “Mbese hari undi usigaye wo kuza hano?” Uwiteka arabasubiza ati “Nguriya aho yihishe mu bintu.” 23. Baragenda biruka baramuzana, ahagaze muri bo abasumba uko bangana, bamwe bamugera ku rutugu. 24. Samweli aherako abwira abantu bose ati “Mbese mubonye uwo Uwiteka yatoranije, ko nta wuhwanye na we mu bantu bose?” Nuko abantu bose batera hejuru bati “Umwami aragahoraho!” 10:17-24).

Ikibazo: Ni iki Mose na Gidiyoni na Sawuli bari bahuje? [Bari abantu basanzwe batiyumvishaga ko babasha ibyo Imana yabasabaga gukora].

Ikibazo: Kuki Imana yatoranyije Sawuli ngo abe umwami? [Imana yari izi ko Sawuli afite ibikenewe ngo abashe kuba umuyobozi mwiza].

Ikibazo: Ni iki Imana yakoreye Sawuli kugira ngo imubashishe kuba umwami? [Imana yatumye umwuka wayo kuri Sawuli kugira ngo amufashe gusohoza inshingano yasabwaba gukora].

Ikibazo: Ni iki kintu kimwe cyabuzaga Sawuli kwizera ko ashobora kuba umwami mwiza? [Sawuli!]. Sawuli ntabwo yari yifitiye icyizere. Yageze naho ajya kwihisha ubwo yagombaga kwerekwa abantu nk’umwami wabo.

Ikibazo: Ni iki cyateraga Sawuli uku gushidikanya? [Kwizera kwe no kwiringira Imana]. Sawuli ntabwo yizeraga ko Imana ariyo mugenga wa byose kandi ko ibasha kumushoboza kuba umuyobozi mwiza.

Ikibazo: Tekereza kuri Mose, Gidiyoni na Sawuli? Ese urugero rwabo nk’abayobozi batoranyijwe n’Imana rutwigisha iki uyu muni? [Kimwe na Mose, Gidiyoni na Sawuli, nawe ushobora kukorera Imana ibikomeme]. Bibiliya iravuga iti: “**Wiringire Uwiteka n’umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo.**” (Imigani 3:5-6).

Ikibazo: Ni gute Imana yagukoresha ibikomeme kubwayo? [Ibuka, ni imbaraga z’Imana zigukoreramo nizo zisohozwa umugambi wayo]. Imana yakuremye mu buryo butangaje

bwihariye kugira ngo usohoze umugambi wayo kuri wowe. Kubwo uko yakuremye n’aho yagushyize, nta wundi wabasha kuyikorera ibyo yakuremye gukora.

Ikibazo: Uruhare rwawe muri uwo murimo ni uruhe? [Uruhare rwawe n’ukoboneka ukayiyegurira, kuyiringira no kuyumvira]. Baza Imana icyo ishaka ko uyikorera ndetse uyisabe kugufasha gukora uwo murimo.



Ubutumwa Bwiza – na Bobby Silva – Dallas, TX


Uburyo bwonyine bwatwinjiza mu murimo w’Imana ni ukugira ubusabane bwihariye n’Umwana wayo Yesu. Iyo twiringiye Yesu n’umurimo ukomeye yarangirije ku musaraba, Imana itubabarira ibyaha byacu byose. Bibiliya iravuga iti:

- **“Yesu arabasubiza ati “Umurimo w’Imana nguyu: ni uko mwizera uwo yatumye.” (Yohana 6:29)**
- **“ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.” (Abaroma 5:8).**

Ntabwo Imana ishaka gusa imirimo yacu, ukwitanga kwacu n’iby’agaciro dutunze byonyine. Icyo Imana yifuzaga hejuru ya byose, ni uko twamwegurira umutima wacu. Iyo twakiriye Yesu mu mutima wacu tukajya muni y’ubutware bwe, atangira kudutunganyiriza gusa n’Umwana w’Imana. Ibyo nibyo twita gusa na Kristo kurushaho.

Ikibazo: Ese ufitanye umubano bwite na Yesu? Ese waramwiyeguriye we n’umurimo ukomeye yarangirije ku musaraba? Bibiliya itwigisha ko inzira yonyine iganisha abantu mu ijuru ari Yesu wenyine.

- **“Yesu aramubwira ati, ninjye nzira, n’ukuri, n’ubugingo. Ntawe ujya kwa Data ntamujynanye.” (Yohana 14:6).**
- **Niyo mpamvu, “Ni watuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa, (Abaroma 10:9).**

Iyo tumaze gukizwa tukagirana ubusabane bwihariye n’Imana tubasha gutangira gukora umurimo w’Imana mu mbaraga z’Umwuka Wera. Umurimo uhebuje indi yose twakora ni uwo kwamamaza ubutumwa bwiza: **“Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y’Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki.” (Abaroma 1:16).** Nta murimo  uruta uyu wo kwamamaza ubutumwa bwiza!

Sawuki ni intwari yo muri Bibiliya. Yakoreshejwe n’Imana ibintu byinshi bikomeye nkuko tubisanga mu isomo rikurikiraho. Ariko turaganira no ku mahitamo mabi yagiye afata we n’ubwoko bw’Abisirayeli, n’uko Imana yakoze inyuriye no muri bene ayo mahitamo mabi iha umugisha ubwoko bwayo.

ISOMO # 14: SAWULI (Igice cya 2)

Gusubiramo

Ikibazo cyo mu cyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu muni

“Mujye mwubaha Uwiteka gusa mumukorere mu by’ukuri n’imitima yanyu yose, murebe ibyo yabakoreye uburyo bikomeye.” (1 Samweli 12:24).

Indangagaciro

Gukorera mu mucyo

Ikibazo cyo kuganiraho

Tuvuge ko watoranyirijwe kuba kapiteni w’ikipe yanyu. Ugahabwa amabwiriza ajyanye n’inshingano zawe ushinzwe. Uramutse wirengagije ayo mabwiriza, ingaruka zaba izihe?

Itangiriro

Buri mwaka, imikino bita “the Ironman Triathlon (ibera muri Hawaii) isiga amagana y’inkuru zinejeje cyane zerekana ukudacika intege n’imbaraga umuntu ashobora kuba yageraho. Abarushanwa biyaha akuya bakarenza ubushobozi basanganywe mu koga ibirometero 3.86km, barangiza bagasiganwa ku magare ibirometero birenga 180.25, barangiza bakirukanga ibirometero 42.16km – kugera ku musozo bibaha umunezero uhebuje kuburyo bigoye kugira icyo wawugereranya nacyo.

Amarushanwa yo mu mwaka wa 1999 yarimo uwitwaga Dick hamwe na Rick Hoyt. Rick w’imyaka 37 yabanaga n’ubumuga bwatumaga atabasha kugendesha amaguru ndetse ntiyanabashaga kuvuga. Ariko yari afite intego yo kurushanwa muri iyi mikino ya triathlon. Nuko Dick w’imyaka 59 akora imyitozo kugira ngo azabashe gusoza aya masiganwa hamwe n’umwana we ndetse kubw’umwana we. Akurura umwana we mu bwato mugihe cyo koga, atwara igare ryari rifite agafuka umwana we yari yicayemo akamusunika mu kagare yari yakoresheje kihariye mu gihe cyo kwirukanga.

Mu gihe cyo gusiganwa ku igare, baza kugira ikibazo cy’igare kuburyo bari hafi kuva mu irushanwa. Dick abaza umuhungu we niba yifuzaga gukomeza, Dick abyemeza n’umutwe. icyo nicyo se yashakaga. Nyuma y’iminota 30 yo gukererwa, bakomeza urugendo. Haraho bagaraga ugasanga Dick no kuzamuka byanze kubwo gusunika Rick ku misozi. Nuko, mbere y’iminota 45 ngo saa sita z’ijoro zigere, baba barahageze. Mu mbaraga ze za nyuma, Dick araza agera ku murongo wa nyuma. Rick azamura amaboko apepera abantu benshi bari baraho bamushagaye.

Dick na Rick bakorera mu mucyo buri wese ashinzwe mugenzi we. Rick aravugaga ati, "Data ni umwe mubo mfairaho urugero. Iyo yiyemeje gukora ikinu runaka, Data akinambaho uko cyaba kimeze kose, kugeza akirangije." Bombi barashishoza mbere yo gufaa ibyemezo kuko bigira ingaruka kuri bese ndetse no kuri benshi babereye icyitegererezo.

Uyu muni, turakomeza kumenya neza Sawuli, tunarebere hamwe uko gukorera mu mucyo no kugenzurana ari ikintu cyiza tugomba gukuzana mu mibereho yacu.

Ubusobanuro

Uwiteka yamenye ko abisirayeli banze ko ababera Umwami, nuko Uwiteka ategeka Samweli gusiga Sawuli amavuta ngo azimikwe abe umwami wa mbere w'abisirayeli. Sawuli aba ikimenywanabose mu bisirayeli. Sawuli amaze kwimikwa nk'umwami, Samweli abwira ijambo igihugu cy'abisirayeli bose.

Sawuli (Igice cya 2)

(umurongo: 1 Samweli 12:12-25)

"Bukeye mubonye Nahashi umwami w'Abamoni abateye murambwira muti 'Ahubwo umwami ni we uzadutegeka.' Kandi Uwiteka Imana yanyu ari yo Mwami wanyu. 13. "Nuko none dore umwami mwitoranirije kandi mwasabye. Ngaho Uwiteka amaze kubaha umwami wo kubategeka. 14 Icyampa mukubaha Uwiteka mukamukorera, mukamwumvira ntimugomere itegeko rye mwebwe n'umwami wanyu ubategeka, mugakurikira Uwiteka Imana yanyu! 15. Ariko nimutumvira Uwiteka mukagomera itegeko rye, ukuboko k'Uwiteka kuzabakoraho nk'uko kwakoze kuri ba sogokuruza.

16. Nuko none nimuhagarare murebe iki kintu gikomeye, Uwiteka ari bukorere imbere yanyu. 17. Mbese uyu muni si mu isarura ry'ingano? None ngiye gusaba Uwiteka yohereze guhinda kw'inkuba n'imvura, maze muramenya murebe gukiranirwa kwanyu ko ari kwinshi mwakoreye imbere y'Uwiteka, ubwo mwisabiye umwami."

Ikibazo: Kuki abantu batangariye Uwiteka na Samweli kubw'imvura no guhinda kw'inkuba mu gihe cy'isarura ry'ingano? [Nta mvura yari yarigeze igwa mu gihe cy'isarura].

Ikibazo: Ni iki Samweli yagezeho bitewe no gutuma iyo mvura igwa mu gihe cy'isarura? [Nubwo abisirayeli bari babonye umwami, Samweli yifuzaga ko abisirayeli bamenya ko Imana ariyo ikomeje kuba umugenga wa byose kandi ko bakwiriye kuyumvira].

18 Nuko Samweli asaba Uwiteka, maze uwo muni Uwiteka yohereza guhinda kw'inkuba n'imvura, abantu bose baherako batinya Uwiteka na Samweli.

19. Nuko abantu bose babwira Samweli bati "Sabira abagaragu bawe ku Uwiteka Imana yawe twe gupfa, kuko twongereye ku byaha byacu byose iki cyaha cyo kwisabira umwami." 20. Maze Samweli abwira abantu ati "Ntimutinye. Ni ukuri ibyo bibi byose mwarabikoze, ariko noneho ntimukebakebe ngo mudakurikira Uwiteka, ahubwo mukorere Uwiteka n'imitima yanyu yose.

Ikibazo: None se aya magambo ya Samweli ni iki yibukike abisirayeli? [Yatumye bamenya ko bacumuye ku Mana kubwo kwanga ko ibabera umwami].

21 Ntimugakebakebe kuko ari ugukurikira ibitagira umumaro, bitarimo indamu cyangwa agakiza kandi ari ubusa. 22 Uwiteka ntazahemukira abantu be ku bw'izina rye rikuru, kuko Uwiteka ubwe yishimiye kubihindurira ubwoko. 23 Kandi ku bwanjye ntibikabeho ko ncumura ku Uwiteka nkareka kubasabira, ahubwo nzajya mbayobora inzira nziza itunganye. 24. Mujye mwubaha Uwiteka gusa mumukorere mu by'ukuri n'imitima yanyu yose, murebe ibyo yabakoreye uburyo bikomeye. 25. Ariko nimukomeza gukora nabi muzarimbukana n'umwami wanyu."

Ikibazo: Ni iki Samweli yategetse abisirayeli gukora? [Kudakebakeba ngo badakorera Uwiteka, ahubwo ko bakwiriye gukorera Uwiteka n’umutima wabo wose.

Ikibazo: Ni irihe somo Samweli atwigishije uyu muni kubijyanye no gusenga? [Tugomba gusengera abagomeye Imana].

Ikibazo: Ni iki Samweli atwigishije kubijyanye no kwiringira abantu aho gushyira ibyiringiro byacu ku Imana? [Igihugu cyacu cyagusha ishyano, turamutse twese duhisemo gutera Imana umugongo].

Ikibazo: Ni ibihe bimenyetso cyangwa ibica amarenga ko igihugu cyacu gishobora kuba cyerekeraga ku gutera Imana umugongo? [Soma amategeko icumi, nurangiza urebe ibyanditswe mu kinyamakuru kuri uwo muni. Urahabona iki?].

Nk’umuyobozi w’inyigisho, fata uyu mwanya uyobore isinda mu masengesho; usabe Imana gufasha igihugu cyacu kigahunga ibibi kikagarukira Imana kurushaho.

Icyemezo abisirayeli bafashe cyo kwanga ko Imana ibabera umwami bagahitamo ko ahubwo umuntu ariwe wababaera umwai ntabwo cyaturutse ku Imana. Samweli yari azi neza ko abantu nibiringira Sawuli aho kwiringira Imana bazahura n’akaga nuko afata icyemezo cyo kubibibutsa. Tumaze kubona amahitamo mabi abisirayeli bakoze. Reka noneho turebe niba Sawuli yarakomeje amategeko y’Imana. Reka dusome 1 Samweli 13:7-14 maze turebe uko byagenze.

Icyemezo cya Sawuli

Umuhungu wa Sawuli witwa Yonatani yari yeteye inkambi y’Abafilisitiya. Nuko abafilisitiya bateranya ingabo nyinshi, ziruta ubwinshi ingabo z’Abisirayeli. Ubwo abagabo b’abisirayeli babonaga ibyo bamenya ko ibintu byabakomeranye, abenshi barihisha abanda bakwira imishwari. Sawuli n’ingabo ze icyo gihe bari ahantu hitwa Gilugali.

“Kandi bamwe mu Baheburayo bari bambutse Yorodani, bajya mu gihugu cy’i Gadi n’i Galeyadi. Ariko Sawuli we yari akiri i Gilugali, abantu bose bamukurikira bahinda umushitsi. 8. Sawuli amarayo iminsi irindwi ategereje Samweli nk’uko yamutegetse. Ariko Samweli ataraza i Gilugali, abantu baratatana bamushiraho. 9. Nuko Sawuli aravugaga ati “Nimuzanire hano igitambo cyoswa, n’ibitambo by’ishimwe yuko turi amahoro.” Aherako atamba igitambo cyoswa.”

Ikibazo: Ese uribuka mu isomo ryo mucyumweru gishize icyo Samweli yabwiye Sawuli gukorera i Gilugali? [Samweli yabwiye Sawuli ko atagomba gutambira Imana igitambo icyaricyo cyose ho ituro mbere yuko Samweli aza akamubwira icyo akwiriye gukora, kuko ariko Uwiteka yari yategetse].

“Aherako atamba igitambo cyoswa. 10. Akimara gutamba Samweli aba araje, maze Sawuli arasohoka ajya kumusanganira ngo amuramutse. 11. Samweli aramubaza ati

“Ibyo wakoze ni ibiki?” Sawuli aramusubiza ati **“Nabonye abantu banshizeho batatana. Nawe ntiwaje mu minsi yategetswe, kandi Abafilisitiya bari bamaze guteranira i Mikimashi, 12. bituma nibwira nti ‘Ubu ngubu Abafilisitiya bari bumanukire i Gilugali bantere kandi ntarahendahenda Uwiteka ngo ampe umugisha.’ Ni cyo gitumye nihata ntamba igitambo cyoswa.”** 13. Maze Samweli abwira Sawuli ati **“Wafuditse, ntiwumviye itegeko ry’Uwiteka Imana yawe yagutegetse, none Uwiteka aba akomeje ubwami bwawe mu Isirayeli iteka ryose.** 14. Ariko noneho ubwami bwawe ntibuzagumaho, Uwiteka amaze kwishakira umuntu umeze nk’uko umutima we ushaka, kandi ni we Uwiteka yashyizeho kuba umutware w’ubwoko bwe, kuko utumviye icyo Uwiteka yagutegetse.” (1 Samweli 13:7-14).

Ikibazo: Kuki Samweli yari yetegetse Sawuli gutegereza kugeza ubwo amugereyeho i Gilugali mbere yuko atambira Uwiteka igitambo? [Uwiteka yashakaga ko Sawuli amwumvura by’ukuri].

Ikibazo: Ni iki Samweli yari yaraburiye Sawuli n’abisirayeli ubwo Sawuli yagirwaga umwami? [Yababuriye ko bagomba kumvira no gutinya Uwiteka bakamukorera n’imitima yabo yose. Ko nibatera Uwiteka umugongo, ubwoko bwose bwa isirayeli ko buzatsembwa bugakurwaho].

Ikibazo: Ese uzi ingaruka z’uku kutumvira Imana kwa Sawuli? [Samweli yabwiye Sawuli ko kuba yanze kumvira ijamba ry’Uwiteka, ko Uwiteka amwanze nk’umwami w’abisirayeli!]

Ikibazo: Uratekereza ko kuki ibikorwa bya Sawuli byagize ingaruka zikabije bene aka kageni? [Umwami watoranyijwe n’Imana kuyobora abisirayeli yasabwaga kuba intangarugero ku bisirayeli bose rw’uko bakwiriye kubaho bumvira Imana. Imana yari ikeneye umuntu wayumvira atizigamye].

Sawuli yari imwe mu ntwari zo muri Bibiliya – hari byinshi yakoreye Imana. Ariko n’intwari nazo hari igihe rimwe na rimwe zihitamo nabi, maze zigahura n’ingaruka zo guhitamo nabi kwazo.

Ikibazo: Ese kuryozwa ibikorwa byacu bisobanura iki? [Kubazwa ibijyanye n’amahitamo yacu cyangwa ibyemezo dufata].

Ikibazo: Kuki ari byiza kwiga gukorera mu mucyo tukagenzurwa mubyo dukora? [Buri cyemezo ufashe, hari undi muntu runaka kigira ho ingaruka]. Iyo twize gukorera mu mucyo tugenzurwa mubyodukora, tubasha kumenya ibikwiriye n’ibidakwiriye, imico yemewe n’itemewe.

Ikibazo: Ni gute wakwiga gukorera mu mucyo no kugenzurwa mu byo ukora? [Kora ku buryo ibyo ukora bigirira umumaro abandi, i.e niba hari inshingano zitujujwe, ntihagire ubihemberwa, cyangwa se nawe ubwawe ugire ibyo utakaza niba utujuje inshingano zisabwa].

Ikibazo: Ese isomo ry’uku kutumvira Imana kwa Sawuli riratangisha iki uyu muni? [Nkuko Sawuli yahuye n’ingaruka zo kutumvira Imana kwe; niko natwe bizatugendekera nidufata ibyemezo bibi].

Ntabwo gufata ibyemezo bizima buri gihe cyose biba byoroshye. Iyo uri mu bihe bigusaba gufata icyemezo gikomeye, uzajye wibuka amagambo ya Samweli, **“Mujye mwubaha Uwiteka gusa mumukorere mu by’ukuri n’imitima yanyu yose, murebe ibyo yabakoreye uburyo bikomeye.”** (1 Samweli 12:24).

Ubutumwa Bwiza – na Kurt Nelson –  Dallas, TX

Ikibazo: Ni gute kugendana n’Imana kwacu kuja kugereranywa n’uru rugero rwo kutumvira Imana kwa Sawuli? [Uko twaba twifuzaga kumvira Imana buri mu munsu kose, twese tuvugishije ukuri tutibeshya tuzi neza ko tujya tugwa kenshi ntidushyikire ubwiza bw’Imana.]

Bibiliya yerekana neza cyane ko twese twakoze ibyaha duteshuka mu kumvira mategeko y’Imana itugenzuramo. **“nk’uko byanditswe ngo “Nta wukiranuka n’umwe,¹¹Nta wumenya, nta wushaka Imana.¹²Bose barayobye, bese bahindutse ibigwari, Nta wukora ibyiza n’umwe.”**(Abaroma 3:10-12)

Gukorera mu mucyo no kubazwa ibyo ukora bigira ingaruka. Iyo tudakoze ibyo dusabwa gukora, Imana irabitubaza. Sawuli yatakaje ubwami bwe kubwo kutumvira Imana. (1 Samweli 13:13-14).

Ikibazo: Ni iyihe ngaruka yo kutumvira Imana buri gihe cyose? [Ingaruka isumba izindi ni ugutandukanywa n’Imana mu buryo bwo mu mwuka ubu ndetse n’iteka ryose. Kimwe nuko Sawuli yatakaje ubwami, natwe dutakaza amahirwe yo kuba mu bwami bw’Imana iteka ryose aribwo Bibiliya yita ubugingo buhoraho mu ijuru].

Yesaya 59:2 ivuga ko, **“Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n’Imana yanyu, n’ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva.”**

Gutakaza ubwami kwa Sawuli ntabwo byagombaga guhinduka kuri we. Nta mahirwe yari afite yo kuzongera gusubirana ubwami u gihe yabutakaje. Byari agahinda nigiombo kidasubirwaho.

Ikibazo: Ese hari ibyiringiro kuri twe? Ese aho ibyaha byacu ntibyaba byarakuyeho bidasubirwaho ibyiringiro byacu byo kuzongera kugira amahirwe yo kuzaba mu bwami bw’Imana? [Amahirwe dufite nuko hari inkuru nziza kuri njye nawe! Kubwo kumvira Imana Data wa twese kwa Yesu Kristo, Imana yacu ni Imana itanga amahirwe ya kabiri!]

Yesu yabayeho ubuzima butagira icyaha, yahisemo kwitanga ngo aze agirweho n’ingaruka z’ibyaha byawe. Yahagaze mu mwanya wawe aratotezwa apfa urupfu rubi rwo ku musaraba kubw’ingaruka z’ibyaha byawe – kandi yishyizeho ibihano by’ibyaha byacu kugira ngo ubashe kubabarirwa iteka ryose. **“kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw’Imana.”** (2 Kor. 5:21)

Ikibazo: Ese uku kubabarira birikora ntacyo bisabye? Ese hari icyo usabwa gukora ngo wakire izo mbabazi? [Ni impano y’ubuntu! Si kubw’imirimo, ntawabikorera, ntan’ibyo dukwiriye. Ariko tugomba kubisaba maze tukayihabwa mu kwizera].

Kimwe no kwakira impano, icyo dusabwa gusa ni ukwizera ibyo Yesu yadukoreye ubwo yababarizwaga ku musaraba azira ibyaha byacu bityo tukamwakira akatubera Umwami n'Umukiza! - Yohana 1:12-13.

Ikibazo cy'inyongera: none se turamutse twaramaze kwakira Yesu h'Umwami n'Umukiza ariko tukizaga twarakoze ibyaha imbere y'Imana nyuma yo kwizera? [Iyo twakiriye Kristo, Bibiliya itwigisha ko tuba dufite ubugingo buhoraho – iteka ryose. Birumvikana ko rimwe na rimwe twisanga twateshutse tukava ku murongo tugakora ibidakwiriye, ariko inkuru nziza ni uko Yesu Kristo n'ibyo byaha nabyo yarabipfiriye.].

Iyo tumaze gushyira ibyiringiro byacu muri Yesu akatubabarira tugahabwa impano y'ubugongo buhoraho, tuba tubabariwe iteka ryose kandi agakiza kacu karindiwe muri we. Kubw'iyi mpamvu, turasabwa kwemera integer nke zacu imbere y'Imana tukayishimira na none kubw'impano y'imbabazi yarangije kuduha! **“Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.”** (1 Yohana 1:9) Mbega inkuru nziza! Imana ishimwe!

ISOMO # 15: DAWIDI: UMWAMI IMBERE MU MUTIMA

Gusubiramo

Ikibazo cyo mu cyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu muni

“...kuko Uwiteka atareba nk’uko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima.” (1 Samweli 16:7).

Indangagaciro

Umutima ukurikiza umutima w’Imana

Ubusobanuro

Hari mu gihe cy’itumba, ubwo umutware w’abaroma (Roman Emperor Licinius (250-325 A.D.) yakoraga ubukangurambaga bwo kwikiza abakristo mu bwami bwe. Umutwe ukomeye w’abasirikare be ukomeye witwaga “Thundering Legion” yayoborwaga n’umukentariyoni witwaga Sempronius. Uwo mutwe w’abasirikare witwaga Legion wakampitse mu mutwe witwaga Sebaste. Licinius yaje kumenya ko abasirikare 40 bo muri wa mutwe w’ingabo wa Legion babaye abakristo maze ategukwa ko bamburwa imyenda bagakubitirwa ibiboko mu kidendezi cyuzuyemo urubura gikonje byo gupfa. Hirya y’icyo kidendezi hari inzu, nuko ategukwa ko bacana umuriro bagashyiramo n’ibyo kurya byinshi. Avuga ko muri abo 40 uwihakana Yesu wese ayanwa muri iyo nzu akuhagizwa amazi ashushye, akagaburirwa, agashyuha akanezererwa.

Izuba riba rirarenze ijoro riratashye, benshi mu basirikare bakomeza mucaka muri rwa rubura bagageza gushakisha ko ubukonje butabica bafatanyaga gusenga bati “Uwiteka Nyiringabo. Indwanyi mirongo ine twaje kukurwanirira. Uwiteka Nyiringabo, fasha kugira ngo twe mirongo ine tubone insinzi.”

Uko ijoro ryakuraga, umwe muri bo aba atagishoboye kwihanganira kubabazwa. Avamo ajya muri yanzu aho Sempronius n’abarinzi be bari bari. Abanda batangira gupfira muri rwa rubura. Abanda mu gihe bagishoboye, bakomeza gusenga bati: “Uwiteka Nyiringabo. Indwanyi mirongo ine twaje kukurwanirira. Uwiteka Nyiringabo, fasha kugira ngo twe mirongo ine tubone insinzi.”

Bwagiye gucya isengesho ryabo ryasubijwe. Byageze mu ijoro cyane, wa mutware w’umukentariyoni Sempronius, yumva atsinzwe n’uku kwizera gukabije maze nawe ahagarara imbere yabo nawe aravugaga ati najye mbaye umukristo. Yiyambura imyenda ye yose nawe ajya muri cya kidendezi cy’urubura hagati hamwe na benese muri Kristo. Bwagiye gucya, roho z’abera mirongo ine zihagaze imbere y’ubwiza bw’Umwami wacu Yesu Kristo Sempronius ari umwe muri bo.

Sempronius yasobanukiye ko icyo Imana yashakaga wari umutima we. Uyu muni turaganira ku muhungu Imana yatoranyije ngo azabe umwami uzakurikiraho kuyobora Abisirayeli kubera umutima we.

Ubusobanuro

Kuko Sawuli yari yarihakanye ijamba ry’Uwiteka, Imana imuca ku ngoma ya Isirayeli. Samweli abwira Sawuli ati, **“Uwiteka na we aguciye ku ngoma ya Isirayeli uyu muni, ayihaye umuturanyi wawe ukuruta.” (1 Samweli 15:28).** (Ushaka kumvaneza iyi nkuru soma 1 Samweli igice cya 15).

Dawidi (igice cya 1)

(umurongo: 1 Samweli 16:1-12)

“Bukeye Uwiteka abaza Samweli ati “Uzageza he kuririra Sawuli, kandi nanze ko aba umwami wa Isirayeli? Uzuza ihembe ryawe amavuta ngutume kuri Yesayi w’i Betelehemu, kuko niboneye umwami mu bahungu be.”

2.Samweli arabaza ati “Nagenda nte ko Sawuli nabyumva azanyica?” Uwiteka aramusubiza ati “Jyana inyana y’ishashi, nugerayo uvuge uti ‘Nzanywe no gutambira Uwiteka igitambo.’ 3.Maze uhamagare Yesayi aze ku gitambo, nanjye nzakwereka uko uzagenza, uzansukira amavuta ku wo nzakubwira.”

4.Nuko Samweli akora uko Uwiteka yavuze, ajya i Betelehemu. Agezeyo abatware b’umudugudu baza kumusanganira bahinda umushitsi. Baramubaza bati “Mbese uzanywe n’amahoro?”

5.Ati “Ni amahoro. Nzanywe no gutambira Uwiteka igitambo, nimwiyeze muze tujyane ku gitambo.” Kandi yeza Yesayi n’abahungu be, abahamagara kuza ku gitambo.

6.Nuko basohoye aho yitegereza Eliyabu aribwira ati “Ni ukuri, uwo Uwiteka yimikisha amavuta nguyu imbere ye.”

7.Ariko Uwiteka abwira Samweli ati “Nturebe mu maso he cyangwa ikirere cye ko ari kirekire namugaye, kuko Uwiteka atareba nk’uko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima.”

8.Yesayi aherako ahamagara Abinadabu, amumurikira Samweli. Samweli aravuga ati “Uyu na we si we Uwiteka yatoranije.”

9.Yesayi ariyongeza amurika Shama, na bwo Samweli aravuga ati “Uyu na we si we Uwiteka yatoranije.”

10.Nuko Yesayi amurikira Samweli abahungu be barindwi. Maze Samweli abwira Yesayi ati “Aba si bo Uwiteka yatoranije.”

11.Samweli abaza Yesayi ati “Abana bawe bose ni aba?” Aramusubiza ati “Hasigaye umuhererezi, ariko aragiye intama.” Samweli abwira Yesayi ati “Mutumire bamuzane, kuko tutari bujye kurya ataraza.”

12. Nuko aramutumira amujyana mu nzu. Yari umuhungu w’inzobe ufite uburanga kandi w’igikundiro. Uwiteka aravuga ati “Haguruka umusukeho amavuta, ni we uwo.”

Ikibazo: Iyo uza kuba ari wowe Samweli, ese uba waratoranyije Dawidi ngo abe umwami? [Oya ntabwo ku muzu wa mbere – wenda se ku nshuro ya kabiri!]

Ubwo Yese yabwirwaga ko umwe mu bana be agiye kugirwa umwami – atuma abana be bose bahagarara imbere ya Samweli. Nzi neza ko Yese yashyize umuhungu we w’imfura kandi munini kuruta abandi akagira n’imbaraga nyinshi kubarusha – ategereza yizeye ko ariwe uribugirwe umwami. Ariko siko byaje kugenda. Ubwo Samweli yari amaze kwerekwa abahungu

ba Yese bose, ntiyari arakabona uwo yashakaga kwimika – ahubwo, byaje kurangira atabonye umugabo – ahubwo yimitse umuhungu!

Dawidi siwe wari munini cyangwa mukuru mu muryango wabo – yari umuhungu muto ushobora no kiuba afite imyaka 12. Kubwa se ntanubwo yari agejeje igihe cyo kuba yajya no gukina mu basore – ise ntiyigeze anamutekereza ko yashobora izo nshingano. Ku birebeshwa amaso, Dawidi ntabwo yasaga nk’umwami. Ariko Imana yo yarebaga umwami imbere mu mutima we!

Ikibazo: Ese ni ibiki Imana ishingiraho itoranya umuntu? [Imana ireba umutima w’umuntu].

Reka duhure na Dawidi, mwene Yese, wakomokaga mu mugu muto wa Betelehemu, watoranyirijwe n’Imana kuba umwami w’Abisirayeli. Mu kurebera hamwe ibya Dawidi, ndakeka ko nawe uza kuvumbura indangagaciro lana yifuza ko nawe waba ufite.

Umuntu umeze nk’uko umutima w’Imana ishaka!

Dusanga ko Dawidi yari umuntu umeze nk’uko Imana ishaka (1 Samweli 13:14).

Ikibazo: Ese kugira umutima umeze nk’uko Imana ishaka bisobanura iki?” [Bisobanura kugira imico nk’iyayo; kubaho ubuzima buyinezeza, kubaho imibereho igaragaramo Imana; kuyihagararira]. Dawidi yasobanukiwe Imana yifuza ko imibereho y’umuntu yamera kandi akabikora ayumvira (niba wibuka, kumvira bituma umuntu abasha kwiga kugendera mu nzira y’Imana, no gukomeza gusa nayo kurushaho).

Inshingano

Dawidi yari umushumba. Iki nicyo Imana yabwiye Dawidi inyuriye ku muhanuzi Natani: **“Nagukuye mu rugo rw’intama mu bwungeri bwazo, ngo ube umutware w’ubwoko bwanjye bwa Isirayeli.”** (2 Samweli 7:8).

Ikibazo: Ni zihe nshingano Dawidi yigiye ku kuba yarabaye umushumba? [umukumbi wari uwe niwe wagombaga kuwitaho. Umukumbi aba azi intama ze zose]. Imana iha Dawidi umukumbi mushya wo kwitaho – ubwoko bw’ab’Isirayeli.

Ikibazo: Ese intama zitwara zite imbere y’umushumba wazo? [Intama zizi ijwi ry’umushumba wazo, kandi ijwi rye niryonyine zumvira. Intama ntzibasha kwitaba zitaramenya umushumba ngo zimenye n’ijwi rye. Ibi bigerwaho iyo intama zamaze kwizera umushumba wazo].

Ikibazo: Ni uwuhe mwungeri wundi Bibiliya itubwiraho? [Yesu Kristo]. Yesu aravuga ati, **“Ni jye Mwungeri mwiza; nzi intama zanjye nazo ziranzi” (Yohana 10:14)**. Bibiliya ivuga ko turi ubwoko bw’Imana, intama zo mu cyanya cye (Zaburi 100: 3). Imana ikwitaho, nkuko umushumba yita ku ntama ze.

Ubutwari

Ikibazo: Kuki bisaba ubutwari kugira ngo umuntu abe umushumba? [Kuko umushumba agomba kurinda umukumbi we ngo abanzi batawutera]. Ubwo Dawidi yemezaga Umwami Sawuli kumureka akarwana na Goliyati, yaravuze ati, **“Umugaragu wawe naragiraga intama**

za data, iyo zaterwaga n'intare cyangwa idubu zigakura umwana w'intama mu mukumbi, narahubukaga nkayikubita nkayiyambura mu kanwa kayo, yamvumbukana nkayicakira akananwa, nkayivutagura nkayica.”

(1 Samweli 17:34).

Ikibazo: Ni gute Yesu yerekanye ubutwari bwe? [Yesu yatanze ubugingo bwe yitangira intama ze - twebwe].

Umugaragu

Ikibazo: Ese kuba umugaragu bisobanuraa iki? [Umugaragu afasha gukemura ibibazo by'abandi kandi agashyira ibyifuzo by'abandi imbere]. Dawidi yiyitaga umugaragu, kandi n'Imana akenshi yitaga Dawidi umugaragu wayo.

- **Ikibazo: Kuki Imana ibona ko kuba umugaragu ari ingenzi?** [Ibyanditswe biravuga biti, “**2:5** Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu. **6.** Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, **7.** ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata.” (Abafilipi 2:5-7).
- Yesu yaravuze na none ati, “**kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe, ajye aba imbata yanyu, 28.** nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi.” (Matayo 20:27-28).

Ni ingenzi cyane ko Yesu yigishije guca bugufi abishyira imbere mubyo yigishaga no mu mibereho ye yose. Niyo mpamvu yavuze ati, “muri abanyamugisha nimukora nk'ibyo nkora.”

Kubaha Imana

Umushumba abana n'intama ze amanywa n'ijoro. Dawidi yari afite cyo kureba mu kirere mu ijoro akanezererwa isanzure nziza n'iby'Imana yaremye.

Birashoboka ko ikirere cyari cyiza cyane mu ijoro Dawidi yanditsemo aya magambo, “**Iyo nitegereje ijuru, umurimo w'intoki zawe, N'ukwezi n'inyenyeri, ibyo waremye, 5.** Umuntu ni iki ko umwibuka, Cyangwa umwana w'umuntu ko umugenderera?” (Zaburi 8:3-4).

Dawidi yasobanukiwe neza ko Imana ariyo Mugenga (iri hejuru) w'ibyaremwe byose.

Ikibazo: Kubwo kwiringirwa kwa Dawidi, ni irihe sezerano Imana yamuhaye? [Dawidi yari umuntu ufite umutima uteye nk'uko Imana ishaka kuburyo Imana yamubwiye iti, “**Inzu yawe n'ubwami bwawe bizahoraho bidakuka iminsi yose kandi intebe y'ubwami bwawe izakomera iteka ryose.**”

(2 Samweli 7:16)]. Imana yasezeranyije Dawidi ko umwe mubamukomokaho azima ingoma iteka ryose.

Ikibazo: None se Imana yasohoje ite iryo sezerano yasezeranyije Dawidi? [Yesaya, umuhanuzi wo mu Isezerano rya kera yavuze kuri Yesu ati, “**Gutegeka kwe n'amahoro bizagwirira ku ntebe ya Dawidi n'ubwami bwe, bitagira iherezo kugira ngo bibukomeze, bibushyigikize guca imanza zitabera no gukiranuka, uherye none ukageza iteka ryose.**” (Yesaya 9:6). Nyina wa Yesu ariwe Mariya yari umwe mu bakomoka kuri Dawidi, ndetse na

Yozefu, umugabo wa nyina (se wa hano ku isi) nawe ni uko. Kuko yakomokaga kuri Dawidi, Yesu yari afite uburenganzira bwose bwo gusaba ubwami bw'Isirayeli.

Ikibazo: Kimwe na Dawidi, ni gute wahinduka umuntu ufite umutima nk'uw'Imana ishaka? [Iga kandi ugire kubaha Imana bikomeye]. Indangagaciro zo kumvira, kwita ku nshingano zawe, ubutwari, no guca bugufi nk'umugaragu ni zimwe muzo Imana yifuza kubona mu mibereho yawe. Ushobora kuba udasa nk'umwami ku bigaragarira amaso, ariko ushobora kuba umwami imbere mu mutima. Nubwo Imana itagusaba kuba umwami, iragusaba kuba umuhungu cyangwa umukobwa ufite umutima uteye nk'uko Imana ishaka.



Ubutumwa Bwiza – na David Roosevelt – Dallas, TX

Muri iri somo twabonyemo abungeri babiri, Dawidi na Yesu, ndetse tubona uko bose bagize ubutwari nuko bose bacaga bugufi nk'abagaragu. Reka dusoze rero wibaza ibibazo by'ingenzi.

Ikibazo: Ni irihe tandukaniro ry'ingenzi cyane riri hagati ya Dawidi na Yesu? [Dawidi yari umuntu ariko Yesu we yari umuntu ariko akaba n'Umwana w'Imana. Dawidi ntiyari ntamakemwa ariko Yesu we yari umuziramenge].

Ikibazo: Ni iki cyari gutuma Imana ituma Umwana wayo ku isi? [Imana yari izi neza ko naho twagerageza cyane kuba abagabo, abagore bafite umutima uteye nk'uko Imana ishaka ko twese tuzakora ibyaha, ntidushikire ubwiza bw'Imana (Abaroma 3:23)].

Ikibazo: Ese wigeze ukora amakosa? [Yego]. Ese ayo makosa Bibiliya ikunda kuyita ite kandi abangamira ate imibanire yacu n'Imana? [ayo "makossa" akenshi Bibiloya iyita "icyaha" kandi ayo makosa yabasha kudutandukanya n'Imana ubuziraherezo (Yesaya 59:2 na 2 Abatesalonike 1:9)].

Bityo Bibiliya, Ijambo ry'Imana, ivuga ko twese twakoze ibyaha kandi ko ibyaha byacu bidutandukanya n'Imana. Yebaba we, iyo ni inkuru mbi pe! Komera ariko, reka tubanze tunganire ku "inkuru nziza" tubanza gusubira ku icyatumye Imana ituma Yesu ku isi. Imana yatumye Yesu, Imana yihinduy'umuntu (Imanuweli), kugira ngo yikorere ibyaha byacu ku musaraba; yapfuye mu cyimbo cyacu (1 Petero 2:24).

Mbega impano nziza! Turi abanyabyaha kandi bidutandukanya n'Imana, kandi ukwera kw'Imana gusaba ko – kutumvira Imana – kugomba guhanwa. Kuko igihano ari kinyacyane – ntitwakibasha – ntitwacyishyura, Imana yishyuye icyiru cy'ibyaha byacu ubwo yatumaga Umwana wayo ngo aze ahanwe, apfe – mu mwanya wacu!

Ikibazo: Ese hari icyo tugomba gukora ngo twakire iyi mpano y'Imana? Impano iginduka impano iyo uyihabwa ayakiranye ubushake bwe. Ni muri urwo rwego, natwe tugomba kubanza kwakira impano Imana yaduhaye tukizera Yesu, tukizera n'ibyo yadukoreye ku musaraba (Yohana 3:16).

Ndashaka gusozza n'isengesho nawe wakoresha ukakira iyi mpano y'agakiza. Ba Papa namwe bana, niba mushaka kwakira iyi mpano, ngaho ndesenga musubiramo – cyangwa se usengere mu mutima bucece.:

Mana, mbabajwe cyane n'ibyaha byanjye ariko ndashimira impano waduhaye ariyo Yesu. Ndatara ko Yesu ari Umwami n'Umukiza, ko njye ndi umunyabyaha, kandi ntacyo nakwikorera ngo kingeze mu ijuru, ndatura ko ibyaha byanjye byishyuriwe na Yesu ku bw'urupfu rwe ku musaraba. Ndatara ko urupfu rwatsinzwe ubwo Yesu yazukaga akava mu mva. Mwami, nizeye Yesu, nizeye ibyo yakoze ku musaraba kandi iyi mpano y'agakiza ndayakiriye. Kubw'Umwuka wawe wera mfasha kugirana nawe ubusabane bw'ukuri kandi bukura. Amina.

Bana – niba wasenze iri sengesho kandi ukaba warisenze ubyizeye n'umutima wawe wose, ubwire so na nyoko ibyakubayeho uyu muni ko wakiriye Yesu. Ba Papa, niba mwakiriye iyi mpano ya Yesu Kristo uyu muni wa none, bwira undi muntu uzi ko ari umukristo kugira ngo agufashe uko wakurira muri Kristo.

“Erega ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y’Imana ihesha uwizera wese gukizwa ...” – Abaroma 1:16



ISOMO # 16: DAWIDI (Igice cya 2)

Gusubiramo

Ikibazo cyo mu cyumweru cyahise n’umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu muni

“Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi.” (Yohana 16:33).

Indangagaciro

Ubutwari, Kubaha Imana

Ikibazo cyo kuganiraho

Tekereza ufite umukoro ukomeye cyane kandi hakabura umuntu n’umwe wawugufasha. Uwo mukoro ukaba ugomba kuwutanga ejo. Ni gute watangira gukora uwo mukoro?

Itangiriro

Mu mikino y’amasiganwa ya Olimpiki yo mu cyi ryo mu mwaka wa 1992 yabereye mu mugwi wa Barcelona mu gihugu cya Spain, uwitwaga Derek Redmond wo mu Bwongereza niwe wahabwaga amahirwe yo kwegukana umudali mu kwiruka metero 400. Amasiganwa ageze hagati, Redmond yagaragaraga ko yirukankaga neza cyane ntakibazo, yiteguye umuvuduko wa nyuma wo gusoza akaba ageze ku nsinzi. Bitunguranye Redmond aba agiye kuruhanda, aba afashe kukuguru kwe inyuma, aba aguye hasi. Guharanira umudali wa Zahabu kwe biba birangiriye aho kandi bitunguranye. Ariko, ntiyemera gutsindwa. Mu maso he hagaragara ububabare bukabije, Redmond yari yiteguye kurenga ububabare agakora icyo bwabaga byibuzwe agasoza amasiganwa.

Arahaguruka, abo basiganwaga bari bamaze kumusiga metero nyinshi cyane, atangira gukururuka yerekeza ku murongo ushira. Buri ntambwe yayiteranaga umuborogo. Abafana nabo bakaborogana nawe ubona ko nabo bafatanyije na Redmond umuborogo. Ariko yari yiyemeje ko agomba kugera ku murongo ushira uko byagenda byose. Ubushake bwari Buhari ariko amaguru atabibasha. Uko yageragezaga, abantu bose bari bamuhanze amaso.

Umusaza Jim, se wa Redmond yari mu barebaga amasiganwa, akibona umuhungu we aguye hasi ahita yinjira mu kibuga aho birukira. Abashinzwe umutekano bagereyeza kumuhagarika ababera ibamba, arasakaza cyane ati “Uwo ni umuhungu wanjye!” baramureka aratambuka aza gufasha umuhungu we. Ageze iruhanda rwe, amufata akaboko aramubwira ti “sigaho singombwa ko wibabaza utya ngo ukunde ugere ku musozo.”

Derek aramusubiza ati "Yego ndabishaka ,"

Ise aramusubiza ati, “Reka ngufashe tugeraneye”.

Ise afata akaboko ya Derek ayashyira ku bitugu bye. Afata ukuboko kwe kw’iburyo amucumbagiza amwerekeza ku murongo ushira amasiganwa. Ise amuri iruhanda, derek agenda asimbuka ku kaguru kamwe buhoro buhoro kugeza ku ntambwe ya nyuma y’amasiganwa. Bombi, buhoro buhoro, umubyeyi n’umuhungu we, bagera ku musozo, nuko

abantu bose barahaguruka barabafana cyane n’urusaku rwinshi n’amashyi y’urufaya. Ayo maforo afatwa na za televiziyo n’abafotozi benshi maze akwirakwira ku isi yose, nuko uwo aba ariwo mwanya wazamuye amarangamutima y’abantu benshi kurusha indi mu mateka y’imikino ya olimpiki.

Mu gutangaza ibyavuye mu mukino herekanwa ko mu masiganwa ya metero 400 ku bagabo uwitwa Derek “yavuye mu mukino utarangiyeyo”. Ku buryo benshi bongeraho bati ariko.

Derek Redmond yahuye n’igihanda cyo gutsindwa kubabaje. Ariko mugihe byari bimunaniye burundu, se yaraje aravuga ati “reka ngufashe tugeraneye.” Uyu muni, turakomeza kumenyana na Dawidi, wari ufite ikibazo cy’igihanda, ariko afashijwe na se wo mu ijuru, anesha cya gihanda cye.

Ubusonuro

Abafilisitiya n’abisirayeli bari abanzi bafitanye inzigo ikomeye. Intambara hagati yabo yari yaratangiye ubwo abisirayeli bayobowe na Yosua bambukaga umugezi wa Yorodani bakinjira mu gihugu cy’Isezzerano. Bababajwe no gutsindwa na isirayeli, nuko abafilisitiya bongera gutegura indi ntambara yo kurwanya abisirayeli. Tekereza ikibaza hagati y’imisozi ibiri iteganye. Abafilisitiya bashyira ibirindiro ku musozi umwe. Umwami Sawuli n’ingabo z’abisirayeli nabo bashyira ibirindiro ku musozi biteganye. Bose bakomeza kurebana ay’ingwe iminsi myinshi ariko nta numwe ugira icyo akora.

Igitondo kimwe, ubwo bose barebanaga ay’ingwe nkuko byari bisanzwe, abafilisitiya bazana umurwanyu umwe muri bo witwaga Goliyati. Yari muremure cyane kurenza metero eshatu. Goliyati arahagarara n’ijwi riranga yishongora ku bisirayeli ati, “Mutoranye umugabo amanuke aze ansange hano. Naza tukarwana akanyica, turaba abagaragu banyu, ariko nanjye nimwica muraba abagaragu bacu mujye mudukorera. Ngo bumve ibisabwe na we, Umwami Sawuli hamwe n’abisirayeli bese bacika integer – badatinye se, ninde muntu n’umwe wabashaga kwiteza umugabo w’igihanda bene ako kageni? Buri gitondo no ku mugoroba Goliyati akaza agasubiramo ya magambo.

Umwe muri iyo minsi, ise wa Dawidi witwaga Yese, amutuma kujya ku birindiro by’ingabo z’abisirayeli kugira ngo amenye amakuru yuko urugamba rwifashe. Dawidi ahagera ubwo izo ngabo zombie zajyaga guhanangana amaso. Dawid arirukanka ku murongo ingabo zihagazemo asuhuza benenyina. Mu gihe yavuganaga nabo, Goliyati nawe atangira ya magambo asanzwe avuga yuzuyemo agasuzuguro kenshi. Abisirayeli bamubonye baramuhunga kuko bari bafite ubwoba.

Dawidi na Goliyati

(Umurongo: 1 Samweli igice cya 17:32-49)

“Dawidi abwira Sawuli ati “Ntihagire ukurwa umutima na we, umugaragu wawe ngiye kurwana n’uwo Mufilisitiya.”

33. Sawuli asubiza Dawidi ati “Ntiwashobora gutera uwo Mufilisitiya ngo umurwanye, kuko ukiri umusore w’umugenda, kandi we ni umugabo wamenyereye kurwana uherye mu busore bwe.”

34. Dawidi asubiza Sawuli ati “Umugaragu wawe naragiraga intama za data, iyo zaterwaga n’intare cyangwa idubu zigakura umwana w’intama mu mukumbi, 35. narahubukaga nkayikubita nkayiyambura mu kanwa kayo, yamvumbukana nkayicakira akananwa, nkayivutagura nkayica. 36. Nuko ubwo umugaragu wawe yishe intare n’idubu, uwo Mufilisiya utakebwe azapfa nk’imwe muri zo, kuko yasuzuguye ingabo z’Imana ihoraho.” 37. Dawidi arongera aravuga ati “Uwiteka wandokoye mu nzara z’intare n’idubu, azankiza no mu maboko y’uwo Mufilisiya.” Nuko Sawuli abwira Dawidi ati “Ngaho genda, Uwiteka abane nawe.”

38. Maze Sawuli yambika Dawidi imyambaro ye n’ingofero y’umuringa ku mutwe, amwambika n’ikoti riboheshejwe iminyururu. 39. Dawidi aherako yambara inkota ku myambaro ye, agerageza kugenda kuko yari atarayigeramo. Dawidi abwira Sawuli ati “Simbasha kujyana ibi kuko ntabimenyereye.” Nuko Dawidi arabyiyambura. 40. Aherako asingira inkoni arayitwaza, yitoraniriza amabuyenge atanu mu kagezi, ayashyira mu ruhago rw’imvumba y’abashumba yari afite, kandi yari afite umuhumetso mu ntoki, nuko yegera Umufilisiya.

41. Umufilisiya na we araza asatira Dawidi, umutwaje ingabo amurangaje imbere. 42. Umufilisiya aza akebaguza abona Dawidi, aramusuzugura kuko yari umusore w’umugenda, w’inzobe w’uburanga. 43. Nuko Umufilisiya abaza Dawidi ati “Ko unteranye inkoni! Mbese ugira ngo ndi imbwa?” Umufilisiya aherako akwena Dawidi mu izina ry’imana ze. 44. Umufilisiya abwira Dawidi ati “Ngwino nkubagire ibisiga byo mu kirere, n’inyamaswa zo mu ishyamba.”

45. Dawidi abwira Umufilisiya ati “Wanteranye inkota n’icumu n’agacumu, ariko jyewe nguteye mu izina ry’Uwiteka Nyiringabo, Imana y’ingabo za Isirayeli wasuzuguye. 46. Uyu muni Uwiteka arakungabiza nkwise nguze igihanga, kandi ndagaburira ibisiga byo mu kirere n’inyamaswa z’inkazi zo mu ishyamba intumbi z’ingabo z’Abafilisiya, kugira ngo abo mu isi yose bamenye ko muri Isirayeli harimo Imana, 47. kandi ngo iri teraniro ryose rimenze ko Uwiteka adakirisha inkota cyangwa icumu, kuko intambara ari iy’Uwiteka kandi ari we uzabatugabiza.”

48. Nuko Umufilisiya ava aho yari ari, aza guhura na Dawidi. Dawidi ahuta yiruka yerekeye ingabo zabo ngo ahure n’Umufilisiya. 49. Dawidi akabakaba mu mvumba ye akuramo ibuye ararirekera, arikocora Umufilisiya mu ruhanga ririgitamo, yikubita hasi yubanye.”

Reka tunganire ku bintu bitatu by’ingenzi kandi by’ukuri tubona mu nkuru ya Dawidi na Goliyati.

Hari imbaraga zikomeye mu mu Izina ry’Imana:

“Dawidi abwira Umufilisiya ati “Wanteranye inkota n’icumu n’agacumu, ariko jyewe nguteye mu izina ry’Uwiteka Nyiringabo, Imana y’ingabo za Isirayeli wasuzuguye.” (1 Samweli 17:45).

Ikibazo: Ni irihe tandukaniro ryari mu myitwarire ya Dawidi ugereranyije n’ingabo z’abisirayeli n’iz’abafilisitiya muri iki kibazo? [Ingabo z’abisirayeli n’iz’abafilisitiya ziringiraga abantu – ku bafirisitiya bo bari biringiye umuntu umwe. Ibyirngiro bya Dawidi byo byari mu Imana se wo mu ijuru].

Ikibazo: Ni gute Imana yagukoreramo imirimo ikomeye? [Iyo ukora ibyo kunezeza Imana, nko gushikama ku kwizera Imana kwawe, kabe nubwo abandi babigusekera, Imana izubahisha gushikama kwawe].

Kwiringira Imana kuzana Ubutwari

“Dawidi asubiza Sawuli ati “Umugaragu wawe naragiraga intama za data, iyo zaterwaga n’intare cyangwa idubu zigakura umwana w’intama mu mukumbi, narahubukaga nkayikubita nkayiyambura mu kanwa kayo, yamvumbukana nkayicakira akananwa,” (1 Samweli 17:34).

Ikibazo: Ni gute wakwiringira Imana ikaguha ubutwari? [Kwiringira Imana bibasha kuguha icyizere n’imbaraga zigufasha guhangana n’ibibazo ndetse n’amahirwe ya buri muni].

Ikibazo: Ni iki wasabira imbaraga n’ubutwari? [Igihe icyaricyo cyose cyakuzaho – kwitegura ibizamini, gutegura amarushanwa y’imikono, uburwayi bw’inshuti cyangwa umuvandimwe, guhagarara ku kuri udatezuka].

Kwiringira Imana bibasha Kunesha Ibihanda by’inzitizi zose

“kandi ngo iri teraniro ryose rimenye ko Uwiteka adakirisha inkota cyangwa icumu, kuko intambara ari iy’Uwiteka ...” (1 Samuel 17:47).

Ikibazo: Ni ibihe bihanda by’inzitizi wibuka muri Bibiliya Imana yaba yarafashije abantu kubinesha? [Mose n’abisirayeli ku inyanja itukura, Gidiyoni n’ingabo 300 barwana n’ingabo ibihumbi z’Abamidiyani, Dawidi na Goliyati].

Ikibazo: Ni ibihe bihanda uhura nabyo mu mibereho yawe? [Ijoro, gutinya imbwa, kugerageza gukina ikinamico ku ishuli ntabishoboye].

Birashoboka ko wowe cyangwa undi muntu yaba ari mu kigeragezo cy’uburwayi bukomeye; wenda ahari ababyeyi bawe cyangwa se ababyeyi b’inshuti yawe baratandukanye umwe yarahukanye. Hari abahungu n’abakobwa bari mu bukene n’inzara umunsi ku muni, ndetse abandi bo bazahajwe n’intambara.

Ikibazo: Ni gute wahangana n’ibihanda mu mibereho yawe? [Icyambere, emera ko rimwe na rimwe ari ngombwa ko habaho ibibazo]. Yesu aravugaga ati, **“Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro,” (Yohana 16:33).** Inkuru nziza ni uko Imana irusha imbaraga ibihanda wahura nabyo byose. Imana ishobora kuguha insinzi mu byo ishaka byose habe no gutsinda neza mu mukino ukunda cyane! Arusha imbaraga umwijima, gutandukana kw’abashakanye, ndetse n’uburwayi. Arusha imbaraga n’ibihanda birebire bifite n’amacumu Manini.

Rimwe na rimwe biragorana gusobanukirwa impamvu ibintu bimwe na bimwe bijya bitubaho. Hari umurongo mwiza mu gitabo cya Yesaya uvuga uti, **“Nzakuja imbere ahataranganaye mparinganize, nzamenagura inzugi z’imiringa, n’ibihindizo by’ibyuma nzabicamo kabiri. 3. Nzaguha ubutunzi buri mu mwijima n’ibintu bihishwe ahantu hiherereye, ...” (Yesaya 45:2-3)**

Imana ishobora kuzana ubutunzi ibukuye no mu mwijima w’ibihe biruhije. Ntabwo ibyabaye kuri Derek Redmond byamugejeje ku mudari wa Zahabu, ariko byamugejeje mu bihe bishimishije. Imana ishobora gukura ibyiza mubyo tubona ko ari bibi. Rimwe na rimwe, bidusaba kunyura mu bihe bibi kugira ngo bwa butunzi buhishwe tubugereho.

Igira kuri Dawidi. Ba intwari. Iringire imbaraga zikomeye n’izina ry’Uwiteka.



Ubutumwa bwiza – na Scott Michael – Dallas, TX

Kimwe mu bintu nkunda cyane iyo nsomye ku mibereho ya Dawidi ni ukwizera kwe ndetse n’ubusabane hagati ye n’Imana. Kwizera no kwiringira byuzuye kuburyo atashidikanyije no kwemera kurwana na Goliyati, kuko yizeraga ko hamwe n’Imbaraga z’Imana abasha kunesha icyo gihanda. Ikinejeje cyane nuko nanjye nawe dushobora kwizera no gusabana n’Imana nka Dawidi. Kuri twe uyu munsu wa none, ibi tubibashishwa no kwizera Yesu. Imana iradukunda kandi irifuza ko tuyiringira nka Dawidi.

Ubu busabane butangirira mbere na mbere igihe twemeye ko dukeneye ko Imana idufasha kuri iki kintu cyitwa icyaha. Icyaha ni ugutekereza kwacu gucuritse ko tudakeneye Imana kandi ko uburyo twumva dushaka kubaho buruta ubw’Imana yateganyije (Abaroma 3:23). Icyaha kigera kuri twese. Abaroma 6:23 haravugaga ngo: “Kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu...” uyu murongo utwereka ko ibyo tugenewe kubw’ibyaha byacu twakoze (urupfu cyangwa se gutandukanywa iteka n’Imana) ariko na none tukabona inkuru nziza. “...impano y’Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu.”

Hari indi nkuru nziza. Imana ni umubyeyi mwiza uzi guha impano nziza abana be. Abaroma 5:8 haravugaga hati: “Imana yerekanye urukundo idukunda ubwo Kristo yemeraga kudupfira tukiri abanyabyaha”. Imana yaduciriye inzire twe “abanyabyaha” kugira ngo twiyunge nayo. Ntiyigeze itegereza ko tugerageza kwihindura ubwacu (dore ko tutanabibasha). Urwo rukundo Imana “yerekanye ku bwacu” rwagizwe rwasohorejwe muri Yesu, wabayeho ubuzima butagira icyaha hano mu isi ari umuntu kandi ari n’Imana, yemera kudupfira tukiri abanyabyaha, arazuka none ubu nimuzima.

None ibi si byiza cyane? Aha rero noneho niho rurangiza: Bibiliya iravugaga iti, “Ni watumaze akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa, kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuzuye agakizwa.” (Abaroma 10:9-10). Imana yakoze iyi mpano (agakiza) kuri buri wese, ariko ni ngombwa kwemera kukakira no kugakomeza.

Kimwe na Dawidi, Bibiliya itubwira ko natwe tugomba gushyira ibyiringiro byacu mu mbaraga zikomeye z'Uwiteka tukazabana n'Imana iteka (1 Yohana 5:11-12) ndetse tukabona ubugingo bwinshi tukiri hano mu isi bumwe Yesu atubwira (Yohana 10:10b). Niba utarakira Yesu ushobora kubikora nonaha mu isengesho. Niba witeguye wasubiramo iri sengesho bucece cyangwa se mu buryo bwumvikana. Amagambo siyo y'ingenzi – icyingenzi ni ukuba ubikuye ku mutima. Ngaho reka tubikore:

Mwami Yesu, ndagukeneye. Warakoze kubwo gupfira ku musaraba mu cyimbo cyanjye kubw'ibyaha byanjye. Ndakwizera kandi mfunguye umutima wanjye ngo winjire umbere Umwami n'Umukiza. Warakoze kubwo kumbabarira no ibyaha byanjye no kumpa ubugingo buhoraho. Ngwino wime ingoma yawe mu mutima wanjye umpindure mbe uko ushaka. Amina.



ISOMO # 17: DAWIDI (Igice cya 3)

Isubiramo

Ibibazo by'ibyumweru bishize & umurongo wo gufata mumutwe

Umurongo w'isomo rya none

"Mana, undememo umutima wera, unshizemo umutima ukomeye.
(Zaburi 51:10 (12)).

Indangagaciro

Kwihana, Umutima ushavuye (umenetse)

Itangiriro

The Greyhound yamaze nk'icyumweru kirenga mumuhengeri w'amajyaruguru ya Atarantika. Kumunsi wa cumi numwe w'umuhengeri, umusare John Newton yari yananiye no gupompa (guhaga), nk'uko yari yagumye k'urufatiro (urumambo) rw'ahaziritse ubwato agerageza gufatiraho. kuva saa sita zuzuye kugeza saa sita z'ijoro yari akiri kuri urwo rumambo.

Hamwe no gusuma mubaraga by'umuhengeri, Niyutoni (Newton) yagize igihe cyo gutekereza. Ubuzima bwe bwagaragaraga nk'ubugabanuka kandi buzamba nk'ubw'ubwo bwato bushaje kandi bwangiritse yageragezaga kuyobora muri uwo muhengeri. Kuva kumyaka nka cumi numwe yari yarabaye mubuzima bwo kumazi y'inyanja. Abasare bagenzi be ntabwo bari bitaye cyane kubyo bakora, ariko Niyutoni (Newton) yarafite ingeso y'imvugo ikakaye, mbi, akankama, kandi n'imyitwarire yo mugasozi yabangamiraga benshi mu basare.

Niyutoni (Newton) yari yararetse inyigisho za mama we za Bibiriya kandi yayoboye bagenzi be mukutizera. Igihe kimwe yaje kugira ibyiringiro bikomeye, no gukorera abandi bikomeye, nubwo ibyanditswe byabaga ari ukuri. Nuko ibitekerezo bya Newton atangira kugarukira Kristo.

Uwo munsi kuri rwa rufatiro rw'ubwato, kuri 21 Werurwe, 1748, wari umunsi Niyutoni yibutse, kuva icyo gihe Imana yamusanze muri ayo mazi maze kubw'ubuntu butangaje bwayo, imukuraho kwa gukankampa, imvugo ikakaye kandi mbi, maze ahindurwa kuba umwana w'Imana.

Mukazi ke ko mumazi muri icyo gihe ubuzima bwa Newton bwahindutse kumyaka ye 39, Yohana Niyutoni kumyaka 43 nibwo yatangiye kubwiriza ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo. Buri materaniryo ye yo kucyumweru buri mugoroba, Newton yagiye atanga indirimbo za HIMUNI zamufashaga kwigisha ibyanditswe yabaga yateguye. Imwe mundirimbo za HIMUNI yanditse izwi kugeza nubw'ubuntu ni yitwa "Ubuntu butangaje, Amazing Grace." (Christian History Institute, Glimpses Article #28, www.gospelcom.net).

**Ubuntu butangaje, mbenga ijwi ryiza
Ryakijije umunyamibabaro nkanjye
Nari narazimiye, ariko ubu narataruwe
Nari impumyi, ariko ubu ndabona**

Hari igihe John Newton Yari yaratakaye, ariko ubu yarataruwe. Yari azi ukuntu yari arahindutse mubi, nuko Imana yamukijije ikamukura mu bibi. Uyu munsi tugiyeye kumva inkuru ya Bibiriya

y'umuntu wakoze ibintu biteye ubwoba nuko Imana yamukijije, kandi nuko yitabiriye umuhamagaro w'Imana nyuma yo gukizwa.

Kumunsi wa mbere w'Itumba, Dawidi David (ubu ni Umwami wa Isiraheri) yohereza Yowabu (General w'ingabo) ndetse n'ingabo zose za Isiraheri ziri kurugamba. Ariko Dawidi asigara muri Yerusalemu.

Dawidi na Betisheba

(Umurongo: 2 Samweri Samuel 11 & 12 imirongo yatoranijwe, Zaburi 51)

“Bukeye nimugoroba Dawidi yibambuye ku gisasiro cye, aza agendagenda hejuru y'inzu y'umwami. Maze ahagaze hejuru aho, abona umugore wiyuhagira yari umugore mwiza w'ikibenguko, 3 Dawidi amubonye atuma kubaririza uwo mugore uwo ariwe. Maze umuntu aramubwira ati: Si Batisheba mwene Eliyamu umugore wa Uriya w'umuheti? "Nuko Dawidi yohereza intumwa ziramuzana aza iwe, bararyamana ..." (2 Samweli 11:2-4).

Ikibazo: Mw'isomo ryatambutse kuri Sawuli (isomo rya 14) twavuze kubijyanye no kuzuzanya inshingano. Waba wibuka icyo bisobanura kuba uwuzuzanya inshingano?” [Kwirengera kuba ushinze amahitamo cyangwa ibyemezo dufata].

Nk'umwami, icyo Dawidi yavugaga cyose, “cyarakorwaga.” Nko kurwego rw'umwami, iyo yavugagango, “ngwino hano,” warazaga. Nk'umwami Dawidi ntawe yagombaga kugira uwo yisobanuraho kubikorwa bye uretse Imana yonyine kandi sintekerezako yabajije Imana kuri iki kibazo. Kandi Dawidi yakoze ikintu kibi cyane. Yashoye Betisheba mumitekerereze idahwitse, nubwo yari aziko ari umugore wa Uriya. Nanone hari ikindi kintu kibi cyane cyabaye. Dawidi yakiriye ubutumwa buvuye kuri Betisheba. Ubutumwa bwavugaga buti: “Dawidi, uribuka rya joro igihe wansabaga kuza mungoro yawe? Ugiye kuba umu papa!”

Dawidi yamenye ko yakoze ikibi giteye ubwoba, nuko atangira kugerageza kugihisha. Asaba Uriya kuva kurugamba akagaruka murugo k'umugore we Batisheba. Dawidi yatekererezako Uriya azibwirako umwana ari uwabo bombi, we n'umugore we, ko atazamenya ibyabaye. Ariko Uriya ntiyigeze ajya murugo.

Ikibazo: Utekerezako ari ukubera iki Uriya atagiye murugo? [yari inyangamugayo kunshuti ze nok'umwami. Ntiyatekerereje ari ibyo kubasirikare bese bari kurugamba, kandiko ariwe wemerewe kugaruka murugo].

Nuko Dawidi atekereza ubundi buryo. Yasubije Uriya k'urugamba ariko atwaye inyandiko ashiriyeye Yowabu. Ibuka, buri cyose umwami yavugaga, cyagendaga uko. Ubutumwa bwari bushyiriyeye Yowabu kwari ugushyira Uriya aho urugamba rukomeye hanyuma akamusiga aho akarwana wenyine aho ashobora kwicwa. Kandi ibyo niko byagenze.

“Bukeye muka Uriya yumvisako umugabo we yapfuye aramwiraburira. 27 Nuko hanyuma yo kumwerera, Dawidi aramutumira amushyira iwe, amugira umugore we. Bukeye babyarana umwana w'umuhungu, ariko icyo Dawidi yakoze icyo cyarakaje Uwitaka” (2 Samweri 11:26-27).

Ikibazo: Kuki Imana itari yishimiye Dawidi? [Dawidi yari umwami watoranijwe n’Imana. Umwami yagombaga kuba intangarugero kubantu bose ba Isiraheli, umuntu watinyaga, akubaha Imana akabaho mukubaha Ijambo ry’Imana. Muri ibi Dawidi yakoze ikibi, yamenye ko yakoze ikibi, nuko agerageza kugihisha.

Twumve uko Imana yashubije kubikorwa bya Dawidi:

“Bukeye Uwiteka atuma Natani kuri Dawidi, ageze iwe aramubwira ati “Habayeho abantu babiri mu mudugudu umwe, umwe yari umutunzi, undi yari umukene. 2 Kandi uwo mutunzi yari afite amashyo y’inka n’intama nyinshi cyane, 3 Ariko uwo mukene we nta cyo yari afite keretse akāgazi k’intama yari yaguze akakarera, kagakurana n’abana be bo mu rugo, kakarya ku twokurya twe, kakanywera ku nkongoro ye kandi karyamaga mu gituzo cyo, kaba nk’umukobwa we.

4 “Bukeye haza umugenzi kwa wa mutunzi, umubi ni uwenda mu nka ze cyangwa mu ntama ze ngo azimanire uwo mushyitsi wamugendereye, ahubwo ajya kwenda wa mwagazi w’intama wa wa mukene, awuzimanira umushyitsi we.

5 Maze Dawidi aherako arakarira uwo mugabo cyane. Ni ko kubwira Natani ati “Ndahiye Uwiteka uhoraho, umuntu wakoze bene ibyo akwiriye gupfa! 6 Kandi azarihe umwana w’intama kane, kuko yakoze ibimeze bityo kandi kuko atagira impuhwe.

7 Nuko Natani abwira Dawidi ati “Erega uwo mugabo ni wowe! Uku ni ko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuze itya iti ‘Nakwimikishije amavuta ngo ube umwami wa Isirayeli, ngukiza amaboko ya Sawuli. 8 nguha inzu ya shobuja, nguha n’abagore be baragusegura, kandi nkugabira umuryango wa Isirayeli n’uwa Yuda. Kandi iyo biba byarabaye bike, mba narakongereyeho ibindi. 9 Ni iki cyatumye usuzugura Ijambo ry’Uwiteka, ugahangara gukora ibyangwa na we: wicishije Uriya w’Umuheti inkota kandi ugacyura umugore we, umugira uwawe ... Nuko Dawidi abwira Natani ati “Nacumuye ku Uwiteka.” (2 Samweli 12:1-13).

Ikibazo: Niki Dawidi yakoze amaze kubonako yakoze icyaha? [Yatuye icyaha cyo – ibitekerezo n’ibikorwa bya bibi – kandi asaba Imana kumubabarira.] Niby’ingenzi kumenya Imana yafashe Dawidi nk’ufite munshingano z’ibikorwa bya. Kandi Dawid yahaniwe ibyo yakoze.

Ikibazo: Niba Dawidi yarasabye imbabazi, kandi Imana ikamubabarira, kuki Imana yamuhanyye? [Dawidi yashakaka kwirengera ibikorwa bya]. Imbabazi zaratanzwe, bisobanurako ikibi kitazongera kumwiharerana ukundi. Ariko Dawidi yari ikirengereye ibikorwa bya. Dawidi yagombaga kwishyura ikiguzi cy’ibyaha bya. None se ninde wundi washobora guhana umwami atari Imana yonyine?

Ikibazo: Nikuki ababyeyi bawe rimwe na rimwe bagomba kuguhana cyangwa kugutoza imico myiza? [Dukeneye kumenya no gusobanukirako ari ingaruka z’ibikorwa byacu]. Nkunda Dawidi, nka Dawidi. Tugomba kwishyirira ibikorwa byacu.

Ikibazo: Niki Dawidi yigiye munkuru ya Natani? [Yemereye ikigeragezo cyo gutegereza ibitari ibye byanamuteye kwirengagiza amategeko y’Imana akitekerezaho we ubwe].

Nyuma yo gusurwa na Natani, Dawidi asuye Natani, akemera ko yacumuye ku Mana, yanditse Zaburi.

Hamwe nk’itsinda musome Zaburi ya 51.

1 “Mana umbabarire kubw’imbabazi zawe, kubw’imbabazi zawe nyinshi usibanganye ibicumuro byanjye.

2 Unyuhagire rwose gukiranirwa kwanjye, unyeze unkureho ibyaha.

3 Kuko nzi ibicumuro byanjye, ibyaha byanjye biri imbere yanjye iteka.

4 Ni wowe wowe ubwawe nacumuyeho, nakoze icyangwa n’amaso yawe. Byabereye gutyo kugirango uboneke ko ukiranuka nuvuga, kandi ubonekeko uboneye nuca urubanza.

5 Dore naremanywe gukiranirwa, mubyaha niho mama yambyariye.

6 Dore ushaka ukuri ko mu mitima, mu mutima hataboneka uzahamenyesha ubwenge.

7 Unyejeshe ezobu ndera, unyuhagire ndaba umweru ndushe urubura.

8 Unyumvishe umunezero n’ibyishimo, kugirango amagufwa wavunnye yishime.

9 Hisha amaso yawe ibyaha byanjye, usibanganye ibyo nakiraniwe byose.

10 Mana undememo umutima wera, unshizemo umutima ukomeye.

11 Ntunte kure yo mumaso yawe, ntunkureho U mwuka wawe wera.

12 Unshizemo kunezezwa n’Aagkiza kawe, unkomereshe umutima wemera.

13 Nibwo nzigisha inzira zawe abacumura, abanyabyaha baguhindukirire.

14 Mana, ni wowe, Mana y’agakiza kanjye, unkize urubanza rw’inyama y’umuntu, nibwo ururimi rwanjye ruzaririmba cyane gukiranuka kwawe.

15 Mwami, bumbura iminwa yanjye, nibwo akanwa kanjye kazerekana ishimwe ryawe.

16 Nuko utishimira ibitambo mba mbiguhaye, ntunezererwe ibitambo byokeje.

17 Ibitambo Imana ishima ni umutima umenetse, ushenjaguwe, Mana ntuzawusuzugura ...”

Ikibazo: Niki Dawidi yimenyeho? [Dawidi yamenyeko umutima we utari utunganye-umurongo wa 10].

Ikibazo: Niki Imana yamenye kuri Dawidi? [Ko ariyo yonyine ishobora kumweza].

Dawidi yamenye ko Imana mubyukuri yashakagako ava muri uwo mubabaro ukamuyobora mukwihana - ubushake bwo kureka gukora ikibi agahindukirira kunezeza Imana (umurongo wa 17).

Ikibazo: Umeze gute mugukunda Dawidi? [Imitima yacu ntabwo iboneye mugihe dukoze cyangwa dutekereza nabi].

Ikibazo: Niki Imana igushakaho, wowe nanjye? [Imana ishaka ko tubabazwa n’ibyaha tukicuza tukava mubibi dukora tukabyatura maze tukanabyihana tugasaba kubabarirwa].

Ikibazo: Imana ishaka ko uguma munzira zitunganye. Nigute wabikora? [Gushyira Ijambo ry’Imana mumutima wawe].

Ibyanditswe biravuga ngo, **“Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kuyitondera nk’uko ijambo ryawe ritegeka. Nagushakishije umutima wose, Ntukunde ko nyoba ngo ndeke ibyo wategetse. Nabikiye ijambo ryawe mu mutima wanjye, Kugira ngo ntagucumuraho.”** (Zaburi 119:9-11).

ISOMO # 18: SALOMO (Igice 1)

Gusubiramo

Ibibazo by'icyumweru gishize & umurongo wo gufata mumutwe

Isomo ry'umunsi wa none

"Hahirwa umuntu ubonye ubwenge, n'umuntu wiyungura kujijuka. Kubugenzura biruta kugenza ifeza, kandi indamuyabwo iruta iy'izahabu nziza." (Imigani 3:13-14).

Indangagaciro

Ubwenge

Ikibazo cyo kuganiraho

Niba Imana yarakubwiye, "Nsaba icyo ushaka cyose, nzabiguha byose, niki wakwifuzza kuyisaba?"

Itangiriro

Yavukiye mubucakara, mu rwuri rwo muri Missouri, George Washington Carver yari yararezwe na bashebuja nyuma yo gushimukwa no kwicwa kwa nyina. Akiri umwana muto w'umuhungu, yizeko ibimera bishobora gukorwamo imiti, imyambaro, isabune, ndetse n'ibisigarizwa byabyo bifite umumaro.

Yagiye muri Kaminuza ya Iowa State College aminuza mu by'ubuhinzi. Carver yabonye akazi ko kwigisha mw'ishuri rikuru rya Tuskegee Institute muri Leta ya Alabama, niho yakoze igihe cyose. Carver aravugaga ati "Nabonyeko Imana imfiteye umurimo ngomba gukora". Kandi uwo murimo kwari uguhindura ubuzima n'ahazaza h'abantu be ndetse n'igihugu binyuze mukwibanda cyane kumabanga y'ibidukikije. Yabyukaga saa kumi za mugitondo akaba ari wenyine hamwe n'ibintu yakundaga cyane: Ibimera bye hamwe n'Imana. Ntakindi gihe kiza nasobanukiye icyo Imana ishaka gukorana nanjye nk'iki gihe cy'amasaha yo murucyerera. Mugihe abandi bantu baryamye numva Imana neza kandi nkiga umugambi wayo."

Yizeragako ubusabane bwihariye hamwe n'Umuremyi wa byose ko ariwo musingi w'ubuzima bwuzuye. Amenyako Imana yamuhaye uburyo bwo gukoresha ubunyobwa bugera kuri 300. Ashyiraho insimburanya butaka mu rwego rwo kubuzahura mumurumbuke byaje kvanaho ubuhinzi bw'ipamba gusa bwakorwaga mu majyepfo. Nyuma yaho byihuse yateje imbere inganda amagana zitunganya ubunyobwa, n'ibijumba.

George Washington Carver yasabye Imana ubwenge – uburyo bwo gukoresha ibyo Imana yaduhaye kubw'intego zayo. Isomo ryacu uyu munsi rirarebana nindi ntware ya Bibiriya yasabye Imana ubwenge.

Ubusobanuro

Umuhungu wa mbere wa Dawidi na Batisheba yarapfuye. Nuko Batisheba abyara undi muhungu, bamwita Salomo. Kw'iherezo ry'ubuzima bwa Dawidi ahamagara Batisheba mucyumba cye nambere yuko amusezeranya ibi: **"Nuko umwami ararahira ati:" nk'uko Uwiteka ahoraho, wacunguye amagara yanjye mubyago byose, uko niko nakurahiye**

UWITEKA Imana ya Isirahelinti: Ni ukuri umuhungu wawe Salomo ni we uzima maze gutanga, akicara kuntebe y’ubwami mu cyimbo cyanjye, ni ukuri niko ndibubitegeke uyu muni” (1 Abami 1:29-30).

Solomo (Igice1)

(Umurongo: 1 Abami 3:3-14)

“Salomo yakundaga Uwiteka akagendera mu mategeko ya se Dawidi, kandi yajyaga atamba ibitambo, akosereza imibavu mu nsengero zo ku tununga.

4 Bukeye umwami ajya i Gibeyoni gutambirayo, kuko ari ho akanunga karusha utundi icyubahiro kabaga. Nuko Salomo atambirayo ibitambo byoswa igihumbi. 5 Salomo akiri i Gibeyoni Uwiteka amubonekera mu nzuzi nijoro. Imana iramubaza iti “Nsaba icyo ushaka nkiguhe.”

6 Salomo aravugaga ati “Wagiriye data Dawidi ineza nyinshi, kuko yagendanaga ukuri no gukiranuka imbere yawe agutunganiye mu mutima we, kandi wamugeneye kumugirira iyi neza ikomeye, umuha umwana we ngo yicare ku ntebe y’ubwami bwe nk’uko biri none.

7 “Nuko none, Uwiteka Mana yanjye, wimitse umugaragu wawe mu cyimbo cya data Dawidi, ariko ndi umwana muto sinzi icyo biva n’icyo bijya. 8 Kandi umugaragu wawe ndi hagati y’abantu bawe watoranyije, b’ubwoko bukomeye butabarika. 9 Nuko rero, uhe umugaragu wawe umutima ujijutse ngo nshobore gucira abantu bawe imanza, kugira ngo menye gutandukanya ibyiza n’ibibi. Mbese ni nde washobora gucira ubu bwoko bwawe bukomeye imanza?”

Ikibazo: Niki Salomo yasabye Imana? [Ubwenge].

Ikibazo: Kuki Salomo yasabye ubwenge? [Yari aziko akeneye ubufasha bwo gukora neza umurimo wo kuyobora abantu b’Imana].

10. Maze ayo magambo anezeza Uwiteka, kuko ari yo Salomo yamusabye. 11. Imana iherako ibwira Salomo iti “Kuko ibyo ari byo usabye ukaba udasabye kurama, ntusabe n’ubutunzi cyangwa ko abanzi bawe bapfa, ahubwo ukisabira ubwenge bwo kumenya guca imanza zitabera, 12. nuko nkugiriye uko usabye. Dore nguhaye umutima w’ubwenge ujijutse, mu bakubanjirije cyangwa mu bazagukurikira nta wuzahwana nawe. 13. Kandi nguhaye n’ibyo utansabye, ubutunzi n’icyubahiro bizatuma nta mwami n’umwe wo mu bandi bami uzahwana nawe, iminsi yose yo kubaho kwawe. 14. Nuko kandi nugendera mu nzira zanjye, ukitondera amateka n’amategeko yanjye nk’uko so Dawidi yazigenderagamo, nzakongerera kurama.”

Ikibazo: Ni mubihe bice Bibiriya itubwira ko Salomo yari akeneyemo ubwenge? [Ubuyobozi, ubucamanza]. Niba mwibuka, ubwenge ni ubumenyi bwo gukora igikwiriye bishingiye kumirebere y’Imana nuko washyira mubikorwa ubwo bumenyi.

Ikibazo: Ni abahe bantu utekerezako bakeneye kugira ubwenge? [Perezida wacu, abashyiraho amategeko, abacamanza, abarimu, ababyeyi].

Nk'umuyobozi uri kwiga, fata umwanya uyobore itsinda mw'isengesho, musengere abayobobozi b'igihugu cyacu mubasabire kugira ubwenge, abarimu, abapasitori bacu, ababyeyi bacu, abana bacu.

Ubwenge bwa Salomo:

Imigani ni igitabo muri Bibiliya cyigisha imico myiza n'imyitwarire ikwiriye.

Ikibazo: Imico ni iki n'imyitwarire? [Imico ni ikigero cyangwa igipimo cy'ifatiro rw'igikwiye cyangwa kidakwiriye, cyangwa ikiri kiza cyangwa ikiri ikibi. Naho imyitwarire ni ibyo ukora byubakiye kumico yawe]. Umwami Salomo yanditse imigani myinshi. Ibi nibyo umwami Salomo agaragaza akamaro k'ubwenge:

- 1) Uzasobanukirwa gutinya (kwubaha Imana) Uwiteka kandi uzabona ubumenyi mubyanditswe.

Ikibazo: Ni iyihe nzira imwe yo kwubaha Imana? [Iyo wubaha Imana, wumva ibyo ivuga].

Ikibazo: Nigute wumva Imana? [Mugusoma Bibiriya, ibiyumviro byacu, amasengesho, inama z'ababyeyi cyangwa abandi].

- 2) Gutinya Imana niryatangiriro ryo kumenya - Igikwiriye (ukuri) n'ikidakwiriye (ikinyoma).
- 3) **“Uzasobanukirwa igikwiriye – n'inzira nziza” (Imigani 2:9).** Iyo ufashe icyemezo, bigira icyo bikora kunzira unyuramo –Ijambo ry'Imana rikwereka inzira yo kunyuramo.

Ikibazo: Ni mubihe bice ukeneye gufatira ibyemezo byiza? [Kuba umunyakuri, ibikorwa uhitamo kubamo, amakuru wumva akajya mubitekerezo byawe].

- 4) **Amakenga azakubera umurinzi, kujijuka bizagukiza” (Imigani 2:11).** Uzasobanukirwa neza bigaragara igikwiriye. Uzagira ubumenyi buzakurinda gufata ibyemezo bidakomeye. Uzabona, uzabohokerwa gufata icyemezo icyo ari cyo cyose, kiza cyangwa kibi uko byagenda kwose ntuzabohokerwa no guhitamo ingaruka zibyo byemezo.

Ikibazo: Uhisemo kubyiganira k'umurongo muri kafetariya yo kw'ishuri. Ni izihe ngaruka zishobora kuhaboneka? [kwoherezwa k'umurongo neza, cyangwa nawe bakagusunika ugasubizwa inyuma].

- 5) **“Kumunyabwenge inzira y'ubugingo irazamuka, kugirango ave ikuzimu mubapfuye” (Proverbs 15:21 (24)).** Ubwenge buzagukiza kwishyigikira ubwawe nyuma yo kubona ingero z'abantu batareba kugikwiye kandi bagakora ikidakwiriye.

Ikibazo: Kuki ari iby'inenzi guhitamo inshuti nziza? [Inshuti zawe zifite ingaruka (influence) nini cyane kuri wowe. Inshuti zawe zahafi zishobora kugusangiza ukwizera mu

Mana, agaciro kawe mu Mana, kugushyigikira no kugusubizamo intege, bakagufasha no kubaho ubuzima bw'ubumana].

Ikibazo: Ni gute wabona ubwenge? [Hari uburyo butatu bwo kubona ubwenge]:

1. Kwakira Ijambo ry'Imana: Kwizera no kumenya ibiri muri Bibiriya.
2. Kuzirikana amategeko yayo: Iga kandi ujye wibuka imirongo ya Bibiriya
3. Shakisha gusobanukirwa: Saba Imana ubwenge. (Imigani 2:1-6).

Ikibazo: Nigute ubwenge bwagufasha? [Ubwenge bukugira inama nziza yo gufata ibyemezo byiza].



Ubutumwa – bwa Aluberi Gutierrez - San Antonio, TX

Nigute twunguka ubwenge? Bibiriya iravuga ngo, “Hahirwa umuntu udakurikiza imigambi y’ababi, ntahagarare munzira y’abanyabyaha, ntiyicarane n’abakobanyi (abaseka Imana)” (Zaburi 1:1).

Ubwenge, gusobanukirwa n’ubumenyi birajyana. Mu 1869 Yohana A. Roebling yahisemo ko byaba ari iby’ubwenge kubaka ikiraro kirekire hejuru k’uruzi rwa East gihuza Brooklyn na Manatani (New York). Mbere y’uko imirimo yo kubaka ikibuga cy’indege cya Orville Wright itangira, “Niba inyoni zishobora kureremba igihe kirekire mu kirere, nuko... kuki njye ntabishobora?” Benshi mu bantu batekerezako bene abo bantu babuze ubwenge kubera ibitekerezo byabo bisa nk’ibyibisazi, bitangaje. icyo abantu benshi batibanzeho nuko bataziko nabo bagize gusobanukirwa, ubumenyi, bagakora cyane kandi bagategura ibintu neza. Kuberabo, isi yacu yarahindutse bitangaje.

Bibiriya ivugako bene ubwo bwenge buturuka mukumenya Imana. Waba kugiti cyawe waba uzi Imana yo muri Bibiriya? Imana ijya yigaragaza izanye n’imigambi myiza ihindura isi muburyo butangaje. Yohereje umwana wayo Yesu ngo aze gukurako ibyaha by’abantu bose bo mw’isi - ahashize, ubu, n’ahazaza – Kubwe uzamwizera wese ntazarimbuka ahubwo azabona ubugingo buhoraho. Yesu yakoze ibi kugirango ukunde umenye Imanna kugiti cyawe, nuko mukumenya Imana ,ugire ubwenge bwo kubaho ubuzima bwubaha Imana. Niba ushaka kumenya Imana ubwawe, saba Yesu kugufasha guhagarika kubaho muburyo isi nayo ibaho (Zaburi 1:1), nuko ubeho muburyo nawe yabagaho binyuze mumbaraga nawe yaguhaye. Iyi niyo nkuru nziza y’ubutumwa bwiza.



ISOMO RYA 19: SOLOMO (Igice 2)

Gusubiramo**Ibibazo by'icyumweru gishize & umurongo wo gufata mumutwe**Isomo ry'umurongo wa none

“Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mwi’isi niyakwa ubugingo bwe? (Matayo 16:26).

Umuco mwiza**Ukwizerwa**Itangiriro

“Akana Hattie May Wiatt Yari atuye munzu yari hafi y’urusengero aho twasengeraga kuri Berks and Mervine, ubu isigaye ifitwe n’itorero rya gikristo. Rwari urusengero ruto kuburyo rwabaga rwuzuye noneho tugasabwa kuba dufite amatike yo kwinjiriraho ibyumweru mbere y’amateraniriro. Ishuri ryo kucyumweru ryo ryabaga ryuzuye nk’amateraniriro yandi,nuko umunsi umwe manuka njya kurusengero,mw’iteraniriro ry’ishuri ry’isabato,mbona umubare w’abana benshi hanze. Bari bajagaraye bikomeye kuko batashoboranga kwinjiramo imbere,k’umubare w’abana benshi barimo imbere hose mubyumba by’ishuri ryo kucyumweru by’urusengero.nuko Hattie May Wiatt wari mutoya , wari unaturanye narwo yari yazanye ibitabo bye ndetse n’umusanzu we ,yari ahagaze kumarembo,ashidikanya niba yakwisubirira murugo cyangwa agatagera kuza kuba yinjira akererewe.Naramuzamuye hejuru mumaboko yanjye,mushyira hejuru k’ururtugu rwanjye,nuko maze anzamuka k’umutwe- ikintu ntashobora kuzibagirwa - ndamutwara munyuzaga hagati muri iyo mbaga y’abantu kugera mucyumba cy’ishuri ry’icyumweru,nuko mwicaza muntebe inyuma mungunguni itarabonaga neza.

Mugitondo gikurikiyeho nagarukaga hepfo kurusengero mva murugo rwacu nturaka kunzu yabo yari munzira agana kwishuri.Nuko duhuye ndamubwira nti: "Hattie, Tugiye kugira icyumba cy’ishuri ryo kucyumweru kinini nuko arambwira ngo,ndizerako ariko ubyifuzaga.Hari huzuye cyane kuburyo nari mfite ubwoba bwo kujyayo njyenyine.” Birimvikana,aba ariko musubiza.Nitubona amafaranga ashobora kwagura inyubako y’ishuri tuzubaka kimwe kinini gihagije gishobora kwakira abana bose bato,kandi tugiye gutangira gukusanya amafaranga yabyo byihuse".

Hattie May Wiatt yapfuye [mu 1886]. Yari yarakusanyije amasenti 57 (57 cents) kuyari yarasigaye kuwundi musanzu we mukubaka indi nzu y’ abana. Nyuma yo gushyingura ,mama yampaye agakapu gatoya karimo amasenti 57 nyajyana kurusengero aba ariyo dutangoiriraho nk’umusanzu wa mbere mukubaka indi nzu nshya y;ishuri ry’icyumweru; uwo mwana muto that Hattie May Wiatt, washoboye kumurika muri iyi si,yasize iyi mpano ikurikira.Navunjishije ayo mafaranga yose mu amapeni(pennies money) nyatanga nkuyagurisha.Nuko mbona mu \$250 avuye mu amapeni (pennies) 57; maze 54 yayo yarangerukiye nabantu bari bayaguze.Nuko nyanshira ahantu nko mugasanduku aho ashobora kugaragara maze bakayagura nayo ,tuvanamo \$250 yari ahagije mukugura indi nzu mumajyaruguru y’itorero muri Berks na Mervine.”

Hattie May,ishuri ry’abakobwa , ntiryaturutse mumuryango ukize,ubuzima bwe bwo kwizera bwakoreshejw n’Imana.Mu 1912 kuva kuri ubwo bwitange bwe ,itorero ryarakuze kugeza

kubantu 5600.kuva 1912,uhereye kuri ya 52 niyo yavuyemo ibyumba by'amashuri ya , PA.SamaritanHospital (now TempleUniversityHospital), bikoze n'urusengero ,buri mwaka niko abantu 30000bahabwaga serivisi bakeneye narimo n'abakener. Aband 2000 kumwaka. Abasore benshi bahuguriwe kuvuga ubutumjwa bwiza kubera uwo muryango watangijwe na Hattie, ashoye 57-cents (Byavuye muri Quotes taken from The History of Fifty-Seven Cents, - a sermon delivered by Russell Conwell to his Grace Baptist (Temple) church congregation in 1912 due to inquiries about this story).

Hattie May Wiatt was Kwizera Imana byaramuzengurutse.Uyu muni turakomeza kubona umwami SALOMO,aho atabaye umwizerwa kandi n'Imana ntiyamwubaha .

Solomo Igise cya2)

(umurongo: 1 Abami1 10:23)

“Umwami Salomo yari akomeye mubukira n'ubwenge kuruta abami bese bo mw'isi.”

Reka tuvuge bimwe mubikomeye mubyo Salomo yagezeho:

Ingoro y'urusengero

Dawidi, papa wa Salomo yashakaga kubaka inzu y'urusengero rw'Imana muri Yerusalemu.Guturuka igihe abisiraheli bavaga muri Egipta,ingoro cyangwa urusengero rwari rurerure,ihema rirambuye ryari ryarubatswe na Musa mugihe yari ayoboye abisiraheli mugihe cyose babaga mugasozi.Ariko Imana yari yarabwiye Dawidi ko atariwe uzamwubakira ingoro ye ,ariko ko izubakwa n'umuhungu we.Nuko Salomo aravuga ngo:17. **"Uziko umukambwe wanjye Dawidi atabonye uburyo bwo kubakira izina ry'Uwiteka Imana inzu ,kubw'intambara z'ababisha be bari bamuri impande zose,kugeza aho Uwiteka yabashyiriye muni y'ibirenge bye.18.Ariko noneho Uwiteka Imana yanjye impaye ihumure impande zose,ntamubisha nta n'ibyago bikiriho.19.Nuko ngambiriye kubakira izina ry'Uwiteka Imana yanjye inzu,nk'uko Uwiteka yabwiye umukambwe wanjye Dawidi ati:Umuhungu wawe nzashyira ku ngoma mukimbo cyawe,niwe uzubakira izina ryanjye inzu.' (1 Kings 5:17 - 19).**

Maze nyuma y'imyaka 480 Isiraheli ivuye muri Egipta,umwami Salomo atangira kubaka ingoro y'Uwiteka.Salomo yahatiye abagabo 30,000 kubaka ingoro y'urusengero.Yari yubatse mubisate by'amabuye maremaren'imbaho zo mubiti by'imyerezi.Kuri abo hari abandi 70,000 babizobereyemo,n'abandi 80,000 baconga amabuye neza,n'abashinzwe kuyobora abo bakozi 3,300.Iyo ngoro yari mikono 60 z'uburebure bw'umurambararo,mikono 20 z'ubugari,na mikono 30bw'igiharararo.Salomo yamaze imyaka 7 mukubaka ingoro y'Imana.

Ingoro ya Salomo

Solomo kandi yiyubakiye nawe ingoro . Byamutwaye imyaka 13 kugirango ayirangize.Nayo yhari yubatse mubisate by'amabuye n'imbaho z'imyerezi.Ingoro ya Salomo yari mikono 100 z'uburebure,mikono 50 z'ubugari,na mikono 30 z'ubuhagarike.

Ikibazo: Niki utahuye ku ngoro ya Salomo n'urusengero rw'Imana? [Ingoro ya Salomo yamutwaye inshuro 2 z'igihe mu kuyubaka kurusha igihe yubaatse ingoro y'Imana, kandi ingoro ya Salomo yari nini kuruta inzu y'Imana].

Ikibazo: Ibi bikubwira iki kuri Salomo ? [Bishobokeye wenda umutima we wari wamaze kuzura ubwibone]. Hamwe n'ubutunzi bwose n'ubwenge yari afite wenda yiyumvagako adakeneye Imana cyane mugihe abaye umwami wa mbere.

Uguhebuza kwa Salomo

“Umugabekazi w’ I Sheba yumvise kwamamara kwa Salomokubw’Izina ry’Uwiteka,aza azanywe no kumubaza ibinanywe,amugerageza. 2Nuko agera I Yerusalemu ashaqgawe n’abantu benshi cyane,bafite ingamiya zihetse imibavu n’izahabu nyinshi cyanen’amabuye y’igicro cyinshi.Ageze kuri Salomo amurondorera ibyari mumutima we byose3.Salomo amusobanurira ibyo yamuhanuzaga byose.Ntakintu nakimwe cyasobye Salomo atamusobanuriye.4.Nuko umugabekazi w’I Sheba abonye ubwenge bwa Saalomobwose ninzu yubutse,5.n’ibyo kurya byo kumeza ye,n’imyicarire y’abagaragu be,no guhereza kw’abahereza be,n’imyambarire yabo,n’abahereza be ba vino n’urwuririro yazamukiragaho ajya munzu y’Uwiteka arumirwa,bimukura umutima.

6Abwira umwami ati:Inkuru numviye mugihugu cyanjye z’ibyo wakoze niz’ubwenge zari iz’ukuri.7.Ariko sinabyemera kugeza ubwo niyiziye nkabyibonera n’ayanjye maso,kandi nsanze ibyo batambwiye birenze ibyo bambwiye,ubwenge bwawe n’ubutunzi bwawe bisumba uko nabyumvise.8.Hahirwa abantu baw!Aba bagaragu bawer barahirwa,bakwibera imbere iminsi yose bakumva ubwenge bwawe.9Uwiteka Imana yawe ihimbazwe yo yakwishimiye ikakwicaza ku ntebe y’ubwami bwa Isiraheli,Uwiteka yakunze abisiraheli iteka ryose.Nicyo cyatumye akwimika ngo uce imanza zitabera.

10.Hanyuma aha umwami italanto z’izahabu ijana na makumyabiri,n’imibavu myinshi cyane n’amabuye y’igicro cyinshi.Ntihongeye kuboneka imibavu inganya ubwinshi nyio uwo mugabekazi w’I Sheba yatuye Salomo” (1 Abami 10:1-10).

Ikibazo: Niki umugabekazi yamenye kuri salomo nyuma yahoo amusuriye? [Ko ari Imana yamuhaye ibyo afitebyose].

Ikibazo: Niki ibi bikwigisha ku Mana? [Ubushobozi bwawe,ubutunzi bwawe,buri ntambwe yose uteye no gukumeka kwawe,byose biza nk’impano ivaku Mana].

Ubwenge bwa Salomo

“Abo mw’isi bese bashakaga kureba Salomo,ngo bumve ubwenge bwe,imana yashyize mumutima we.Uwazaga wese yazanaga ituro rye,ari ibintu by’ifeza cyangwa iby’izahabu,n’imyambaron’intwari zo kurwanisha,n’imibavu n’amafarashi n’inyumbu.Niko byagendaga uko umwaka utashye.” (1 Abami10:24-25).

Ikibazo: Niki gikomeye mubyo Salomo yari atunze abamusuraga bese bafataga nk’igikomeye? [Ubwenge]. Buri wese wazaga kumureba yabaga nawe ari umutunzi. Bari bafite ibyo bifuzaga byose . icyo bashakaga cyane kurusha ubutunzi bafite cyari ubwenge kuko bari barabonyeko ubwo bwenge ari ikintu cy’agaciro cyane kurusha ubukire cyangwa ibyo batunze.

Ikibazo: Uribuka mw'isomo ry'icyumweru gishize uko nje nawe dushobora kugira ubwenge? [Kwakira amagambo y'Imana: kwizera no kumenya icyo Bibiriya ivuga.Kuzirikana amategeko yayo.Kwiga no kwibuka imirongo yo muri Bibiriya icyo ivuga.Tugasaba kuyisobanukirwa: tugasaba Imana ubwenge. (Imigani 2:1-6)].

Ubutunzi bwa Salomo

“Kandi Salomo yateranije amagare n’abagendera ku mafarashi.Yari afite amagare igihumbi na maganane n’abagendera ku mafarashi inzovu imwe n’ibihumbi bibiri,anashyira mu midugudu icyurwamo amagre n’i Yerusalemu mu murwa w’umwami.27.Umwami atuma i Yerusaremu hagira ifeza ingana n’amabuye ubwisnhi,n’ibiti by’imyerezi atuma binganya n’imivumu yo mu bibaya ubwinshi.” (1 Abami 10:26-27).

Ikibazo: Ni gute Salomo yabaye umutunzi cyane? [Ibuka ko Imana yamuhaye ubukire n’icyubahiro atari uko yabisabye,ariko yara yarisabiye ubwenge].

Ikibazo: None se ibi bikubwira iki kubyo Imana ishaka ko uha agaciro? [Imana ishaka ko duha ubwenge agaciro kuruta ubukire n’icyubahiro].

Ikibazo:Uribuka mu masomo yacu kuri Sawuli na Dawidi icyo Imana yari itegereje kandi yasabaga kubami yari yaritoranirije Do you remember from our lessons about Saul ? [Yabasagako bamwubaha byimazeyo]. Uko byagenze kwose Salomo ntiyakurikiye Uwiteka byimazeyo.

Ukutumvira kwa Saromo

“Umwami Salomo yabengutse abagore benshi b’abanyamahanga udashyizeho umukobwa wa Farawo:Abamowabukazi n’Abamonikazi ,n’Abedomukazin’Abasidonikazi n’Abahetikazi2.Abakomoka mumahanga Uwiteka yabwiragaati:”ntimukajye muribo,nabo ntibakaze muri mwe,kuko byatuma bihindura imitima yanyu mugakurikira imana zabo.”Ariko Salomo yifatanyaga nabo aherejwe nuko yababengutse.3.Salomo yari afite abagore b’imfura magana arindwi n’abinshoreke magana atatu.Nuko abagore be bamuyobya umutima.4.Salomo amaze gusaza,abagore be bamutwara umutima agakurikiza izindi mana ,bigatuma umutima we utagitunganira Uwiteka Imana ye nk’uko uwa se Dawidi wari umeze.5.Kuko Salomo yakurikiye Ashitoreti ,imanakazi y’Abasidoni,na Milikomu,ariyo kizira cy’Abamoni.6.Uko niko Salomo yakoze ibyangwa n’Uwiteka ,ntiyayoboka Uwiteka rwose nkase ” (1 Abami 11:1-6).

Ikibazo: Niki Imana yari yarihanangirije buri mw’isiraheli wese kudakora? [Kudashakana n’uwari wewese wo muyandi mahanga baramya izindi mana]. Imana yari iziko imitima yabo izahindukirira izindi mana.

Ikibazo: Kuki byari umwihariko w’ingenzi kuri Salomo kutabikora? [Ni nk’umukino ukomeye wo gukurikira umuyobozi .Iyo umwami yakurikiraga izindi mana ,ishyanga ryose ryahitaga naryo rikurikira izindi mana].

Ikibazo: Uko Imana yitwaye cyangwa yasubije ukutumvira kwa Salomo ,bitekerezaho iki? [Yakuyeho ubwami bwa Salomo].

Ikibazo:Ni uwuhe mwami wundi twavuzeho nawe utarakurikiye Imana rwose ? [Sawuli].

Ikibazo: Imana yitwaye gute k'ukutumvira kwa Sawuli? [Imana yakuyeho ingoma y'ubwami bwa Sawuri imusimbuza undi mwami - Dawidi.

Salomo yabaye umwami kuko yari umuhungu wa Dawidi nawe wari warabaye umwami bivuye m'ukutumvira amategeko y'Imana bya Sawuli .Nka Sawuli ,Salomo ntiyubashye Imana,nka Sawuli ,Salomo yatakaje ubuyobozi bw'ubwami kuko yananiwe gukurikira Imana rwose.

Ikibazo: Ni ibihe bintu bimwe Salomo yashoboye kugeraho? [Salomo yari intwari ikomeye ya Bibiriya.Yabaye umwami wa Isiraheri imyaka 40.Yagize ubwenge butangaje n'ubutunzi bwinshi , ubutunzi buruta kure undi muntu wese wabayeho cyangwa uzabaho.Yageze kubyo yifuzaga kugeraho byose].

Ikibazo:Niki Salomo yahisemo gukora ? [Salomo nawe yahisemo kutumvira Imana,maze iyitera umugong].

o

Ikibazo:Niki wakwigira kuri Salomo uyu muni ? [Hejuru yabyose Imana ishaka ukumvira kwawe]. Ibuka urugero rwa Salomo.Ntukareke ko i byifuzo bikujyana munzira zo kutubaha Imana .

ISOMO # 20: ELIYA (Igice cya1)

Gusubiramo

Ikibazo cyo mu cyumweru gishize n’umurongo wo gufata mumutwe

Umurongo w’isomo ry’uyu muni

**“Ahabu mwene Omuri akora ibyangwa n’Uwiteka kurusha abamubanjirije bese”
(1Abami 16:29-30).**

Indangagaciro

Guhagarara kubw’Imana

Ikibazo cyo kuganiraho

Wakumva umerewe gute mugihe buri wese iruhande rwawe yakoraga nabi? N’iki wakwifuje kubabwira?

Itangiriro

Kw’itariki ya 31 Ukwakira 1571, yashimangiye inyandiko k’urugi rw’urusengerero rwa Castle muri Wittenburg, ho m’Ubudage. Iyo nyandiko yariyo gusomwa na bese isobanura uburyo ibikorwa bimwe by’itorero Gaturika (itorero rukumbi) mu bihe bye, bitahamanyaga n’Ijambo ry’Imana. Agaragaza ruswa no guhindagurika byavanaga abantu basanzwe m’ugusobanukirwa agakiza kubwo kwizerera muri Kristo gusa.

By’ukuri yuzuye ugutinya Imana mu 1505 yiyunze kw’iyobokamana rya monastery kandi aho Imana ikomeza kumubera Imana Yera idashobora kwegerwa, kandiko atashoboraga kugera k’ugutungana kw’Imana isaba. Umuni umwe arimo yiga Bibiriya, asoma, **“Kuko muribwo ari na mo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa no kwizera kugakomezwa nako, nk’uko byanditswe ngo “Ukiranuka azabeshwaho no kwizera” (Abaroma 1:17).** Yakira igikorwa kristo yakoze k’umusaraba nk’inyishyu y’icyaha cye.

Atangira kubwiriza no kwigisha muri kaminuza ya Wittenburg, maze abantu bakaza kumva ubutumwa bwe. Mu gushyira imbaraga n’amafaranga k’uruhande byavaga mw’itorero rimeze neza, yahamagajwe imbere y’inteko rusange y’itorero asabwa kwisubiraho ku amagambo ye. Ntiyabishoboye, niko gutangazwa nk’udafite itegeko rimurengera. Ahishwe n’inshuti ze, Maritini Luteri yagize inkunga ikomeye kw’isi: yarangije gusemura bibiriya mu kidage.

Maritini Luteri yahagaze ashikamye kubera Imana nubwo ubutumwa bwe butari bumenyereye n'abakuru b'itorero kandi bukaba bwanamushyira mukaga. Isomo ryacu rya Bibiriya uyu muni riraturujyana ku iyindi ntwari ya Bibiriya, nayo yahagaze kubw'impamvu y'Imana, nubwo byashyize ubuzima bwe mu kaga.

Ubusobanuro

Eliya yari umuhanuzi. Umuhanuzi ni umuntu Imana ivugiramo ikamutoranya ngo aiyane ubutumwa bwayo ku bantu. Akenshi, umuhanuzi ashishikariza abantu kugarukira kuramya Imana.

Eliya yari yarorehejwe n'Imana gushyira ubutumwa umugabo witwaga Ahabu wari umwami wa Isiraheri muri icyo gihe. Mbere yuko tureba Eliya, dukeneye kugira isomo rito ry'amateka twiga, tugasobanukirwa neza impamvu Imana yamwohereje kuvugana n'umwami Ahabu.

Niba mwibuka neza mw'isomo ryacu riheruka, Imana yari yararakariye Salomo:

“Nuko Uwiteka arakarira Salomo, kuko umutima we wahindutse ukayoba Uwiteka Imana ya Isirayeli yari yaramubonekeye kabiri, ikamutegeka imwihanangirije ko atazakurikira izindi Mana, ariko ntiyumvira icyo Uwiteka yamutegetse. Ni cyo cyatumye Uwiteka abwira Salomo ati “Kuko wakoze ibyo, ntiwitondere isezerano ryanjye n'amategeko yanjye nagutegetse, ni ukuri nzakunyaga ubwami bwawe mbugabire umugaragu wawe.” (1 Abami 11:9-11).

Ikibazo: Ni ayahe mategeko abiri yambere mumategeko icumi? (Kuva 20:3-6):

1. Ntukagire izindi mana mumaso yanjye (Reka Imana ibe iy'ibanze mumuzima bwawe).
2. Ntukiremere igishushanyo kibajwe cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru cyangwa hasi kubutaka cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka. Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere. (uramye Imana yonyine).

Ikibazo: Ese Salomo yaba yarabizirikanye? [Mw'ikubitiro yarabikoze, ariko nyuma Salomo yatangiye kuramya imana z'abagore be].

Ikibazo: Ikigirwamana n'iki? [Ikigirwamana ni ishusho umuntu akora ikamugaragarira nk'imana, akayiramy].

Ikibazo: Kuki ibigirwamana ari bibi cyane? [Ibigirwamana ni ibintu bidutwara intumbero yacu ku Mana. Abantu bagatangira kuba aribyo barangamira gusumbya Imana].

Hano hari urugero: Reka tuvugeko ubona idoralali 1 mucyumweru. Ni iki watekereza bwa mberet: Gutanga icya 10 ku Mana cyangwa ako kanya uhita utekereza icyo ugiye guhita ugura? Ntacyo bitwaye umumaro cyaba kigufitiye, Imana ishaka ko ikubera iyagaciro kurushaho.

Ikibazo: Kuki Imana ishaka kukubera iy'igicro kurusha ikindi kintu cyose cyangwa undi muntu wese? [Niba Imana atariyo y'agaciro kurushaho mubuzima bwacu, ninde noneho twarangamira cyangwa niki twaba dushaka kandi niki twaba dushaka gukora].

Hano hari urundi rugero: Byagenda gute haramutse habayeho ko buri wese akina umupira w'amaguru akurikije amategeko ye? Wagira umukino umeze gute? Cyangwa se byaba bite mwarimu wawe aramutse avuze ngo, "Uyu muni ushobora gufata umuntu uwo ari wewe uko ushaka. Uramutse ushaka kunyura hagati mu murongo wo muri kafeteriya cyangwa ushaka kuvugana n'umuyobozi wanyu - ntacyo bitwaye!" Uwo muni waba umeze ute kw'ishuri ryanyu? [Byaba ari ishyano? Cyangwa byaba ari akaga?].

Reka ubu turebe uko yaje kuja guhura na Ahabu.

Eliya (Igice cya 1)

Mu gihe Salomo yari umwami, Isiraheli yari igabanijemo ibice bibiri: Isiraheli y'amajyaruguru, umurwa mukuru wayo wari Samariya, & Yudeya mu amajyepfo umurwa mukuru wari Yerusalemu.

Rero Salomo yari umwami wa Isiraheli yose, iy'amajyepfo n'amajyaruguru, nk'uko se Dawidi yahoze ari. Salomo amaze gutanga umuhungu we Rehobowamu yima ingoma muri Isiraheli yose. Rehobowamu yari umwami mubi, abantu ntibamukundaga. Nuko abaturage ba Isiraheli bahitamo kwimika Yerobowamu umwe mubari aba ofisiye b'umwami wabo Salomo, uretse Yuda niwe wenyine niwe wakomeje gukeza Rehobowamu.

Imana isezeranya Yerobowamu ko nakurikiza amategeko yayo kandi akagenda munzira zayo nk'uko Umwami Dawidi yabigenje, azagira abamukomokaho b'abami igihe kinini. Ariko Yerobowamu ntiyumviye Imana maze Imana iramubwira: **"ahubwo ukora ibyaha kurusha abakubanjirije bese, uragenda wihimbira izindi mana z'ibishushanyo bibajwe n'ibiyagijwe, urandakaza uranyimura, unshyira inyuma."** (1 Abami 14:9). Rehobowamu ntakirenze kiza yigeze akora, kandi yayoboye Yudeya kuja kure y'Imana, kandi hariho intambara y'urudaca hagati ya Rehobowamu na Yerobowamu. Bakundwa.

Igihe Rehobowamu yatangaga umuhungu we Abiyamu niwe wimye ingoma aba umwami wa Yudeya. **"Abiyamu uwo akomeza kugendera mu bibi bya se yahoze akora byose, kuko umutima we utari utunganiye Uwitaka Imana ye nk'uwa sekuruza Dawidi."** (1 Abami 15:3). Igiteye amatsiko nuko nyuma yo gutanga kwa Abiyamu, umuhungu we Asa aba umwami wa Yudeya, ategeka Yerusalemu imyaka 41. Asa yari umwami mwiza. **"Asa uwo yakoraga ibitunganiye Uwitaka nk'uko sekuruza Dawidi yakoraga"** (1 Abami 15:11).

Ikindi gihe, tugarutse muri Yerusalemu, nyuma yuko Yerobowamu atanze, umuhungu we Nadabu ahinduka umwami wa Isiraheli yima imyaka ibiri. **"Ariko akora ibyangwa n'Uwitaka agendana ingeso za se, n'ibyaha yoheje Abisirayeli ngo bacumure."** (1 Abami 15:26). Ibi bintu biratangaje.

Nuko umuntu witwa Basha yica Nadabu maze aba umwami wa Isiraheli **"... Ariko akora ibyangwa n'Uwitaka agendana ingeso za Yerobowamu, n'icyaha cye yoheje Abisirayeli ngo bacumure...."**

(1 Abami 15:34). Byihuse Basha abaye umwami, yica umuryango wose wa Yerobowamu; kubera ibyaha Yerobowamu yari yarakoze kandi yari yatumye na Isiraheli ibikora. Basha yabaye umwami kumara imyaka 24 kandi hari intambara hagati ye n'umwami Asa wa Yudeya

mugihe cyose cy'ingoma yabo. Igihe Basha atangiye, umuhungu we Elahi aba umwami wa Isiraheli kumara imyaka 2. Nuko Zimuri, umwe muba ofisiye be amwigomekaho aramwica nuko aramuzungura aba umwami. Nawe ahita yica umuryango wose wa Basha kubera ibyaha Basha yari yarakoze we n'umuhungu we Elahi bagatuma na Isiraheli yose ibikora. Agahomamunwa.

Zimuri yabaye umwami iminsi 7. Mugihe abaturage ba Isiraheli bumviseko Zimuri yigometse kuri Elahi akanamwica, batangazako Omuri, wari umukuru w'ingabo nk'umwami, nuko Omuri yica Zimuri kuko yari yakoze ibibi mumaso y'Uwiteka, nkuko Yerobowamu yari yarbikoze. Omuri yabaye umwami kumarara imyaka 12. **“Ariko Omuri akora ibyangwa n’Uwiteka arusha abamubanjirije bose gukora nabi,” (1 Abami 16:25).** Biratangaje

Niki kitujyana kuri Ahabu. **“Ariko Ahabu mwene Omuri akora ibyangwa n’Uwiteka kurusha abamubanjirije bose” (1 Abami 16:30).**

Ikibazo: Niki wabonye kubami bose twavuzeho? [Hafi igihe cyose, abahungu b’abami nibo basimburaga base kuba abami, kandi uretse Asa wabaye umwami mwiza, abandi bose babaga babi cyane kurusha base].

Ikibazo: Kuki utekerezako ibintu ari uko byagendaga? [Inyana ni iyamweru]. Abana b’abahungu n’abakobwa benshi bigira mukwitegereza ababyeyi babo. Aba bahungu bakuze bigira kuri ba se..

Ikibazo: Bana ni iyihe mpamvu mutekerezako abapapa banyu babazanye muri iyi nyigisho ya Bibiriya? [Ni ukuberako bashaka ko umenya uko urugero rwabo ari ingenzi nkuko wiga Ijambo ry’Imana]. Urabonako ukeneye ikigero wapimiraho ibyo wizera, ukamenya niba ari byiza cyangwa ari bibi. Yesu Kristo niwe rugero twahawe n’Imana kugirango tubashe kumenya uko tubaho ubuzima buhebuje.

Hejuru y’ibibi byose abami bose ba Isiraheli bakoze kugeze kugihe cya Ahabu, yakoze ibirengeje byatumye Imana irakara kurusha abandi bose. Nicyo gihe Eliya yagaragaye. Imana yohereza Eliya kwibonanira amaso kuyandi n’umwami Ahabu kubijyanye no kuba yararetse amategeko yayo. Tuzareba icyo Imana yakoze binyuze muri Eliya mw’isomo ry’ubutaha.



Ubutumwa Bwiza – na Ben Bell – Dallas, TX

Ikibazo: Nibyari byoroshye gushikama ugahagarara kubera Imana? [Iyo ntakiguzi bisaba]. Biroroha igihe tubikora nk’itsinda cyangwa ntabatuvuguruza cyangwa izindi mbaraga zitubuza amahwemot.

Ikibazo: Ni ryari bikomeye guhagarara ugashikama kubera Imana? [Igihe ugomba kubikora kugiti cyawe].

Igihe tugomba guhagarara kubw’imbaga y’abantu.

Mu 1 Abami, igice cya 17, Eliya yegereye umwami Ahabu wari warakoze ibibi byinshi kurusha abamubanjirije bose, amubwirako ubwoko bwose bwa Isiraheli buzahura n’akaga bitewe nukuntu yubahushye Imana. Nuko Eliya ahava mbere yuko Umwami Ahabu yaba yamwica

cyangwa akangara kumara imyaka itatu. Eliya yashoboraga guceceka ntavuge akirinda izo mpagarara zose. Ariko yarahagaze kubw’Imana!

Igihe twizerako dushobora guhagarara tugakora icyiza tutitaye kubw’imbaga nyamwinshi tuba twahisemo kubahisha Imana kandi tukinjiramo n’inshuti zacu. Igihe cyose niko dukora icyiza? [Oya}. Turi abantu hari ubwo bitunanira ariko Bibiriya iravuga ngo, Mube abera nkuko So wo mw’ijuru ari Uwera” (Matayo 5:48). Yesu, Umwana w’Imana utarigeze ateshuka narimwe, yubahishije Se apfa k’umusalaba ngo atubabarire wowe nanjye izo nshuro zose twateshutse, kubw’ibyho Imana ikatubonaho gutungana, nkuko ibona Umwana wayo utunganye.

Niba ushaka ko Imana ikubona Umwana wayo, wakora icyiza ubu, usaba Yesu kukubabarira ibyaha byawe kandi ukamuha ikaze m’ubuzima bwawe. Kandi rero ubashe kumwemerera kugufasha kubaho ubuzima bwubaha Imana.



ISOMO # 21: ELIYA (Part 2)

Gusubiramo

Ibibizo by'icyumweru gishize & umurongo wo gufata mumutwe

Umurongo w'isomo rya none

“Ndahiye Uwiteka Imana ya Isirayeli ihoraho, iyo nkorera iteka, yuko nta kime cyangwa imvura bizagwa muri iyi myaka, keretse aho nzabitegekera.” (1 Abami17:1).

Indangagaciro

Kwiringira Imana udashidikanya, Ubushizi bw'amanga mu kwizera.

Ikibazo cyo kuganiraho

Niba imwe mu inshuti zawe ishakako ikintu kitari cyiza, ni iki wamubwira?

Gusubiramo n'ubusobanuro bw'isomo ry'uyu muni

Ahabu umuhungu wa Omuri yakoze ibibi byinshi mumaso y'Uwiteka akora nibirenze byatumye Imana irakara kurusha abandi bami bose bamubanjirije ubishyize hamwe. Ahabu yashakanye n'umukobwa witwaga Yezeberi wari umukobwa w'undi mwami w'igihugu cy'igituranyi, kubw'ubusabe bwe atangira gukorera imana zabo Bayali kandi atangira no kuziramyia.

Hanyuma Imana yohereza umuhanuzi Eliya guha umwami Ahabu ubu butumwa: **“Ndahiye Uwiteka Imana ya Isirayeli ihoraho, iyo nkorera iteka, yuko nta kime cyangwa imvura bizagwa muri iyi myaka, keretse aho nzabitegekera.” (1Abami 17:1).** Nuko Eliya aragenda yihisha Ahabu kubw'itegeko ry'Uwiteka.

Hanyuma y'imyaka itatu, Imana ibwira Eliya kujya guhura na Ahabu, kandi ko agiye kugwisha imvura mu gihugu. Nuko Eliya ajya kureba Ahabu. Nta mvura igwa kumara imyaka itatu, inzara yari yarayogoje muri Samariya yose (umurwa mukuru w'amajyaruguru ya Isiraheli aho Ahabu yabaga), ho Ahabu yohereza Obadiya umunyarugo we hanze gushaka ibyo kurya. Obadiya yari umwizera ukomeye mu Mana. Ubundi, iyo umugore wa Ahabu, Yezeberi yabaga agenda muri Isiraheri yose yica benshi mu abahanuzi b'Uwiteka yashoboraga kubona, Obadiya mw'ibanga rikomeye yafashe 100 mu abahanuzi hanyuma abahisha munzu yo hasi mubuvumo akajya abashyira ibyo kurya n'amazi. Ubwo Obadiya yagendaga, Eliya ahura nawe, aravugaga ati, **“Genda ubwire shoboja uti: Eliya ari hano.” (1 Abami18:8).**

Itangiriro

Wahujwe na Watchman Nee mw'isomo ryahise (Isomo rya12: Samwelil, pp. 45-48). Hano hari inkuru ivuga ukwizera kwe mu Mana.

Wari umunsi mukuru w'ikiruhuko mu cyaro cya Mei-hua ho m'Ubushinwa, aho baturaga amaturo ku mana zabo. Watchman Nee yari kumwe n'itsina ry'abasore b'abavugabutumwa bageragezaga kuvuga ubutumwa bwiza mu mayira muri icyo gihe cyo kwizihiza uwo muni mukuru. Ariko umukumbi w'abantu ntiwashakaga kumva. “Dufite imana yacu, Ta-wang (byasobanuraga umwami ukomeye). Ibirori bye byamaraga iminsi ibiri kumara imyaka 286, Ta-wang yari yarohereje izuba kumurika kubw'ibirori bye ritazima...Hanyuma Li umwe mubavugabutumwa bari kumwe na Watchman Nee arangurura asakuza ati: ndabasezeranya

ko imana yacu, ariyo Mana nyakuri, ko uyu munsu iragwisha imvura k'umunsu wo kwizihiza ibirori bya Ta-wang."

...ako kanya abaturage bose baratwarwa "Turabyemeye!" basubiriza rimwe. Niramuka iguye kumunsu mukuru wa Ta-wang, nibyo Yesu wanyu araba ariwe Mana. Turaba twiteguye kumva ibimwerekereyeho."

Kuri uwo munsu wa Ta-wang, hari izuba ryinshi. Watchman yageragezwaga no gusaba Imana ngo igushe imvura, ariko yumva ijwi rito rivuga riti, "Imana ya Eliya irihe?" Nka Watchman nabandi bantu barimo bashimira Imana kubw'amafunguro ya mugitondo, imvura itangira kugwa. Imvura ntiyahita nuko ihinduka imvura ikomeye cyane.

Bamwe mu baturage batangira gusakuza bavuga ngo, "Yesu ni Imana" Abaramya Ta-wang, batekereza guhatiriza kugendana ikigirwamana cyabo muri uwo mutambagiro. Ariko inzira zose zari zuzuye, nuko urugendo rw'umutambagiro rurananirwa, rugaragarako ntagaciro rugifite, ikigirwamana cyabo cyirasandara iragwa. Umusozo wose wari ushishikajwe no kumva ubutumwa bwiza (Byavuye muri Hero Tales, by Dave & Neta Jackson, Bethany House, 1997, pp 98-100).

In today's Bible lesson, we'll hear from the "God of Elijah" as did Watchman Nee and the village of Mei-hau.

Eliya (Igice cya 2)

(Umurongo: 1 Abami 18:16-39)

"Nuko Obadiya ajya kubonana na Ahabu nuko arabimubwira, maze Ahabu ajya guhura na Eliya. 17 maze Ahabu abonye Eliya aramubwira ati "Mbega ni wowe n'umuruho wateye Isirayeli?"

Ikibazo: Kuki Ahabu yasuhuje Eliya muri ubu buryo? [Hari inzara ikomeye muri Isiraheli kuko ntamvura yari yakaguye kumara imyaka itatu, kandi Eliya yari yaravuzeko imvura izasubira kugwa ari ukubera we. Iyo myaka itatu yose Ahabu yari afite umuntu muri buri bwoko na buri bwami bwose wariho ashakisha Eliya. Ahabu agereka kuri Eliya kuba ariwe ntandaro w'amapfa].

18 "Na we aramusubiza ati "Erega si jye wateye Isirayeli umuruho, ahubwo ni wowe n'inzu ya so kuko mwaretse amategeko y'Uwiteka, mugakurikira Bāli."

Ikibazo: Ni ubuhe butumwa Eliya yahaye Ahabu? [Impamvu yiyo nzara yabaye nuko wahagaritse kuramya Imana utangira kuramya izindi mana].

19 Nuko none ntumirira Abisirayeli bose bateranire ku musozi w'i Karumeli, kandi abahanuzi ba Bāli uko ari magana ane na mironko itanu, n'abahanuzi ba Ashera basangirira ku meza ya Yezebeli, uko ari magane."

20 Nuko Ahabu atumira Abisirayeli bose n'abo bahanuzi, abateraniriza ku musozi w'i Karumeli. 21 Nuko Eliya yegera abantu bose aravuga ati "Muzageza he guhera mu rungabangabo? Niba muzi ko Uwiteka ari we Mana nimumukurikire, kandi niba ari Bāli abe ari we mukurikira." Abantu ntibamusubiza ijamba na rimwe.

Ikibazo: Kuki Imana yari yararakariye Ahabu? [Ibuka, umurimo n'ibanze w'umwami wari uwo kubera urugero rwiza abaturage ba Isiraheli gukurikiza amategeko n'amabwiriza by'Imana. Ahabu we yari yarabayobeye mukutaramya Imana ahubwo akababwira kuramya no gukorera izindi mana]!

Ikibazo: Ni ubuhe butumwa Eliya yahaye abisiraheli? [kugarukira kuramya Imana ya Isiraheli].

22 Eliya arongera abwira abantu ati “Ni jye jyenyine muhanuzi w’Uwiteka usigaye, ariko abahanuzi ba Bāli ni magana ane na mirongo itanu. **23**Nuko nibaduhe impfizi ebyiri bahitemo iyabo, bayitemaguremo ibice babigereke hejuru y’inkwi ariko be gucanamo, nanjye ndatunganya iya kabiri nyigereke hejuru y’inkwi, ne gucanamo. **24**Muhereko mutakambire izina ry’imana yanyu, nanjye ndatakambira izina ry’Uwiteka. Maze Imana iri budusubirishe umuriro, iraba ari yo Mana.” Abantu bose baramusubiza bati “Ibyo uvuze ni byiza.”

25 Nuko Eliya abwira abahanuzi ba Bāli ati “Ngaho nimuhitemo iyanyu mpfizi, abe ari mwe mubanza kubaga kuko muri benshi, maze mutakambire izina ry’imana yanyu ariko ntimucanemo.” **26**Nuko bazana impfizi bahawe barayibaga, maze batakambira izina rya Bāli uhereye mu gitondo ukageza ku manywa y’ihangu, bavuga bati “Nyamuna Bāli, twumvire.” Ariko ntihagira ijwi ryumvikana cyangwa ubasubiza n’umwe. Basimbukira hirya no hino ku gicaniro bubatse.

27Bagejeje ku manywa y’ihangu Eliya arabashinyagurira ati “Erega nimutere hejuru kuko ari imana! Yenda ubu iriyumvira cyangwa hari aho igannye, cyangwa se yazindutse cyangwa irasinziriye, ikwiriye gukangurwa.” **28**Barongera batera hejuru, bikebesha ibyuma n’intambi nk’uko basanzwe babigenza, kugeza aho amaraso yabereye imyishori kuri bo.

29Maze ku gicamunsi barakotsora bageza igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba, ariko ntihagira ijwi ryumvikana cyangwa usubiza cyangwa wabitaho n’umwe.

Ikibazo: Kuki Eliya yari yifitiye icyizere?? [Mbere yabyose Imana yari yavuzel, ibigirwamana ntibishobora kubafasha. Bazabikoramo inkwi babitemagure baikoreremo umuriro biyotere (Isaiah 44:15)].

30 Eliya aherako abwira abantu bose ati “Nimunyegere.” Bose baramwegera, asana igicaniro cy’Uwiteka cyari cyarasenytutse. **31** Nuko Eliya yenda amabuye cumi n’abiri uko umubare w’imiryango ya bene Yakobo wanganaga, ari we ijambo ry’Uwiteka ryagezeho riti “Isirayeli ni ryo ribaye izina ryawe.” **32**Nuko ayo mabuye Eliya ayubakisha igicaniro mu izina ry’Uwiteka, maze acukura impande zacyo uruhavu rwajyamo indengo ebyiri z’imbuto. **33**Aherako agerekeranya inkwi, acagagura impfizi ayigereka hejuru y’inkwi.

Maze arababwira ati “Nimwuzuze intango enye amazi, muyasuke hejuru y’igitambo n’ink.”

34 "Arababwira ati “Nimwongere ubwa kabiri.” Bongera ubwa kabiri. Arongera arababwira ati “Nimwongere ubwa gatatu.” Bongera ubwa gatatu. 35 Amazi arasendera agota igicaniro, yuzura na rwa ruhavu.

36 Nuko agejeje igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba, Eliya umuhanuzi yegera igicaniro aravuga ati “Uwiteka Mana ya Aburahamu na Isaka na Isirayeli, uyu muni bimenyekane ko ari wowe Mana mu Bisirayeli kandi ko ndi umugaragu wawe, nkaba nkoze ibyo byose ku bw’ijambo ryawe.”

38 Nyumvira, Uwiteka nyumvira kugira ngo aba bantu bamenye ko ari wowe Mana, kandi ko ari wowe ugarura imitima yabo.

39Uwo mwanya umuriro w’Uwiteka uramanuka, utwika igitambo cyoswa n’inkwi n’amabuye n’umukungugu, ukamya amazi yari mu ruhavu yose!" Maze abantu bose babibonye bikubita hasi bubamye baravuga bati “Uwiteka ni we Mana, Uwiteka ni we Mana

Ikibazo: Igikorwa cya Eliya cyagaragazaga iki? [Ko Imana ya Isiraheli yahozeho kandi ko ariyo Mana yonyine kandi ko Bali atari Imana namba]. Abantu babonye ibyo Imana ikoze kuri uwo muni, basangakoko bari barayibagiwe nuko bibukako Uwiteka ariyo Mana yonyine.

Ikibazo: Niki wakwigira muri iyi nkuru ya Eliya? [Rimwe na rimwe biroroshye kuba wakwibagirwa Imana]. Dutwarwa n’amashuri, imikoro, inshuti, imirimo, tukobagirwako dukeneye kugira igihe tumarana n’Imana.

Amashuri n’inshuti ndetse n’imirimo ni ibyingenzi. Imana yarabiduhaye ngo tubyishimire maze tuyishimire kubw’ibyo yadukoreye. Ariko Imana ntiyifuzako aribyo byaba iby’ibanze kuri twe kuburyo aribyo duha umwanya uhagigije kurusha yo.

Ikibazo: Ni ibihe bintu by’ingenzi utekerezako Eliya yari afite? [Kwizera & icyizere mu Mana]. Reka turebe kuri ibyo bintu by’ingenzi Eliya yari afite:

Eliya yari afite Ukwizera guhamye m’Uwiteka

Eliya yakoze ibyo Uwiteka yamutegetse byose gukora.

Ikibazo: Kuki Eliya yagize ishyaka no kwizerera mu Mana akiyerekana imbere ya Ahabu? [Ahabu yari yarateje abanyagihugu bose kurwanya Eliya kuko yababwiragako ariwe nyirabayazana w’amapfa barimo. Kandi Ahabu na Yezeberi barimo bica abahanuzi b’Imana bashoboraga kubona].

Ikibazo: Ese bisaba ishyaka ryinshi muri iki gihe kuba umukiristo? [Yego. ushobora gufatwa nk'ushekeje mugihe wiyemeje guhagarara ukabaho ugendera munzira z'Imana. Mubindi bice by'isi, bishobora kuba byagushyira mukaga mugihe ugaragaje ko uri umukiristo].

Nk'umuyobozi w'itsinda, fata umwanya uyobore itsinda ryawe mw'isengesho musengere abantu bari kurenganywa hirya no hino kwisi kubwo kwizera.

Eliya yari afite icyizere cyuzuye m'Uwiteka

Ikibazo: Ni gute Eliya yagaragaje icyizere mu Imana? [Intego nyakuri ya Eliya yari ikikijwe n'iyicwa ry'abahanuzi b'Uwiteka, Eliya byamukozeho, ashotorira kandi arakarira abahanuzi 450 ba Bali bari bafite inkota zityaye cyane kandi zinakwiyeneza].

Ikibazo: Ni gute wagirira icyizere mu Mana? [Ushobora kugirira icyizere ko icyo Imana ivuze cyose ari ukuri].

Eliya yari yizyeyeko icyo Imana yamubwiye cyose ari ukuri kandi ari cyiza. Mu isomo ryacu ry'ubutaha, tuzareba uko Eliya yakujije icyo cyizere gikomeye mu Mana n'uko nawe wabikora .

ISOMO # 22: ELIYA (Igice cya 3)

Isibiramo

Ibibazo by'icyumweru gishize & umurongo wo gufata mumutwe

Umurongo w'isomo rya none

"Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye.' Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." (Zakariya 4:6).

Ibyiza

Icyizere m'Uwiteka, Guhagarara kucyiza

Ikiganiro

Abapapa: Garagaza igihe Imana yagize icyo itanga cyangwa yaba yarakunyuje mubintu byakuzamuriye icyizere muri yo. (Note: Mfite urugero ruhari).

Abana: Vuga igihe mama cyangwa papa wawe yagufashije kunyura mubihe bikomeye, urugero...: uburwayi bukomeye, project y'ishuri, gutera intambwe.

Itangiriro

"Nshuti, niba mwe nanjye dufashe icyubahiro kubwacu cyari gikwiye Imana yonyine ,tuba turi abapfapfa nkiby'inanyi ya sedondi nababwira .Inyoni imwe ya sedondi yazamutse hejuru kugiti cya pine tree nuko idonda n'imbaraga nyinshi umunwa wayo kuruhande rw'igiti inshuro eshatu nkuko bene izo nyoni zikunda kubikora.Muri ako kanya urumuri ruturutse kugicu rugera kuri icyo giti,(umurabyo)rumanuka rugera hasi,rukubita igiti kimanuka kigana hasi.Iyo nyoni ya sedondi yisanga yamanukiye mu kindi giti cyegamiwe nicyo yariho idonda.Itangajwe nibyo bibaye ,mumutuzo mwinshi nuko itangira kwitera amajeke isakuza ivuga ko itangajwe n'imbaraga umunwa wayo ufite kuba ushoboye guhirika igitii nkicyo kunshuro eshatu gusa ikidonzet!"

Iyo niyo nkuru ikunzwe y'umugabo wahisemo mubuzima bwe: **" Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye.' Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." (Zakariya4:6).**

Yiyandikishije muri Koleji ya Knox mumugi wa Toronto ho muri Canada, nuko k'umunsi we wa mbere muri uwo mugwi, agenda genda mugice cy' ahantu hasa nabi kandi hasuzuguritse, yasengaga asaba Imana gukingura umuryango waho ashobora kujyana ubutumwa bwiza mungo n'imitima y'abakennye bo muri ako gace,nuko kucyumweru cye cya mbere yisanga ari kubwiriza ubutumwa bwiza muri gereza. Mw'itangira ry'igihe gishya aho kuri koleji umuyobozi yamubajije umubare w'ingo yashoboye gusura muri icyo gihe yari mukiruko cy'impeshyi. "Magana cyenda na mirongw'itandatu,"nicyo cyari igisubizo cye.

K'ubw'amahirwe ,rimwe yisanga yashyizwe kuri gahunda yo kujya kubwiriza ahantu hamwe kucyumweru,asanga yari afite gusa amafaranga ahagije yo kugura itike imugeza ahantu hamwe gusa imodoka ihagarara Atari aho yagombaga kubwiriza.Nyuma yo gusenga asaba Imana kumuyobora icyo gukora ,agurisha ya tike ye nuko yihutira kugera kuri ya sitasiyo yagombaga kuviramo ,nuko atangira kugenda n'amaguru urugendo rw'ibirometero icumi yari

asigaje. Mugihe yari amaze kugenda nk'ibirometero umunani, haba haje itsinda ry'abantu bari gusana umuhanda. Atangira kugirana ibiganiro nabo, agashimangira ababwira izina rimwe gusa hano mwisi twahawe, ko arimuri ryo tugomba gukirizwamo hanyuma abatwira kuzaza kumutega amatwi abwiriza k'umunsi ukurikiyeho. Anezereye cyane umwe muribo arakizwa.

Ntiyashidikanyije kwinjira aho baganirira henshi n'amazu y'abuzuye imyuka mibi kandi yazanye benshi bashenjaguritse mu mitima, n'abantu batanzwe icyiza kuri Kristo. Ijoro rimwe ubwo yasohokaga munzira yari izwiho ko ari iy'iyababi, ahura n'umupolisi aramubwira ati, "Nigute wagize ubutwari bwo kujya mwabiriya bice? Ntitujya tujyayo keretse turi nka babiri cyangwa batatu."

"Sinjya ngenda nnyenyine narimwe," aba ariko amushyiriza. "Hari umuntu tuba turi kumwe igihe cyose."

Yonatani Goforth yabaye umumisiyoneri m'Ubushinwa kuva 1888 – 1933. Yabatije abantu 960 umunsi umwe. Buri gikorwa gitangaza cyose Yahamyaga ugukora kw'Imana bikamuzamurira icyizere mu Mana. Yonatani yatahuye icyo inyoni ya sedondi itakoze – Naho ubundi ntiyari gushobora kurangiza ibyo yakoreye Imana byose mubutumwa yarimo m'Ubushinwa iyo hataba imbaraga z'Imana zakoreraga muri we.

Gusubiramo n'ubusobanuro bw'isomo ry'uyu munsi

Kubw'ijambo rya Eliya, Uwituka yahagaritse imvura kugwa kumara imyaka itatu. Kubw'ijambo rya Eliya, Uwituka yohereje umuriro wo gutwika igitambo kubwo kwereka Isiraheli ko ariyo Mana yonyine. Kubw'ijambo rya Eliya Uwituka yongeye kugwisha imvura k'ubutwari bwari bwakakaye bwarumagaye bwa Isiraheli.

Eliya yari yifitiye ikizere mu Mana kuburyo yari azi ko icyo Imana imubwiye cyose kuvuga kiraba ukuri, kandi icyo Imana imubwiye cyose ko kiraba, kiragaragara.

Ikibazo: Nigute Eliya yari yizyeyeko imvura itazagwa? Ni gute yari yizyeyeko Imana irohereza umuriro wo gutwika igitambo cye ubwo yahinyuzaga abahanuzi ba Bali? Ni gute yari yizyeyeko kandiko Imana izongera ikohereza imvura? Nigute Eliya yakujije icyo cyizere gikomeye mu Mana? [Reka tugire ibyo tureba byafashije kuzamura icyizere cya Eliya kujya guhangana na Ahabu ndetse n'abahanuzi ba BALI].

Eliya (Igice cya 3)
(Umurongo: 1 Abami 17)

Eliya n' Ibikona

"Bukeye Eliya w'i Tishubi, umwe mu basuhuke b'i Galeyadi asanga Ahabu aramubwira ati "Ndahaye Uwituka Imana ya Isirayeli ihoraho, iyo nkorera iteka, yuko nta kime cyangwa imvura bizagwa muri iyi myaka, keretse aho nzabitegekera."

2 Hanyuma ijambo ry'Uwituka rimugeraho riti: 3 "Va hano ugende werekere iburasirazuba, wihisha iruhande rw'akagezi kitwa Keriti, ahateganye na Yorodan. 4 Uzajye unywa amazi yako, kandi ntegetse ibikona kujya bikugemurirayo."

5 Nuko aragenda agenza uko Uwiteka yavuze, ajya kuri ako kagezi Keriti ahateganye na Yorodani, agumayo. 6 Ibikona bikajya bimuzanira umutsima n'inyama uko bukeye uko bwije, kandi akajya anywa amazi y'ako kagezi.

7 Hashize iminsi ako kagezi karakama kuko nta mvura yagwaga muri icyo gihugu.

Ikibazo: Nihe Imana yategetse ibikona kugaburirira Eliya? Ahantu hazwi neza– iruhande rw'akagezi –mukibaya kinini (v 3-4)].

Ikibazo: Uteterezako ari iyihe mpamvu Imana yahisemo ibikona itashatse ubundi bwoko bw'inyoni? [Maze Eliya amenya ko ibyo Imana ivuze bishobora kuba].

Bibiriya iratubwira ko akagezi kakamye kuko ntamvura yagwaga. Mwibuke, Imana yari yasezeranyeko ntamvura izagwa kumara imyaka itatu. Uratekerezako Eliya yatangiye gushyira hamwe 2+2?

Eliya n'Umupfakazi

8 Bukeye ijambo ry'Uwiteka rimugeraho riti: 9 "Haguruka ujye i Sarefati h'Abasidoni abe ari ho uba, hariyo umugore w'umupfakazi ni we ntegetse kugutunga." 10 Nuko arahaguruka ajya i Sarefati. Ageze ku irembo ry'umudugudu, ahasanga umugore w'umupfakazi utoragura udukwi. Eliya aramuhamagara aramubwira ati "Ndakwinginze, nzanira utuzi two kunywa mu gacuma?" 11 Nuko ajya kuyazana. Akigenda aramuhamagara ati "Ubu dore ndatoragura udukwi tubiri, kugira ngo nsubire mu nzu nkivugire n'umwana wanjye, ngo tukarye twipfire Ndakwinginze unzanire n'agatsima mu ntoki."

12 "Na we aramusubiza ati "Nkurahiye Uwiteka Imana yawe ihoraho, nta gatsima mfite keretse urushyi rw'agafu nshigaje mu giseke, n'uturanguzwa tw'amavuta mu mperezo."

13 Eliya aramubwira ati "Witinya genda ubigenze uko uvuze, ariko banza umvugireho akanjye ukanzanire hano, maze ubone kwivugira n'umwana wawe." 14 kuko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuze itya ngo 'Icyo giseke ntabwo kizaburamo ifu, n'amavuta ntabwo azabura muri iyo mperezo, kugeza ku munsu Uwiteka azavubira isi imvura."

15 Nuko aragenda abigenza nk'uko Eliya yamubwiye, kandi uwo mugore na Eliya n'abo mu rugo rwe bamara iminsi babirya. 16 Icyo giseke nticyaburamo ifu, n'amavuta ntiyabura muri iyo mperezo, nk'uko Uwiteka yavugiye mu kanwa ka Eliya.

17 Hanyuma y'ibyo, umwana w'uwo mugore nyir'urugo ararwara, indwara ye iramukomereza kugeza aho yamumariyemo umwuka. 18 Nyina abwira Eliya ati "Mpfa iki nawe, wa muntu w'Imana we? Wazanywe no kwibukiriza icyaha cyanjye, unyiciye umwana!?"

19 "Eliya aramubwira ati "Mpa umwana wawe." Nuko amumukura mu gituzo agenda amuteruye, amwuburira mu cyumba cyo hejuru yari acumbitsemo, amurambika ku buriri bwe. 20 Aherako atakambira Uwiteka ati "Ayii, Uwiteka Mana yanjye! Uyu mupfakazi wancumbikiye na we umuteje ibyago, umwicira umwana? 21 maze yubarara ku mwana

gatatu, atakambira Uwiteka ati “Ayii, Uwiteka Mana yanjye! Ndakwinginze, ubugingo bw’uyu mwana bumusubiremo

22 Uwiteka yumvira Eliya, ubugingo bw’uwo mwana bumusubiramo arahembuka.

23 Eliya yenda uwo mwana amukura mu cyumba cyo hejuru, aramumanukana amushyira nyina. Eliya aramubwira ati “Nguyu umwana wawe, ni muzima!”

24 Uwo mugore abwira Eliya ati “Noneho menye ko uri umuntu w’Imana koko, kandi ko ijambo ry’Uwiteka uvuga ko ari iry’ukuri.”

Ikibazo: Igihe Eliya yageraga kw’irembo ry’umugi, niki cyabaye? [koko bihagize umupfakazi yari aho, kandi igiseke cyifu n’imperezo y’amavuta ntibyakamye].

Ikibazo: Utekerezako ari iyhe mpamvu Imana yemeyeko uwo muhungu w’uwo mupfakazi apfa? [Eliya asenga, Imana igarura mubuzima uwo muhungu! Niyo haza kubamo ugushidikanya mubitekerezo bya Eliya Imana yari gukora icyo yavuze, byari kivanwaho nicyo gitangaza].

Ikibazo: Utekerezako ari ukubera iki Imana yemeyeko ibi byose biba kuri Eliya? [Buri icyabaga cyose cyabagaho kugirango kizamure icyizere cya Eliya k’Uwiteka, Imana ya Isiraheli yakoreraga, no gusasira inzira yo kuzahangana n’umwami Ahabu ndetsen’abahanuzi ba Bayali, gusana icyizere cya Isiraheli no kwizerera mu Mana].

Kwizerera m’Uwiteka

Ikibazo: Muri byose hamwe n’umwami Ahabu (1 Abami 18), byagenze gute mugihe Eliya yahagararaga aharanira icyiza imbere y’abaturage ba Isiraheli? [Icyavuyemo nuko ubwoko bwose bwa Isiraheli bagarutse mu kwizera mu Mana. Imana yigaragarije ubwayo Eliya nawe akuza ukwizera kuzuye no kwiringira Imana kandi ahagarara kubyo yavuze].

Ikibazo: Kubera iki ugomba guhagarara kucyiza kabone niyo waba uri wenyine? [biragufasha bigafasha n’abandi gukuza icyizere mu Mana].

Ikibazo: Ni gute ababyeyi bawe bagufasha gukuza icyizere muri bo? [Kumbonera ibyo kurya buri muni, imyenda yo kwambara buri gihe, ...].

Ikibazo: Kuki ari ngombwa kuzamura icyizere mubabyeyi bawe? [nk’igihe bakwigisha ikiri cyiza, ugomba kubumva].

Ikibazo: Abapapa, ni iyihe nshingano mufite mu icyizere cy’umwana muri mwe? [Kubigisha ikiri igikwiriye n’ukuri, kubafasha kumenya gufata icyemezo kiza].

Ikibazo: Ni gute wakuza icyizere no kwizera mu Mana? [Iyo ukoresha imyitozo umubiri wawe, imbaraga zawe ziri yongera, n'ubushobozi bwawe bukiyongera. Iyo umenyereza ukwizera kwawe guhitamo gukora ikiri cyiza, uba ukuza imbaraga z'ukwizera kwawe]. Imana iguha amahirwe yo gutoza ukwizera kwawe kugirango igukuze nk'umuntu ifite uko ishakako amera.



Ubutumwa bwiza – bwa Al Hammack – Dallas, TX

Urabonako kuva mugusoma izi nkuru za Eliya, ari Imana yonyine, Imana yakoraga ibyo bitangaza mubuzima bwa Eliya. Irakomeye kandi amaboko yayo arahambaye. Kandi sibyo gusa, yuzuye imbaraga, niyo igiraneza. Yaremye amajuru yose n'isi kubw'imbaraga zayo n'ugukomera kw'amaboko yayo. Sibyo gusa nanone, ukugiraneza kwayo ntikugira aho kugarukira, ubuntu bwayo ni ubw'ibihe byose, urukundo rwayo kuri buri wese (njyewe nawe) ntiruzigera ruhinduka.

Niba wumva uri muto kuburyo utashobora kumva uko Imana ikomeye, nturi wenyine. Wowe nanjye turi nk'ibirwa bito hanyuma Imana nink'umugabane munini w'igihangange. Gusa dutandukanijwe nayo kubera ibyaha byacu, hamwe nokubura ibyiringiro byo kuba twakongera guhura, gusa hari uburyo byabaho.

Ikibazo: Hari ubwo Imana idushyiriraho nk'icyaba ikiraro kiduhuza nayo? [YEGO...icyo kiraro ni umwana w'Imana, Yesu Kristo!].

Bibiriya itubwirako Yesu Kristo ariwe nzira yonyine kuri buri wese yo gukirizwamo gutandukana n'Imana (Ibyakozwe n'intumwa 4:12).

Kandi Yesu ubwe yarivugiyeye muri Luka 19:10 – **“kandi Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye.”** Yesu arongera aravugaga muri Mariko 10:45 – **“kuko Umwana w'umuntu na we ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi.**

Yesu yanyuze murupfu rw'agashinyaguro k'umusaraba, ariko yabikoze kugirango adukize kuva mubuzima butarimo uruhare rw'Imana! Yesu ni ikiraro cy'Imana kiduhuza (cya kirwa gito) hamwe n'Imana ikomeye n'ubwami bwayo buhoraho iteka.

Ikiraro gikinguriwe buri wese ushaka kwambuka ava mu rupfu ajya mubuzima. Yesu yaravuze ati, **“Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire (Ibyahishuwe 3:20).**

Niba witeguye, ushobora gusenga iri sengesho: “Yesu, Niwowe Nzira, Ukuri, n'Ubugingo, kandi nta wundi wagera ku Mna Data atanyuze muri wowe. Ubu, Ndagusaba kumera Umwami n'Umukiza. Ndatira ibintu byose nakoze byantandukanyije n'Imana, ibyo ntabindi ni icyaha. Ariko Yesu, Ndizerako Imana yakuzuye kuva mubapfuye, ndetse n'urupfu rwo kumusaraba, kwishyura ibyaha byanjye byose. Ndakwinginze ngwino mubuzima bwanjye. Tura muri njye nanjye muri wowe. Kandi Mwami Yesu, ndasenze ngo iki ntikibe ikintu kimwe, Ahubwo bibe iby'igihe cyose. Njyewe kandi Nawe, twembi hamwe iteka ryose. Urakoze Yesu. Amina.”

Niba wasenze iryo sengesho, kandi niba wemerewe Yesu by'ukuri kuza akagenga kandi agategeka mubuzima bwawe, ubwo ubu uri hanze y'ikirwa "wahawe ikaze aho utakwiyumvisha, utasobanura kandi h'igiciro kinini, mubwami bw'Imana. Ninde ugiye kubwira?!



ISOMO # 23: YOBU

Gusubiramo umukoro

Ibibazo & Umurongo wogufata mu mutwe

Isomo ry'umurongo wa none

“...Abanyubahisha nanjye nzabubahisha...” (1 Samweli 2:30).

Indangagaciro myiza

Ubunyangamugayo

Ikiganiro

- 1) **Uri hagati 7-11 nyuma y'ishuri. Mumufuka wawe ufitemo amadorali 2 gusa, hanyuma undi muntu atakaza amadorali 20 inyuma y'urugi. Urakora iki?**
- 2) Reka duhindureho gatoya: Hari filimi ushaka kuza kureba, ariko ababyeyi bawe bakubwiye nezako utagomba kuyireba. Kuwa gatanu ujya gusura inshuti yawe murugo rwe kugirango mube muri kumwe muri uwo mugoroba, hanyuma mushuti wawe azanye ya filimi utemerewe kureba hanyuma arakubwira ngo “iyi ni filimu nziza. Ababyeyi banjye bavuzeko ntagomba kuyizana nimugoroba. Reka tuyirebe. Wakora iki?”

Ikibazo: Ubunyangamugayo ni iki? [Ubusobanuro bworoheje bw'ijambo ubunyangamugayo ni ukwiyezeza gukora icyiza].

Ikibazo: Ni iki ubunyangamugayo bukubwira [Ubunyangamugayo butubwirako uhitamo gukora neza bigatamba binyuze mugufata icyemezo gikwiriye].

Itangiriro

Mu 1924, ibyiringiro bikomeye by'Ubwongereza byari ugutsindira umudari wa zahabu muri metero 100 mumikino Olempikei Parisi, Ubufaransa bwanze gusiganwa mukwiruka. Abambere basiganwa muri metero 100 bari bashyizwe kucyumweru, nuko Erike avugako atajya yirukanka kucyumweru. Ko kucyumweru ari igihe cyo kuramya Imana Atari igihe cya siporo kuri we.”

Abayobozi b'abongereza bagerageza guhindura gahunda ariko ntibyakunda. Bamwe bamwita igicucu. Abandi umunyagitugu. Ariko Erike akomera kw'isezerano ry'uko yahisemo icyumweru nk'umunsi wo guhesha Imana icyubahiro aho agomba kuruhuka akazi na siporo. Ubwo abirukanka metero 100 batangiraga kwiruka, Erike we yarimo abwiriza mw'itorero rya Scottish avuga iby'icyemezo yafashe kubwa Yesu Kristo.

Nkuko atariryo siganwa ryonyine rye, Erike yashoboye kwigaragaza muri metero 400 ndetse agera no muri kimwe cya kabiri cy'irangiza. Mbere gato yuko bagera kw'irangiza, umutoza we amwandikira akandiko gato kavugaga, **“Yanyubahishije, nanjye nzamwubaha” (1 Samweli 2:20)**. Erike atsindira metero 400 kandi nticyaricyo gikorwa cye gihambaye – in world record time! (Adapted from Hero Tales, by Dave & Neta Jackson, Bethany House, 1997, pp. 81-88).

Mu 1981, inkuru ya Erike Liddell yavuzweho muri Akademi y'ibihembo bya filimi ya Chariots of Fire. Ubunyangamugayo bivuga gufata icyemezo nyacyo kandi ukagikurikiza. Erike Liddell yari

umuntu w'inyangamugayo. Muri iri somo, turaza kubona undi muntu wabaye umugabo w'inyangamugayo.

Yobu

(Umurongo: Yobu: 1- 2:3)

“Mu gihugu cya Usi hari umuntu witwaga Yobu, kandi uwo muntu yari umukiranutsi utunganye, wubahaga Imana akirinda ibibi. 2 Nuko abyara abahungu barindwi n’abakobwa batatu.3 Kandi yari atunze intama ibihumbi birindwi n’ingamiya ibihumbi bitatu, n’amapfizi igihumbi yo guhinga n’indogobe z’ingore magana atanu, n’abagaragu benshi cyane. Uwo muntu yari akomeye kuruta abantu bose b’iburasirazuba.

4 Kandi abahungu be biremeraga ibirori mu mazu yabo umwe umwe mu munsu yitoranirije, bagatumira na bashiki babo batatu ngo baze gusangira na bo. 5 Nuko iminsi y’ibirori byabo yarangira Yobu akabatumira ngo abeze, akabyuka kare mu gitondo agatamba ibitambo byoswa bihwaye n’umubare wabo, kuko Yobu yavugaga ati “Ahari abahungu banjye bakoze icyaha, bahemukira Imana mu mitima yabo.” Uko ni ko Yobu yajyaga ajenza iteka ryose. Satani ahinyuza ubukiranutsi bwa Yobu.

6 Umunsu umwe abana b’Imana baje bashengereye Uwiteka, kandi na Satani yazanye na bo. 7 Uwiteka abaza Satani ati “Uturutse he?” Nuko Satani asubiza Uwiteka ati “Mvuye gutambagira isi no kuyizereramo.”

8 Uwiteka arongera abaza Satani ati “Mbese witegereje umugaragu wanjye Yobu yuko ari nta wuhwaye na we mu isi, ko ari umukiranutsi utunganye, wubaha Imana kandi akirinda ibibi?”

9 “Maze Satani asubiza Uwiteka ati “Ariko se ugira ngo Yobu yubahira Imana ubusa? 10 “Ntiwagiye umurinda we n’inzu ye n’ibyo atunze byose? Wahiriye umurimo w’amaboko ye, n’amatungo ye agwiriye mu gihugu. 11 Ariko rambura ukuboko kwawe ukore ku byo atunze byose, na we azakwihakana ari imbere yawe.”

12 Uwiteka asubiza Satani ati “Dore ibyo atunze byose biri mu maboko yawe, keretse we ubwe we kumuramburaho ukuboko kwawe.” Nuko Satani aherako ava imbere y’Uwiteka. Imana yemerera Satani kumunyaga no kumwicira abana.

13 Maze umunsu umwe, abahungu be n’abakobwa be barasangiraga banywera vino mu nzu ya mukuru wabo, nuko haza imbutsi kuri Yobu iti, 14 Amapfizi yahingaga n’indogobe zarishaga iruhande rwayo, 15 maze Abasheba babyisukamo barabinyaga ndetse bicishije abagaragu inkota. Ni jye warokotse jyeniyine wo kubikubikira!”

16 Akimara kubika ibyo haza undi ati “Umuriro w’Imana wavuye mu ijuru utwika intama n’abagaragu birakongoka. Ni jye warokotse jyeniyine wo kubikubikira!”

17 Akibivuga haza undi ati “Abakaludaya biremyemo ibitero bitatu bisuka mu ngamiya barazinyaga, ndetse bicishije abagaragu inkota. Ni jye warokotse jyeniyine wo kubikubikira.!”

18 Akibivuga haza undi ati “Abahungu bawe n’abakobwa bawe basangiraga banywera vino mu nzu ya mukuru wabo, 19 nuko haza inkubi y’umuyaga iturutse mu butayu, ihitana impfuruka enye z’inzu, maze inzu igwira abo basore barapfa. Ni jye warokotse jyeniyine wo kubikubikira.” Yobu ntiyabyinubira akomeza gushima Imana!”

20 Maze Yobu aherako arahaguruka ashishimura umwitero we, arimoza yikubita hasi arasenga ati, 21 Navuye mu nda ya mama nambaye ubusa, nzasubira mu nda y’isi nta cyo nambaye. Uwiteka ni we wabimpaye, kandi Uwiteka ni we ubintwaye. Izina ry’Uwiteka rishimwe.”

22 Muri ibyo byose Yobu ntiyakoze icyaha, haba no kubihereza ku Mana

YOBU 2:1 Undi munsu abana b’Imana baje bashengereye Uwiteka, na Satani ashengeranye na bo ku Uwiteka 2 Uwiteka abaza Satani ati “Uturutse he?” Satani asubiza Uwiteka ati “Mvuye gutambagira isi no kuyizereramo”

2:3 Uwiteka abaza Satani ati “Aho witegereje umugaragu wanjye Yobu, yuko ari nta wuhwanye na we mu isi, ari umukiranutsi utunganye, wubaha Imana kandi akirinda ibibi? Yakomeje gukiranuka kwe n’ubu, nubwo wanteye kumugirira nabi nkamuhora agatsi.

Ikibazo: Bibiriya igaragaza gute Yobu? [Yobu yari umugabo wakoze icyiza cyose kandi yari umutunzi]. Ariko nubwo yatakaje ibyo yari afite byose, harimo n’abana be, agahura n’uburwayi buteye ubwoba (igice cya kabiri) Yobu yakomeje gukomera k’ubunyangamugayo.

Ikibazo: Nigute Yobu yakomeje kugumana ubunyangamugayo bwe? [Yobu yakoze icyari cyiza nta kosa namba kuko yubahaga ubuyobozi bw’Imana kandi akanga ikibi]. Yobu yari yaramenye icyo Imana yamushakagaho aribyo kuyizera nogukora igikwiye cyose.

Imana isaba abantu bayo ko barangwa no kuba inyangamugayo.

Ikibazo: Ninde twafatiraho ikigero cy’igipimo [Yesu Kristo niwe gipimo twafatiraho].

Ikibazo: Nigute Imana yatubwiye Yesu? [Imana yatubwiye ibyerekeye Yesu binyuze mw’Ijambo rye, Bibiriya].

Ikibazo: Ni gute twamenyako Bibiriya ari ukuri? [Hari imirongo itatu ya Bibiriya yadufasha kubisobanukirwa].

1. **“Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n’ubw’Umwana w’ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n’ukuri” (Yohani 1:14).** Bibiriya iravuga ngo Yesu yuzuye ukuri.
2. **“Ubu ni bwo butumwa twumvise buvuye kuri we tukabubabwira, yuko Imana ari umucyo kandi ko muri yo hatari umwijima na muke” (1 Yohani 1:5).** I

Ikibazo: Niba muri Yesu ariho hari umucyo cyangwa ukuri gusa haba hari icyumba cy’ikintu icyo aricyo cyose cy’umwijima cyangwa cy’ikinyoma? Oya. Buri gitekerezo, buri ngeso cyangwa, ijambo cyangwa igikorwa Yesu afite cyangwa akora ni ukuri cyangwa gishimangira ukuri. Ibi aramutse bitari ukuri Yesu ntiyaba yari Imana.

3. **“Ninje nzira, ukuri n’ubugingo...” (Yohani 14:6).** Yesu Kristo wenyine yavuzeko ariwe Ukuri. Kuva Yesu ari Imana, kandi Bibiriya ari Ijambo ry’Imana, nuko rero ushobora kwizera ko ibyo ikubwira ari ukuri.

Ikibazo: Hari ikindi gihamya ko Bibiriya ari ukuri? [Hari imirongo y’ibyanditswe ishobora kudufasha gusubiza kino kibazo].

“Ibyanditswe byera byose byahumetswe n’Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka” (2 Timoteyo 3:16).

- 1) Bibiriya yanditswe hejuru y’imyaka 1500. Kandi izingiyeye k’ubutumwa bumwe: Ikifuzo n’umugambi by’Imana ni ugukiza abantu kuva mubyaha byabo. Ibyo Bibiriya ivuga biruzuzanya hamwe neza – ntibyananirwa gusobanuka. Bake, wenda muri aba bagabo nibwo babayeho mugihe kimwe. Mubyukuri, mugihe aba bagabo bandikaga bishobokeko batari bafite igitekerezo cyuko akazi kabo kari kuba gakusanyirijwe hamwe mucyo none twita Bibiriya. Ntaho wasanga muri Bibiriya hari ikigaragaza ko abanditsi bayo hari aho bari bahuriye n’amakuru y’ibiri kubaho none. Ibyo bisobanurako Bibiriya yose ari ukuri, atari igice kimwe cyayo.
- 2) Bibiriya iravuga kandi **“Imana ni umucyo kandi muri yo ntamwijima na muke uhari” (1 Yohana 1:5).** Mwibukeko uwo mucyo usobanura ukuri. Kuva Imana ari umucyo ni ibidashoboka ko yabeshya (Abaheburayo 6:18).
- 3) **“Ijambo ry’Imana ryose rirageragezwa...” (Imigani 30:5).** Ijambo ry’Imana ntirizigera rikuyobora kukitari ukuri icyo ari cyo cyose.
- 4) **“Indunduro y’Ijambo ryawe ryoseni ukuri. Amateka yawe yo gukiranuka ahoraho iteka ryose hadasigaye na rimwe” (Zaburi 119:160).** Ijambo ry’Imana ryari ukuri igihe ryandikwaga, kandi nuyu munsu ni ukuri, kandi n’ejo rizahora ari ukuri.

Ubundi buryo twagira icyizereko Bibiriya ari ukuri, nukuri kuko yuzuza ubuhanuzi. Ibyo tuzavugaga mw’isomo ryacu kuri Yesaya.

Ibyanditswe bivugako binyuze mungorane ze zose, Yobu yakomeye k'ubunyangamugayo bwe (Yobu 2:3). Yobu yashoboraga guhitabo kutaramya no kudaha icyubahiro Imana ariko Imana kandi agatuka Imana muri ibyo bihe byose.

Ikibazo: Ni gute twamenya ikiza kandi n'uko twamenya ikiza cyo gukora? [Ushobora kumenya igikwiye kuko Imana yahishuye ukuri muri Yesu Kristo, kandi binyuze mw'Ijambo rye, Bibiriya].

Ikibazo: Ni gute washyira mubikorwa ubunyangamugayo uyu muni? [Iyo uhuye nigituma gufata icyemezo bikomera, saba Imana kugufasha gufata icyemezo nyacyo].

Ikibazo: Abapapa – Niki ushobora gukora none cyagufasha kwigisha abana bawe ubunyangamugayo?



Ubutumwal – na Andrew Hill – Dallas, TX

Nzihana igihe nsoma inkuru ya Yobu, natangajwe n'imbaraga n'ubunyangamugayo bye mugihe yabonaga ubutunzi bwe bumushiraho bikomeye. Inkuru ya Yobu idutera amatsiko ashishikaye muri iki gihe kubera ukwizera kwe gukomeye. Ndetse n'Imana ubwayo muri iyo nkuru ivugako, **“Uwiteka abaza Satani ati “Aho witegereje umugaragu wanjye Yobu, yuko ari nta wuhwanye na we mu isi, ari umukiranutsi utunganye, wubaha Imana kandi akirinda ibibi?” (Yobu 2:3).**

Ukuri nuko uko kurenganywa no kubahwa kwa Yobu, ntabwo yari atunganye nkuko turi. Twese twatsinzwe n'itegeko ry'Imana ryo kuba dutunganye – nta kosa. Uko gusitara kwatugaragarijwe nk'icyaha, kandi Bibiriya itubwirako twese turi abanyabyaha (Abaroma 3:23). Nubwo icyaha cyacu cyadutandukanije n'Imana, hari inkuru nziza! Binyuze mugikorwa cya Yesu Kristo, twakijijwe icyaha. Kuva Yesu yarabayeho ubuzima butunganye, igitambo cye kiratubohora iyo twatuye ibyaha byacu kandi tukizerako Imana yamuzuye, ikamukura mu rupfu akaba muzima.

Wifuza kugirana ubusabane hamwe na Kristo kandi ukabohorwa kucyaha cyawe? Niba witeguye, ushobora gusenga isengesho rito nkiri: “Yesu, ndaturako ndi umunyabyaha, ndizerako uri umwana w'Imana, kandi ndizerera muri woweko ari wowe gusa wankiza. Ndagusaba kuza mu mutima wanjye.”

Niba usenze iri sengesho ukarigira iryawe, wamaze kwakira impano yaguhaye kandi yahaye abantu bose ngo babohorwe kucyaha nuko bakabaho mumbaraga z'ubuzima bwubaha Imana.



ISOMO # 24: NEHEMIYA

Gusubiramo umukoro

Ibibazo & Umurongo wo gufata mumutwe

Isomo rya none

“...Ndakwinginze Uwiteka Mana nyir’ijuru, Mana nkuru itera ubwoba, ikomereza isezerano n’imbabazi abayikunda bakitondera amategeko yayo, none tegera ugutwi kwawe kumve n’amaso yawe arebe, wumve gusenga umugaragu wawe nsengera imbere yawe muri iyi minsi ku manywa na nijoro nsabira abagaragu bawe b’Abisirayeli, nātura ibyaha Abisirayeli twagukoreye. Ni koko jyewe n’inzu ya data twaragucumuye...” (Nehemiya 1:5-6).

Indangagaciro

Gusenga-bihoraho

Ibibazo ku ntwari zo muri Bibiriya

Bibiriya yuzuyemo abantu batwigishiriza kungero zabo:

- **Ni iyihe ntwari ya Bibiriya yagize igikundiro ku Mana kubera kurenganywa no gusugurwa?** [Nowa yagize igikundiro ku Mana kubera gusuzugurwa].
- **Ni iyihe ntwari ya Bibiriya y’intangarugero mu kumvira?** [Ni Abrahamu tumwigiraho kumvira].
- **Ni iyihe ntwari ya Bibiriya itwigisha ubutwari?** [Yosuwa].
- **Ni iyihe ntwari yakurikiye Imana n’umutima wayo wose?** [Dawidi yakurikiye Imana n’umutima we wose].

Isomo rya none rirareba ku mugabo w’umunyamasengesho.

Itangiriro

Yashinze ikigo cyambere cy’impfubyi m’Ubwongereza. Yabayeho muri ubwo buzima bwo kwizera Imana kuburyo yicaye hasi ategereje amafunguro yandi mugihe ntacyoi kurya cyari gihari munzu kuko yari yizyeyeko Imana irabitanga. Kandi Imana yarabikoze. Igihe cyose ntabwo abana bigeze basonza, igihe cyose babonaga ibibakwiriye. Igihe cyose habaga hari abantu bakwiriye bo kwita kumpfubyi. Bakabona amafaranga yokugura ubutaka bwangombwa. Igihe cyose habaga amafaranga ahagije yo kurangiza inyubako. Yagize ukwizera mu Mana, nuko Imana yubahisha ukwizera kwe.

Mumyaka 63 yamaze mumurimo w’ukwizera, umusaruro waragaragaye. Amashuri yose hamwe 72 yaratangiyeye, agira abanyeshuri 121, 683. Ikigo cy’impfubyi cyakiriye impfubyi 10,000. Cyari kizyeyeko impfubyi 2,813 bazasohoka mukigo bose ari abizera bashya, kandi nabo bazayobora abandi ibihumbi kuri Kristo.

Ikigo nacyo cyakwirakwije hejuru ya Bibiriya 281,000, hafi miliyoni 1.5 z’isezerano rishya, n’inyandiko ziri hejuru ya miliyoni 111. Abamisiyoneri amagana bagiye bashyigikirwa muburyo bw’amafaranga, 63 boheherezwa hanze mumurimo n’itorero rye gusa. Yubatse izindi nsengero 10.

Ntabwo yari umutunzi, kandi ntabwo yigeze atwara minisiteri ye kurwego nko kurwego rw'isi muri bizinesi. icyari gihari nuko atigeze avugako Imana yabanje kugira icyo itanga mbere yabyose. Yavugaga mbere yuko igikorwa kiba ko Imana izabikora.

Mu myaka yambere ho, yari yaragize icyo avuga kuri minisiteri ye, mugihe yari ataramenyekana minisiteri ye yari ntoya, ko yari yishingikirije kugutabarwa n'Imana mugushyigikira no kwaguka kwa minisiteri. Yavugagako kizaba ari igihamba cyo kwemeza abaharirizi no gukomeza abakiristo. Yavuze ibi mbere Atari igihe minisiteri imaze kuba nini mubuzima bwe

Joriji Muller yari umugabo w'umunyamasengesho. Mw'isomo ry'uyu muni, turaza kubona intwari ya Bibiriya wizeragako isengesho ari ngombwa cyane, kandi yahoraga asengera abandi, akisengera we ubwe, kandi agasengera n'umurimo Imana yamuhaye gukora.

Ubusobanuro

Muri 606 mbere ya Yesu Kristo, Imana yahaye umuhanuzi Yeremiya ubutumwa bw'abantu bose ba Yudeya no kubantu bose ba Yerusalemu. Dore ijamba Yeremiya yababwiye: "Imana yakomeje kubohereza abahanuzi kenshi. Babihanangiriza kutagira izindi mana muramya. Ariko ntumwumvise cyangwa ngo mwite kuri bo kandi ntumwanareka gukomeza kuramya izindi mana. Kubw'ibyo rero Imana yavuzeko izemerera umwami Nebukadinezari wa Babuloni ko mumukorera kumara imyaka 70. (Yeremiya 25:1-12).

Nubwo urusengero n'inkuta z'umugi, ndetse n'amarembo ya Yerusalemu byasenywe, Imana ntiyarekeye abantu bayo mubuhungiro iteka. Imana yabasezeranijeko imyaka 70 nishira, izabakura mumahanga yose ikabasubiza aho bafatiwe bunyago bagasubira i Yerusalemu bakava mubuhungiro (Yeremiya 29:10-14).

Muri 539 mbere ya Yesu Kristo, Sirasi umwami w'Ubuperesi (igihugu cya Irani ubu), Muri gahunda yo kuzuzwa ijamba ry'Uwituka ryavuzwe n'umuhanuzi Yeremiya yashyizeho itangazo rikwirakwiza mu bwami bwose bwo kwisi ko yemereye buri muyahudi wese, aho ari hose, gusubira i Yudeya kugera kubaka urusengero rw'Uwituka. Nuko Imana itangira gushyira hamwe ubwoko bwayo gusubira i Yerusalemu, maze batangira kwongera kubaka urusengero muri 534 mbere ya Yesu Kristo, nyuma y'imyaka 70 baratwaweho bunyago n'umwami Nebukadinezari, umwami wa Babuloni.

Nehemiya yari umuyahudi wabaga mu Ubuperesi mugihe cy'ingoma y'umwami ARTAXERXES WA MBERE, kandi yakoraga aho mungoro ye. Nehemiya yabonye uruhushya rw'umwami kuva kumwami akagenda agasubira i Yerusalemu. Yahageze muri 445 mbere ya Yesu Kristo nuko ayobora abantu mugusana inkuta z'umuji.

Nehemiya

(Umurongo: Nehemiya 1:3-11)

Mugihe Nehemiya yari akiri mu Ubuperesi, yasanze abagabo bari baravuye muri Yudeya. Nehemiya yashakaga kumva iby'abayahudi bakiriho mubuhungiro kandi nubw'abasigaye i Yerusalemu.

“Barambwira bati, “Abari batagiye mubunyage bagasigaramu gihugu cy’u Buyuda bagize amakuba menshitarukwa, kandi inkike z’i Yerusalemu zaraseniyutsen’amarembo yahoo yarahiye.”

4Maze kumva izo nkuru, ndicara ndarira, mara iminsi mbabaye, niyiriza ubusa nsengera imbere y’Imana Nyirijurunti: 5. Ndakwinginze Uwiteka Mna nyir’ijuru, Mana nkuru itera ubwoba, ikomerezaisezerano n’imbabazi abayikunda bakitondera amategeko yayo

6none tegera ugutwi kwawe kumve n’amaso yawe arebe, wumve gusenga umugaragu wawe nsengera imbere yawe muri iyi minsi kumanywa na nijoro, nsabira abagaragu bawe b’Abisiraheri, natura ibyaha abisiraheli twagukoreye. Nikoko nje n’inzu ya Data twaragucumuye. 7 Twagukiraniweho cyane kandi ntitwitondeye amategeko yawen’ibytegetswe n’amateka yawe, ibyo wategetse umugaragu wawe Mose.

8 “Ndakwinginze, ibuka Ijambo wategetse umugaragu wawe Mose uti “Nimucumura nzabatataniriza mu mahanga, 9 kandi uti “ariko nimungarukira mukitondera amategeko yanjyemukayasohozza, nubwo abirukanywe banyu bazaba kumpera yisi, nzabakurayo mbateranye mbazane aho nitoranirije nkahatuza izina ryanjye.”

10 “Abo ni bo bagaragu bawe n’abantu, wacunguje ububasha bwawe bwinshi n’amabokoyawe akomeye. 11Nyagasani ndakwinginze, tegera ugutwi kwawe gusenga k’umugaraguwawe n’ukw’abagaragu bawe bishimira kubaha izina ryawe, none uhe umugaragu wawe umugisha, umuhe no kugirirwaimbabazi n’uyu mugabo” kandi ubwo nari umuziritsi wa vino y’umwami.”

Reka tuvuge kuri Nehemiya nk’urugero rw’umugabo w’umunyamasengesho:

Ikibazo: Nehemiya yasengeye nde? [Nehemiya yasengeye igihugu cyose yihana ibyaha bari barakoreye Imana].

Nehemiya bishoboke ko yasengeye mw’ijwi ry’icyo Imana yari yarabwiye Salomo “... ariko abantu banjye, bitiriwe izina ryanjye, nibicisha bugufi, bagasenga, bagashaka mumaso hanjye, bakareka inzira zabo mbi, nzabumva ndi mw’ijuru, kandi mbabarire ibyaha byabo kandi mbakirize n’igihugu”
(2 Ingoma 7:14).

Ikibazo: Ni iki igihugu cyacu gikeneye gukira muri iki gihe? [Ibyaha twakoreye imbere y’Imana, inzira mbi twagendeyemo, amategeko tutazirikanye ngo tuyubahirize].

Ikibazo: Utekerezako igisubizo cy’Imana cyaba ikihe haramutse hari abasengeye nyabyo igihugu cyacu nkuko Nehemiya yasengeye igihugu cya Isiraheli?

Nk’itsinda ry’abayobozi, niba ariko biri, soma Bibiriya wige mugihe cyo gusengera igihugu cyacu. Harimo bimwe mubitekerezo byo gusengera [“National Day of Prayer lesson near the back of this book].

Ikibazo: Uribuka intwari ya Bibiriya yavuzweho imbaraga z’amasengesho? Isengesho rya Eliya ryahagaritse imvura kugwa kumara imyaka 3].

Ikibazo: Nehemiya yari azi imbaraga zo gusenga ko ari Imana.Ni gute Imana ibona amasengesho yacu ubu? [Amasengesho yawe ni ay’imbaraga kandi ni ingenzi]. Imana ishaka kumva amasengesho yacu.

Nehemiya yasenganga muri byose. Ubwo yasabaga uruhushya rw’umwami rwo gusubira i Yerusalemu kwongera kubaka inkuta z’umurwa, yikije munteruro hagati agira isengesho rigufi asenga Imana yo mw’ijuru (Nehemiya 2:1-5).

Ikibazo: Ningombwa ko amasengesho aba maremare? [Oya].

Ikibazo: Ni irihe somo wakura mu ugusenga kwa Nehemiya? [Dushobora gusenga muri byose kandi igihecyose].

Ikibazo: utekerezako ari ukubera iki Imana yahaye agaciro ibyifuzo bya Nehemiya? [Imana yari imufitiye umurimo udasanzwe yagombaga gukora]. Nehemiya nawe yari yaramenye ko Uwitwaga yasubizaga amasengesho ye atari uko ari mwiza, ahubwo ari ukubera Imana yari yaramugiriye ubuntu.

Nehemiya yahuye n’abamurwanyije b’abanzi ba Isiraheli kubw’uwo murimo yari ahawe n’Imana. (Nehemiya 2:10). Kuko kongera kubaka inkuta za Yerusalemu byari ibyo kurwego rwo hejuru, Nehemiya yakomeje gusengeza ubadacogora muri uwo murimo wabo. (Nehemiya 4:6-9).

Ikibazo: Ni irihe somo ushobora gukura mu gusenga kudacogora kwa Nehemiya? [Dukeneye gusenga ubudacogora ibyifuzo byacu dufite].

Ikibazo: Nehemiya yasengeye kugira imbaraga zo kurangiza umurimo we wokubaka urukuta. Ni iyihe mirimo yihariye Imana igufitiye ugomba gukora? [Kuba umukobwa cyangwa umuhungu wubaha, kwiga inshingano, kuba umunyeshuri mwiza, gukoresha ubushobozi ufite muguhesha Imana icyubahiro].

Nehemiya yari umugabo wizeragako isengesho ari ngombwa, yasengeye abandi, yarisengeye, kandi asengera n’umurimo Imana yari yaramuhaye gukora.

Ikibazo: Ninde kandi niki wasengera none? [Sengera abandi bari hafi yawe, sengera abantu b’iki gihugu kugirango bakunde Imana nabagenzi babo. Senga kugirango Imana igufashe gukoresha ubushobozi yaguhaye kugirango icyo uzakora cyose cyiyiheshe icyubahiro].



Ubutumwa – na Sam Holm – Dallas, TX

Nk'abizera kandi abakurikira Yesu, dufite kwigerera ku Mana binyuze mu gusenga kuko umunsi umwe Yesu yadufunguriye ubwo burenganzira.

Nyuma yaho namaraga gukora ikintu kibi, nashidikanyaga gusenga kuko numvaga mfite ikimwaro –Nibukijwe ko icyaha cyanjye ari ukwigomeka ku Mana kandi byashoboye kuntandukanya nayo. Nuko nibuka icyo Imana Data yakoze kubwacu.

Bibiriya itubwira nezako mbere yuko Yesu apfa kumusaraba, yatatse arangurura avuga ati “Eloi, Eloi, lema sabachthani?” bisobanura ngo “Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?” (Matayo27:46).

Kuki Imana yateye Yesu umugongo? Kubera icyaha cyacu. Yesu yafashe ibyaha byacu arabipfira. None icyaha cyadutandukanyaga n’Imana cyavuyeho. Dufite ubu kwigerera ku Mana.

Yesu yarangije gukora byose ukeneye ngo nawe ubashe kwigerera ku Mana. Niba witeguye, ubu nonaha wakwigerera ku Mana – icyo ukeneye gukora ni ukwakira impano yo kwigererayo Yesu afite kubwawe. Ushobora gusenga isengesho ryoroheje: Yesu – warakoze kubwo kumpira ugakuraho inzitizi zari hagati yanjye n’Imana. Guhera ubu ndaturako nacumuye ku Mana, kandi sinshaka kuzabisubira ukundi. Mpfuye kubwanjye ariko mbeho kubwawe. Amina.”!

Bibiriya ivugako kuberako umunsi umwe Yesu yaduhaye uburenganzira bwo kwigererayo, dushobora gusenga ubudasiba (1 Abatesaloniki 5:17).



ISOMO # 25: YESAYA

Gusubiramo umukoro

Ibibazo & Umurongo wo gufata mumutwe

Isomo ry'umunsi

“Numva ijwi ry’Umwami Imana riti, “Ndatuma nde? Ninde watugendera?” Maze ndavuga nti: Ninjye. Ba arinjye utuma!” (Yesaya 6:8).

Indangagaciro

Ubushake n’ ubushizi bw’amanga bwo kuvaga Ijambo ry’Imana

Itangiriro

Taliki 23 Mutarama 1996, Joe Wright, umushumba w’itorero Central Christian ahitwa Wichita muri Kansas, yari umushyitsi watumwe mu nteko ishingamategeko ya Leta ya Kansas muri Amerika. Agirirwa ikizere cyo kuba ariwe uyobora isengesho muri iyo nzu. Mu isengesho rye yarasanze ati:

Data wa twese wo mw’ijuru, tuje imbere yawe uyu munsi tugira ngo tugusabe imbabazi, tukwiringe utubabarire maze uduhe icyerekezo gikwiriye. Tuzi neza ko Ijambo ryawe rivuga ko azabona ishyano uwita ikibi icyiza" ariko ibyo nibyo rwose twakoze. Twatakaje ugushikama kwacu mu Mwuka wacu maze twishyiriraho indangagaciro. Turabyatuye:

Twahinyuye Ukuri nyako kw’Ijambo ryawe nuko tubyita kwisanzura mu bitekerezo.

Twaramije izindi mana tubyita ukwakira imico itandukanye

Twashyigikiye imyumvire iteye isoni y’ubusambanyi tubyita kujyana n’ibigezweho;

Twanyunyuye abakene duke bari nuko tubyita tombora

Twirengagije gufasha abakene maze tubyita kwiteganyiriza no guteganyiriza iminsi

Twateje imbere ubunabwera tubyita ngo ni ibikorwa byo gufasha

Twishe abana bacu bataravuka tubyita uguhitamo.

Twarashe abakuramo amada tuvugako bisobanutse.

Twirengagije guha ubupfura abana bacu nuko tubyita kubaka kwigirira icyizere;

Twakoresheje nabi imbaraga nuko tubyita ibigwi bya politiki

Twarariye ibyo abaturanyi bacu bafite tubyita guharanira kugera kucyo ushaka kugeraho

Twahindanyije ikirere n’iby’urukozasoni n’ubusambanyi kukarubanda maze tubyita ubwisanzure

Twasuzuguye ibyo abasekuruzaba bacu bahaga agaciro mugihe nyacyo kujyana n’igihe

Turondore, Mana, uzi imitima yacu uyu munsi, tugerageze maze urebeko hari inzirambi zikiri muri twe;

Dutunganye udutandukanye n’icyaha maze utubohore. Yobora kandi uhe umugisha aba bagabo naba bagore boherejwe hano n’abaturage biyi Leta ndetse nuwo wasize kuyobora iyi leta ngari ya Kansasi nk’umwana wawe. Bahe ubwenge bwo kuyobora maze ibyemezo byabo bituyobore k’ubushake bwawe. Mbisabye mw’izina ry’Umwana wawe, Umucunguzi muzima Yesu Kristo. Amena.

Joe Wright yari azi neza ko isengesho rye rihabanye. Kandi niko ryari riri. Mugihe cy’isengesho, umwe mubayobozi mu nteko ishingamategeko yarisohokeye. Abandi banenga cyane iryo

sengesho. Ariko mubyumweru byakurikiye isengengesho rye, Central Christian Church yakiriye hejuru y’abantu 5,000 bahamagaye, 47 gusa mubahamagaye nibo bagaragaje ukugira icyo banenga. Urwo rusengero rwakiriye ibyifuzo mpuzamahanga basabaga kopi yiryo sengesho, kuva m’Ubihinde, Afrika, ndetse na Koreya.

Joe Wright yari yuzuye ubushake bwo kuvuga Ijambo ry’Imana n’ubushizi bw’amanga. Uyu muni turabona indi ntwari wari wuzuye ubushake bwo kuvuga Ijambo ry’Imana.

Ubusobanuro:

Yesaya izina rye risobanura “Uwiteka arakiza,” yari umuhanuzi w’Imana, minisiteri ye yayikoze ahagana muri za 700 mbere ya Yesu Kristo. Yesaya yihanangirizaga abaturage bo muri Yudeya (amajyepfo y’ubwami bwa Isiraheli) ko nibakomeza kutubaha Imana izabazanira babatwaraho umunyago bakabajyana bunyago mubuhungiro mugihugu cy’umwami Nebukadinezari i Babuloni. Yesaya akomeza ahanura ko abantu bagiye kuzemererwa gutahuka iwabo ibi Yuda bakava mu buhungiro barimo. Ibi byaje kuba nyuma y’imyaka 100 yaho Yesaya yari yarabiboneye.

Yesaya yahishuye urubanza kuri Isiraheli no kumahanga yo mwisi yose. Binyuze munyandiko ze, Yesaya yahishuye umugambi w’Imana w’agakiza, ariwo wari kuzasohorera mumuntu umwe Yesu Kristo.

Ikibazo cyo kuganiraho

Utekerezako ari iki kizaba kuri iki gihugu umwaka utaha? Mumyaka 10 uhereye nonaha? Mumyaka 70 izaza uhereye ubu?

Itangiriro:

Imwe mumpamvu tugomba kumenyako Bibiriya ari ukuri nuko yuzuye ubuhanuzi.”

Ikibazo: Ubuhanuzi niki? [Ubuhanuzi ni ubutumwa buva ku Mana – Bishobora kuba ari ukuri kwavuzwe na pasitori wawe kucyumweru mugitondo, cyangwa nkuko turabibona muri iri somo, ukubona ibizaba ukuri mugihe kizaza].

Ikibazo: Nigute Imana itanga ubutumwa bwayo – mw’itangaza makuru se, mw’iposita? [Imana itoranya abantu basanzwe nkawe nanjye. Ariko mugihe runaka. Imana ihamagara abahanuzi” (mwibuke Eliya?) kuba intumwa zayo, akabohereza gutanga ubutumwa kubantu bashaka kumva butumwa].

Ikibazo: Nigute twamenyako ubuhanuzi runaka buva ku Mana? [Buri buhanuzi cyangwa iyerekwa ryose bwubakiye kuri Bibiriya bwarasohoye cyangwa ni ukuri, - iyo igihe cy’uko busohora kigeze]. Bimwe mubyo twabwiwe byarabaye ibindi ntibiraba! ariko bizaba!

Yesaya

Uko biri Yesaya yabayeho hejuru y’imyaka 700 mbere ya Yesu Kristo Yesaya yeretswe byinshi byerekeye ubuzima bwa Yesu: Ukuvuka kwe, minisiteri ye, urupfu no kuzuka kwe. Reka tuvuge bumwe k’ubuhanuzi bwa Yesaya kuri Yesu kwasohoye.

Ubuhanuzi bwa Yesaya kw’ivuka rya Yesu (Yesaya 7:14)

“Nicyo gituma Uwiteka we ubwe ariwe uzabihera ikimenyetso. Dore umwari azasama inda azabyara umwana w’umuhungu amwite izina Imanweli.”

Ikibazo: Uzi icyo Imanuweli risobanura? [Imannweli bivuga “Imana iri kumwe natwe”].

Uko ubu buhanuzi bwashoye (Luka 1:26-31)

26 “Mukwezi kwa gatandatu, Malayika Gaburiyeri atumwa n’Imana mumudugudu w’i Galilaya witwa i Nazareti, 27 KU mwari wari warasabwe n’umugabo witwaga Yozefu wo munzu ya Dawidi, izina ry’uwo mwari ni Mariya. 28Amusanga aho yari ari aramubwira ati “Ni amahoro Uhiriwe, Umwami Mana ari kumwe nawe.”

29Ariko we ahagarika umutima cyane w’iryo jambo, atekereza iyo ndamutso icyo aricyo. 30 Marayika aramubwira ati “witinya Marya, kuko uhiriwe ku Mana. 31 Kandi dore uzasama inda, uzabyara umuhungu uzamwite Yesu.”

Ikibazo: Uzi icyo izina Yesu bivuga? [Yesu bivuga “Imana irakiza”].

Ubuhanuzi bwa Yesaya ku gisekuru cya Yesu (Yesaya 9:6-7)

6 “Nuko umwana yatuvukiye duhawe umwana w’umuhungu, ubutware buzaba kubitugu bye. Azitwa Igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w’amahoro.

7 Gutegeka kwe n’amahoro bizagwirira ku ntebe ya Dawidi n’ubwami bwe, bitagira iherezo kugirango bibukomeze, bibushyigikize guca imanza zitabera no gukiranuka, uhereye none ukageza iteka ryose.”

Ugusohora kw’ubu buhanuzi (Luka 2:11, Luka 1:32-33)

“Kuko uyu muni Umukiza abavukiyemu murwa wa Dawidi, uzaba Kristo Umwami.”

“Azaba mukuru, azitwa Umwana w’isumbabyose kandi Umwami Imana izamuha intebe y’ubwami ya sekuruza Dawidi, 33azima munzu ya Yakobo iteka ryose, ubwami bwe ntibuzashira.”

Ikibazo: Dawidi ni muntu ki ibi byanditswe biri kuvuga? [Ni Dawidi uray wabaye umwami wa Isiraheli – umwe Imana yasezeraniye ko umwe mubazamukomakaho azima ingoma iteka ryose].

Ikibazo: Dawidi yari uwo muwuhwe mugu muwuhwe mugu? [Beterehemu].

Ikibazo: Yesu yavukiye he? [Beterehemu].

Ikibazo: Ni gute uwo Yesu ari uwo murukiryi rwa Dawidi? [Nyina wa Yesu, Mariya, na Yozefu, umugabo wa Mariya bavukaga mugisekuruza cya Dawidi]. Yesu rero yari afite uburenganzira bwo kwima ingoma ya Dawidi.

Ubuhanuzi bwa Yesaya k'ubuzima n'umurimo wa Yesu (Yesaya 61:1)

“Umwuka w'Umwami Imana ari kuri njye, kuko Uwituka yansize amavuta ngo mbwirize abagwaneza ubutumwa bwiza, yantumye kuvura abafite imvune mumutima no kumenyesha imbohe ko zibohowe, no gukingurira abari munzu y'imbohe.”

Ugusohora kw'ubwo buhanuzi (Mariko 1:10-11, Luka 7:21-22)

“Avuye mumazi uwo mwanya abona ijuru ritandukanye, Umwuka aramanuka amujyaho asa n'inuma. 11 Ijwi rivugira mu ijuru riti: “Ni wowe Mwana wanjye nkunda, nkakwishimira.”

“Nuko muri uwo mwanya akiza benshi indwara n'ibyago n'abadayimoni, n'impumyinyinshi arazihumura. 22 Arabasubiza ati” Nimugenda mubwire Yohana ibyo mwabonye n'ibyo mwumvise. Impumyi zirahumuka, abacumbagira baragenda, ababembe barakira, ibipfamatwi birumva, abapfuye barazurwa, abakene barabwirwa ubutumwa bwiza.”

Ikibazo: Ese iyo Bibiliya ivuze “imbohe” cyangwa “imfungwa” biba birasobanura iki? [Bibiliya yita icyaha gereza, abari mu bubata bw'icyaha bakitwa imbohe].

Ikibazo: Ese Inkuru Nziza Bibiliya yigisha ni iyihe? [Yesu ni Umukiza, Mesiya uzakiza abantu ibyaha byabo.]

Ikibazo: Abakene ni ba nde? [Ni abantu badafite icyatuma baba abatunzi – icyifuzo cyo kumva Ubutumwa Bwiza no kwakira Yesu mu mitima yabo nk'Umukiza].

Ubuhanuzi bwa Yesaya k'urupfu rwa Yesu (Yesaya 53:7)

“Yararenganye ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke amera nk'umwana w'intama bajyanye kubaga, cyangwa nkuko intama icecekera imbere y'abayikemura, niko atabumbuye akanwa ke.”

Ugusohora kubu buhanuzi (Matayo 27:12-14)

“ABatambyi bakuru n'abakuru baramurega, ariko ntiyagira icyo yireguza na hato. 13 Maze Pilato aramubaza ati” Ntiwumviseko bagushinje byinshi?” 14Ariko Yesu ntiyamubwira ijambo narimwe, bituma umutegeka yumirwa cyane.”

Ikibazo: Ni irihe rimwe mu mazina bibiliya yita Yesu? [Ntama w'Imana].

Ubuhanuzi bwa Yesaya k'urupfu rwa Yesu (Yesaya 53:5)

“Nyamara ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha.”

Ugusora kw’ubu buhanuzi (Matayo 27:26)

“Maze ababohorera Baraba, ariko amaze gukubita Yesu imikoba, aramutanga ngo abambwe.”

Ikibazo: Ni iyihe mpamvu Yesaya aduha yatumye Yesu abambwa? [Kubera ibyaha byacu n’amabi yacu].

[Note: Kubambwa byari bitarabaho mugihe Yesaya yariho!]

Ubuhanuzi bwa Yesaya kw’izuka rya Yesu

“Azabona ibituruaka mu bise bye by’ubugingo bwe bimwishimishe, bimuhaze. Umugaragu wanjye ukiranka azatuma benshi baheshwa gukiranuka no kumenya, kandi azishyiraho gukiranirwa kwabo.” (Yesaya 53:11).

Ugusohora kw’ubu buhanuzi (Matayo 17:22-23)

“Umwana w’umuntu arenda kuzagambanirwa afatwe n’abantu. 23 Bazamwica maze k’umunsi wa gatatu azurwe.”

Ikibazo: Kubw’impanuka uteye umupira ukamena ikirahure cy’idirishya niki ushobora gusabwa gukora? [Ushobora gusabwa kwishyura igiciro cyo kwongera kurisubizamo].

Ikibazo: Iyi umuntu akoze icyaha cy’ubwicanyi niki abacamanza bamusaba gukora? [Kwishyura indishyi cyangwa gufungwa nk’igihano cy’icyaha cyawe].

Kuri buri cyose twavuzeho hari ubwoko bw’igihano runaka cyatangwaga, kandi buri muntu wese yagombaga kwishyura ibijyanye n’ibikorwa bye. Ibikorwa bye hari ikiguzi bimusaba.

Mugihe cy’isezerano rya kera, iyo umuntu yakoraga icyaha cyangwa agacumura ku Mana, uwo muntu yarahanwaga, kandi agasabwa n’amategeko kwishyurira icyaha cye. Ubwo bwishyu bwari mw’ishusho y’igitambo atanze. Muri icyo gihe abantu benshi bari aborozi, kubwiyompamvu igitammbo cyatangwaga cyabaga akenshi ari itungo. Ayo matungo yasobanuraga ibyo kurya n’ibyinjira kumworozi, kubwibyoro gutanga igitambo kubyo atunze byamusabaga ikiguzi gikomeye.

Igihe dukoze icyaha, Bibiriya itubwira ko tudakoreye icyaha abandi gusa, ko tunagikoreye n’Imana! Kimwe mumpongano z’icyaha rero n’ukudutandukanya n’Imana ibihe byose! Rimwe mu mategeko y’Imana. Kuberako icyaha gikorewe Imana itagira iherezo, n’impogano z’igihano cyacyo ntizigira iherezo, zishobora kwishyurwa n’Imana yonyie. Ariko kuko turi abantu, ni umuntu wenyine ushobora kwishyura iyo mpongano z’igihano cy’icyaha. Ariyo mpamvu Imana yatwoherereje Yesu, mw’ishusho y’ubumana bwuzuye no mw’ishusho y’ubumuntu bwuzuye. Yesu niwe muntu wenyine ushobora kwishyura impogano z’icyaha cyawe nanjye gusa.

Ntangano y'ibyiza wakora yakwishyura iyo mpongano y'icyaha. Igihe Yesu yapfaga k'umusaraba, Imana yemeye urupfu rwe nk'inyishyu y'impongano y'icyaha twri dukwiye. Kubw'abo bantu bizerera muri Kristo Yesu nk'Umwana w'Imana, bakamwakira mubuzima bwabo nk'umucunguzi, azashobora kuba ubuziraherezo mw'ijuru ry'Imana!

Kuberako amagambo ya Yesaya yashoboye kuba ukuri muri Kristo Yesu, ushobora kumenyako Bibiriya ari kuri. Ushobora kumenyako Yesu ari uwo avuga ko Ariwe, Umwana w'Imana, kandi ko ariwe nzira yonyine ikugeza ku agakiza ndetse n'ubusabane bwihariye hamwe n'Imana.

ISOMO # 26: YEREMIYA

Gusubiramo

Ibibazo & Umurongo wo gufata mu mutwe.

Umurongo w'isomo rya none

Nuko weho kenyeru uhaguruke ubabwire ibyo ngutegeka byose, ntibagukure umutima ntazagutera gukukira umutima imbere yabo, kuko uyu muni nakugize umudugudu w'igihome, n'inkingi y'icyuma n'inkike z'imiringa. Igihugu cyose n'abami b'u Buyuda n'ibikomangoma byaho, n'abatambyi baho n'abaturage baho (Yeremiya1:17 - 18)

Indangagaciro

Gukorera mu mucyo

Itangiriro.

Yavukiye mu budage mu 1906. Kuri 14, nibwo yavuzeko yifuzaga kuzakora umurimo w'Imana, nyuma yiga tewoloji I Berilini hanyuma ajya muri seminari yitwaga Union muri New York.

Muri icyo gihe Hitireli yarimo azamukana imbaraga mu Budage. Abadage benshi ndetse n'abakirisitu bemeye kuba Abanazi ntayandi mananiza. Ariko Diyeterici Bonofa abonako hari ikibazo, mu uburyo bw'inyandiko yo gufasha "Ukwihana kw'Itorero yatanzagako Yesu ariwe Mwami wenyine naho ubuyobozi bwa Hitireli ari ikigirwamana. Hamwe n' abapasitori 6000, ahakana ivangura no gutoteza ukomoka ku bayahudi uwari wewese.

Kuri 9 Mata 1945, nibwo yicanwe n'abandi benshi mbere yuko Ubudage butsinde intambara ya 2 y'isi yose. Inyandiko ze ziracyasomwa kugeza nubu (iyi nkuru yakuwe muri Hero Tales, yanditswe na Dave & Neta Jackson, Bethany house, mu 1997, k'urupapuro rwa 21 - 24).

Diyeterici Bonofa yahagaze uko Imana ibishaka nubwo byamusabaga ikiguzi cy'urupfu. Uyu muni turabona n'izindi ntware za Bibiriya bahaze ubuzima bwabo bagahagarara bemeye kubera Imana.

Ubusobanuro

Yeremiya yari umuhanuzi w'Imana muri Yudeya, ubwami bw'amajyepho ya Isiraheli. Umurimo yawutangiyeye muri 626 mbere y'ivuka rya Yesu awukora imyaka 40. Yeremiya yavugaga iby'urubanza rw'Imana kuri Yudeya kubera gukiranirwa kwabo. Yeremiya yihanangirizaga ubwoko bwe kutaramyaizindi mana ahubwo bagatangira gukurikiza amategeko y'Imana. Kuko ubutumwa bwe butari buzwi cyangwa bumenyereye n'abayobozi b'abayuda, ubuzima bwe bwari mukaga

Ikibazo: Amagambo ya Yeremiya hari icyo atubwira cyangwa hari ikintu adusigiyeye uyu muni? -Cyangwa n'isomo ry'amateka gusa? [reka tubirebe].

Yeremiya

(Umurongo: Imirongo yatoranyijwe)

“Nuko weho kenyeru uhaguruke ubabwire ibyo ngutegeka byose, ntibagukure umutima ntazagutera gukukira umutima imbere yabo, kuko uyu muni nakugize umudugudu w’igihome, n’inkingi y’icyuma n’inkike z’imiringa. Igihugu cyose n’abami b’u Buyuda n’ibikomangoma byaho, n’abatambyi baho n’abaturage baho (Yeremiya1:17 - 18)

Ikibazo: Nibiki ufite uhangana nabyo mu rugo, kw’ishuri, n’inshuti, cyangwa mumirimo ukora? [Inshingano, iby’ugombwa, ururimi, nigute wafata abantu baba batazwi, ukoresha igihe cyawe gute?].

Ugomba guhitamo uko ukemura ibi bihe. Dore amasomo abiri wakwigira kuri Yeremiya yagufasha kumenya uko witwara muri ibyi bihe, ukamenya inzira y’Imana:

1. Kwitegura
2. Ubushake bwo guhagarara wemye kubw’inizira z’Imana nubwo zaba zitamenyerewe.

Kwitegura:
“Itegere ubwawe!”

Ikibazo: Nigute witegurira ikizamini kw’ishuri? [Kwiga, gufata mumutwe, kureba inshuti mukabazanya ibibazo, gukurikira mw’ishuri, gukurikiza amabwiriza].

Ikibazo: Witegurira gute ikipe yawe y’umupira w’amaguru? [Imyitozo, kumva umutoza wawe, imyitozo y’umubiri].

Kwitegurira ikintu, ukigiraho ubumenyi buhagije ukaba witeguye ibazwa iryo ari ryose, umubiri ukaba witeguye kub’ub’umupira w’amaguru, ariko ugomba no kwitegura muburyo bw’umwuka ngo ubashe guhanga n’ibihe biriho.

Ikibazo: Mbere y’igihe, ni gute muburyo bw’umwuka kugiti cyawe witegura ibihe biri imbere? [Itegere.Umenye icyo Ijambo ry’Imana ribivugaho].

Ikibazo: Nigute Ijambo ry’Imana rigufahsa muri ibyo bihe? [Ijambo ry’Imana riguha icyerekezo, imbaraga n’ubumenyi bw’uko uzahangana nibyo bihe neza] Ariko Imana kubyutsa kubyutsa ikitari mubitekerezo byawe. Shyira Ijambo ry’Iman mubitekerezo byawe nibwo uzabona imbaraga.

Ubushake bwo Gushikama kubera inzira z’Imana

“uyu muni nakugize umudugudu w’igihome, n’inkingi y’icyuma n’inkike z’imiringa. Igihugu cyose n’abami b’u Buyuda n’ibikomangoma byaho, n’abatambyi baho n’abaturage baho (Yeremiya1: 18)

Reka tuvuge kubibazo ushobora guhura nabyo kw’ishuri, hamwe n’inshuti, mubyo ukora, nicyo Bibiriya ivuga kukuhagarara mw’Ijambo ry’Imana.

1. Nyuma y’amasomo mugiyeye gutembera, hanyuma munzira muhura n’umwana utazwi yitambukira. Itsinda muri kumwe rigatangira kumushotora, bamubwira amagambo amusuzuguzwa, amutesha agaciro.

Ikibazo: Wakora iki? [Hai imirongo yo muri Bibiriya yagifasha muri ibyo biheHere]:” **Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi, kugira ngo riheshe abaryumvise umugisha. (Abefeso 4:29).**

2. Inshuti zawe zicaye kumeza mufungura kandi ziri gukoresha imvugo mbi.

Ikibazo: Wabitwaramo gute? [Dore umurongo wo muri Bibiriya wagufasha]:” **cyangwa ibiteye isoni cyangwa amagambo y’ubupfu, cyangwa amashyengo mabi kuko ibyo bidakwiriye... (Abefeso 5:4)** Uyu murongo uvugako iyo mvugo mbi itaboneye ku Abera b’Imana.

3. Ni wowe uyoboye istinda ry’umushinga wa siyansi kw’ishuri. Hari ibihembo by’imishinga itatu yambere. Uza gusangako hari umwe mu bana bo mw’ishuri ryawe utaranijwe kuba mw’itsinda. Uza guhura nawe mw’ishuri ryawe ryo kucyumwveru, kandi ishuri ryose ntabwo rimwiyumvamo nk’inshuti yabo, nimushyashya, kandi ntashabutse mw’ishuri, bagenzi be bagusabye kumufata.

Ikibazo: Wakora iki? [Ibuka iyi nkuru ishobora wenda gufasha]: Umwe mubigisha mategeko araza yumva baja impaka.” **Nuko umwe mu banditsi yumvise baja impaka amenya yuko abashubije neza, aramwegera aramubaza ati “Mbese itegeko ry’imbere muri yose ni irihe?” Yesu aramusubiza ati “Iry’imbere ni iri ngo ‘Umva Isirayeli, Uwituka Imana yacu ni we Mwami wenyine. Nuko rero ukundishe Uwituka Imana yawe umutima wawe wose, n’ubugingo bwawe bwose, n’ubwenge bwawe bwose n’imbaraga zawe zose.’Irya kabiri ngiri: ‘Ukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda.’ Nta rindi tegeko rirusha ayo gukomera.” (Mariko12:28 -31)**

4. Ishuri ryawe ro kucyumwveru hari imipira ya gikristo ryabonye yanditseho. Umunsi wa mbere uyambaye, bamwe mubana kw’ishuri bakaguseka bucece igihe ubatambutseho.

Ikibazo: Uzakomeza kuwambara? [Bibiliya ifite icyo ivuga]: “**Kuko umuntu wese ugira isoni zo kunyemera no kwemera amagambo yanjye, Umwana w’umuntu na we azagira isoni zo kumwemera....” (Luka 9:26).** ABantu benshi bareka gukurikiza Ijambo ry’Imana kubera ubwoba cyangwa kuko atamamaye. Mw’isomo ryabanje (# 21, Eliya igice 2), twavuzeko uburyo bitoroshye buri gihe guhagarara kubw’inzira z’Imana mugihe zitamenyerewe. Ariko inyungu zo guhagarara kubera Imana, ukmo byaba bimeze kose, ababiseka bashobora kuza ku Mana.

Ikibazo: Ninde ubyungukiramo iyo uhagaze kw’Ijambo ry’Imana? [Reka tuvuge ku ngero zacu].

Ikibazo: Ni gute umusore utamamaye cyangwa umukobwa mushya wakungukira muguhagarara kw’Ijambo ry’Imana? [Babyungukiramo kuko bazi ko hari ubitayeho, kandiko hari inshuti]. Ukugaragaza urukundo rw’Imana kwawe byaba urugero rwiza.

Ikibazo: Nigute abandi bakungukiraho mugufatanya nawe kudakoresha imvugo mbi? Wirinda kwandurisha ibitekerezo byawe umwanda n'ibidashinga, ukareka abandi bakamenya ko wubaha Imana. Igihe uhagarara kw'ijambo ry'Iman ufasha n'abandi nabandi nabo guhagarar kw'ijambo ry'Imana.

Ikibazo: Ni gute umuntu yakungukira kubw'uko wambaye umupira? [Iyo uvuga ukuri nubwo kwaba kutamenyerewe, wubaha Imana kandi uyishimisha]. Imana ishobora gukora binyuze muri wowe ikagufasha kubageraho – niyo utagira ijambo uvuga.

Ikibazo: Kuki gutekereza kunzira z'Imana bitamenyekana mu bihe bimwe? [Imwe mumpamvu yabyo, nuko akenshi inzira z'Imana ziba zitameze nk'izacu].

Ibyanditswe biravuga ngo: **“Erega ibyo nibwira si ibyo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n'izanjye!” Ni ko Uwiteka avuga nk'uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, n'ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira. Yesaya 58:8 – 9**

Kukw'igihe cyose atariko dusobanukirwa n'inzira z'Imana, ntibivugako tutagomba guhitamo igihe cyo kutumvira Imana. Ufite gufata icyemezo – kugenda nkuko benshi bari cyangwa kucyo Imana ivuga.

Ikibazo: Nirihe somo wakwigira kurugero rwa Yeremiya? [Yeremiya yashyize ubuzima bwe mu kaga kugira ngo akomeze kuba umwizerwa. Kandi akavugaga ubutumwa bw'Imana]. Wenda ntushoboye gushyira ubuzima bwawe mu kaga, nk'umukirisitu, ugomba kuba umwizerwa ngo ugire kurushaho ijambo ry'Imana.



Ubutumwa bwiza – kubwa kole Adamuzi – New Braunfels, TX

Ni ibihe bintu bituma uhagarara cyangwa usimbuka? Igiseke kinini cyateganijwe nyuma y'umukino? N'umugeni se urimo gutambagira anyura mu miryango ya chapeli? Igihe kinini ugeze utsinze icyo wageragezaga cyangwa n'ugushoboje gutsinda? Cyangwa nuko washoboye kugira icyo ugaragariza abantu cyangwa watakaje ijambo ryawe?

Ibyo byose birakomeye...ariko ntibyagereranywa nibyo Yesu yadukoreye. Ibyo Yesu yakoze kubwacu bishobora kugera kubirenge byacu. Ntidushobora kubyiyumvisha ubwacu. Ijambo ry'Imana ritubwira ko Yje kudupfira k'umusaraba kubw'ibyaha byacu, arazuka k'umunsi wa gatatu, tugira ibyiringiro byo kuzabaho no kubana nawe iteka!

Dushobora gufata mu buryo bw'inyandiko, Guhagarara kubwa Yesu, Dore ibibazo dushobora kuba twabaza:

Uhagaze kuki? Ubutumwa. Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo nibwo yaziye, apfira k'umusaraba kubw'ibyaha byacu, kandi kubw'ubuntu n'imbabazi bye tuzabona ubugingo bw'iteka ryose.

Niki uhagarariye? Yesu. Abefeso2:10 hatubwirako dukorana nawe ko yatwiremeye, kandi yaturemeye we.

Turwanya iki? Ikibi. Abaroma 3:23 kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw’Imana (Abaroma 6:23) kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu, ariko impano y’Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu.!

Niba ushaka guhagarara kubwa Kristo, ndagusaba guhagarara ukiyemeza kumukurikira no kubaho kubwe. Mugihe uhagaze mubwire: Yesu – niteguye kugurikira wowe nokukubahisha ubuzima bwanjye. Kuva ubu ndetse kwirebaho no kubaho kubwanjye, ndakugarukiye, kandi ndakwihaye wese. Ntacyo nakwishoboza, ndakwinginze mfasha. Amen



ISOMO # 27: SHADARAKI, MESHAKI NA ABEDINEGO

Umukoron & Isubiramo

Ikibazo & Umurongo wo gufata mumutwe

Umurongo w' Isomo rya none

“Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry’umuriro ugurumana, kandi izadukiza ukuboko kwawe Ariko naho itadukiza, nyagasani umenye ko tutari bukorere imana zawe, habe no kuramya icyo gishushanyo cy’izahabu wakoze. (Danyeri 3:17-18).

Ibiranga imiterere

Ubunyangamugayo, ubunyakuri

Ikibazo cyo kuganiraho

Tekereza kuri imwe munshuti zawe z’amagara. Niki kimugira inshuti yawe? Nibihe bintu by’ingenzi inshuti igomba kuba yujuje?

Itangiriro

Hari inkuru yagaragaye mukinyamakuru cy’imikino mummyaka ishize yavugaga kuri Tedi Wiliyamuzi – Uwo bamwe bafata k’ikirangirire muri bazezolo utarigeze amenywa. Icyo kinyamakuru mugice cyacyo cyavugaga uko ubuzima bwa Tedi bwariyeye (Tedi yapfuye muri Nyakanga 2002).

Birasobanutse mugusoma iyo nkuru ko icyari ikingenzi mubuzima bwa Tedi bwari ubushobozi bugaragara bw’umubiri we Imyakura ikomeye & kureba neza byamushobozaga gukina neza uwo mukino. Yahimbazaga ubushobozi bwe n’umukino wa bazezolo. Niwo wari waratwaye ibitekerezo bye byose. Niwo yitagaho gusa.

Ikinyamakuru cyagaragaje kandi ko Tedi Wiliyamuzi yavuzeko arakariye bikomeye Imana, kuko ngo iyo Mana yamwambuye ubuzima bwe n’ubushobozi bugaragara bw’umubiri we uko yagendaga asaza.

Ikibazo: Niki ubonye giteye amatsiko kuri uyu mugabo wavugaga ko yarakariye Imana kuberako yamutwaye ubushobozi bwe? [Ntahantu nahamwe iki kinyamakuru cyigeze kigaragaza aho uyu mukinnyi wa bazezolo yaba yarashimiye Imana yamuhaye kuba umukinnyi wa mbere ukomeye].

Ikibazo: Ni ikihe gisobanuro cy’ubunyangamugayo? [Ubunyangamugayo ni ukubaho mubwizerwa].

Munkuru yacu ya Bibiriya none, tugiye kubona abasore batatu, bari mukigero nk’icya Tedi, wari warahawe ubushobozi budasanzwe bw’umubiri we n’Imana. Ariko icyo aba basore basobanukiwe nabwo ari ubwo bushobozi – ubushobozi bwabo, ndetse n’ubuzima bwabo bwite – icyari ikingenzi kuruta ni kuba inyanyamugayo, ubudahemuka ku Mana.

Imbanziriza mateka

Muri za 600 mbere ya Yesu Kristo Nebukadinezari, umwami w'i Babuloni yateye Yerusalemu. Yafashe umwami wa Yerusalemu hamwe nibikoresho bimwe byo munzu y'Uwiteka.

Umwami Nebukadinezari atanga itegeko kubakuru b'ingabo ngo batware bunyago bamwe mu basore bab'isiraheri ndetse n'umuryango w'ibwami, n'indi miryango ikomeye.

Ikibazo: Iyo uza kuba Nebukadinezari, ni ubuhe bushobozi abo basore bari kuba bafite? [Aba basore bagombannga kuba bakomeye, ari beza, basobanutse, kandi ari abahanga mukwiga vuba].

Kumara imyaka 3, abo basore bigishwaga ururimi rw'ikibabiloni, n'ikindi cyose bari bakenewe ngo bazabshobore gukorera umwami Nebukadinezari. Ndetse bahabwa n'amazina mashya!

Bamwe muri aba basore biswe Danyeri, Shadarake, Meshaki, Abudinego, kandi Imana yarabafashije kwiga no gusobanukirwa ibyo bigishwaga byose.

Muri ibi byose, bagumye mu kwizera, abanyakuri k'Uwiteka Imana ya Isiraheli, ariko bizereraga mu Mana, n'ubunyangamugayo bwabo kuri yo byari nko kugeragezwa!

Shadaraki, Meshake & Abedinego
(Umurongo: Danyeli 3)

1. Umwami Nebukadinezari yakoze igishushanyo cy'izahabu, uburebure bwacyo bwari mikono mirongo itandatu, ubugari bwacyo bwari mikono itandatu, agihagarika mu kibaya cya Dura mu gihugu cy'i Babuloni. 2. Nuko Umwami Nebukadinezari atuma abantu bo guteranya abatware b'intebe n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abacamanza, n'abanyabigega n'abajyanama, n'abirutsi n'abatware bose bo mu bihugu byaho ngo baze kweza icyo gishushanyo Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse.

3. Nuko abatware b'intebe n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abacamanza, n'abanyabigega n'abajyanama, n'abirutsi n'abatware bose bo mu bihugu byaho baraza, bateranywa no kweza icyo gishushanyo Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse. Bahageze bahagarara imbere yacyo. 4. Umuntu uhamya itegeko ry'umwami ararangurura ati "Yemwe bantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe, nimwumve uko tubategeka, 5. ngo nimwumva amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, muhereko mwubarare hasi muramye igishushanyo cy'izahabu Umwami Nebukadinezari yakoze. 6. Ariko umuntu wese wanga kubarara hasi ngo aramye, ako kanya arajugunywa mu itanura ry'umuriro ugurumana."

7. Nuko abantu bose bumvise amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, ab'amoko yose y'indimi zitari zimwe bubarara hasi, baramya icyo gishushanyo cy'izahabu Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse. 8. Uwo mwanya Abakaludaya baza kurega Abayuda. 9. Babwira Umwami Nebukadinezari bati "Nyagasani nyaguhoraho,

10. washyizeho itegeko ngo umuntu wese uri bwumve amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, yubarare hasi ngo aramyeye igishushanyo cy'izahabu,

11. ngo n'umuntu wese wanga kubarara hasi ngo akiramyeye, ajugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana.

12. Nuko rero, hariho Abayuda wahaye gutwara igihugu cy'i Babuloni, ari bo Saduraka na Meshaki na Abedenego batakwitayeho nyagasani, ntibakorera imana zawe kandi banze kuramya cya gishushanyo cy'izahabu wahagaritse."

13. Nuko Nebukadinezari ararakara cyane, ategeka ko bamuzanira Saduraka na Meshaki na Abedenego. Nuko babashyira umwami.

14. Nebukadinezari arabakabukana aravuga ati "Mbese Saduraka na Meshaki na Abedenego, ni mwe mwabyitumye kudakorera imana zanjye no kutaramya igishushanyo cy'izahabu nakoze?"

15. Nuko noneho nimwumva amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, mukemera kubarara hasi mukaramya igishushanyo nakoze ni byiza. Ariko nimutakiramyeye, ako kanya murajugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana. Mbese imana iri bubakize amaboko yanjye ni iyihe?"

16. Saduraka na Meshaki na Abedenego basubiza umwami bati "Nebukadinezari, nta mpamvu ituma tugusubiza iryo jambo.

17. Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry'umuriro ugurumana, kandi izadukiza ukuboko kwawe nyagasani.

18. Ariko naho itadukiza, nyagasani umenye ko tutari bukorere imana zawe, habe no kuramya icyo gishushanyo cy'izahabu wakoze."

19. Nebukadinezari azabiranywe n'uburakari mu maso he hahinduka ukundi, areba Saduraka na Meshaki na Abedenego igitsure, ategeka ko benyegeza itanura ngo rirushe uko ryari rikwiye kwaka karindwi.

20. Maze atoranya abanyambaraga bo mu ngabo ze, abategeka kuboha Saduraka na Meshaki na Abedenego ngo babajugunye mu itanura ry'umuriro ugurumana.

21. Nuko baboha abo bagabo uko bakambaye amafurebo n'imyambaro n'imyitero n'ibindi bambaye, babajugunya mw'itanura ry'umuriro ugurumana. 22. Maze kuko itegeko ry'umwami ryari iry'ikubagahu, kandi umuriro ugurumana cyane, bituma ibirimi by'umuriro bisumira abo bagabo bari bateruye Saduraka na Meshaki na Abedenego, birabica.

23. Nuko abo bagabo batatu Saduraka na Meshaki na Abedenego, bagwa mu itanura ry'umuriro ugurumana hagati uko bakaboshywe.

24. Uwo mwanya Umwami Nebukadinezari aratangara, ahaguruka n'ingoga abaza abajyanama be ati "Harya ntitwajugunye mu muriro abantu batatu baboshywe?".

Baramusubiza bati: ni koko nyagasani:"

25. Arababwira ati “Dore ndareba abantu bane babohowe bagenda mu muriro hagati, kandi nta cyo babaye. Ariko ishusho y’uwa kane irasa n’iy’umwana w’Imana.”

26. Nebukadinezari yigira ku muryango w’itanura ry’umuriro ugurumana aravuga ati “Yemwe ba Saduraka na Meshaki na Abedenego, mwa bagaragu b’Imana Isumbabyose mwe, nimusohoke muze hano.” Nuko Saduraka na Meshaki na Abedenego baherako bava mu muriro.

27. Maze abatware b’intebe n’ibisonga byabo, n’abanyamategeko n’abajyanama b’umwami baraterana bareba abo bagabo, basanga umuriro utashoboye kugira icyo ubatwara, kandi umusatsi wo ku mitwe yabo utababutse, n’imyambaro yabo nta cyo yabaye habe ngo wakumva umuriro ubanukaho. Nebukadinezari aravuga ati “Imana ya Saduraka na

28. Meshaki na Abedenego ishimwe, ni yo yohereje marayika wayo ikiza abagaragu bayo bayiringiye, kuko bigurukije ijamba ry’umwami bagahara amagara yabo, kugira ngo batagira indi mana yose bakorera cyangwa basenga itari Imana yabo.

29. Ni cyo cyatumye nca iteka, kugira ngo umuntu wese wo mu moko yose y’indimi zitari zimwe uzavugaga nabi Imana ya Saduraka na Meshaki na Abedenego, azatemagurwe kandi urugo rwe ruzahindurwe nk’icyavu, kuko ari nta yindi mana ibasha gukiza bene aka kageni.” **30.** Ibyo bishize, umwami yoyeza Saduraka na Meshaki na Abedenego mu gihugu cy’i Babuloni.

Ikibazo: Utekerezako ar’ukubera iki Imana yakijije Shadaraki, Meshaki na Abedenego mw’itanura ryaka umuriro? [Kuko bahisemo kuguma kuba inyangamugayo ku Mana kandi ntibaramye ikigirwamana cya Nebukadinezari yari yakoze].

Ikibazo: Utekerezako ari ukubera iki Shadaraki, Meshaki, Abudinego bahisemo kuguma kuba inyangamugayo ku Mana, mugihe bari bazi ko bagomba kwicwa kubera ubunyangamugayo bwabo? [Bari barasobanukiwe ko ari Imana yabahe ubuzima bwiza, ubumenyi, gusobanukirwa, n’ubushobozi bwabashoboje gukorera umwami neza].

Bari barasobanukiwe kandi uburyo Imana yanga urunuka kuramya ikigirwamana. Bashakaga kuguma k’ubunyangamugayo ku Mana

Ikibazo: Question: Ni ikihe kintu kimwe kiranga inshuti nziza? [Kimwe mubiyiranga ni ubudahemuka].

Inshuti idahemuak ni umuntu uhora ari inshuti yawe buri muni – nubwo umuni uba utagenze neza.

Urabizi, hari inshuti ufite iruta kure izindi nshuti. Izina rye ni Yesu. Yesu ni indahemuka bya nyabyo ititaye ko umuni wakubereye mubi. Ahora yiteguriye kumarana nawe igihe.

Ikibazo. Ni ibihe bintu bigusaba kubwitaho? [Umukoro, siporo, cyangwa indi mirimo, inshuti].

Ikibazo: Ni gute ibyo byakubera ibyiringakamaro cyane kurusha Imana? [Iyo utangiye kubiha umwanya uhagije ukabyitaho kurusha Imana]

Ikibazo: Nigute wakwirinda ko ikintu cyakubera icyumumaro kuruta Imana?

[Iyo ikintu gitangiye kuba icyumumaro gusumbye Imana, ibuka kuba indahemuka ku Mana].

Ikibazo: Nigute Imanayabaye inshuti idahemuka kuri wowe no ku bantu bose? [Bibiriya iravuga ngo, Yesu yatanze ubuzima bwe kubera wowe kugirango uzashobore kubana nawe mw'ijuru igihe kimwe].

Icyo kwitondera nuko Yesu yadukoreye ibyo byose nyewe nawe tutari tubikwiriye/

Ikibazo: Ni gute waba inshuti idahemuka uyu munsu? [Gukunda, kugira neza, gukora igikwiriye].



Ubutumwa – bwa Sikoti Wudu – Dallas, TX

Ikibazo: Ufite cyangwa wigeze ugira abantu baguciye integer mubuzima bwawe?

Abantu wizera, watekerezagako ari indahemuka? Birumvikana, ntibyabura.

Ubigenza gute iyo ibihe bigoye nkibi bije? Ushobora kugira icyo ubikoraho ubwawe cyangwa ukamenya uko ubitwamo ubwawe. Cyangwa ugashaka inshuti imwe yawe wizeye idashobora kuguca intege. Utazigera aguhemukira. Izina rye ni Yesu. Ni inyangamugayo. Ni umwizerwa. Ahora ahari igihe cyose. Azahora ari kumwe nawe.

Ibihe bimwe, abagabo n'abagore, inshuti zawe, ndetse n'ababyeyi bawe, bazaguhemukira, ndetse baguce intege, Ariko Yesu we ntahinduka, ibihe byose azakuyobora, akwigishe akwereke icyerekezo nyacyo: **“Wiringire Uwiteka n’umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo”** Imigani 3:5-6.



ISOMO # 28: DANIELI

Isubiramo

Umukoro w'icyumweru gishize & umurongo wo gufata mumutwe

Umurongo w'isomo rya none

“Maze Daniyeli yumvise ko urwandiko rwashyizweho ukuboko ajya iwe, (kandi amadirishya y'inzu ye yari akinguwe yerekeye i Yerusalemu), akomeza kujya apfukama gatatu mu muni asenga Imana ye, akayishimira nk'uko yari asanzwe azenze.” **(Danyeli 6:10).**

Imiterere myiza

Ukwiyemeza kuba umwizerwa / kwiyemeza

Ikibazo cyo kuganiraho

Ni ryari waba warakomeye kucyo uziko aricyo gikwiriye nubwo abandi batemeranyaga nawe?

Itangiriro

Yohana Buniyani yavutse mu 1628. Urusengeru rwari rwemewe mu Ubwongereza rwaganzuraga hafi insengeru zose. Ubusanze, guverinoma y'Ubwongereza yari yarashyizeho itegeko ryavugagako uretse gusa abakoraga umurimo w'Imana bomuri urwo rusengeru rwari rwemewe aribo bashoboraga kubwiriza. Ariko Yohana we yabwirizaga mu matorero matoya yingengaga – ntabwo yari muri abo bemewe biryo torero. Yari azi nezako nakozakomeza kubwiriza ashobora kuzahagarikwa. Ariko nanone yari yaramenye ko nakomeza kubwiriza adatinya, abakirisitu bashya bomuri aya matorero matoya bazarushaho gukomera mukwizera, nubwo batari bagize igice cy'amatorero yemewe. Nuko rero umunsi warageze Yohana asabwa guhagarika, yanga kubyubahiriza. Avugako agomba kumvira Imana gusa. Nuko ashirwa muburoko.

Yamaze imyaka 12 muburoko, ariko aho niho yandikiye igitabo cye cyamenyekanye cyane, Pilgrim's Progress (Byavuye muri Hero Tales, yanditswe na Dave & Neta Jackson, Bethany House, 1997, urupapuro 21-24).

Yohani Buniyani yiyemeje kumvira Imana, nubwo yari kubihuriramo n'intambara nyinshi. Isomo rya none naryo rirareba indi ntware ya Bibiriya yasezeranye n'Imana, nubwo yari aziko bizamuzanira ibizazane.

Imbanziriza mateka

Danyeli yari umwana w'umusore watwawe bunyago I Babuloni igihe umwami Nebukadenizari yataraga Yerusalemu muri Yudeya, mumajyepfo ya Isiraheri ahagana muri za 600 mbere ya Yesu Kristo. Danyeri yarumwe n'izindi ntware twabonye mw'isomo ryacu ryatambutse, Shadarake, Meshaki, Abedenego.

Danyeli (Umurongo: Danyeli 6:1-23)

“1. Ubwo bwami buhabwa Dariyo w'Umumedi, yari amaze nk'imyaka mirongo itandatu n'ibiri avutse. 2. Bukeye Dariyo ashaka kugabanya igihugu mo intara ijana na makumyabiri, ngo azigabire abatware b'intebe bakwire igihugu cyose. 3. Kandi abaha

n'abatware bakuru batatu, umwe muri bo yari Daniyeli, kugira ngo abo batware b'intebe bajye babashyikiriza iby'umwami, ngo umwami adapfirwa ubusa. 4. Ariko Daniyeli aratona cyane kuruta abandi batware bakomeye n'abandi b'intebe, kuko umwuka mwiza cyane yari ari muri we. Ndetse umwami yibwiraga kumwegurira igihugu cyose. 5. Abatware bakomeye n'ab'intebe bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyeli mu by'ubutware, ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro. 6. Bukeye abo bagabo baravugana bati "Nta mpamvu tubona kuri Daniyeli, keretse nituyibona mu magambo y'amategeko y'Imana ye."

7. Nuko abo batware bakomeye n'ab'intebe bateranira ibwami babwira umwami bati "Mwami Dariyo, nyaguhoraho, 8. abatware bakomeye bo muri ubu bwami n'ab'intebe n'ibisonga byabo, n'abajyanama n'abanyamategeko bose bigiriye inama yo gushyiraho itegeko ry'umwami n'iteka rikomeye ngo mu minsi mirongo itatu, umuntu wese uzagira icyo asaba imana yose cyangwa umuntu wese atari wowe asabye nyagasani, azajugunywe mu rwobo rw'intare. Nuko none nyagasani, hamya iryo tegeko ushyireho ukuboko ku rwandiko rwaryo, kugira ngo rye kuzakuka nk'uko amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzwa."

9. Nuko Umwami Dariyo ashiraho ukuboko ku rwandiko rw'iryo tegeko. 10. Maze Daniyeli yumvise ko urwandiko rwashyizweho ukuboko ajya iwe, (kandi amadirishya y'inzu ye yari akinguwe yerekeye i Yerusalemu), akomeza kujya apfukama gatatu mu munsu asenga Imana ye, akayishimira nk'uko yari asanzwe ajenza.

11 Bukeye ba bagabo baraterana, baragenda basanga Daniyeli asenga Imana ye, ayinginga.

12. Baraza bavugira imbere y'umwami ibya rya tegeko rye bati "Mbese harya nyagasani, ntiwashyizweho ukuboko ku rwandiko rw'iteka wacye ngo mu minsi mirongo itatu, umuntu wese uzagira icyo asaba imana yose cyangwa umuntu wese atari wowe asabye, nyagasani, ngo azajugunywe mu rwobo rw'intare?" Umwami aramusubiza ati "Narabitegetse koko, nkurikije amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzwa. 13." Baramusubiza bati "Ariko Daniyeli we wo mu banyagano b'Abayuda ntakwitayeho nyagasani, cyangwa iteka washyizweho ukuboko, ahubwo ajya asenga gatatu mu munsu. 14. Umwami yumvise iryo jambo arabarakarira cyane, ashira umwete cyane kuri Daniyeli kugira ngo amukize, burinda bwira.

15 Ba bagabo bongera guteranira ibwami babwira umwami bati "Nyagasani, umenye ko ari itegeko ry'Abamedi n'Abaperesi, ngo nta tegeko cyangwa iteka ryahamijwe n'umwami rivuguruzwa." 16. Nuko umwami arategeka, baja kuzana Daniyeli bamujugunya mu rwobo rw'intare. Ariko umwami yari yamubwiye ati "Imana yawe ukorera iteka iragukiza." 17. Maze bazana igitare bagikinga ku munwa w'urwobo. Umwami ahomaho ikimenyetso cye bwite n'icy'abatware be, kugira ngo ibyo ategutse kuri Daniyeli bidahindurwa. 18. Nuko umwami asubira mu nzu ye akesha ijoro yiraje ubusa, ntibamuzanira ibyo kumucurangira, ntiyarushya agoheka.

19. Bukeye umwami yibambura kare mu museso, agenda yihuta ajya kuri rwa rwobo rw'intare.

20. Ageze hafi y'urwo rwobo Daniyeli yari arimo, atera hejuru n'ijwi ry'umubabaro abaza Daniyeli ati "Yewe Daniyeli mugaragu w'Imana ihoraho, mbese Imana yawe ukorera iteka yabashije kugukiza intare? 21." Daniyeli asubiza umwami ati "Nyagasani uhoraho. 22 Imana yanjye yohereje marayika wayo abumba iminwa y'intare, nta cyo zantwaye kuko nabonetse imbere yayo ntafite icyaha, kandi nawe nyagasani, nta cyo nagucumuyeho. 23. Umwami aherako anezerwa cyane, ategeka ko bakura Daniyeli mu rwobo. Nuko bamukuramo basanga nta cyo yabaye, kuko yari yiringiye Imana ye."

Dariyusi yatagetse ubwami bugari cyane muburasirazuba bwo hagati, burambuye kugera ku birometero amagana, hamwe na porovense 120, cyangwa ubuso bw'ibihugu byari bikeneye kuyoborwa. Ubushobozi bw'ikirenga bwa Daniyeli bwarigaragaje cyane hagati mubandi bayobozi, abajyanama n'abaguverineri b'umwami bituma umwami amugira umuyobozi n'umujyanama w'ikirenga mubwami bwe bwose.

Ikibazo: ni ibihe bintu by'ingezi Danyeli yarafite byamugiraga ukwiyekwizerwa? [Daniyeli yari umunyakuri, agwiza ibyiza, wibanda kandi wita k'umurimo we].

Reka tuvuge bibiri mubyiza bya Daniyeli byagufasha guhora uri umwizerwa, kandi uha agaciro inshingano zawe.

Kuba umwizerwa

Abatware bakomeye n'ab'intebe bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyeli mu by'ubutware, ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro. Danyeli 6:4

Ibyanditswe bivuga ko Daniyeli yari umwizerwa rwose.

Ikibazo: Ni ibihe bintu washigiraha ubyubaha mubyo ukora? [Ibyo ukora buri muni, kubahiriza igiheba intangarugero rwiza kuri barumuna bawe cyangwa bashiki bawe].

Ni gute waba ukwiyekwizerwa mu inshingano zawe? [ba uwo kwizerwa, kandi ukomere kuicyo ari cyo cyose wahawe gukora]. Ibyanditswe bivugako Danyeri atinempfaguzwaga.

Ikibazo: kwinempfaguzwa kubintu bivuze iki? [kutitaho cyangwa ubunebwe] Ntabwo yari umunebwe cyangwa utita mukazi ke.

Ikibazo: Nigute waca ukubiri no kuba utita ku inshingano zawe? [ite k'umurimo uhindure mwiza, kugihe].

Ikibazo: kubera iki ari iby'ingenzi kuri wowe kuba ukwiriye kwizerwa no gukomera kubyo wahawe gukora? [Iyo igihe kigeze, uzaba umwizerwa bihagije, kuburyo uzahabwa izindi nshingano zihagije].

Reka turebe kungero eshatu z'impamvu kuba ukwiyekwizerwa ari iby'ingenzi:

1. Ishuri ryawe ryateguye nk'ibirori bya karinivale byo gukusanya amafaranga yo gufasha kwishyura igikorwa cyo kubagwa gikenewe k'umwana w'umuhungu muri kominote aho

utuye. Umwe muri bagenzi bawe niwe watowe mukubara amafaranga yakusanijwe muri ibyo birori bya karinivare.

Ikibazo: Ni iki cy’ingenzi ushaka ko uwo muntu agomba kuba afite? [Ubunyakuri].

2. Umutoza wawe arimo arasaba abavolontere bashingwa kuzanira amazi yo kunywa ikipe yawe ya baseball. **Ikibazo: Ni uwuhe muco wifuzako uwo muntu yaba afite?** [Kutishingikiriza kuri we gusa].
3. Uri gukorana n’itsinda ryiga k’umushinga kw’ishuri kandi urwego rwawe rushinginye k’uruhare rwa buri wese, **ni iki cy’ingenzi uwo muntu agomba kuba yujuje?** [kuba umwiringirwa].

Kwiyemeza gukurikira Imana

“Abatware bakomeye n’ab’intebe bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyeli mu by’ubutware, ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n’amafuti cyangwa igicumuro.” (Daniyeli 6:5).

Ikibazo: Ni izihe nzira enye zo kwikomereza ku Mana? [Kumvira Imana, gutanga ishimwe ku Mana, kwishingikiriza ku Mana, gukorera Imana]. Reka tubivugeho:

1. Danyeri yari yariyemeje guhora yumvira Imana. Bibiriya ivuga ko, “Maze Daniyeli yumvise ko urwandiko rwashyizweho ukuboko ajya iwe, (kandi amadirishya y’inzu ye yari akinguwe yerekeye i Yerusalemu), akomeza kujya apfukama gatatu mu munsu asenga Imana ye, akayishimira nk’uko yari asanzwe azenze.” **(Danyeli 6:10)**.

Ikibazo: Ni gute wakwikomereza ku Mana? [Ibuka urugero rwa Danyelikandi wite cyane guhora unezeza Imana kurusha abandi bantu].

2. Danyeli yahoragaatanga amashimwe ku Mana.

Ikibazo: Nigute watanga amashimwe ku Mana? [Shimira Imana kubushobozi butangaje wahawe nayo, n’amahirwe wabukoreshejemo byose].

3. Danyeli yakomeje kwikomereza ku Mana.

Ikibazo: Kubera iki dukeneye gusaba ubufasha Imana? [Danyeli yari yaramenyeko gukora akazi ke neza, yarakeneye gusaba Imana ubwenge no gusobanukirwa]. Natwe dukeneye gukora nkibyo.

4. Danyeli yakomeje gukorera Imana, Bibiliya itubwira ko, **“Bukeye umwami yibambura kare mu museso, agenda yihuta ajya kuri rwa rwobo rw’intare. Ageze hafi y’urwo rwobo Daniyeli yari arimo, atera hejuru n’ijwi ry’umubabaro abaza Daniyeli ati “Yewe Daniyeli mugaragu w’Imana ihoraho, mbese Imana yawe ukorera iteka yabashije kugukiza intare?”** (Danyeli 6:19-20). Ndetse n’umwami yari azi imiterere ya Danyeli nk’ukorera Imana ubudasiba. Yabonaga uburyo Daniel yabagaho buri munsu.

Ikibazo: Ni gute abantu bashobora kumenyako ukorera Imana? [Binyuze muburyo ubaho – ibyo uvuga nibyo ukora]. Ibuka urugero rwa Danyeli: Jy'ubana kandi wishingikirize, unikomereze ku Mana.

ISOMO # 29: YONA

Isubiramo

Umukoro w'icyumweru gishize & umurongo wo gufata mumutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

“Ariko Yona ahunga Uwiteka” (Yona 1:3).

Imiterere myiza

Kugandukira ubushake bw’Imana

Ikibazo cyo kuganiraho

Niryari koko waba utarashaka gukora icyo ababyeyi bawe bagusabye? Warabikoze? Wumvise umerewe gute ubikoze?

Itangiriro

Umunsi umwe mukwezi kw’Ukuboza, nk’umusore w’ingimbi yumva ijwi kuva mw’ijuru, “Ndashaka ko ujya kunkorera mu Ubushinwa.” Amaze kumva umuhamagaru, asiga ababyeyi be murugo rushikanye i Yorukeshire, ajya mu Ubwongereza mugace gakennye kitwaga Derenesayidi gukorera umuganga akagira ubumenyi buke yiga, kandi nanone kugirango yiyakire kukintu cy’irungu giteye inkeke cyo kuba umunyamahanga mukindi gihugu aho uwo bazaba bri kumwe ari Imana yonyine.

Yiri yarizeko mugusenga ariho Imana igendana n’abantu. Yasukaga ibyifuzo bye byose imbere y’Imana. Ariko yibukagako mu Ubushinwa ntawumdi azagira icyo abaza, uretse Imana, nuko rero muburyo bworoheje asaba Imana kwibutsa dogiteri.

Nyuma y’ibyumweru bitatu, muganga aribuka. Isaa yine zuzuye kuwa gatandatu ninjoro yishyura wamwana w’umusore – ibyumweru ho mbere ! Atari ukugirango ashobore kwishyura icumbi, yarafite amafaranga y’ibyumweru biri imbere. Birengeje ibyo Imana yari yaramweretse ko isubiza amasengesho ikimura abantu. Yashoboye kujya mu Ubushinwa ! Aho hari imiraba myinshi munyanja kandi ibitangaza byo kubohoka mumezi atanu n’igice yari mu Ubushinwa. Hariho intambara ya gisivile, y’abaturage ubwo yageraga muri Shangayi. Imiriro, inzara, mu bwoba bw’ibihe bitoroshye, umumisyoneri ukiri muto yiyemeza gushikama, arapfukama arasenga maze Imana iramukiza.

Mu 1865, ajya gukorera umurimo mu ahagana k’uruzi rw’imigi y’Ubushinwa kubantu benshi muri Inilandi y’Ubushinwa. Ari i Furlough muri Bringitoni, afunguza konte muri banki. Amapawundi 10 yanganaga n’amadorari 15, mw’izina rya “misiyo yo mu cyaro cyo mu Ubushinwa. Intego ye kwari ukugira abakozi 24. Iyindi kwari ukugira abo 24 nk’abakozi bahembwa. Mugihe cy’urupfu rwe, mu 1905 J. Hadisoni, umumisyoneri wambere mu Bushinwa imbere, yari yarabonye abarenze abamisyoneri maganinani n’abakirisitu 125,000 muri misiyo yo mu cyaro cyo mu Ubushinwa.

Kumyaka cumi n'itandatu Taylor ntiyabonaga iyobokamana nk'ikintu gikenewe kandi kigaragara akeneye cyane yakorana naryo Yishimoraga kuzagendendera ku mafarasi, yajya kuyayobora akishimira ubwo buzima bwiza. Yifuzaga kubaho ubuzima yumva ashaka.

Uyu muni turabona umuntu witwa Yona washaka kubaho munzira ishaka. Ariko nka Taylor, ubwo yiyegerezaga Imana, yabaye intwari – nubwo yabishidikanyagaho.

Yona

(Umurongo: Yona 1:1-3)

“Ijambo ry’Uwiteka ryaje kuri Yona mwene Amitayi riramubwira riti Haguruka ujye i Nineve wa murwa munini, uwuburire kuko ibyaha byabo birundanije bikagera imbere yanjye. Ariko Yona arahaguruka ngo acikire i Tarushishi, ahunge Uwiteka. Amanukana i Yopa abona inkuge ijya i Tarushishi, maze atanga ihoro, ajya mu nkuge ngo ajyane n’abandi i Tarushishi, ahunge Uwiteka.”

Ikibazo: Uribuka icyo ijambo intwari risobanura? [Intwari ni umuntu wishimirwa kubera imiterere ye myiza & ibyo yagezeho cyangwa kuba afite ishyaka rikomeye].

Ikibazo: Dushingiye kubyanditswe twasomye bivuga kuri Yona, hari ubwo inyito y’ijambo intwari imukwiriye? [Ntibigaragara ko yabikoze?] Imana yabwiye Yona kujya mumugi wa Nineve, akabwira abantu kureka inzira zabo mbi. Ariko mumwanya wo kumvira Imana ngo ajye i Ninivi, Yona yifatiye ubwato agaragaza guhunga Imana.

Mu ntwari zose za Bibiliya twabonye muri uyu mwaka, Yona yaba umuntu twakwibandaho cyane. Niwe ntwari yambere mugushidikanya, kandi tuzavuga uko Imana yujuje intego yayo binyuze muri Yona nubwo Yona we atashaka uruhare rw’umugambi w’Imana kuri we.

Intwari mugushidikanya

Ikibazo: Ni iyihe mpamvu utekereza yataye Yona guhunga Imana? [Reka tuvuge kumpamvu eshatu]:

1. Bishoboke ko Yona mu bushobozi bwe yiyumvaga ko atashobora gukora icyo Imana imusabye.

Ikibazo: Hari izindi ntwari waba wibuka muri Bibiliya batiyumvaga ikizere cy’uko bashobora gukora ibyo Imana ibasabye gukora? [Musa, igihe Imana yamusabaga kuvana Abisiraheli muri Egiputa, Gidiyoni, ubwo Imana yamusabaga gukiza Abisiraheli Abamediyani].

Mukutigirira icyizere nuko babonaga ibintu kwa Musa na Gidiyoni Imana yujuje ibyo yashakaga gukora binyuze muri bo.

Ikibazo: Niki waba warasabwe gukora n’ababyeyi bawe, mwarimu, cyangwa umutoza ukaba utariyumvaga ikizere mukubikora? [Gufata inshingano wumvaga zigoye, kugaragaza impano imbere y’itsinda ryose, gutanga raporo mumagambo imbere y’ishuri ryose].

Ikibazo: Ni iyihe mpamvu utekereza bagusabaga gukora ibyo byose? [Kubaka icyizere cyawe, kugufasha kumenya icyo utegerejweho].

2. Bishoboke ko Yona atashakaga gukora icyo Imana imusabye gukora.

Ikibazo: Utekerezako ari iyihe mpamvu Yona atashakaga kujya i Ninevevi? [Nineve yari iri mugihugu cya Siriya – kitakundaga kandi bakaba abanzi bakomeye b’abayahudi. Abayahudi benshi batekerezagako Agakiza ari akabo gusa, katari akabandi bantu batari abayahudi, mubyukuri ntibangaga abanyasiriya. Hari ibimenyetso mugitabo cya Yona byerekana ko Yona yatsinzwe n’iyi nzira.

Ikibazo: Mubyukuri, kuki bidukomerera kujya gufasha amatsinda y’abantu muri ikigihe? [Kutabokera kujya mubice duturanye bitandukanye, kudashaka kwihuza n’amatsinda y’abantu dutandukanye nabo, hari undi ugomba kujya kuba ariwe utanga ubufasha].

3. Bishoboke ko Yona yari afite ubwoba bwo gukora icyo Imana yamusabaga gukora.

Ikibazo: Ni iyihe mpamvu Yona yari afite yo kugira ubwoba? [Bishoboke ko yona yatekerezagako najya muri Siriya, abanyasiriya bamugirira nabi kuko ari umuyahudi. Bishoboke ko yatekerezagako kandi ko naramuka avuze icyo Imana ishaka, yazahindurwa nk’umusazi. Bishoboke ko yutekerezagako azananiwa].

Ikibazo: Uribuka izindi ntware muri Bibiliya zari zifite ubwoba bw’umurimo ubategereje? [Sawuli, wihishe ubwe ubwo yagombaga kumurikirwa abantu nk’umwami, Eliya yarahunze nyuma yibyo yaramaze gukorera abahanuzi ba Bayali ubwo yari yamenyeko Ahabu & na Jezibeli bashakaga nawe kumwica, Gidiyoni wisobanuraga avugako afite intege nke, kandi ariwe muto mumuryango, Musa washakagako Imana igira undi yohereza.]

Ikibazo: Uribuka umurimo washidikanyijeho gukora kuko watekerezagako wazananiwa? [Ntacyo bitwaye, kumpamvu zose Yona yarafite zamubuzaga kujya i Nineve, amaherezo yagiyeyo.]

Bibiliya iravugaga ngo, 1 **“Maze ijamba ry’Uwiteka rigera kuri Yona ubwa kabiri riramubwira riti Haguruka ujye i Nineve wa murwa munini, uwuburire imiburo nzakubwira. Nuko Yona arahaguruka ajya i Nineve nk’uko Uwiteka yamutegetse. Kandi Nineve wari umurwa munini cyane, kuwuzenguka rwari urugendo rw’iminsi itatu. Yona atangira kujya mu mudugudu, agenda urugendo rw’umunsi umwe ararangurura ati “Hasigaye iminsi mirongo ine Nineve hakarimbuka. Maze ab’i Nineve bemera Imana, bamamaza itegeko ryo kwiyiriza ubusa, bese bakambara ibigunira uherye ku mukuru ukageza ku uworoheje hanyuma y’abandi” (Yona 3:1-5).**

Yona: Intwari iganduka

“Ariko jyweho nzagutambira igitambo n’ijwi ry’ishimwe, Kandi nzahigura umuhigo wanjye, Agakiza gaturuka ku Uwiteka.” (Yona 2:9).

Ikibazo: Utekerezako ari ukubera iki Yona yaje kujya Ninevi? [Yona yaje kugandukira Imana].

Ikibazo: Kuganduka bivuga iki? [ABantu muri ikigihe bahuza ijambo kuganduka no “kwimariramo” ubusobanuro bwegereje n’uko umuntu umwe aba hajeuru undi muni ye hanyuma akamuzamura cyangwa akamushyigikira. Muyandi magambo, Yona yaravuze ngo: ‘Nzahaba kubwawe.’

Mw’isomo ryatambutse, nagaragaje ko Imana yari ishoboye kuzuzanya icyo yashakaga gukora binyuze muri Musa, hirengagijwe ukutigerira icyizere kwe, binyuze muri Gidiyoni hirengagijwe ubwoba bwe, kandi binyuze muri Yona, hirengagijwe impamvu zo kudashakira kumvira.

Ikibazo: Ni gute Imana yarangije ibyo yashakaga binyuze muri Musa, Gidiyoni, Yona, ndetse n’abandi? [Kuko ariyo Mugenga]. Muyandi magambo, Imana ifite ubushobozi bwo gukora icyo ishaka ko gikorwa binyuze muri buri wese, idahaye rugari umudendeze wawe wo gukoresha amahiramo yawe. Ariko nka Musa, Gidiyoni, Yona Imana ishaka kuvugako “N’ibyigiciro kuri nje kubayo kubwawe, kuruta kubivamo kuberako ntacyizere wifitiye cyangwa ufite ubwoba.

Uko biri kose Imana iziko uko kuganduka Atari ikintu cyoroshye kuri wowe rimwe na rimwe.

Ikibazo: Kuki rimwe na rimwe bikugora gukora icyo Imana ishaka ko ukora mubihe runaka? [Bishoboke ko waba umunyabwoba bw’umurimo ugutegereje, urugero: gusangira n’abandi ukwizera kwawe mugihe muri mubutumwa bw’urubwirako. Ushobora kuba udashakira kureba umwe mubo mufitanye isano urembeye mubitaro].

Ikibazo: Nikihe kintu kimwe gusa Imana igusaba muri ibi byose? [Kuba uhari, uboneka].

Imana ntiyigeze isaba Yona kunesha cyangwa kurangiza neza akazi, yamusabye gusa kuboneka, byonyine ba aho Imana ishaka ko uba, Izaguhaha ubushobozi kandi izagufasha kurangiza neza wowe ubwawe nuboneka.

Ikibazo: Ninde Bibiliya itubwira wabonye amanota meza kubwo gukiza? [Si Yona. Bibiliya ivugako Abanyaninze bizeye Imana – Si Yona].

Ikibazo: Imana yashakaga ko Yona akora iki? [Imana yashakaga ko Yona agenda agora icyo Imana ishaka ko akora].

Ikibazo: Wigeze usaba Imana icyo wakora kubwazo uyu muni?

Turangiza iri somo, jyana na papa wawe cyangwa undi mupapa, hanyuma musengere hamwe. Baza Imana icyo ishaka ko uyikorera – hanyuma usabe Imana kugufasha kugisohozza uko cyaba kiri kwose.

IGIHE CYO GUSHIMA

IGIHE CYO GUSHIMA NO GUTANGA.

1. Mushimire Imana ahera hayo, Muyishimire mu isanzure ry'imbaraga zayo. Muyishimire iby'imbaraga yakoze, Muyishime nk'uko bikwiriye gukomera kwayo kwinshi (Zaburi 150:1-2)

Gushimira, dushimira kubw'ibyo twamaze guhabwa. Mureke dutekereze kubyo twahawe muri ikigihe. Dusome amagambo akurikira: **“Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka, Isi n'abayibamo.”** (Zaburi 24:1).

Ikibazo: Ibyo ufite byose ubikura he? [Ibyo dufite byose ni iby'Imana yaduhaye].

Ikibazo: Hari uwatanga cyane n'umutima mwiza gusumbya Imana?

“Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho” (Yohana 3:16) Imana iduha ubugingo bw'iteka nk'impano.

“Ibyo ijisho ritigeze kureba, N'ibyo ugutwi kutigeze kumva, Ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, Ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda.” (1 Abakorinto 2:9). Imana izaduha byinshi birenze uko tubitekereza.

Imana yijeje abakirisitu (abo bakiriye Yesu Kiristo mubuzima bwabo nk'umukiza n'Umwami wabo) ko igihe kimwe bakazabana iteka mubwami bw'Ijuru. Ariko...rimwe na rimwe twibagirwa n'andi masezerano ahebuje Imana iduha:

“...ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi. (Yohana 10:10).

Yesu ntiyavuze kuduha ubwenegihugu bwo mw'ijuru gusa, ariko nanone dushobora kugira ibyiza bishoboka byose by'ubu buzima! Imana iduha ibihebuje byose byo kumpande zombi, mw'Ijuru no mw'isi.

IKIBAZO: Abantu wahawe ni bande, ni bantu ki? [Babyeyi, ninde ukwereka urukundo rw'Imana; bigisha, ninde ugufasha kwiga mw'ishuri; batoza ninde ugufasha kwiga gukora siporo, abakora mungabo mukubungabunga umutekano w'igihugu cyacu]. Tekereza uburyo wumva umerewe neza iyo hagize uguha umwanya igihe?

Mubyukuri twahawe byinshi, kubwibyo dufite gushima kubw'ibyo. Mbere y'uko turangiza iri somo, mureke twishyushye ho gato dukora agakino:

Ikibazo: Nzeri 11, 2001 – Umunsi abagabo bagushaga indenge munyubako ya the World Trade Center muri New York – niki cyo gushimira aho ngaho? [Iyo Mana yatumye hatabaho uguseniyuka kw'amazu menshi, ibyashoboraga kuba! Abantu benshi bashyize ibyiringiro byabo

kandi bizerera muri Kristo Yesu nk'Umukiza wabo, ishyaka ry'igihugu no gutanga ububyutse bw'ubuzima bwo gusenga no guterana].

Ikibazo: Hari nk'uburwayi bukomeye mu muryango wawe. N'iki cyo gushimira aho ngaho? [Ubuzima wishimira, urukundo rwa Kristo rugaragarira mubaza kubafasha, ibyiringiro bizima by'ejo hazaza].

Ikibazo: Ikipe yawe yaratsinzwe mu marushanwa aheruka. Niki cyo gushimira aho ngaho? [Kuba bafite ubuzima bwo kubasha gukina, kwiga no gukura mugusobanukirwa umukino, kwigiramo amasomo yazagufasha no mugihe utari muri siporo, kwigenzura, kwihangana, kugira neza].

Ikibazo: Itegereze bikikije aho utuye. N'iki uhabona cyatuma ushima? [Umuryango, imyenda, ibyo kurya, n'ibindi].

Ikibazo: Itegereze k'urusengero rwawe. N'iki cyatuma ushima? [Yesu Kristo, pasitori wawe, ahantu ho kuramya mu mudendezo kandi ubohotse].

Ikibazo: Reka tuvuge ko uhuye n'umuntu udafite aho kuba akakubaza ati, "N'iki mfite cyatuma nshima?" [Imana yita kubyo ukeneye, abantu bakwitaho kandi bagufasha, ntabwo yakwibagiwe, ufite amahirwe menshi yo kwongera gukomera, ibintu bikagenda neza].

Dufite byinshi byo gushimira Imana. Ubundi buryo bundi bwo gutanga ishimwe, ni ugutanga. Mureke tunganire k'ugutanga.

Ikibazo: Hari uburyo 3 bwiza ushobora gutangamo. Ubitekerezaho iki?

Dushobora gutanga igihe cyacu
Dushobora gutanga binyuze mumpano no mubyo twakora.
Dushobora gutanga n'amafaranga yacu.

Ikibazo: Kuki ugomba gutanga?

Bibiriya itubwira ko: "Mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi." (Matayo 10:8). [mutange kuko namwe mwahawe]. Bibiriyaitubwira ko, "Twibuke: ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi azasarura byinshi. Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mumutima we, atinuba kandi adahatwa kuko Imana ikunda utanga anezerewe. (2 Abakorinto 9: 6 - 7) [Mutange ibyo mufite kuko mubishaka]

Ikibazo: Ni ryari nshobora gutanga? [Mugihe cyose ubonye uburyo sangria n'abandiShare]. Bibiriya iravuga ngo "musangire n'abera uko bakennye" (Abaroma 12:13). Igihe icyo aricyo cyose, nicyo cyo gihe gikwiriye.

Kuva igihe cyose cyo gutanga ishimwe kibonekeye, nicyo gihe ubusanzwe dushakamo uburyo dushobora gutanga.

Ikibazo: Ni gute ushobora gukoresha ubushobozi bwawe, igihe cyawe, amafaranga yawe mugutanga?

Nakoresha ubushobozi bwanjye:

Murugo mfasha umuryango mu gutegura ibikorwa runaka.
Kw'ishuri mfasha bagenzi banjye mumishinga ya siyansi
K'urusengero ndirimba muri korari.
Aho ntuye mfasha abantu bakuru

Nakoresha igihe cyanjye:

Murugo Ngira imirimo nkora mbere yo kureba televiziyo.
Kw'ishuri Mfasha mugukusanya inkunga y'umushinga runaka.
K'urusengero Mfasha mu bana.
Aho ntuye Ngira uruhare mubikorwa by'urukundo cyangwa by'umushinga.

Nakoresha amafaranga yanjye:

Murugo Ngurira umuryango wanjye impano idasanzwe.
KW'ishuri Ngurira abandi nk'ifunguro ryo kumanywa.
K'urusengero Ntanga icyacumi (10%) by'ayo ninjije ku murimo w'Imana.
Aho ntuye Ngira icyo mpa umuryango ukeneye ubufasha

NOHELI

Umugoroba wa Noheri utazibagirana.

John McCain, Senateri wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika *

O, nimuze, mwe Abizera mwese, munezerewe kandi mw'ijwi ry'instinzi, no kunesha

Twaririmbye gake birenze kongorera, amaso yacu arebana impungege niba hari ikimenyetso cy'abarinzi twabonera mu madirishya afunze.

Twuzuye umunezero kandi mw'ijwi ry'intsinzi no kunesha? Mumyambaro y'imfungwa z'intambara, ndeba hirya no hino amaduzeni nk'abiri y'abapapa b'imfungwa zo mumajyaruguru ya Viyetinamu, twareberaga mummyenge mito mito yanyuragamo urumuri, tubonamo itsinda ry'abapapa, batari basobanutse nubwo bari bogoshe kandi basukuye basa nk'abo mumutwe w'ingabo zo mukirere, cyangwa abatwaraga amato, cyangwa abagendera mumato.

ntitwatitizwaga n'imbeho y'umuyaga w'ijoro ndetse n'ubushyuhe bwari bwibasiye umubare munini w'abamwe muri twe. Ibikorwa by'icarubozo n'itotezwa byari byarakuriweho bamwe mu

ba papa mugihe gito Bamwe twaracumbagiraga cyangwa twigaga gukora imbago z'abamugaye.

“O, ngwino, ngwino Beterehemu. Muze kandi mumwakire, yavutse Umwami w'abamalayika...”

Mbega umubabaro w'agashinyaguro twarimo! Hano nibwo bwari bubaye ubwa mbere, kuri uwo mugoroba wa Noheli mu 1971, twari tubaye twabaye hamwe, bamwe nyuma y'imyaka irindwi barashyizwe mukato gakomeye banafashwe nabi mumaboko y'umwanzi utari woroshye.

Twakomeje kwizihiza Noheli — Noheli idasanzwe buri umwe muritwe atari yarigeze abona.

Ntamateraniro yo kwizihiza Noheli yaragiheruka muri ayo majyaruguru ya Viyetinamu muri iyo myaka yatambutse, yari yaramizwe n'ibitaramo bikomeye cyane, byibandaga kandi biherekejwe cyane cyane n'impinduramatwara y'abanyaviyetinamu. Ayo niyo yari amateraniro yacu yonyine ya Noheli twemerewe kugira, mubwobwa bwinshi, twibiraga ko igihe kimwe, abadufashe nk'imfungwa bashobora kuzahinduka mu mitekerereze.

Natoranyijwe kuba n'umuyobozi mukuru, Koloneri. Joriji Budu Deyi, USAF, atangira kuba ushinzwe lyobokamana hagati muri twe. Uko twarimbaga "O nimuze, mwe Abizera mwese," narebaga hasi kubice by'impapuro nkeya nari naranditseho imwe mumirongo ya Bibiliya yavugaga inkuru y'ivuka rya Kristo.

Naje kwibuka ukuntu mbereho icyumweru, Koloneri Deyi yabajije komanda w'iyo nkambi niba yabona Bibiliya aho ngaho. Amusubiza amuhakanira ko ntaho wabona Bibiliya muri Viyetinamu y'amajyaruguru. Ariko nyuma y'iminsi mike komanda ariwe muyobozi w'inkambi agaruka aho mu itsinda rusange ryacu adutangarizako bashoboye kubona Bibiliya muri Hanoyi, nuko ansaba gushaka uwashobora kuyandukura yose muminota mike cyane."

Koloneri Deyi yari yasabyeko arinjye wabikora. Byihuse cyane mba nsimbukiye kuri icyo gitabo abo banya viyetinamu bashyize kumeza hanze hafi gato y'urugi rwaho dufungiyeye. N'umurava udasanzwe nandukura amapaje yose avuga kuri Noheli kugeza ubwo umurinzi yanyegereye ahita anyaka bibiliya arayitwara.

Amateraniro yari yoroheje. Nyuma yo gusenga, twaririmbye indirimbo za Noheli, bamwe muri twe banyeganyezaga iminywa kugeza aho turangururira amajwi yacu hejuru yuzuye umubabaro mwinshi w'ibitwuzuye. Hagati muri buri ndirimbo niko nasomaga igice cy'inkuru y'ivuka rya Yesu.

Marayika arababwira ati: "Mwtinya, dore ndababwira ubutumwa bwiza bw'umunezero mwinshi uzaba ku bantu, Kuko uyu muni Umukiza abavukiye mu murwa wa Dawidi, uzaba Kristo Umwami. Luka 2: 10 – 11.

Kapiteni Quincy Collins, wahoze ayoboye korari y'ishuri ryigisha ingabo zirwanira mukirere, yayaboraga indirimbo (indirimo zo mu gitabo). Bwa mbere, twahungabanye kandi muburyo butari busanzwe mukuririmba kwacu, niko ibyari muri twe hari ibyakomezaga kugurumana byibuze nk'umwaka umwe mbere, ubwo abarinzi b'abanyaviyetinamu ya ruguru binjiraga

bitunguranye mumateraniro yacu bakubita aba papa batatu bayoboraga amasengesho, babajugunya hanze bunyamaswa n'imbaraga. Abasigaye natwe dufungirwa ahandi kumara amezi 11. Mubyukuri ayo materaniro ya Noheli yari igice cyo gusuzugurwa gukomeye kwaganishaga mugusubizwa muburoko bisanzwe muri Hanoyi.

Uko amateraniro yacu yakomezaga, niko umuhate n'ubushizi bw'amanga byacu byarushagaho nabyo kuzamuka muri twe, kandi n'ukuririmba kwacu nako kukazamuka. "O muji muto wa Beterehemu," Nimutege amatwi mwumve, aba Herald Angels baririmba," ["(It Came Upon the Midnight Clear) ni umuvugo bavuga kumugoba wa Noheli, wanditswe na Pasitoro Edimond Sears mu 1849."] Amajwi yacu yakwiraga hose, twese hamwe tunganira inkuru z'Umwana "hanze y'ururiro ndetse nta nogutekereza uburiri"

Amaherezo hari ubwo twageragaho tukanaririmba himuni zari zikunzwe cyane: "Rya joro, ryatowe, rubanda ruryamyeyi, Mariya na Yozefu barera akana....."

Igice cy'aba papa benshi ntibashoboraga noguhagarara kubera kurwara. Bicaraga k'uburyamiro bugaragara, bwirengeye bwabaga aho twabaga, bwashyizwe hagatihagati yaho duteraniye. Uburingiti bwacu twabubashyiraga kuntugu zabo ngo barindwe imbeho. Ndetse abo bagabo babaga batumbiriye hejuru mugihe twabaga turirimba iyo ndirimbo, yo mugitabo cy/indirimo.

Zimwe muri himuni baririmbaga: "Round yon virgin, mother and child. Holy infant so tender and mild..."

Amarira yatembaga ashokera mumaso hacu huje ishavu. Bitunguranye twabaga twasize iyi si nk'imyaka ibihumbi bibiri n'igice mbere, twibereye mumurwa wa Beterehemu. Kandi nta ntambara, nta'ugutotezwa, nta n'ugufungwa, nta n'ibinyejana ubwabyo byabujije ukuvuka kw'ibyiringiro muri iryo joro ry'umutuzo.

"Kuryama mw'ijuru ry'amahoro, kuryama mw'ijuru ry'amahoro...."

Twigize kwibagirwa ibisebe byacu, inzara, n'umubabaro byacu. Tuzamura amasengesho yo gushimira umwana watuvukiye Kristo, dushima kubw'imiryango yacu, ingo zacu, n'igihugu cyacu. Byari ibyiriyumviro birenze kandi by'ukuri gusobanutse byazamuwe n'umubabaro wacu. Aho kugirango duhinduke abagabo buzuye ubunyamaswa no kwiheba, twarisunganye turashyigikirana, dusangira uguhumurizanya twari dufite.

Bamwe muri twe bashoboye kugira impano zitangaje. Umwe muri twe yagize ubucuruzi buhambaye bwo kumesa imyenda. hari aho yabonyeho gukusanyiriza ibikoze mw'ipamba na nilo bashoboraga kuvanamo imyenda. Abandi bagabo bagacuruza ibyo bashoboraga kwandikaho imyirondoro wenda y'abasirikare bapfuye, n'ibindi byose twashoboraga kuba twakwifuzaga twagira. Tugakora ubwo bucuruzi tunezerewe kandi twuzuye amarira y'amashimwe.

Abarinzi b'abanyaviyetinamu ntibigeze batubangamira. Uko narebarega hejuru mumadirishya azitiye, niko nifuzaga nti iy'abaga bashoboraga kurebamo hano imbere. Nashakagako ko batubonamo ukwizera, umunezero, kandi yego, ubutsinzi no kunesha.

Senateri McCain yamaze imyaka itanu n'igice afungiyeye muri Viyetinamu y'amajyaruguru mugihe cy'intambara ya Viyetinamu.

O Nimuze mwese Abizeye

Mukohereza Yesu kw'isi, wari umuteguro wa Data mukunozwa ishyirwaho kw'isezerano rishya kuri bose. Igihe Yesu yamenaga amaraso ye k'umusaraba, wowe nanjye twahawe inzira nshya yo kwinjira mukubaho kw'Imana ikomeye.

Igihe Imana yagiranaga amasezerano n'abantu mw'isezeranao rya kera, kenshi yabahinduriye amazina. Aburamu ahinduka Aburahamu(se w'abana benshi) ,Yakobo aba Isiraheri (igikomangoma hamwe n'Imana),kumpavu z'igihe runaka habagaho uguhinduka kw'amazina yabo bigaragaza uguhindurwa kwabo cyangwa imibanire mishya bafitanye n'Imana.

Mugihe uhindutse umukirisitu, uhabwa nawe kandi izina rishya. Mugihe wakiriye Kristo mubuzima bwawe, umwuka wawe uhabwa ubugingo bushya - mumwuka, uba uvutse bwa kabiri, ugahindurirwa kureka kuba umunyabyaha ahubwo ukaba intungane. Wahoze kure, none wegereye Intebe ye y'Ubwami wakiriwe nk'umukobwa cyangwa umuhungu we.

Indirimbo ya Noheli "O muze mwese Abizeye" igaragaza umutima wa kibyeyi w'Imana kuri twe. Nimutumbire Umwami w'abamalayika, mwakire umucyo w'icyubabahiro cye. Nimuze, mwe mwabaye abana banjye, maze muhe icyubahiro Umwana wanjye"

Twe intero yacu ni ukumuha ikaze tunezerewe, tuzamura inyikirizo y'indirimo zacu z'umunezero n'amashimwe kandi tumuramya.

O Nimuze Abizeye mwese

Nimuze Abizeye mwese, munezerewe kandi mubustinzi

O nimuze, nimuze I Beterehemu

Muze mwakire, uwavutse Umwami w'abamalayika

O nimuze tumuramye

O nimuze tumuramye

O nimuze, tumuramye

Kristu Umwami.

Ukurabagirana k'ubwiza, Urumuri rw'umucyo w'itekal,

N'akamere yacu mbi, aradufite ntiyatwanze

Mwana wa Data, Ijambo ry'Imana mw'ishusho ya muntu!

O nimuze tumuramye

O nimuze tumuramye

O nimuze, tumuramye

Kristu Umwami!

Muririmbe, baririmbyi b'ababamalayika, nimuririmbe ibisingizo,
O nimuririmbe, mwe abatuye mw'ijuru ryirengeye!
Icyubahiro ku ManaGlory to God, icyubahiro kibe hejuru!

O nimuze tumuramyey
O nimuze tumuramyey
O nimuze, tumuramyey
Kristu Umwami

Nibyo,Mwami tuguhaye ikaze, wavutse muri iki gitondo cy'ibyishimo;
Yesu, icyubahiro cyose ni icyawe
Ijambo rya Data,ugaragarira ubu mumubiri!

O nimuze tumuramyey
O nimuze tumuramyey
O nimuze, tumuramyey
Kristu Umwami
ISOMO RYA PASIKA:

CYA KIYOKA *

Hari igihe kimwe hariho umwami ukomeye kandi utunze, igihugu cye cyari cyarahungabanyijwe na daragoni iteye ubwoba. Nk'inyoni iteye ubwoba, kand nini cyane y'umumubiri w'amagaragamba,yangizaga ikonona umusozi wose n'impumeko yayo ikomeye.ntabyishimo, abangirijwe bahunganga ingo zabo zatwitswe nayo bakiruka bahunga kuba bangwa no mumajanja yayo ndetse no kumirwa nayo.

Umwami yayoboye abahungu be n'abarwanyiy be mu ntambara nyinshi zitandukanye bahanganye nicyo kiyoka.Buri gihe bahuraga n'ingaruka ziyo daragoni yahungiraga mubwihisho bwayo muri iyo misozi miremire.Mugihe cy'agahenge ,ubwami bwe bwabonaga amahoro by'agahe gato.'muhumure kandi mukomere'umwami akaba ariko abwira abaturage be."Umunsi umweiyoy dragoniiboneka irimo kuguruka yonyine mw'ishyamba mugihe cy'agahenge, umwe mubana b'umwami arayumva mw'ituze ryinshi.Mugicucu cy'ibiti n'ibyatsi ,iyo dragoni iba irurutse.Amaso yayo atumbiriye igikomangoma, igaragaza inseko n'umunwa wayo umeze nk'uwigikururanda.

N'umwotsi usohohoka buhoro buhoro mu mazuru nk'iri kunywa itabi,mw'ijwi ryorohereje dragoni y'ibara ry'ikigina iravuga ngo:"wihungabana ,ntabwo ndi uko papa wawe atekereza"

Igikomangoma kri kw'iafarsi yuje ubwoba, afite inkota ye kandi yitondeye cyane dragoni arayibaza ati?" uri iki noneho?"

"Daragoni iramusubiza iti:" ndashimishije" zamuka k'umugongo wanjye uraza kubona byinshi utari warigeze gutekereza. Gira bwangu. Ntamugambi mubisha mfite. Ndakubona nk'inshuti twasangira kuguruka. Waba warigeze utekereza ko wazaguruka? Ntiwifuje kunezezwa no kwogoga hejuru mu bicu? Urumuri rw'izuba rushashagirana mw'ihindagirika ry'amabara

arabagirana k'umagaragamba y'ibyuma bya daragoni? Mpereza inkota yawe wirindisha niba ubishaka, ndagusezeranya ko ntakibi kirakubaho.

Mw'iyerekwa ry'umunezero wo kwogoga ikirere hejuru y'imisozi y'amashyamba, bisunikira umwana w'umwami gushyugumwa kuva kw'ifarasi ye. Daragoni nayo imanura icyubi cyayo kugira ngo imufashe kuzamuka k'umugongo wayo, maze ashobora kubona umwana k'umugongo yicaraho neza atekanye. Nuko ikubita ubugira kabiri amababa yayo mubaraga nyinshi baba batumbagiye mukirere. Uko daragoni yogogaga umuyaka n'imbaraga aho mukirere, impungenge zo gutinya ko hari icyo ashobora kuba byamujyanaga mu byiyumviro by'ibyishimo bivanzemo n'akoba byo kumva yubashye iyo dragoni.

Guhera ubwo yakomeje kuja ahura na daragoni kenshi ariko mw'ibanga kuko ntabwo yashoboraga kubibwira se cyangwa abavandimwe be ndetse n'abarwanyi b'ibwami ko yatsuye umubano n'umwami wabo. Umwana w'umwami atangira kumva yaratandukanye nabo. ibyabaga bimubabaje, kuri we sibyo byabaga bimubabaje ndetse n'igihe yabaga Atari kumwe na Daragoni yabaga ariwe wenyine yigunze. Nubwo yabaga atari kumwe na dragoni yamaraga umwana munini nabari inshuti ze nikindi gihe yishiraga kuba wenyine.

Umubiri w'Amaguru y'igikomangoma ufatana neza neza yitonze ahagana inyuma k'umugongo wa daragoni, n'amaboko ye arakomeza. Yambabara ibimurindira ibiganza bye(gans) ngo bitangirika. Nyuma y'amajoro menshi agendera kuri daragoni atahurako amagaragamba nawe yatangiye kuza kub'umubiri w'ibiganza bye. Hamwe n'ubwoba abona ko bishobora kuzakomeza kumuzaho, nuko afata umwanzuro wuko atasubira kuja guhura niyo dragoni.

Ariko nyuma y'amajoro cumi nane (14) yahaswe n'ubushake bwo kubona daragoni, byagiye bimugararira kenshi. Atitaye kucyo aricyo, umwana w'umwami yisanze yarasubiyeyo muburyo nawe atasobanukiwe.! Mugutegereza gutuje, daragoni nayo yakomeje kumutegereza.

Mubukonje bw'ijoro rimwe ry'umwijima, urugendo rwabo rwahindutse igitero gitunguranye kuri icyo cyaro. Umuriro w'umwotsi wavaga mummyenge y'amazuru yayo waboneshaga ibisenge by'ibyatsi n'icyondo, dragoni yahumaganaga ibyishimo bikomeye mugutera ubwoba abahunganga amazu yabo yagurumanaga. Ibanukiramo, icyo kiyoka cyasukaga kandi umuriro wavaga munda yacyo ukagota urwo ruvunge rw'abantu batakaga basakuza cyane. Umwana w'umwami afunga amaso ye cyane adashaka gushyugumwa ngo ahagarike kuba yareba uko gupfa k'ubwinshi kw'abantu, ariko umubabaro ukomeye wuzuye agahinda no kumva umunuko w'imibiri yashyaga biramufata bikomeye. Daragoni y'ijosi rirerire rimeze nk'inzoka yagaragaraga

ubwo yahekenyaga amagufa iyamira bunguri ntarutangira n'inyama z'imibiri y'abantu bokejwe n'umuriro wayo. Umwana w'umwami mugushaka kuruka, arengwa bikomeye nayo makuba n'ibyago by'indenga kamere.

Mumasaha yakare kare umwana w'umwami yururuka buhoro k'umugongo wa dragoni, nibwo umuhanda w'inyuma y'inzu ya se ntaninyoni yatambaga. Ariko ntihari ninjoro. Impunzi zasazwe n'ubwoba zari zikinze munkunta z'iyi nzu. Igikomangoma, akomeza atambagira hagati y'ababyeyi bakikiye abana babo bakomerekejwe cyane n'inzara zikomeye za Dragoni. Inkomere

zimwe, zari zifite ibikomere bikomeye, cyangwa ubushye, bari bari gushyirwa kuntambiko z'ibitanda bakoze.

Ugushenguka k'umutima w'igikomangoma, byaremaga amarira y'ikimwaro muri we. Uko yibaza uko byamugendekeye muri uwo mwana, niko yifuzaga muriwe ariko ntakizere icyatuma atandukana na Daragoni. Mubwenge yabonaga muri papa we, yibwiragako wenda yamufasha, ariko agatinyako ukuri kwatuma papa we amwanga. Mubyukuri yashoboraga kuba yateshwa agaciro ndetse akaba yanahunga, byanashoboka akaba yahabwa igihano cy'urupfu.

Aho kuri icyo nzu bari bahugijwe cyane n'ibikorwa byo kwita kumpunzi zandagaye aho kumbuga, umwana w'umwami agerageza kunyura hagati y'icyo mbaga ngo arebe ko yasimbukira cyangwa ngo yinjire mungoro ye, ariko bamwe mubarokotse baba bamubonye, batangira kugira ibyo bamushinja.

Umwe mubabyeyi aba avuzeko yarahari ibyo biba kandi yari k'umugongo wa Daragoni abandi bakabyezanya uburakari bwinshi bazunguza imitwe. n'ikidodo cyinshi muri we, umwana w'umwami abona ko papa we, umwami yaraho nawe mubwaga ateruye umwana waviriranaga amaraso mumaboko ye. Mumaso y'umwami uko hagarazaga umubabaro n'agahinda kensh k'abantu be, abona umwana we. Igikomangoma, umwana we aratinya, yibwirako araza gucika mw'ijoro, ariko abarinzi baramuhagarika baramufata nk'abafata umujura. Bamuzanira papa we aho yari yicaye kuntebe ye y'ubwami munzu ye. Abantu impande zose niko basakuzaga bamaganaga uwo mwana w'umwami.

"Nacibwe!" yiyumviye umwe mubavandimwe be abivugana uburakari bwinshi.

"Bamuvaneho uruhu!"

Andi majwi akarangurura asakuza ngo: "bamutwike ari muzima."

Ubwo umwami ahaguruka kuntebe ye y'ubwami, mw'ikanzu ye y'ubwami yahindanyijwe n'amaraso yavaga y'abakomeretse. Ako kanya ya mbaga yose iratuza, bategereje kumva icyo umwami atangaza. Igikomangoma, umwana we, utarashoboraga no kureba papa we mumaso, yaraho ahagaze kumabuye yo kurubaraza.

"Umwami amutegeka gukuramo Umwambaro yari yambaye muntoki ze, ndetse n'umwambaro we w'ubwami. Umwana mubwitonzi bwinshi arumvira gahoro gahoro abikuramo. Umwana w'umwami, agaragaza ko afite guhinduka kutihishira imbere y'ubwami, nkaho ikimwaro cye kitari gihagije cyane? Yifuzaga urupfu byihuse aho gukomeza kwicwa n'ikimwaro bene ako kageni.

Umwami ahindukirira umuhungu, nawe ahagarara ategereje ndetse anatekerezako papa we agiye kumwahunyira bitigeze bibaho.

Bitunguranye, papa we aramwakira, aramuhobera, aramukomeza cyane, mugukorwaho, uwo mwana w'umwami ahisha mumaso ye k'urutugu rwa papa we.

"Wifuza gutandukana n'iki kiyoka cya Daragoni mwana wanjye?"

Umwana atitira, arasubiza ati: "nabyifuje kenshi ariko ntakizere mbifitiye muri njye."

"Si wowe gusa," umwami aramusubiza. "Ntushobora gutsinda ikiyoka wenyine"

"Data, ntabwo nkikwiriye kwitwa umwana wawe, ndi igikoko, abivuga atitira."

Ariko papa we aramusubiza ati: amaraso yanjye atembera mumitsi yawe. Igihe cyose gukomera kwanjye kwashimangiriwe muri wowe. Ntacyabigutwara."

Akimuhobeye, uko yari agihishe mumaso he huzuye amarira kurutugu rwa papa, uwo mwana yumva se abwira ya mbaga y'abantu iraho, Dragoni iteye ubwoba, bamwe bagezweho n'ibyago by'amayeri yayo, abandi bangizwa nayo. Hari imbabazi nyinshi kufifuza kuba bakwigendera. Ese ninde muri wundi waba yarigeze agendera kuri Daragoni?

Umwana w'umwami yegura umutwe ngo arebe niba hari undi wakwigaragaza muri iyo mbaga. Atangaye, abonamo mukuru we ukuze wamamaye cyane muri ubwo bwami wahanganye cyane na daragoni muntambara zitandukanye. Bamwe baza, abandi mukimwaro gikomeye bakubika imitwe kubera ikimwaro. Mushiki we wari uzwi cyane kubera kuririmba kwe kwiza, n'amarira menshi akuramo inkweto ze zoroheje abonyemo amagaragamba y'amahwa kukirenge cye.

Umwami abahoberera hamwe bose.

"Nuko umwami atangaza ko iyo ariyo ntwaro ikomeye yo guhangana na daragoni" UKURI "Ntaguhishanya kundi, Wowe wenyine ko utashobora kuyihangara. twese hamwe tuzakomera, niduha imbaraga zacu. Abibwirako bonyine babasha guhangana n'ikiyoka, ndabateguzako aribo batahiwe gutsindwa. Abagize icyo bageraho, namwe mukeneye umudendezo kuruta ukuguruka kwa dragoni. Ingorane zizaba nyinshi kandi ziteye ubwoba igihe cyose muzahitamo guhangana na dragoni kuruta yo, ntimuzigere mujya aho iri."

"Yireba kubirenge, mushiki we armubaza ati? Ese hari ubwo aya magaragamba byazashiraho?"

"Oya mwana wanjye, amubizanya umutima mwiza. ariko biraza gushiraho. Kandi umunsi umwe ubwo dragoni izaba itakigaragara ibimenyetso byose by'amahwa n'amagargamba yayo bizashiraho."

"Urupfu kuri dragoni!" umwe muri yo mbaga yari iteraniye aho azamura inyikirizo y'indirimo agira ati:" Urpfu kuri dragoni, Umwami naganze!"

Imana, Umwami wacu ukomeye, aragukunda. Nubwo njye nawe twahitamo igihe cyo kugurukana na dragoni, twese aradukunda. Umunsi umwe, hafi imyaka 2000 itambutse Imana ytwoherereje Ukuri (Yohana 14:6) Umwana wayo, Yesu Kristo, niwe wenyine rukumbi utarigeze agendera kuri dragoni, kubwiby twashoboye kubohorwa kumbaraga za dragoni. Kandi k'umunsi Yesu yabambwaga kumusaraba, yatsinze daragoni.

Kuri mwese mwemeye kwakira Ukuri muvuge muti:” Urupfu kuri daragoni, Umwami naganze” Imbabazi z’Imana kuri wowe, utangire kuvanaho amagaragamba.

Kuri uwo munsu muzaba ibikomangoma n’ibikomangomakazi by’Umwami.Kandi nuhitamo nanone kuguruka na daragoni, ukatura amabanga yo kugenda kwawe, azakubabarira kandi agushoboze buhoro buhoro guhitamo kwitandukanya na dragoni.

Umunsu umwe, kuri uwo munsu ukomeye, dragoni izacishwa bugufi, ibohwe, kuburyo itazongera kugira uwo ibabaza ukundi, kandi muzabana n’Umwami ubuzira herezo, kandi ibimenyetso by’amagaragamba n’amahwa bya dragoni bizashiraho!

*Byanditswe na Dogiteri Melinda Reinicke, kuva mugitabo cyitwa Parables for Personal Growth

ISOMO RY’ISENGESHO RIDASANZWE. *

(K’ubw’umunsu wo gusengera igihugu)

“Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindikira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu.” (2 Ingoma 7:14).

Mu 1952 Kongere ya Leta zunze ubumwe z’Amerika zahisemo umunsu, bawita “Umunsu wo gusengera igihugu “Ni umunsu watoranijwe aho abanyamerika twese dusabwa gusengera igihugu cyacu. Ni uwabayobozi kandi n’uw’abaturage.

Uyu munsu tugiye gusengera abantu mu matsinda 5 :
Guverinoma
Amatorero n’amashyirahamwe akora umurimo w’Imana
Ubucuruzi & Inganda
Imiryango
Nar’uwe ubwacu

Muhanahane ibitekerezo cyangwa ingero z’abantu muri buri tsinda mwasengera. Kandi biherekejwe n’ingero z’imirongo z’ibyanditswe zifasha buri tsinda kumenya icyo mwasengera.

Uko muhura kubwanyu n’umwana wawe yaba umukobwa cyangwa umuhungu cyangwa se itsinda ry’umuryango, duce bugufi tureke ibibi dutumbire ibyiza hanyuma tumutabaze, azatwumva ari mw’ijuru atubabarire ibyaha byacu kandi adukirize n’igihugu.

“Uwiteka, tegera ugutwi amagambo yanjye...” (Zaburi 5:1).

Guverinoma yacu.

Hahirwa umuntu udakurikiza imigambi y’ababi, ntahagarare munzira y’abanyabyaha, ntiyicarane n’abakobanyi.

Ahubwo amategeko y'Uwiteka ni yo yishimira, kandi amategeko ye niyo yibwira kumanywa na ninjoro.

(Zaburi 1:1-2).

Musengere abayobozi bacu gusaba Imana ngo ibafashe gufata ibyemezo byiza, guhagararana nabo, nubwo baba batazwi.

Abayobozi b'ikirenga: Perezida, abasenateri & abahagarariye inzego, n'abandi bayobozi.

Abandi bayobozi: Abaguverineri, abameya, n'abatorewe imirimo itandukanye y'ubuyobozi

Urwego rw'ubutabera: Perezida w'urukiko rw'ikirenga, inzego z'ubutabera zitandukanye

Urwego rw'ingabo: ingabo zirwanira mukirere, kubutaka, mumazi, n'abavuye k'urugerero.

Petero n'izindi ntumwa barabasubiza bati "Ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu (Ibyak 5:29).

Amatorero n'imiryango ikora umurimo w'Imana

Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari (Ibyak 6:9).

Ibihugu byacu bitagifite ibyiringiro bikwiriye kumenyako hari Imana Imwe, yashizeho urugero rw'ukuri kuri bese. Dusengere kandi:

Abapasitori bacu, abayobozi b'amatorero yacu, abigisha, iteraniro ryacu, kugirango Ijambo ry'Imana rivugwane mubushizi bw'amanga, ridateshejwe agaciro, kandi itorerero ribe ryejeje ari nako rizana umucyo mu mwijima wo muri iyi si.

Imiryango ikora umurimo w'Imana dushyigikira cyangwa ifasha imiryango yacu, urugero: Salvation Army, Focus on the Family, Christian Camps, Practice Ministries; kugirango ubuzima buhinduke, kandi Ijambo ry'Imana rishyirwe mubikorwa buri muni.

Abari munzu z'imbohe n'abatotezwa.

Mukomere mushikame ntimubatinye, ntimubakukire imitima kuko Uwiteka Imana yawe ubwayo izakujya imbere, ntizagusiga ntizaguhana. (Gutegeka kwa kabiri 31:6).

Akenshi abo bantu bari munzu z'imbohe kubw'impamvu mbi, bakeneye kugarura imitima yabo (ibitekerezi n'imiterer yabo) bikezwa, kubw'ibyho ntibazongere gukora ibyaha ukundi. Ni Yesu wenyine washobora gukiza bene uwo mutima wuwo muntu. Musenge kugirango imitima yabo ihinduke.

Abandi babaye imbata z'ibiyobyabwenge, nubusinzi bw'indengakamere, bakumva Imana muburyo butari bwo, nabo bakisanga mu buroko. Uretse Yesu wenyine ufite urufunguzo rwo kuvanaho iyo minyururu ibaboheye kuwabafashe ho bugwate. Mubasengere ngo barekurwe.

Rimwe na rimwe abakirisitu bafatwa nk'abasekeje cyangwa basuzuguritse. Mubice bimwe by'isi bashyirwa no muburoko, bagashinyagurirwa bigaragara, bakirukanwa kukazi, bakavanwa mumazu, ndetse hakaba nubwo bamburwa n'imiryango yabo. Musengere umutekano wabo kandi ubushake bw'Imana bwubahwe kubw'ibyho bavuga nibyo bakora.

Aho dutuye n'imico

Hahirwa abitondera ibyo yahamije, bakamushakana umutima wose. Ni koko ntacy'ubugoryi bakora, bagendera munzira ze. Wategekeye amaboko, kugirango bayitondera n'umwete (Zaburi 119:2-4).

Buri muni dukururwa nibyo tubona, twumva, dusoma cyangwa tubwirwa, cyaba ari igikwiye cyangwa kidakwiye, cyiza cyangwa kibi, cy'ubumana cyangwa kitari icy'ubumana. Musenge kugira ngo kuba twahindurwa nibidakwiye, ibibi, ndetse nibarimo Imana bihagarare maze igikwiye, icyiza, icy'ubumana, abe aribyo bibonwa, bisomwe kandi bivugwe.

Bishobotse toranya muri uru rutonde itsinda rimwe cya abiri hanyuma uberekezehougusenga kwawe.

Ubucuruzi & Inganda

Ibikorwa rusange

Urwego rw'uburezi

Siyansi rusange

The Media

Icyiciro cy'imyidagaduro

Itumanahos, Imari, Amategeko, ibikorwa remezo.

Imiryango y'urukundo, polisi.

Abatoza, Abanyeshuri, Abarimu

Ubushakashatsi & Iterambere

Televiziyo, radiyo, ibinyamakuru byanditse.

Filimu, umuziki, amafoto, siporo.

Umuryango

Ukundishe Uwituka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose.

Aya mategeko ngutegeka uyu muni ahore ku mutima wawe.

Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavugaga wicaye munzu yawe, nuko ugenda mu nzira n'uko uryamye n'uko ubyutse. (Ugutegeka kwa kabiri 6:5 - 7)

Imana yateguriye umuryango kuba aho ukuri kwayo n'inzira zayo bivugirwa. Musengere ababyeyi by'umwihariko aba papa ngo bayobore imiryango yabo bubakiye k'urugero rw'Imana n'intwari twahawe dusanga muri muri bibiriya.

Sengera abagize umuryango wawe, inshuti zawe, abaturanyi bawe, abo mukorana, imiryango yasenyutse, n'abatagira imiryango.

Ivugururwa ryawe & uguhwiturwa kwawe imbere

Mana, ndondora umenye umutima wanjye, mvugutira umenye ibyo ntekereza.

Urebeko hari inzira y'ibibi indimo unshorerere munzira y'iteka rose. (Zaburi 139:23 - 24)

Senga kugirango Imana ikwereke muri wowe ibitayinezeza, maze uyemerere ihatunganye.

Sengera abantu bose mu gihugu, ibyifuzo byabo bihamanye n'ubushake bw'Imana, kandi bahindukire bareke gukora ibibi bakore ibyiza.

Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka (1 John 5:14).

* Aya masomo asanishijwe nava mu masengesho ya mugitondo yo mubuyobozi bw'i Dallas 1997

IGIHE CY'INKURU

Umurongo w'isomo rya none

..... icyo nzi ni kimwe, ni uko nari impumyi none nkaba ndeba (Yohana 9:25)

Itangiriro

Mu 2001, nafashije mumahugurwa yitwaga "Ababara nkuru" In 2001, mw'itorero ry'I Dallas, TX, GUFASHA abantu kuzamura no kumenya kubara inkuru zabo – Uko binjiye mu busabane hamwe na Yesu Kristo Igihe cyo kubara inkuru bwari uburyo buhinnye muri aya mahugurwa, ariko intego igakomeza ikaba imwe – kugufasha guhamya imbaraga zihindura za Ysu Kristo mubuzima bwawe.

Kimwe mubihe bikomeye cyane kandi cy'ubucuti nyabwo uzabona ni cyagihe wowe n'abana bawe mwigana bibiliya, ubabwira cyangwa bakubwira inkuru zabo.

Mwahitamo kubikorera mu matsinda, n'igihe bibiriya n'amakaye bandikamo bishyirwa kuruhande ubundi mugatega amatwi. Ni igihe gihebuje cyo kubana hamwe (reba muri note uko wakorana n'itsinda ryawe kugeza k'undunduro yiri somo.)

Igihe cy'Inkuru (Yohana 9:1-25)

1. Akigenda abona umuntu wavutse ari impumyi. 2. Abigishwa baramubaza bati "Mwigisha, ni nde wakoze icyaha, ni uyu cyangwa ni ababyeyi be ko yavutse ari impumyi ?" 3. Yesu arabasubiza ati "Uyu nta cyaha yakoze cyangwa ababyeyi be, ahubwo ni ukugira ngo imirimo y'Imana yerekanirwe muri we. 4. Nkwiriye gukora imirimo y'uwantumye hakiri ku manywa, bugiye kwira ni igihe umuntu atakibasha gukora. 5. Nkiri mu isi ndi umucyo w'isi."

6. Amaze kuvuga atyo acira amacandwe hasi, ayatobesha akondo akamusiga ku maso, 7. aramubwira ati "Genda wiyuhagire mu kidendezi cy'i Silowamu", (hasobanurwa ngo "Yaratumwe"). Nuko aragenda ariyuhagira, agaruka ahumutse.

8. Abaturanyi be n'abamubonaga kera ahora asabiriza barabazanya bati "Uyu si we wicaraga asabiriza ?" 9. Bamwe bati "Ni we." Abandi bati "Si we, icyakora asa na we." Na we arabasubiza ati "Ni jye." 10. Baramubaza bati "Mbese wahumutse ute ?" 11. Arabasubiza ati "Wa muntu witwa Yesu yatobye akondo, akansiga ku maso arambwira ati 'Jya i Silowamu wiyuhagire.' Nuko ndagenda ndiyuhagira, ndahumuka."

12. Baramubaza bati "Ari hehe?" Ati "Simbizi." 13. Uwari impumyi bamushyira Abafarisayo. 14. Kandi ubwo hari ku muni w'isabato, uwo Yesu yatobeyemo akondo akamuhumura. 15. Nuko Abafarisayo na bo bongera kumubaza uko yahumutse. Arababwira ati "Yansize akondo ku maso, ndiyuhagira ndahumuka." 16. Bamwe mu Bafarisayo baravugaga bati "Uwo muntu si

uw’Imana kuko ataziririza isabato.” Abandi bati “Umunyabyaha yabasha ate gukora ibimenyetso bingana bityo?” Baramupfa.

17. Nuko bongera kubaza uwari impumyi bati “Ku bwawe umuvugaho iki ubwo yaguhumuye?” Ati “Ni umuhanuzi.” 18. Ariko Abayuda ntibemera yuko yari impumyi agahumuka, kugeza aho bamariye guhamagara ababyeyi b’uwahumutse. 19. Barababaza bati “Uyu ni umwana wanyu muvuga ko yavutse ari impumyi. None yahumuwe n’iki?”

20. Ababyeyi be barabasubiza bati “Tuzi yuko uyu ari umwana wacu, kandi yavutse ari impumyi. 21. None arareba ariko igituma areba ntutukizi, kandi n’uwamuhumuye ntikumuzi. Nimumwibarize namwe, ni umugabo mukuru arivugira.” 22. icyatumye ababyeyi be bavuga batyo ni uko batinyaga Abayuda, kuko Abayuda bari bamaze guhuza inama, yuko umuntu wese uzerura Yesu ko ari Kristo acibwa mu isinagogi. 23. Ni cyo cyatumye ababyeyi be bavuga bati “Ni umugabo mukuru nimumwibarize.” 24. Nuko rero uwari impumyi bamuhamagara ubwa kabiri, baramubwira bati “Shima Imana, twebwe tuzi yuko uwo muntu ari umunyabyaha.” 25. Na we arabasubiza ati “Niba ari umunyabyaha simbizi, icyo nzi ni kimwe, ni uko nari impumyi none nkaba ndeba

Ukubara inkuru.

Igitekerezo cyo kubara inkuru yawe gishobora kuba kidatekanye, bishoboke ko waba ufite ubwoba cyangwa ntumenye ivyo kuvuga. Niyo mpamvu nashyizeho iki cyiciro “Igihe cy’inkuru turi hamwe. Buri wese afite inkuru yo kubara no kwiga uko yabara inkuru ye wenda ikaba yashobora kuzana inkuru nziza ya Yesu Kristo mubuzima bwe.

Ngaho rero ... inkuru yawe ni iyihe?

“Ngaho..... mbarira inkuru yawe...” Uramutse ubajijwe icyo kibazi, ni ikihe gisubizo watanga? “Sinzi....niba hari inkuru ihagije mfite yo kuvuga.” Ntekerezako naba mfite inkuru ariko ntabwo ishama cyane.” Nibisanzwe kumva ari uko umeze, ariko biri kure y’ukuri. Twese dufite inkuru y’umwihariko, idasanzwe, kandi ifite ubusobanuro twabara, niba warahuye na Yesu, ufite inkuru yo kuvuga.

Bishoboke ko uyizi neza. Bishobokeko waba ugikeneye kuyitunganya cyane. Kimwe cyo kwandika no gusangiza inkuru yawe bishobora kuba kimwe mubikomeye bikwibutsa ko hari icyo Imana iri gukora mubuzima bwawe. Natanga abagabo bo guhamya ibi mwumva – by’umwihariko k’umukobwa cyangwa umuhungu wawe!

Iyo niyo ntego yo gusangiza abandi inkuru yawe – kuvuga imbaraga zaguhinduye za Yesu Kristo mu buzima bwawe. Iyo usangira n’abadni inkuru yawe, uba uvuga Ubutumwa bwiza binyuze mukuru yawe, Ubutumwa bwabaye ukuri kandi bufatika mubuzima bwawe.

Ngaho rero ...

Niba utari waratekereje cyane uko wabwira umuntu inkuru yawe, cyangwa ugira igihe kiza cyo kuyandika k’urupapuro, dore zimwe mu nama cyangwa ibitekerezo byo kuba washyira inkuru yawe hamwe.

ICYEGERANYO

Niba wibuka neza igihe nyacyo, ahantu, cyangwa icyabaye igihe wakiraga Yesu Kristo mubuzima bwawe, bishoboke ko iyegeranya rikozwe neza, Niba rigegeze neza tangira wubakire inkuru yawe kuri ibi bibazo bikurikira:

Ubuzima bwawe bwari bumeze gute mbere yuko uha ikaze Yesu Kristo mubuzima bwawe? Niki cyakuyoboye (igikorwa, ikiganiro, n'ibindi.) mukwakira Yesu nk'Umukiza wawe? Ni gute, kandi ryari wakiriye Kristo nk'umukiza wawe? Nk'Umwami wawe? Ni gute Yesu yahinduye ubuzima bwawe?

URUGENDO

Niba kwizera kwawe kukugaragarira nk'urugendo,” wenda urugendo rwo mu mwuka” gerageza ibi bibazo:

Ni uruhe rufatiro rw'ingezi mubikorwa Yesu yakoze mubuzima bwawe? Ni ibiki, ibihe se cyangwa abantu bagufashije gukuzwa ukwizera kwawe muri Kristo Yesu? Ni gute ubuzima bwawe bwagira itandukaniro udafite Yesu? (urugero: uko ubaho, imico, ibyibanze imibanire, nibindi.).

Gusangira Ubutumwa bwiza binyuze munkuru yawe
“kuko muri Kristo arimo Imana yiyungiyeye n'abari mw'isi.” (2 Abakorinto 5:19). Ubutumwa bwiza, ni inkuru ya Yesu. Inkuru ya Yesu ni igice kinini cy'ibyanditswe kuva kw'Iremwa, bikanyura mu Kugwa, bikagera k'Ugucungurwa (cyangwa gutabarwa) Yesu yazanye. Iyo ni inkuru ndende, hari indi inyuramo hagati ariyo: UKWIYUNGA N'IMANA!

Imwe munzira zikomeye yo gusangiza Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo ni ugushyira Ubutumwa munkuru yawe bwite.

Gerageza kwinjiza ibi bibazo munkuru yawe:

Iremwa

Intego y'Imana mu kurema uyumva gute?

“...ko yagambiriye kuva kera k'ubw'urukundo rwayo kudukuhinduka abana bayo ibinyujije muri Yesu Kristo” (Abefeso 1:5).

Ni gute usobanukiye n'intego yawe mubuzima?

“Ukundishe Uwitaka Imana yawe n'umutima wawe wose, n'ubwenge bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose kandi ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda” (Matayo 22:27-29).

Kugwa

Icyaha wakibonye ute mubuzima bwawe?

“Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye” (Yohana 14:15).

Ni izihe ngaruka z'icyaha?

Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n’Imana yanyu, n’ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva. (Yesaya 59:2)

Ugutabarwa

Ni gute waje gushyira kwizera kwawe muri Kristo Yesu(igisubizo)? “Mwakijijwe n’ubuntu kubwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana. Ntibyavuye no kumirimo ngo hatagira umuntu wirarira” (Abefeso 2:8-9).

Ni gute wunzwe n’Imana (umusaruro wabyo wari uwuhe)?

..... twishimira Imana ku bw’Umwami wacu Yesu Kristo ukiduhesha kuzura na yo na bugingo n’ubu. (Abaroma 5:11)

Ni uruhe ruhare itorero cyangwa abandi bagize kubwawe?

Nuko rero muri umubiri wa Kristo, kandi umuntu wese wo muri mwe ni urugingo rwawo. (1Abakorinto12:27)

Gushyira Inkuru yawe hawe

Ni izihe ngingo z’ inkuru yawe zishobora kuba zashimisha umuntu?

Ni iyihe mirongo yo muri Bbiriya ishobora kujya munsu yaburi bibazo byabanje?

Ni ubuhe bunararibonye mu buzima bwawe bwagufasha gusobanura inkuru yawe?

Andika inkuru yawe nk’uwayibariraga undi muntu wundi.

Yishyire hagati y’iminota 3 - 5

Igihe cy’Inkuru mu nyigisho za Bibiriya zawe

Bamwe muba papa n’abana mw’itsinda ryawe bazashaka gusangira ubuhamya. Abandi bazumva batiteguye. Ibyo ntacyo bitwaye.

Mbere yuko uzatanga iri somo, nakugira inama yo kumenyesha byibuze icyumweru mbere uko iryo somo rizaba riteye. Kandi ukaba wabwira itsinda ko uzitangira kuriyobora cyangwa ukaba ufite aba papa umwe cyangwa babiri wumva bifuza kuba bakwemera bayobora.

Ushobora kumara igihe kuri iki gice bw’isomo, hari oigihe cyo kuba wakora ibyiciro birenze kimwe bcyangwa bibiri buri cyumweru. Ndagushishikariza kugira igihe gihagije cyo kureka ushaka gutanga ubihamya bwe gushobora kubikora.

Iri somo ridasanze ryasanze kandi rivanwa mu gitabo cyitwa Exploring the Bible workbook.